# IKINYARWANDA

## AMASHURI NDERABAREZI (TTC)

### IGITABO CY'UMWARIMU

# 1

## Ishami ry'Indimi n'Uburezi n'Ishami ry'Uburezi bw'Inshuke n'Ikiciro cya Mbere cy'Amashuri Abanza

© 2020 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda,

Iki gitabo ni umutungo wa leta y’u Rwanda

Uburenganzira bw’umuhanzi w’ibikubiye muri iyi nteganyanyigisho bufitwe n’Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

# IBIMENYETSO N'IMPINE BYAKORESHEJWE

| | |
|---|---|
| I.N.R.S | Institut National de Recherche Scientifique |
| IRST | Institut de Recherche Scientifique et Technologique |
| Mgr | Monseigneur |
| NCDC | National Curriculum Development Center |
| REB | Rwanda Education Board |
| UNESCO | United Nations Educational, Scientific and Cultural Organization |
| UNICEF | United Nations Children's Fund |
| UR | University of Rwanda |
| USAID | United State Agency for International Development |
| nt. | Inteko |
| GR | Ingombajwi y'indagi |
| D | Indomo |
| J | Inyajwi |
| Co | Igicumbi kirimo inyajwi o |
| Ce | Igicumbi kirimo inyajwi e |
| RT | Indanganteko |
| RS | Indangasano |
| Rkzn | Indangakinyazina |
| Z | Umuzi |
| Zo | Umuzi urimo inyajwi o |
| Ze | Umuzi urimo inyajwi e |
| C | Igicumbi |
| + | Ukwiyunga kw'inyajwi cyangwa ingombajwi |
| → | Ihinduka, bibyara |
| Ø | Iburizwamo/izimira ry'ijwi; ibura ry'akaremajambo gateganyijwe muri uwo mwanya |

**IJAMBO RY'IBANZE**

Barimu, barezi,

Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu, umwaka wa mbere, kigenewe amashuri nderabarezi, Ishami ry' Indimi n'Uburezi n'Ishami ry'Uburezi bw'Inshuke n'Ikiciro cya Mbere cy'Amashuri Abanza.

Iki gitabo kizabafasha mu myigishirize ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri hanozwa imyigishirize y'ibiteganyijwe mu nteganyanyigisho yashyizwe ahagaragara mu mwaka wa 2019. Intego u Rwanda rufite mu burezi ni ugukora ku buryo umunyeshuri agera ku rwego rushimishije rujyanye n'ikiciro arimo. Ibyo bigamije gutegura abanyeshuri kugira ngo bagire ubushobozi buzabafasha mu mirimo iboneka mu muryango nyarwanda no gukomeza amashuri yabo muri za kaminuza n'ibigo by'amashuri makuru bitandukanye.

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi, Guverinoma y'u Rwanda ishyira imbaraga mu gutegura imfashanyigisho zijyanye n'integanyanyigisho kugira ngo bifashe abanyeshuri mu myigire yabo. Hari impamvu nyinshi zituma abanyeshuri biga, ibyo bize bikabaha ubushobozi bwo gukora. Muri zo twavuga ibyigwa biteguye neza, abarimu beza, uburyo bw'imyigishirize, uburyo isuzuma rikorwa ndetse n'imfashanyigisho zateguwe.

Muri iki gitabo, twitaye cyane ku myitozo ifasha abanyeshuri mu myigire yabo. Iyo myitozo bayubakiraho batanga ibitekerezo ndetse banivumburira udushya, binyuze mu bikorwa bifatika bikorwa na buri wese ku giti ke cyangwa bari mu matsinda mato. Iyo myitozo ibafasha kandi kwimakaza indangagaciro zizatuma haboneka ubudasa kuri bo ubwabo ndetse no ku Gihugu muri rusange. Bafashijwe n'abarimu abanyeshuri bazunguka ubushobozi bushya bazifashisha mu buzima bwabo buri imbere.

Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, imyigire yubakiye ku munyeshuri, aho ategurirwa ibikorwa bimwinjiza mu isomo, bikamufasha kwiyungura ubumenyi, kongera ubushobozi ndetse no kwimakaza indangagaciro zikwiye. Ibi bitandukanye n'imyigire ya kera yari ishingiye ku bumenyi gusa, aho umwarimu yafatwaga nk'uzi byose. Ikindi kandi, ubu buryo buzafasha abanyeshuri gukora ibikorwa bitandukanye, batekereza ku byo bakora kandi banakoresha ubumenyi basanganywe muri iyo myigire.

Ni muri urwo rwego, mu mikoreshereze y'iki gitabo, mukwiye kwita kuri ibi bikurikira:

- Gutegura isomo n'imfashanyigisho ziboneye.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda mwita ku bushobozi bwa buri wese, ntimukore amatsinda y'abahanga gusa cyangwa ay'abadakurikira neza gusa.
- Guha abanyeshuri uruhare mu myigire yabo bajya impaka mu matsinda, bakorera imyitozo mu matsinda cyangwa buri wese ku giti ke kandi bakora ubushakashatsi.
- Gutegurira abanyeshuri uburyo buzamura ubushobozi bwabo mukoresheje imyitozo ituma batekereza byimbitse, bakemura ibibazo, bakora ubushakashatsi, bahanga udushya kandi babasha gusabana, gukorera hamwe no kubana n'abandi.
- Gufasha no koroshya uburyo bw' imyigire muha agaciro imyitozo abanyeshuri bakorera mu ishuri.
- Kuyobora abanyeshuri mu guhuza ibyo bakoze.
- Gushyigikira imyitozo yakorewe mu ishuri na buri munyeshuri ku giti ke, mu matsinda mato ndetse no mu matsinda magari no gukoresha isuzuma rishingiye ku bushobozi hakoreshejwe uburyo buboneye bwo gusuzuma.

Mu kuborohereza kwigisha amasomo yanyu, ibigize iki gitabo cy'umwarimu birasobanuye kugira ngo mugikoreshe ku buryo bworoshye. Iki gitabo kigizwe n'ibice bitatu:

Igice cya mbere gisobanura imiterere y'igitabo n'uburyo bukoreshwa mu kwigisha.

Igice cya kabiri kigizwe n'ingero z'imiteguro y'amasomo atandukanye.

Igice cya gatatu kerekana uko buri somo riri mu gitabo cy'umunyeshuri ryigishwa.

Nubwo iki gitabo cy'umwarimu gifite ibisubizo by'imyitozo yose n'ibikorwa byose biri mu gitabo cy'umunyeshuri, ni ngombwa kubanza gusubiza buri kibazo na buri mwitozo mbere yo kumva no kugira icyo muvuga ku bisubizo abanyeshuri bamurikira abandi.

Twizeye ko iki gitabo kizafasha umwarimu kwigisha neza Ikinyarwanda no gutoza umuco kibumbatiye.

Kizamufasha kandi gukundisha abanyeshuri umuco wo gusoma no guhanga bigana ubuvanganzo bize kugira ngo bakurane inyota yo gutahura ibyiza by'Ikinyarwanda, kugisesengurana ubushishozi no kugikundisha abandi.

**Dr. NDAYAMBAJE Irénée**

**Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda/REB**

# GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'iki gitabo. Ntabwo iki gitabo cyashoboraga kwandikwa uko bikwiye iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi. Nejejwe no gushima ubufatanye n'ubwitange batugaragarije.

Mbere na mbere ndashimira inzego nkuru zishinzwe uburezi mu Rwanda zakurikiraniye hafi umurimo wo kwandika iki gitabo.

Ndashimira abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda, cyanecyane abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho bagize uruhare rukomeye muri uyu mushinga wo kwandika ibitabo by'amashuri nderarezi.

Ndashimira nanone abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye bitanze batizigamye kugira ngo iki gitabo gishobore kwandikwa.

Byongeye kandi ndashimira abayobozi b'ibigo by'amashuri bitandukanye bemereye abarimu babo kuza gufatanya natwe kwandika no gukosora iki gitabo.

Ndashimira kandi abashushanyije amashusho yakoreshejwe muri iki gitabo n'abatuganyije iki gitabo.

Ndangije nshimira by'umwihariko, Ikigo cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID) ku bufatanye gihuriyeho na Leta y'u Rwanda kibinyujije mu mushinga USAID Soma Umenye, cyateye inkunga bimwe mu bikorwa byo kwandika iki gitabo.

Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanozwa muri iki gitabo twabwakira kugira ngo buzifashishwe mu ivugururwa ryacyo.

**MURUNGI Joan**

**Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho (CTRLD)**

# ISHAKIRO

**IBIMENYETSO N'IMPINE BYAKORESHEJWE** ............................ **iii**

**GUSHIMIRA**........................................................................ **vii**

**IGICE CYA I: INTANGIRIRO RUSANGE** ........................................**1**

**IGICE CYA II: INGERO Z'IMITEGURO Y'AMASOMO NTANGARUGERO**.................................................................**14**

**IGICE CYA III. IMBONEZAMASOMO Z'AMASOMO ARI MURI BURI MUTWE** ....................................................................**43**

**UMUTWE WA 1: UBUREZI N'UBURERE** ......................................**45**

I.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe ........................................... 45

I.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi........................................ 45

I.3. Ingingo nsanganyamasomo........................................................ 45

I.4. Igikorwa cy'umwinjizo.............................................................. 46

**I.5. Ibyigwa biri** mu mutwe wa mbere n'igihe bigenewe.................. 47

I.5.1. Umwandiko: Kabayiza mu itorero........................................... 49

I.5.2. Umwandiko: Ntibabyumva kimwe .......................................... 58

I.5.3. Amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda............................. 66

I.5.4. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri ..................... 96

I.6 Inshmake y'ibyizwe mu mutwe wa mbere ................................... 97

IV.7. Isuzuma risoza umutwe wa mbere .......................................... 98

I.8. Ibikorwa by'inyongera............................................................... 101

I.8.1 Umwitozo nzamurabushobozi ................................................. 101

I.8.2. Umwitozo nyagurabushobozi ................................................ 103

I.8.3 Imyitozo y'inyongera ............................................................. 103

I.9 Amakuru y'inyongera................................................................. 105

**UMUTWE WA 2:UMUCO NYARWANDA** .....................................**107**

II.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe ........................................... 107

II.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi ...................................... 107

II.3. Ingingo nsanganyamasomo ...................................................... 107

II.4. Igikorwa cy'umwinjizo ............................................................ 108

**II.5. amasomo ari** mu mutwe wa kabiri n'igihe yagenewe ............. 109

II. 5.1 Umwandiko : Ruhinyuza ........................................................ 112

II.5.2. Ubuvanganzo nyarwanda .......... 117
II.5.3. Umugani muremure .......... 121
II.5.4. Imigani migufi/imigani y'imigenurano .......... 124
II.5.5. Umwandiko "Inkuru yabaye kimomo" .......... 131
II.5.6. Insigamugani .......... 136
II.5.7. Ibisakuzo .......... 139
II.5.8. Urwenya na byendagusetsa .......... 144
II. 5.9. Ibyivugo .......... 150
II.5.10. Ubutinde bw'inyajwi n'imiterere y'amasaku .......... 155
II.5.11. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri .......... 166
II.6. Inshamake y'umutwe wa kabiri .......... 167
II. 7. Isuzuma risoza umutwe wa kabiri .......... 167
II. 8. Ibikorwa by'inyongera .......... 172
II. 8.1. Imyitozo nzamurabushobozi .......... 172
II. 8.2. Imyitozo nyagurabushobozi .......... 173
II.8.3. Imyitozo y'inyongera .......... 174
II.9. Amakuru y'inyongera .......... 175
**UMUTWE WA 3:KUBAHIRIZA UBURENGANZIRA BWA MUNTU .......... 177**
III.1 ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe .......... 177
III.2 **Ibyo umunyeshuri asanzwe azi .......... 177**
III.3. ingingo nsanganyamasomo .......... 177
III.4. Igikorwa cy'umwinjizo .......... 178
III.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatatu n'igihe yagenewe .......... 178
III. 5.1 Umwandiko: Turyamagane twese .......... 180
III. 5.2. Umuvugo .......... 186
III. 5.3. Amagambo ahinduka: Izina mbonera .......... 191
III. 5.4. Rutabikangwa yisubiyeho .......... 198
III. 5.5. Ntera .......... 202
III. 5.6. Izina ntera .......... 209
III. 5.7. Igisantera .......... 213
III. 5.8. Inyunguramagambo .......... 216

III. 5.9. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri ................ 223
III.6 Inshamake y'umutwe wa gatatu................................................ 224
III. 7. Isuzuma risoza umutwe wa gatatu ........................................ 225
III.8 Ibikorwa by'inyongera .............................................................. 229
III. 8.1 Imyitozo nzamurabushobozi ................................................. 229
III. 8.2 Umwitozo nyagurabushobozi ................................................ 230
III.8.3 Imyitozo y'inyongera ............................................................. 230
III.9. Amakuru y'inyongera .............................................................. 230
**UMUTWE WA 4: KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE.................... 233**
IV.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe ........................................ 233
IV.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi .................................. 233
IV.3. Ingingo nsanganyamasomo ..................................................... 233
IV.4. Igikorwa cy'umwinjizo ............................................................ 234
IV.5. Amasomo ari mu mutwe wa kane n'igihe yagenewe ............. 234
IV.5.1.Umwandiko: Tubifate neza .................................................. 236
IV.5.2. Ihinamwandiko ...................................................................... 242
IV.5.3. Amoko y'imyandiko................................................................ 244
IV.5.4. Ihangamwandiko .................................................................. 250
IV.5.5. Umwandiko: Bamugiriye inama ........................................... 254
IV.5.6. Amagambo ahinduka: Ibinyazina ......................................... 258
IV.5.7. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri ................ 283
IV.6. Inshamake y'umutwe wa kane................................................. 283
IV. 7. Isuzuma risoza umutwe wa kane........................................... 284
IV. 8. Ibikorwa by'inyongera ........................................................... 286
IV. 8.1. Imyitozo nzamurabushobozi................................................. 286
IV.9. Amakuru y'inyongera .............................................................. 289
**UMUTWE WA 5:KUBUNGABUNGA UBUZIMA............................ 291**
V.1.Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe ........................................... 291
V.2.Ibyo umunyeshuri asanzwe azi ................................................. 291
V.3 Ingingo nsanganyamasomo........................................................ 291
V.4.Igikorwa cy'umwinjizo................................................................ 292

V.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatanu n'igihe yagenewe ........... 292
V.5.1. Umwandiko: Kwirinda biruta kwivuza ................................ 293
V.5.2. Ibinyazina ........................................................................ 300
V.5.3. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri ................... 323
V.6. Inshamake y'umutwe wa gatanu............................................ 324
V. 7. Isuzuma risoza umutwe wa gatanu ...................................... 324
V.8. Ibikorwa by'inyongera .......................................................... 327
V.8.1.Umwitozo nzamurabushobozi.............................................. 327
V.8.2.Umwitozo nyagurabushobozi.............................................. 327
V.8.3. Imyitozo y'inyongera ......................................................... 328
V.9. Amakuru y'inyongera ........................................................... 329
**UMUTWE WA 6:ITUMANAHO N'IKORANABUHANGA MU ITERAMBERE ...................................................................... 333**
VI. 1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe ..................................... 333
VI.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi ................................ 333
VI.3. Ingingo nsanganyamasomo .................................................. 333
VI.4. Igikorwa cy'umwinjizo ......................................................... 334
**VI.5. Amasomo ari** mu mutwe wa gatandatu n'igihe yagenewe ..... 335
**VI.5.1.** Umwandiko: Ikoranabuhanga ryaragikemuye. .................... 336
**VI.5.2. Ubwoko bw'amagambo.......................................................... 344**
**VI.5.3.** Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri ................. 353
IV.6. Inshamake y'umutwe wa gatandatu....................................... 353
VI.7 Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu.................................... 354
VI.8 Ibikorwa by'inyongera ........................................................... 356
VI.8 .1 Umwitozo nzamurabushobozi ............................................ 356
VI. 8. 2 Imyitozo nyagurabushobozi............................................... 357
VI.8.3 Imyitozo y'inyongera ........................................................... 357
IV.9 Amakuru y'inyongera ............................................................. 359
**UMUTWE WA 7: INGARUKA Z'IBIYOBYABWENGE................. 361**
VII.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe ...................................... 361
VII.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi.................................. 361
VII.3. Ingingo nsanganyamasomo.................................................... 361

VII.4. Igikorwa cy'umwinjizo........................................................362
**VII.5. Amasomo ari** mu mutwe wa karindwi n'igihe agenewe........363
**VII.5. 1.** Umwandiko: Ingaruka z'ibiyobyabwenge..........................364
**VII.5. 2. Inkuru ishushanyije......................................................373**
**VII.5. 3. Ikomora.....................................................................375**
**VII.5. 4. Ikeshamvugo...............................................................387**
**VII.5. 5. Inshoberamahanga.......................................................392**
**VII.5. 6.** Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri ...............399
VII.6. Inshamake y'umutwe wa karindwi ......................................400
VII. 7. Isuzuma risoza umutwe wa karindwi .................................400
VII.8 Ibikorwa by'inyongera.........................................................404
VII.8.1 Umwitozo nzamurabushobozi.............................................404
VII.8.2 Umwitozo nyagurabushobozi.............................................404
VII.8.3 Imyitozo y'inyongera .........................................................404
VII.9. Amakuru y'inyongera.........................................................405
**UMUTWE WA 8:GUKUNDA IGIHUGU.........................................407**
VIII.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe ......................................407
VIII.2 Ibyo umunyeshuri asanzwe azi............................................407
VIII.3. Ingingo nsanganyamasomo................................................407
VIII.5. Amasomo ari mu mutwe wa munani nigihe yagenewe .......408
VIII.5.1. Umwandiko : Twitabire umuganda ..................................409
VIII.5.2. Iyigamajwi.....................................................................415
VIII.5.3. Iyigamvugo....................................................................428
VIII.5.4.Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri................432
VIII.6 Inshamake y'umutwe wa munani.........................................433
VIII. 7. Isuzuma risoza umutwe wa munani..................................433
VIII.8. Ibikorwa by'inyongera .......................................................437
VIII. 8.1 Imyitozo nzamurabushobozi.............................................437
VIII. 8.2. Umwitozo nyagurabushobozi ...........................................437
VIII.8.3 Imyitozo y'inyongera..........................................................438
VIII.9 Amakuru y'inyongera .........................................................438
**UMUTWE WA 9: IMITURIRE ...........................................................441**

IX.1. Ubushobozi bw'ibanze bugamijwe................................................441
IX.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi ..................................441
IX.3. Ingingo nsanganyamasomo ....................................................441
IX.4. Igikorwa cy'umwinjizo ..........................................................442
IX.5. Amasomo ari mu mutwe wa kenda n'igihe yagenewe ............442
IX.5.1 Umwandiko: Duture heza.....................................................444
IX.5.2. Inkuru ngufi ........................................................................450
IX.5.3. Umwandiko: Ibikorwa remezo byaratwegereye ................455
IX.5.4. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri ................460
IV.6. Ishamake y'umutwe wa kenda................................................460
IX. 7. Isuzuma risoza umutwe wa kenda ........................................460
IX. 8. Ibikorwa by'inyongera ..........................................................464
IX. 8.1. Imyitozo nzamurabushobozi................................................464
IX. 8.2. Imyitozo nyagurabushobozi.................................................464
IX.8.3. Imyitozo y'inyongera.............................................................464
IV.9. Amakuru y'inyongera ..............................................................464
**IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJWE...............................466**

# IGICE CYA I: INTANGIRIRO RUSANGE

## 1. Imiterere y'igitabo

Iki gitabo kigenewe umwarimu wigisha mu mwaka wa mbere mu ishuri nderabarezi, Ishami ry'Indimi n'Uburezi n'Ishami ry'Uburezi bw'Inshuke n'Ikiciro cya Mbere cy'Amashuri Abanza. Iki gitabo ni imwe mu mfashanyigisho zigomba kumworohereza kwigisha amasomo atandukanye y'Ikinyarwanda. Iki gitabo kijyanye n'igitabo cy'umunyeshuri. Ni yo mpamvu umwarimu atagikoresha ukwacyo; ahubwo cyuzuzanya n'icy'umunyeshuri. Cyanditswe gihereye ku nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda ishingiye ku bushobozi yateguwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) mu mwaka wa 2019.

Iki gitabo kigabanyijemo ibice bitatu: Igice cya mbere kigizwe n'intangiriro rusange, igice cya kabiri kigizwe n'imiteguro y'amasomo atandukanye, igice cya gatatu kigizwe n'imbonezamasomo z'amasomo ari muri buri mutwe.

Iki gitabo kigizwe n'imitwe ikenda. Buri mutwe ufite insanganyamatsiko wibandaho kandi izo nsanganyamatsiko zikavugwaho mu myandiko inyuranye no mu ngero z'interuro zitangwa. Izo nsanganyamatsiko ni izijyanye n'uburezi n'uburere, umuco nyarwanda, kubahiriza uburenganzira bwa muntu, kubungabunga ibidukikije, kubungabunga ubuzima, itumanaho n'ikoranabuhanga mu iterambere, ingaruka z'ibiyobyabwenge, gukunda Igihugu n'imiturire. Muri buri mutwe harimo kandi ubumenyi bw'ururimi umunyeshuri akeneye mu gukoresha ururimi yubaka interuro ziboneye, avuga cyangwa yandika.

Buri mutwe ugiye ugabanyijemo amasomo anyuranye bitewe n'imiterere y'ibyigwa. Bityo buri somo rigenerwa igihe rizigishwamo bitewe n'uko riteye. Buri mutwe usozwa n'isuzuma rizafasha umwarimu gusuzuma ubushobozi bw'abanyeshuri kugira ngo arebe ko ari ngombwa guhita atangira undi mutwe cyangwa se ko agomba gusubira mu masomo atarumvikanye neza.

Muri iki gitabo harimo imyitozo myinshi n'ibisubizo byayo. Nyuma ya buri somo hateganyijwe imyitozo ndetse na nyuma ya buri suzuma hateganyijwe imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi. Iyo myitozo ikurikirwa n'imyitozo y'inyongera. Icyakora imyitozo iri mu gitabo si kamara umwarimu yayiheraho agashaka indi akurikije ikigero abanyeshuri bagezeho n'aho ishuri rye riherereye.

Muri iki gitabo kandi hateganyijwe amasomo ntangarugero afasha

umwarimu gutegura no gutanga amasomo ye uko bikwiye. Harimo kandi n'ubumenyi bw'inyongera ku mitwe imwe n'imwe bitewe n'aho bukenewe.

Iki gitabo kirimo imbonezamasomo ihishurira umwarimu uburyo bwo kwigisha amasomo anyuranye ku buryo abanyeshuri babasha kugera ku bushobozi busabwa muri ayo masomo. Mu kwigisha rero, umwarimu asabwa gusuzuma ko intego yihaye yagezweho nyuma ya buri somo ndetse ko n'ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri buri mutwe bwagezweho.

Dore uko amasomo akurikirana muri iki gitabo:

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Isomo rya kane : Kungurana ibitekerezo

Isomo rya gatanu: Ubuvanganzo/ ikibonezamvugo/ikiganiro mpaka

Mu isomo rya kane haba hakubiyemo umwitozo wo kungurana ibitekerezo. Ariko uyu mwitozo si ngombwa ko ugaruka buri gihe muri buri gice; biterwa n'ibisabwa mu bikorwa by'umunyeshuri biteganyijwe mu nteganyanyigisho. Igice cya gatanu kigaragaramo ubuvanganzo, ikibonezamvugo cyangwa ubumenyi bw'ururimi. Cyakora hari igihe byose bishobora kuba biteganyijwe mu nteganyanyigisho bityo n'umubare w'amasomo mu mutwe runaka ukiyongera.

## 2. Imbonezamasomo

### 2.1. Imyigishirize ishingiye ku bushobozi

Guhera mu mwaka wa 2015 mu mashuri y'inshuke, abanza n'ayisumbuye u Rwanda rwasezereye imyigire n'imyigishirize yari ishingiye ahanini ku bumenyi, rwinjira mu myigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi bukomatanya ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha. Bityo imyigire n'imyigishirize yahaga umwarimu umwanya munini isimburwa n'imyigire n'imyigishirize iha abanyeshuri uruhare runini. Ni imyigire iha umunyeshuri ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha bimufasha gushyira mu bikorwa ibyo yize no gutanga ibisubizo by'ibibazo ahura na byo mu buzima bwe n'ubw'abandi.

Mu myigire ishingiye ku bushobozi abanyeshuri ni bo bahabwa uruhare runini mu myigire yabo. Umwarimu ahera ku byo abanyeshuri basanzwe bazi kandi bafitiye ubushobozi, akabafasha kuvumbura ibindi bungurana ibitekerezo mu matsinda yabo. Iyo abanyeshuri bakorera mu

matsinda umwarimu agenda abayobora atanga ubufasha ku babukeneye. Iyo barangije kungurana ibitekerezo mu matsinda, bamurika ibyo bagezeho, nyuma bagafatanya n'umwarimu kunonosora iby'ingenzi basigarana. Abanyeshuri ntibagomba gufatwa nk'aho nta cyo bazi kandi nta bwo umwarimu akwiye kumva ko ari we ufite ubumenyi agomba kubapakiramo bo nta cyo bakora mu myigire yabo.

**Ubushobozi nsanganyamasomo**

Iki gitabo cy'umwarimu cy'umwaka wa mbere giteguye ku buryo hagaragaramo ubushobozi nsanganyamasomo bukurikira: ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo, guhanga udushya, ubushakashatsi, gusabana mu Kinyarwanda, ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.

Ibibazo bimwe na bimwe byo kumva no gusesengura umwandiko biba bisaba umunyeshuri gutekereza byimbitse. Bimufasha gukemura ibibazo ahuye na byo yifashishije ibyo yize. Mu bisubizo by'ibyo bibazo ni ho ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo bugaragarira. Ahandi ubwo bushobozi bugaragarira ni mu myanzuro y'ibibazo byo kujya impaka no kungurana ibitekerezo. Ni mu gihe kandi kuko biba ari ibibazo bituma abanyeshuri batekereza cyane uburyo bakemura ibibazo bashobora guhura na byo mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Muri iki gitabo kandi hakubiyemo imyitozo yo guhanga iha abanyeshuri urubuga rwo guhanga imyandiko y'ingeri z'ubuvanganzo zinyuranye. Iyi myitozo ni yo ituma abanyeshuri bimakaza umuco wo guhanga udushya.

Mu myitozo y'inyunguramagambo abanyeshuri basabwa gukoresha inkoranyamagambo bashaka ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe, ni ho ubushakashatsi bugaragarira. Iki gitabo kandi giteguye ku buryo umwarimu asaba abanyeshuri gukora ubushakashatsi bitabira amasomero, bagahabwa ibibazo bakwifashishisha kugira ngo basesengure ikibonezamvugo cyangwa ingeri y'ubuvanganzo runaka.

Abanyeshuri basabana kandi mu Kinyarwanda bajya impaka cyangwa bungurana ibitekerezo na bagenzi babo. Umwarimu agomba kubatoza kuvugira mu ruhame no kujora ibitekerezo bya bagenzi babo mu bwubahane.

Hakubiyemo kandi imyitozo isaba abanyeshuri gukorera mu matsinda anyuranye. Iyi myitozo ituma abanyeshuri bagira ubufatanye, imibanire

ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi.

Mu gihe umunyeshuri yiga, ahabwa kandi imikoro inyuranye akorera ahandi hatari ku ishuri nko mu rugo cyangwa mu isomero. Iyi myitozo ni yo imufasha kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.

Iyo umwarimu yigisha agomba kwita ku myitozo ikubiyemo ubu bushobozi nsanganyamasomo kugira ngo intego zabwo zigerweho.

### 2.2. Ingingo nsanganyamasomo

Ingingo nsanganyamasomo zibanzweho muri iki gitabo ni umunani. Izo ngingo nsanganyamasomo ni umuco w'amahoro, umuco wo kuzigama, umuco w'ubuziranenge, kubungabunga ibidukikije, jenoside, ubuzima bw'imyororokere, uburezi budaheza n'uburinganire n'ubwuzuzanye. Izi ngingo nsanganyamasomo zigaragarira mu mashusho, mu myandiko, mu bikorwa by'umunyeshuri no mu myitozo itandukanye kandi zigenda zigaragara mu mitwe itandukanye y'iki gitabo.

### 2.3. Kwita ku buryo bunyuranye bw'imyigire y'abanyeshuri

Mu myigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi bw'uwiga, umwarimu agomba kuzirikana ko abanyeshuri yigisha barimo ingeri zitandukanye. Mu ishuri abanyeshuri ntibanganya ubushobozi mu myigire yabo kandi n'uburyo bakoresha mu myigire yabo buratandukanye. Buri wese agira uburyo bwihariye bwo kwiga bumworohera kandi bumubangukira. Bamwe biga neza iyo bahawe ibisobanuro birambuye intambwe ku ntambwe, mu magambo cyangwa mu nyandiko abandi bakiga neza babonye ibisobanuro rusange cyangwa inshamake.

Hari abiga neza ari uko bakoze ubushakashatsi bakivumburira, abandi bakiga neza bahereye ku mashusho, ibimenyetso no kureba uko ibintu bikorwa, mu gihe abandi biga neza ari uko bahuje ibintu bakabona amasano bifitanye. Hari abakunda guhanga udushya aho gusubira mu bintu bimwe naho abandi bakiga neza iyo bajya impaka banasobanurirana n'abandi.

Umwarimu rero agomba kugira uburyo bwo kwigisha butandukanye bufasha abo banyeshuri bose mu myigire yabo ariko yita buri gihe ku ihame ry'uko umunyeshuri ari we pfundo ry'imyigire n'imyigishirize. Ibi kandi abikora ahereye ku miterere ya buri somo, intego yaryo, imfashanyigisho zikoreshwa n'igihe rimara, uburyo bwihariye buri munyeshuri akoresha mu myigire ye, ubushobozi bwe n'uko asobanukirwa ibyo yiga.

### 2.4. Kwita ku bafite ibibazo byihariye

Mu ishuri, umwarimu asabwa kwita ku bafite ibibazo byihariye kugira ngo bashobore kujyana n'abandi. Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Iyo umwarimu asoma, arangurura ijwi kugira ngo afashe abatumva neza ndetse n'abafite ubumuga bwo kutabona.

Abatumva neza umwarimu abicaza hafi, akabasaba kumureba avuga, agakoresha amashusho aho bishoboka hose, agakoresha ibimenyetso n'amarenga uko abishoboye.

Abafite imbogamizi zo kutabona neza abicaza akurikije imiterere y'ubumuga bwo kutabona bafite byaba ari imbonahafi cyangwa imbonakure. Bityo abafite imbonahafi abicaza hafi naho abafite imbonakure akabicaza ahitaruye. Abafite ubumuga bw'ingingo z'umubiri, umwarimu abashakira umwanya bicaramo ubafasha mu myigire yabo.

Abafite ubumuga bwo mu mutwe umwarimu atangira abafasha mu byo bakora ariko gahorogahoro akagenda agabanya ubufasha abagenera. Umwarimu arabareka bagakorana n'abandi banyeshuri kandi akabatera umwete mu byo bagenda bageraho n'imbaraga bakoresha.

Abagenda buhoro mu myigire yabo bagomba gushyirwa mu matsinda y'ababyumva kurusha abandi kugira ngo babazamure, kandi umwarimu akabibandaho ababaza n'iyo baba batateye urutoki kugira ngo basubize. Bahabwa kandi imyitozo yihariye ituma bazamura ubushobozi bwabo.

### 2.5. Uburyo isuzuma rikorwa

Umwarimu agomba kugenzura imyigire n'imyigishirize akusanya amakuru ajyanye n'uburyo buri munyeshuri yiga ndetse no gufata umwanzuro ku byo umunyeshuri yagezeho hashingiwe ku bipimo byagenwe mbere yo gukora isuzuma. Isuzuma rero ni igice k'ingenzi mu myigire n'imyigishirize. Muri iki gitabo cy'umwarimu, amasuzuma na yo yateguwe ashingiye ku bushobozi. Hakubiyemo ibibazo binyuranye bijyanye n'ubuzima bwa buri munsi bituma umunyeshuri ashyira mu bikorwa ibyo yize.

Amasuzuma ari muri iki gitabo ari ukubiri: imyitozo y'isuzuma umwarimu agomba guha abanyeshuri nyuma y'isomo asuzuma ko intego z'isomo zagezweho. Hari kandi n'imyitozo y'isuzuma risoza umutwe ituma umwarimu afata umwanzuro wo gutangira undi mutwe. Kuri buri suzuma hategurwa kandi imyitozo nzamurabushobozi ikorwa n'abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke mu isuzuma ryakozwe, hakaba n'indi myitozo nyagurabushobozi igenerwa abanyeshuri bagaragaje ubushobozi bwo kumva ibyo bize kurusha abandi. Ibyo bifasha buri munyeshuri

gukomeza gutera intambwe ashingiye ku bushobozi amaze kugeraho.

Nyuma yo gukora isuzuma, umwarimu agabanya abanyeshuri mu byiciro bibiri. Abatashoboye gutsinda isuzuma ryatanzwe akabaha imyitozo nzamurabushobozi ibafasha gushyira mu bikorwa ibyo bize. Mu gihe barimo kuyikora, abagaragaje ubushobozi bwo kumva ibyo biga kurusha abandi bo baba bakora imyitozo nyagurabushobozi.

Isuzuma ritegurwa hashingiwe ku ntego zihariye z'isomo cyangwa ku bigenderwaho mu isuzuma rya buri mutwe. Isuzuma riteguye ku buryo risaba umunyeshuri gushyira mu bikorwa ibyo yize.

Cyakora hagenda hagaragaramo n'ibibazo bike bimusaba kugaragaza ubumenyi bw'ibyo yize. Mu itegurwa ry'iri suzuma ibibazo bikurikirana hashingiwe ku nzego z'intego z'imyigire n'imyigishirize zagenwe n'umuhanga mu iyigandero Bulumu (Bloom). Ni ukuvuga ko ibibazo biri ku ntera zo hejuru ku rwego rw'intego ari byo bihabwa umwanya ugaragara muri iki gitabo kurusha ibibazo bishingiye ku ntera zo hasi zijyanye n'ubumenyi.

## 2.6. Imyigishirize ya buri somo

**Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko**

Muri iki gice hakubiyemo amasomo ajyanye no gusoma umwandiko n' inyunguramagambo.

**Imbonezamasomo yo gusoma no gusobanura umwandiko.**

**a) Intangiriro**

Mu ntangiriro, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko biganisha ku mwandiko bagiye gusoma. Ibyo bibazo bishobora gushingira ku mashusho ari mu gitabo cyangwa ku buzima busanzwe. Ibibazo bishingiye ku mashusho abanyeshuri babisubiza babanje kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma.

**b) Uko isomo ryigishwa**

**- Gusoma bucece**

Iyo abanyeshuri basoma umwandiko babanza kuwusoma bucece nyuma bakaza kuwusoma baranguruye. Gusoma bucece bikorwa buri gihe iyo abanyeshuri bagiye gusoma bwa mbere umwandiko mushya. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece akagenda agenzura uko

bikorwa. Umwarimu abatoza gusoma bucece badahwihwisa.

Mu gihe basoma bucece, umwarimu abasaba kugenda bandika amagambo batumva neza kugira ngo baze kuyasobanura nyuma. Ubu buryo bwo gusoma ni ingenzi ku munyeshuri kuko bumutegura kuza gusoma neza aranguruye adategwa. Iyo barangije gusoma bucece umwarimu ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye. Ni ibibazo byoroheje bidasaba kwinjira mu mwandiko cyane, abanyeshuri basubiza bavuga.

**- Gusoma baranguruye**

Mu gihe cyo gusoma baranguruye, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma batajijinganya.

Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe mugenzi we akamwakira ku gika gikurikiyeho bityobityo kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu agomba kugenda akosora abanyeshuri aho basoma nabi, anagenzura kandi ubukesha bw'abanyeshuri mu kwitabira gusoma. Iyo ari umwandiko wihariye w'ubuvanganzo nk'umuvugo, igisigo, ikivugo n'ibindi, umwarimu agenzura ko abanyeshuri basoma bubahiriza injyana yabyo.

Iyo abanyeshuri barangije gusoma bucece umwarimu abanza kuwubasomera by'intangarugero agaragaza isesekaza maze abanyeshuri bakaza kuwusoma bamwigana. Iyo basoma baranguruye, umwarimu akora ku buryo yita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Buri wese amufasha bitewe n'ikibazo afite. Nk'iyo mu ishuri harimo umunyeshuri ufite ikibazo cyo kutumva neza, umwarimu asaba umunyeshuri ugiye gusoma kurangurura ijwi ku buryo na we yumva.

**- Inyunguramagambo**

Iyo abanyeshuri barangije gusoma baranguruye umwarimu abafasha gukora amatsinda anyuranye bakoreramo umwitozo w'inyunguramagambo. Iyo bakora amatsinda bakora ku buryo agenda anyurana. Babiribabiri, batatubatatu cyangwa banebane.

Si byiza gukora amatsinda arengeje abanyeshuri batanu. Amatsinda kandi agomba kuba arimo ibitsina byombi aho bishoboka. Umwarimu agenda avanga abanyeshuri bumva vuba kurusha abandi n'abagenda buhoro mu myigire yabo. Abagize buri tsinda bitoramo umuyobozi w'itsinda ugenda yandika ibyo bumvikanyeho akaza kubimurika igihe kigeze.

Mu gihe cyo gukora umwitozo w'inyunguramagambo umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko bari mu matsinda

yabo bagenda bagerageza gusobanura amagambo batasobanukiwe banditse igihe basomaga bucece. Abasaba kandi gukora umwitozo w'inyunguramagambo watanzwe mu bitabo byabo akabaha igihe cyo kubikora. Umwarimu agenda asura buri tsinda kandi atanga ubufasha aho bukenewe.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umunyeshuri umwe muri buri tsinda wagiye yandika ibyo bumvikanyeho ajya kubigaragaza imbere ya bagenzi be kandi abanyeshuri bakajya basimburana muri icyo gikorwa. Mu gihe cyo kumurika ibyavuye mu matsinda, amatsinda yose agenda asimburana mu kugaragaza bimwe mu byo bagezeho, ibyo barangije kumvikanaho, abandi bakirinda kubisubiramo. Ubu buryo bwo kumurika ibyavuye mu matsinda ni na bwo bukoreshwa ahandi hose hari umwitozo ukorerwa mu matsinda.

Umwarimu afatanya n'abanyeshuri gukora ubugororangingo ku bisubizo bikwiye maze bikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

**c) Imyitozo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko**

**Imbonezamasomo yo gusoma no kumva umwandiko**

Kumva umwandiko bigizwe n'ibice bikurikira:

**a) Intangiriro**

Mu ntangiriro umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo by'isubiramo ku isomo baheruka kwiga. Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga bityo bikamufasha gushimangira ibyizwe mbere. Mu ntangiriro kandi umwarimu ashobora gukosora umukoro niba hari uwo yahaye abanyeshuri.

**b) Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda akabasaba gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko byatanzwe mu bitabo byabo. Iyo ibibazo byatanzwe ari byinshi, umwarimu arabibagabanya; amatsinda amwe

agakora bimwe andi agakora ibindi. Mu gihe cyo kubimurika hamurika amatsinda afite ibibazo bitandukanye, ibisubizo bya buri tsinda bigakorerwa ubugororangingo. Iyo ibibazo byatanzwe atari byinshi buri tsinda rirabisubiza bityo uburyo bwo kubimurika bugakorwa nko ku mwitozo w'inyunguramagambo.

**Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko**

Muri iki gice hakubiyemo ibibazo byo gusesengura umwandiko. Ibi bibazo biba byerekeranye no kugaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko, kuvuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko, kuvuga isomo ryo mu buzima busanzwe riri mu mwandiko, guhina umwandiko n'ibindi bibazo byimbitse umunyeshuri asubiza ahereye ku mwandiko agakoresha ubundi bumenyi bwe.

**Imbonezamasomo yo gusoma no gusesengura umwandiko**

Gusesengura umwandiko bigizwe n'ibice bikurikira:

**a) Intangiriro**

Mu ntangiriro umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo by'isubiramo ku isomo baheruka kwiga. Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga bityo bikamufasha gushimangira ibyizwe mbere. Mu ntangiriro kandi umwarimu ashobora gukosora umukoro niba hari uwo yahaye abanyeshuri.

**b) Uko isomo ryigishwa**

Mbere y'uko abanyeshuri batangira isesengura ry'umwandiko, umwarimu abashyira mu matsinda, akabasaba kongera kuwusoma kugira ngo bawiyibutse. Uyu mwitozo wo gusesengura umwandiko ukorerwa mu matsinda nk'uko umwitozo wo kumva umwandiko ukorwa.

Mu gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. umwarimu afasha abanyeshuri kubisubiza ababaza ibindi bibazo bituma bagera ku bisubizo bikwiye.

**Urugero**

Iyo umunyeshuri asabwa gushaka insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko, umwarimu amubaza gutahura ingingo yibanzweho mu mwandiko cyangwa akamusaba gushaka undi mutwe yaha umwandiko. Ibi byamufasha gutahura insanganyamatsiko rusange ivugwa mu mwandiko.

Iyo umunyeshuri asabwa gutahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko,

umwarimu ashobora kumubaza gutahura igitekerezo k'ingenzi kiri muri buri gika cy'umwandiko.

Iyo ari ikibazo cyo guhina umwandiko, umwarimu amusaba guhuriza hamwe ingingo z'ingenzi agasa n'uzirambura ashingiye ku burebure busabwa.

Iyo ari ikibazo cyo kuvuga isomo akuye mu mwandiko, umwarimu amusaba guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe bityo bikamufasha gutahura isomo, umwandiko umusigiye.

Ku bindi bibazo byimbitse, umwarimu ashakisha ubundi buryo bufasha umunyeshuri kugera ku gisubizo gikwiye.

Iyo igihe cyagenwe kirangiye, abanyeshuri bamurika ibyakorewe mu matsinda, umwarimu akagenda abafasha kubinoza.

**Isomo rya kane: Kungurana ibitekerezo**

**Imbonezamasomo yo kungurana ibitekerezo**

**a) Intangiriro**

Mu ntangiriro umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo by'isubiramo ku isomo baheruka kwiga.

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga bityo bikamufasha gushimangira ibyizwe mbere. Mu ntangiriro kandi umwarimu ashobora gukosora umukoro niba hari uwo yahaye abanyeshuri.

**b) Uburyo bwo kungurana ibitekerezo**

Kungurana ibitekerezo bikorerwa mu matsinda anyuranye. Iyo bagiye kungurana ibitekerezo, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwitozo wo kungurana ibitekerezo ugaragara mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyungurana bitekerezo, akayobora abandi mu gutanga ibitekerezo byabo. Mu gihe bungurana ibitekerezo, umwarimu agenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira abibashishikarize n'abakeneye ubufasha abubahe.

Iyo kungurana ibitekerezo mu matsinda birangiye, abagize itsinda bumvikana ku bitekerezo by'ingenzi, umuyobozi wa buri tsinda akabisangiza ayandi matsinda. Umwarimu afasha abanyeshuri gukora

umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo ukandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

Iyo ari ukujya impaka, binyuze mu kiganiro mpaka, umwarimu abwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari ikibazo kigibwaho impaka. Umwarimu abanza gusobanurira abanyeshuri uburyo impaka zigibwa, akabasaba kujya mu matsinda abiri bakurikije aho bumva babogamiye.

Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro mpaka n'umwanditsi w'ibitekerezo by'ingenzi. Umwarimu asaba umuyobozi w'ikiganiro gutangiza ikiganiro akurikije amabwiriza umwarimu yatanze. Mu gihe bajya impaka, umwarimu agenzura uburyo abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo akanagenzura imyitwarire yabo muri izo mpaka bajya.

Iyo barangije umwarimu asaba abandi banyeshuri batari mu matsinda ajya impaka kugira icyo bavuga ku bitekerezo byatanzwe n'amatsinda yajyaga impaka. Umwarimu afatanya n'abanyeshuri bose gukora umwanzuro ukwiye ukandikwa ku kibaho no mu makayi.

**Isomo rya gatanu: Ikibonezamvugo / ubuvanganzo**

**Imbonezamasomo yo kwigisha isomo ry'ikibonezamvugo**

Iyo higishwa ikibonezamvugo, umwarimu agomba guca mu ntera eshatu z'ingenzi ari zo: intangiriro, uko isomo ryigishwa n'imyitozo.

**a) Intangiriro**

Mu ntangiriro umwarimu ashobora kubanza kugenzura uko abanyeshuri bakoze umukoro, mu gihe watanzwe. Iyo ibyo birangiye, abaza abanyeshuri isomo baheruka kwiga.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma bitegereza interuro cyangwa igika byavuye mu mwandiko baheruka kwiga birimo amagambo yanditse aciyeho akarongo cyangwa atsindagiye yafasha gutahura ikibonezamvugo bagiye kwiga. Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ayo magambo akababaza ibibazo biganisha ku kibonezamvugo kigiye kwigwa.

**b) Uko isomo ryigishwa**

Iyi ntera itangirana n'igikorwa cy'umwinjizo. Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora ubushakashatsi ku bibazo byatanzwe ku nteruro cyangwa ku gika bivugwa mu mwinjizo. Kugira ngo ubushakashatsi bwabo bugende neza, umwarimu arangira abanyeshuri ibitabo bakwifashisha mu nzu y'isomero ndetse akanabaha ibindi bibazo bibayobora mu bushakashatsi bwabo kugira ngo bashobore

gukora ubushakashatsi bwimbitse. Umwarimu abaha igihe cyo kubikora cyarangira akabasaba kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho hanyuma abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

c) Imyitozo

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Imbonezamasomo yo kwigisha isomo ry'ubuvanganzo**

**a) Intangiriro**

Mu ntangiriro umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibukiranya isomo baheruka kwiga, bikamufasha gushimangira ibyizwe mbere. Mu ntangiriro kandi umwarimu ashobora gukosora umukoro niba hari uwo yahaye abanyeshuri.

**b) Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu yongera gusaba abanyeshuri kongera gusoma bitegereza imiterere y'umwandiko w'ubuvanganzo. Akabasaba gutahura inshoza n'uturango twawo. Umwarimu ahereye ku bisubizo by'abanyeshuri ababwira ubuvanganzo bagiye kwiga ubwo ari bwo.

Ahereye ku biri mu gikorwa cy'umwinjizo, umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora ubushakashatsi ku bibazo byatanzwe ku nteruro cyangwa ku gika bivugwa mu mwinjizo. Kugira ngo ubushakashatsi bwabo bugende neza, umwarimu arangira abanyeshuri ibitabo bakwifashisha mu nzu y'isomero ndetse akanabaha ibindi bibazo bibayobora mu bushakashatsi bwabo kugira ngo bashobore gukora ubushakashatsi bwimbitse. Umwarimu abaha igihe cyo kubikora, cyarangira akabasaba kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo.

**c) Imyitozo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho,

abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Ikitonderwa**

Hari ubundi bumenyi bw'ururimi butavuzwe muri ibyo bice bufite imbonezamasomo yihariye. Muri bwo twavuga nk'imyandikire y'ururimi, guhanga, gutondagura umuvugo no gukina bigana n'ibindi.

Iyo ari uguhanga, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma ikibazo kijyanye no guhanga kiri mu bitabo byabo kikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo. Iki kibazo akibaha nk'umukoro. Umukoro ushobora gukorerwa mu matsinda cyangwa gukorwa n'umunyeshuri ku giti ke. Umwarimu abaha igihe cyo kubikora cyagera bagakosorera hamwe igihangano mu matsinda, buri tsinda rikagaragaza uko ribona igihangano ryasomye. Umwarimu agenda akosora agaragariza buri tsinda cyangwa buri wese ibitagenda neza mu bihangano byakozwe.

Iyo ari ugukina bigana, umwarimu abanza gusobanurira abanyeshuri imiterere ya bamwe mu bakinankuru basabwa kwigana, akabasaba gukina nka bo. Umwarimu agenda abakosora kugeza igihe bagereye ku byo basabwa kwerekana imbere ya bagenzi babo.

Iyo ari ugutondagura umuvugo, umwarimu abanza kuwubasomera agenda agaragaza isesekaza n'imbamutima. Iyo ibyo birangiye,

umwarimu abasaba kubyitoza agenda abakosora, hanyuma akabasaba gutondagura umuvugo basesekaza bagaragaza imbamutima.

# IGICE CYA II: INGERO Z'IMITEGURO Y'AMASOMO NTANGARUGERO

1. **Isomo ryo gusoma no kumva umwandiko**

**Izina ry'ishuri: ...............................................Amazina y'umwarimu: ........................................**

| Igihe-mbwe cya | Itariki | Inyigisho | Umwaka wa | Umutwe wa | Isomo rya | Igihe isomo rimara | Umubare w'aba-nyeshuri |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **mbere** | ........ | Ikinyarwanda | mbere | mbere B | .....muri... | Iminota 40 | ....... |

| | |
|---|---|
| **Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo.** | Abanyeshuri babiri batumva neza |
| **Umutwe wa mbere** | **Uburezi n'uburere** |
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe** | - Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize.<br>- Gutanga ibitekerezo mu bwubahane mu biganiro mpaka.<br>- Kwandika yubahiriza amabwiriza y' imyandikire. |
| **Isomo** | Gusoma no kumva umwandiko: **Kabayiza mu itorero** |

| | |
|---|---|
| **Intego ngenamukoro** | Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri arashobora:<br>- Gusoma adategwa.<br>- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko |
| **Imiterere y'aho isomo ribera** | - Isomo rizatangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bicaye mu buryo bw'igice cy'uruziga. |
| **Imfashanyigisho** | - Imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zitegwa amatwi, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri |

| | |
|---|---|
| **Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe** | - Integanyanyigisho, n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda. |

| **Ibice by'isomo + igihe** | **Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora** | | **Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo** |
|---|---|---|---|
| | Umwarimu yifashishije umwandiko watanzwe, amashusho n'izindi mfashanyigisho zifatika afasha abanyeshuri gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho, abafite ibyo bagenerwa byihariye bitabwaho. | | |
| | **Ibikorwa by'umwarimu** | **Ibikorwa by'umunyeshuri** | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **1. Intangiriro**<br><br>Iminota 5 | Kubaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga.<br>**Urugero rw'ibibazo:**<br>1. Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga?<br>2. Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko? | Gusubiza ibibazo babajijwe.<br>**Urugero rw'ibisubizo** :<br>1. Umwandiko duheruka kwiga ni "Kabayiza mu itorero.<br>2. Uwo mwandiko wavugaga ku nsanganyamatsiko y'uburezi n'uburere mu Rwanda rwo hambere. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa)<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburinganire n'ubwuzuzanye bugaragarira mu bikorwa umwarimu aha abanyeshuri b'ibitsina byombi cyangwa mu ngero zitangwa. |
| **2. Isomo nyirizina**<br>Iminota 25 | | | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **2.1.Kwivumburira**<br><br>**ibikubiye mu isomo** | - Gushyira abanyeshuri mu matsinda.<br>- Gusaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda.<br>- Gusaba amatsinda arimo abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza kujya basoma baranguruye kugira ngo na bo bashobore kumva neza.<br>- Gusaba abanyeshuri gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko byabajijwe.<br>- Kugendagenda mu matsinda atanga ubufasha aho bukenewe. | • Kwicara mu matsinda<br>- Gusomera mu matsinda umwandiko<br>- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.<br>- Gusaba ubufasha bw'umwarimu iyo bibaye ngombwa. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>- Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva).<br>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).<br>- Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburezi budaheza (buri wese ufite ibyo agenerwa byihariye agomba gufashwa kugira ngo adatakara).<br>Umuco w'amahoro: Kungurana ibitekerezo mu matsinda abanyeshuri barashishikarizwa gukorera mu bwumvikane |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **2.2. Kumurika ibyagezweho** | - Gusaba abanyeshuri kumurika ibyavuye mu matsinda | - Kumurika ibyavuye mu matsinda. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>- Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva).<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburinganire n'ubwuzuzanye: bugaragarira mu bikorwa umwarimu aha abanyeshuri b'ibitsina byombi no mu ngero zitangwa. |
| **2.3. Kunoza ibyamuritswe** | Kunoza no kwandika ku kibaho ibyavuye mu matsinda. | Gufatanya n'umwarimu kunoza ibyavuye mu matsinda no kubyandika mu makayi yabo.<br>**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe**: Reba aho iryo somo riri mu gitabo cy'umwarimu. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze). |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **2.4. Umusozo w'isomo/ Inshamake** | Kubaza abanyeshuri iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye.<br><br>**Urugero rw'ikibazo:**<br><br>Muvuge iby'ingenzi mwize muri uyu mwandiko "**Kabayiza mu itorero**". | - Kuvuga iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye.<br><br>**Urugero rw'igisubizo:**<br><br>Iby'ingenzi byizwe mu mwandiko:<br><br>- Mu rwanda rwo hambere, ingimbi ziberaga mu itorero akaba ariho batorezwa uburezi n'uburere. Batozwa indangagaciro z'umuco nyarwanda, gukunda Igihugu ndetse no kukirwanirira.<br>- Abangavu bo batorezwaga mu rubohero, bagatozwa kuzavamo abategarugori babereye Igihugu. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br><br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).<br><br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br><br>Uburinganire n'ubwuzuzanye bugaragarira mu bikorwa umwarimu aha abanyeshuri b'ibitsina byombi cyangwa mu ngero zitangwa. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **3. Isuzuma**<br><br>Iminota 10 | Kubaza abanyeshuri ibibazo byo gusuzuma ko bumvise umwandiko | Gusubiza ibibazo by'isuzuma babajijwe | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).<br><br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br><br>Uburezi budaheza: Umwarimu atanga umwitozo wihariye ku banyeshuri batekereza cyane kurusha abandi. Uwo mwitozo uzaba ukomeyeho ugereranyije n'uwatanzwe ku bandi, kugira ngo na bo bakore ibigendeye ku kigero cyabo. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **4. Umukoro** | Gutanga umukoro ku mwandiko bize | Kwandika umukoro.<br><br>Gukora umukoro. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br><br>- Ubushakashatsi (buri wese aharanira kunguka ibindi byiyongera ku byo yize).<br>- Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi (buri munyeshuri ashishikarira kunguka byinshi no kwirinda guta ishuri).<br><br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br><br>Uburezi budaheza: Umwarimu ateganya umukoro ku banyeshuri batekereza cyane kurusha abandi. |
| Kwisuzuma (umwarimu) | - Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye.<br>- Kugaragaza imbogamizi yahuye na zo (igihe zihari). | | |

**2. Isomo ryo gusoma no gusesengura umwandiko**

**Izina ry'ishuri: ...............................................Amazina y'umwarimu: .......................................**

| Igihembwe cya | Itariki | Inyigisho | Umwaka wa | Umutwe wa | Isomo rya | Igihe isomo rimara | Umubare w' abanyeshuri |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| mbere | ........ | Ikinyarwanda | mbere | mbere B | ..... muri.... | iminota 40 | ....... |
| **Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo.** | | | Abanyeshuri babiri batumva neza | | | | |
| **Umutwe wa mbere** | **Uburezi n'uburere** | | | | | | |

| | |
|---|---|
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe** | - Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize.<br>- Gutanga ibitekerezo mu bwubahane mu biganiro mpaka.<br>- Kwandika yubahiriza amabwiriza y' imyandikire. |
| **Isomo** | - Gusoma  no gusesengura umwandiko: **Kabayiza mu itorero** |
| **Intego ngenamukoro** | Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri arashobora:<br>- Gusoma adategwa.<br>- Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko<br>- Gusesengura akamaro k'itorero mu burezi n'uburere nyarwanda |
| **Imiterere y'aho isomo ribera** | Isomo rizatangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bicaye mu buryo bw'igice cy'uruziga. |
| **Imfashanyigisho** | Imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zitegwa amatwi, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri |
| **Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe** | Integanyanyigisho, n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda. |

| **Ibice by'isomo + igihe** | **Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora** | | **Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo** |
|---|---|---|---|
| | Umwarimu yifashishije umwandiko watanzwe, afasha abanyeshuri gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko byawubajijweho, abafite ibyo bagenerwa byihariye bitabwaho. | | |
| | **Ibikorwa by'umwarimu** | **Ibikorwa by'umunyeshuri** | |
| **1. Intangiriro**<br><br>Iminota 5 | - Kubaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga.<br><br>**Urugero rw'ibibazo:**<br>1. Ni irihe somo duheruka kwiga?<br>2. Ni iki umusaza Kanyamibwa yaganirije ingimbi n'abangavu bo mu mudugudu wa Gahinga? | - Gusubiza ibibazo babajijwe.<br><br>**Urugero rw'ibisubizo :**<br>1. Mu isomo duheruka kwiga twasomye umwandiko"Kabayiza mu ihuriro" dusubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.<br>2. Yabaganirije ku burezi n'uburere mu Rwanda rwo hambere | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br><br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa)<br><br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br><br>Uburinganire n'ubwuzuzanye bugaragarira mu bikorwa umwarimu aha abanyeshuri b'ibitsina byombi cyangwa mu ngero zitangwa. |
| **2. Isomo nyirizina**<br><br>Iminota 25 | | | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **2.1.Kwivumburira ibikubiye mu isomo** | - Gushyira abanyeshuri mu matsinda.<br>- Gusaba abanyeshuri kongera gusomera umwandiko mu matsinda.<br>- Gusaba amatsinda arimo abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza kujya basoma baranguruye kugira ngo na bo bashobore kumva neza.<br>- Gusaba abanyeshuri gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko byabajijwe.<br>- Kugendagenda mu matsinda atanga ubufasha aho bukenewe. | - Kwicara mu matsinda<br>- Gusomera mu matsinda umwandiko<br>- Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.<br>- Gusaba ubufasha bw'umwarimu iyo bibaye ngombwa. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>- Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva).<br>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).<br>- Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburezi budaheza (buri wese ufite ibyo agenerwa byihariye agomba gufashwa kugira ngo adatakara).<br>Umuco w'amahoro: Kungurana ibitekerezo mu matsinda |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **2.2. Kumurika ibyagezweho** | Gusaba abanyeshuri kumurika ibyavuye mu matsinda | Kumurika ibyavuye mu matsinda. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>- Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva).<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburinganire n'ubwuzuzanye bugaragarira mu bikorwa umwarimu aha abanyeshuri b'ibitsina byombi cyangwa mu ngero zitangwa. |
| **2.3. Kunoza ibyamuritswe** | Kunoza no kwandika ku kibaho ibyavuye mu matsinda. | Gufatanya n'umwarimu kunoza ibyavuye mu matsinda no kubyandika mu makayi yabo.<br>**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:** Reba aho iryo somo riri mu gitabo cy'umwarimu. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze). |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **2.4.Umusozo w'isomo/ Inshamake** | - Kubaza abanyeshuri iby'ingenzi bize mu mwandiko basesenguye<br><br>**Urugero rw'ikibazo:**<br><br>Muvuge iby'ingenzi mwasesenguye muri uyu mwandiko "**Kabayiza mu itorero**". | - Kuvuga iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye.<br><br>**Urugero rw'igisubizo:**<br><br>Iby'ingenzi byasesenguwe mu mwandiko:<br><br>Itorero ryari rifite uruhare runini cyane mu kurema Umunyarwanda w'intwari kuko ryatozaga urubyiruko ibikorwa bitandukanye by'ubutwari rigamije ko ruzavamo abantu, bakunda Igihugu kandi biteguye kukirwanirira no kukitangira. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br><br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).<br><br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br><br>Uburinganire n'ubwuzuzanye bugaragarira mu bikorwa umwarimu aha abanyeshuri b'ibitsina byombi cyangwa mu ngero zitangwa. |
| | | Mu itorero ariko uburezi budaheza ntibwubahirizwaga kuko ingimbi zatozwaga ibitandukanye n'iby'abangavu. Ibyo bikaba bitandukanye cyane no muri iki igihe aho mu burezi n'uburere nta kuvangura kubamo. Abahungu n'abakobwa bafite amahirwe angana | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **3. Isuzuma**<br><br>Iminota 10 | Kubaza abanyeshuri ibibazo byo gusuzuma ko bumvise umwandiko | Gusubiza ibibazo by'isuzuma babajijwe | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).<br><br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br><br>Uburezi budaheza: Umwarimu atanga umwitozo wihariye ku banyeshuri batekereza cyane kurusha abandi. Uwo mwitozo uzaba ukomeyeho ugereranyije n'uwatanzwe ku bandi, kugira ngo na bo bakore ibigendeye ku kigero cyabo. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **4. Umukoro** | Gutanga umukoro ku mwandiko bize | Kwandika umukoro.<br><br>Gukora umukoro. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>- Ubushakashatsi (buri wese aharanira kunguka ibindi byiyongera ku byo yize).<br>- Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi (buri munyeshuri ashishikarira kunguka byinshi no kwirinda guta ishuri).<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>**Uburezi budaheza**<br>Umwarimu ateganya umukoro ku banyeshuri batekereza cyane kurusha abandi. |
| **Kwisuzuma (umurezi)** | - Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye.<br>- Kugaragaza imbogamizi yahuye na zo (igihe zihari). | | |

**3. Isomo ry'ubuvanganzo**

**Izina ry'ishuri: ...................................** **Amazina y'umwarimu: ...................**

<table>
<tr><th>Igihembwe cya</th><th>Itariki:</th><th>Inyigisho:</th><th>Umwaka wa</th><th>Umutwe wa</th><th>Isomo:</th><th>Igihe isomo rimara:</th><th>Umubare w’abanyeshuri:</th></tr>
<tr><td>gatatu</td><td>.......</td><td>Ikinyarwanda</td><td>mbere</td><td>kenda</td><td>.....muri...</td><td>Iminota 80</td><td>...........</td></tr>
<tr><td colspan="4">Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirizen’umubare wabo:</td><td colspan="4">Abatabona neza ibiri kure :2</td></tr>
<tr><td colspan="2">Umutwe wa kenda</td><td colspan="6">Imiturire</td></tr>
<tr><td colspan="2">Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe</td><td colspan="6">- Gusesengura umwandiko ku byiza byo gutura mu midugudu no kugaragaza ingingo z’ingenzi ziwugize.<br>- Gusesengura no kwandika ibaruwa mbonezamubano.<br>- Gusesengura hagaragazwa uturango tw’inkuru ngufi no kuyihanga.</td></tr>
<tr><td colspan="2">Isomo</td><td colspan="6">Inkuru ngufi.</td></tr>
<tr><td colspan="2">Intego ngenamukoro</td><td colspan="6">Ahereye ku mwandiko w’inkuru ngufi, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gutahura inshoza y’inkuru ngufi, kugaragaza uturango twayo.<br>- Guhanga inkuru ngufi akurikiza uturango twayo.</td></tr>
<tr><td colspan="2">Imiterere y’aho isomo ribera</td><td colspan="6">Isomo riratangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bicaye mu matsinda.</td></tr>
<tr><td colspan="2">Imfashanyigisho</td><td colspan="6">Igitabo cy’umwarimu n’icy’umunyeshuri.</td></tr>
</table>

| | |
|---|---|
| **Inyandikon'ibitabo byifashishijwe** | Integanyanyigisho, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda, imbuga nkoranyambuga. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Ibice by'isomo + Igihe** | **Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora** | | **Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo** |
| | Umwarimu yifashishije umwandiko wizwe ubushize, abaza ibibazo bifasha abanyeshuri gutahura inshoza y'inkuru ngufi n'uturango twayo kandi abafite ibyo bagenerwa byihariye bagafashwa bicajwe mu myanya y'imbere aho bareba neza ibyanditse. | | |
| | **Ibikorwa by'umwarimu** | **Ibikorwa by'umunyeshuri** | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **1. Intangiriro:**<br><br>Iminota 10 | Kubaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka gusesengura.<br><br>**Urugero rw'ibibazo**<br>a) Ni ba nde bavugwa mu mwandiko "Duture heza" ?<br><br>b) Ese abavugwa mu mwandiko ni na bo babara inkuru? Sobanura. | - Gusubiza ibibazo ku mwandiko.<br>- Abavugwa mu mwandiko duture heza ni Kagabo, nyina Mukamana na se Kagenzi<br>- Abavugwa mu mwandiko si bo babara inkuru, inkuru irabarwa n'undi muntu amazina ye ntiyagaragaye mu nkuru. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br><br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa) |
| **2. Isomo nyirizina:** Iminota 50 | | | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **2.1 Kwivumburira ibikubiye mu isomo** | Gushyira abanyeshuri mu matsinda no kubasaba kongera gusoma umwandiko w'inkuru ngufi ***"Duture heza"*** bitegereza imiterere yawo, banasubiza ikibazo gikurikira:<br><br>Kora ubushakashatsi ugaragaze icyo inkuru ari cyo, inshoza y'inkuru ngufi, uturango twayo, imyubakire yayo n'ishushanyabikorwa mu nkuru ngufi. | Gusomera umwandiko mu matsinda bitegereza imiterere yawo no gushakira ibisubizo ikibazo babajijwe | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br><br>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa)<br>- Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese yisanzura mu gutanga ibitekerezo)<br>- Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi<br><br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br><br>- Uburinganire n'ubwuzuzanye (mu gihe abanyeshuri bakorera mu matsinda)<br>- Uburezi budaheza (abafite ibyo bagenerwa byihariye barafashwa bigishwe bimwe n'iby'abandi )<br><br>Umuco w'amahoro: mu gihe abanyeshuri bakorera mu matsinda bakorera mu bworoherane. |
| **2.2. Kumurika ibyagezweho** | - Gusaba abanyeshuri kumurika ibyakorewe mu matsinda bagaragaza ubwoko bw'umwandiko<br><br>*Uyu mwandiko ni bwoko ki?*<br><br>- Gusaba abanyeshuri gutahura inshoza n'uturango tw'inkuru ngufi. | Kumurika ibyagezweho batahura ubwoko bw'umwandiko.<br><br>*Ni inkuru ngufi.*<br><br>- Gutahura inshoza n'uturango tw'inkuru ngufi. | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **2.3. Kunoza ibyamuritswe** | - Gufasha abanyeshuri kunonosora ibyavuye mu matsinda. ( Bigaragara mu gitabo cy'umwarimu ahari isomo ryo kwigisha inkuru ngufi)<br>- Gusaba abanyeshuri kwandukura mu makayi yabo ibyanogejwe | - Kunoza ibyavuye mu matsinda bafatanyije n'umwarimu<br>- Kwandukura mu makayi yabo ibyanogejwe | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **2.4. Umusozo w'isomo / inshamake**<br><br>Iminota 20 | Gusaba abanyeshuri kugaragaza mu nshamake ibyo bamaze kwiga ku nshoza n'uturango by'inkuru ngufi. | Kuvuga mu nshamake ibyo bamaze kwiga ku nshoza n'uturango by'inkuru ngufi. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa)<br>- Ubushakashatsi<br>- Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.<br><br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br><br>Uburezi budaheza: Umwarimu yita ku banyeshuri bose kimwe akanafasha abafite ibyo bagenerwa byihariye. |
| **3. Isuzuma** | Gutanga ibibazo by'isuzuma.<br><br>Urugero rw'ibibazo<br>- Gusaba abanyeshuri kugereranya umukinankuru mukuru n'abakinankuru bungirije.<br>- Gusaba abanyeshuri kurondora uturango tw'inkuru ngufi. | Gusubiza ibibazo by'isuzuma.<br><br>- Umukinankuru mukuru ni we inkuru iba yubakiyeho, abungirije bakamubera abafasha cyangwa imbogamizi. | |
| | | - Inkuru ngufi irangwa n'ibarankuru, abanyarubuga, akanyarubuga, uburebure bwayo, imvugo y'ibiganiro n'imyubakire yayo. | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **4. Umukoro** | Gutanga umukoro | Kwandukura umukoro no kuzawukora ku giti cyabo. | **Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburezi budaheza: umukoro utangwa abanyeshuri bose bagomba kuwukora kimwe. |
| **Kwisuzuma** (umurezi) | - Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye n'uko baryakiriye.<br>- Kugaragaza imbogamizi kuri iryo somo (igihe zihari). | | |

**4. Isomo ry'ikibonezamvugo**

**Izina ry'ishuri: ....................................** **Amazina y'umwarimu:.................................................**

| Igihembwe cya | Itariki | Inyigisho | Umwaka wa | Umutwe wa | isomo rya | Igihe isomo rimara | Umubare w'aba-nyeshuri |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| ...... | ........ | Ikinyarwanda | mbere | gatatu | ...muri.... | Iminota 40 | ....... |
| **Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo** | Abanyeshuri babiri basiga abandi n'abatabona neza ibyanditse kure. | | | | | | |
| **Umutwe wa gatatu** | **Kubahiriza uburenganzira bwa muntu** | | | | | | |

| | |
|---|---|
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe** | - Gusesengura umuvugo agaragaza uturango twawo n'ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.<br>- Guhimba no kuvuga umuvugo.<br>- Kugaragaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi by'izina mbonera, ntera, izina ntera n'igisantera. |
| **Isomo** | Ntera (inshoza,uturango n'intego bya ntera) |
| **Intego ngenamukoro** | Ahereye ku nteruro zikuwe mu muvugo mugufi, umunyeshuri arashobora kugaragaza inshoza, uturango, intego (uturemajambo) bya ntera n'amategeko y'igenamajwi aho biri ngombwa. |
| **Imiterere y'aho isomo ribera** | Isomo rizatangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bicaye mu buryo bw'igice cy'uruziga. Abafite ibyo bagenerwa bicaye aho babona neza ibyanditse. |
| **Imfashanyigisho** | Imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zitegwa amatwi, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri |
| **Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe** | Integanyanyigisho n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda. |

| **Ibice by'isomo + igihe** | Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora | | **Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo** |
|---|---|---|---|
| | Umwarimu yifashishije interuro zakuwe mu mwandiko araziheraho afatanye n'abanyeshuri kugaragaza inshoza,uturango n'intego n'amategeko y'igenamajwi byakoreshejwe bya ntera, abafite ibyo bagenewe byihariye bitabwaho. | | |
| | **Ibikorwa by'umwarimu** | **Ibikorwa by'umunyeshuri** | |
| **1. Intangiriro**<br><br>Iminota 5 | Kubaza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga<br><br>**Urugero rw'ibibazo :**<br><br>1. Ni irihe somo duheruka kwiga ubushize ?<br><br>2. Ni uwuhe muco rutabikangwa yagusigiye ? | Gusubiza ibibazo<br><br>**Urugero rw'ibisubizo**<br><br>1. Isomo duheruka kwiga ni umwand-iko Rutabikangwa yisubiyeho<br><br>2. Ni umuco wo gusaba imbabazi. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br><br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa)<br><br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br><br>Uburinganire n'ubwuzuzanye bugaragarira mu bikorwa umwarimu aha abanyeshuri b'ibitsina byombi cyangwa mu ngero zitangwa. |

| **2. Isomo nyirizina** (Iminota 25) | | | |
|---|---|---|---|
| **2.1. Kwivumburira ibikubiye mu isomo** | - Gusaba abanyeshuri bagakora ubushakashatsi ku nteruro bahawe bakavumbura ntera, inshoza, uturango n'intego bya ntera bahereye ku nteruro bahawe n'umwarimu<br>a) Haba hageze imodoka **nziza** kandi yari imodoka **nshyashya**.<br>b) Rutabikangwa yari amaze igihe **kirekire** atari mu rugo | - Gukora amatsinda bakagaragaza imiterere ya ntera ku mazina biri kumwe<br>- Gutahura inshoza, uturango n'intego bya ntera. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>- Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva).<br>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo.<br>- Ubushakashatsi<br>- Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi.<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburezi budaheza (umwarimu yita ku banyeshuri bose, akanafasha abafite ibibazo byihariye) |
| **2.2. Kumurika ibyagezweho** | Gusaba abanyeshuri kumurika no kunoza ibyavuye mu matsinda | Kumurika ibyavuye mu matsinda. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva). |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **2.3. Kunoza ibyavuye mu matsinda** | Kunoza ibyavuye mu matsinda no kubikorera ubugororangingo (Bigaragara mu gitabo cy'umwarimu, ahateguye isomo kuri ntera) | Gufatanya n'umwarimu kunoza ibyavuye mu matsinda no kubyandika mu makayi yabo. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburezi budaheza (umwarimu yita ku banyeshuri bose akanafasha abafite ibibazo byihariye) |
| **2.4.Umusozo w'isomo/ Inshamake** | Kubaza abanyeshuri iby'ingenzi bize kuri ntera | Kuvuga by'ingenzi bize bijyanye n'inshoza ya ntera, uturango n'intego ya ntera | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze). |
| **3. Isuzuma**<br>Iminota 10 | Gutanga ibibazo by'isuzuma. | Gusubiza ibibazo by'isuzuma. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburezi budaheza: Umwarimu yita ku banyeshuri bose kimwe akanafasha abafite ibyo bagenerwa byihariye |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **4. Umukoro** | Gutanga umukoro | Kwandukura umukoro no kuzawukosora | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br><br>Ubushakashatsi (buri wese aharanira kunguka ibindi byiyongera ku byo yize).<br><br>- Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi (buri munyeshuri ashishikarira kunguka byinshi no kwirinda guta ishuri).<br><br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br><br>**Uburezi budaheza**<br><br>Umukoro utangwa abanyeshuri bose bagomba kuwukora kimwe |
| **Kwisuzuma** (umurezi) | - Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye.<br>- Kugaragaza imbogamizi yahuye na zo (igihe zihari). | | |

# IGICE CYA III. IMBONEZAMASOMO Z'AMASOMO ARI MURI BURI MUTWE

# UMUTWE WA 1
# UBUREZI N'UBURERE

## I.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize.
- Gutanga ibitekerezo mu bwubahane mu biganiro mpaka.
- Kwandika yubahiriza amabwiriza y'imyandikire.

## I.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi

- uko uburere butangirwa mu mu ishuri no mu muryango.
- Gusoma no kwandika inyuguti z'Ikinyarwanda.
- Uburyo bunyuranye bwo gutanga ubutumwa no kugaragaza ibitekerezo bye mu mvugo no mu nyandiko.
- Kugaragaza ibitekerezo bye mu nyandiko yubahiriza imyandikire iboneye.

## I.3. Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragara muri uyu mutwe |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Iyi ngingo nsanganyamasomo iragaragarira mu bivugwa mu mwandiko "Kabayiza mu itorero", ku mashusho ari mu myandiko yo muri uyu mutwe cyangwa igihe umwarimu yigisha yita ku bitsina byombi. |
| Uburezi budaheza | Iyi ngingo nsanganyamasomo iragaragarira garagarira mu bivugwa mu mwandiko "Kabayiza mu itorero" ku mashusho ari mu myandiko yo muri uyu mutwe cyangwa igihe umwarimu yigisha yita kuri buri mu nyeshuri wese. |

| | |
|---|---|
| Umuco w'amahoro n'indangagaciro | Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko "Kabayiza mu itorero"n'ingingo yo kunguranaho ibitekerezo. |
| Umuco w'ubuziranenge | Iyi ngingo igaragarira mu mwandiko, mu mvugo n'inyandiko binoze by'ururimi rw'Ikinyanrwanda, mu mwandiko n'ingingo yo kunguranaho ibitekerezo. |
| Umuco w'amahoro | Iyi ngingo iragaragarira mu myandiko n'ibikorwa bitandukanye by'imyigire n'imyigishirize. |

## I.4. Igikorwa cy'umwinjizo

umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

**Urugero rw'igikorwa n'urugero rw'ibisubizo:**

***Ushingiye ku bumenyi ufite, sobanura mu magambo yawe bwite uburezi n'uburere ibyo ari byo, ugaragaze n'itandukaniro riri hagati yabyo.***

Ubusanzwe uburezi n'uburere ni inyito ebyiri zidatandukana ariko zuzuzanya. Uburezi ni igikorwa ngiro aho uwiga, haba mu muryango cyangwa mu ishuri, ahabwa ubumenyi, ubumenyi ngiro nyuma akazagira ubukesha bushingiye ku byo yigishijwe burimo nko guhanga udushya, kunoza neza ibyo akora n'ibindi. Naho uburere ni impano ngirwa ikaba ari imico myiza cyangwa mibi umuntu akura aho arererwa cyangwa ku bamurera. Umuntu ufite uburere agaragarira ku myitwarire ye. Muri make uburere bugirwa bukomotse ku kundangagaciro n'umuco waciye ku bo wasanze hanyuma bukagufasha gukeneka uwo muco. Mu gihe uburezi ubuhererwa mu ishuri ubwigishwa.

Aho uburere butandukaniye n'uburezi rero ni uko uburezi butanga uburere. Uburezi bwumvikanisha inyigisho injijuke cyangwa inararibonye ziha abantu, by'umwihariko abakiri bato, naho uburere bukaba umusaruro cyangwa ingaruka bikomoka kuri ubwo burezi. Ibyo umuntu yigishirizwa mu ishuri ni uburezi. Byumvikana ko uburezi

bwiza butuma umuntu agaragaraho uburere bwiza, mbese abonekaho imyitwarire iboneye. Ariko nanone umuntu ashobora guhabwa uburezi akabura uburere mu gihe abamuhaye uburezi nta ndangagaciro n'umuco mwiza bari bafite.

## I.5. Ibyigwa biri mu mutwe wa mbere n'igihe bigenewe

| **Umutwe wa mbere: Uburezi n'uburere** | **Umubare w'amasomo: 20** | |
|---|---|---|
| **Umwandiko: Kabayiza mu itorero** | | |
| **Isomo** | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |
| **Isomo rya mbere:** Gusoma no gusobanura umwandiko. | Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya kabiri:** Gusoma no kumva umwandiko**.** | Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya gatatu:** Gusoma no gusesengura umwandiko**.** | Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya kane:** Kungurana ibitekerezo. | Gusesengura insanganyamatsiko yatanzwe no kuyunguranaho ibitekerezo. | **Isomo 1** |

| Umwandiko : Ntibabyumva kimwe | | |
|---|---|---|
| **Isomo rya gatanu**: Gusoma, gusobanura, kumva no gusesengura umwandiko. | Gusoma, gusobanura, kumva no gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo. | **Amasomo 2** |
| **Ikiganiro mpaka** | | |
| **Isomo rya gatandatu**: Ikiganiro mpaka. | Gutanga ibitekerezo bye mu bwubahane kandi ashize amanga ku nsanganyamatsiko yahawe cyangwa yihitiyemo. | **Amasomo 3** |
| **Amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda** | | |
| **Isomo rya karindwi:** Amabwiriza y'imyandikire y'inyajwi, inyerera, ingombajwi n'ibihekane. | Kwandika yubahiriza amabwiriza y'imyandikire y'inyajwi, inyerera, ingombajwi n'ibihekane. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya munani:** Amabwiriza y'imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana. | Kwandika yubahiriza amabwiriza y'imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana. | **Amasomo 2** |

| | | |
|---|---|---|
| **Isomo rya kenda:** Amabwiriza y'imyandikire y'amazina bwite, imikoreshereze y'utwatuzo n'imyandikire y'inyuguti nkuru. | Kwandika yubahiriza amabwiriza y'imyandikire y'amazina bwite, imikoreshereze y'utwatuzo n'imyandikire y'inyuguti nkuru. | **Amasomo 2** |
| **Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.** | | **Amasomo 2** |
| **Isuzuma risoza umutwe wa mbere.** | | **Amasomo 2** |

## Ikitonderwa:

Mbere yo gutangira isomo rya mbere, umwarimu abanza gukoresha igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri

### I.5.1. Umwandiko: Kabayiza mu itorero

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 2)

## Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>- Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atarasobanukiwe ari mu mwandiko.<br>- Gukora imyitozo inyuranye y'inyunguramagambo. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku burezi n'uburere, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Kabayiza mu ihuriro" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Murabona iki kuri iyi shusho? Kuri iyi shusho hariho urubyiruko rw'abakobwa n'abahungu n'umusaza uhagaze imbere yabo.

b) Mushingiye ku mutwe w'umwandiko n'ibyo mubona kuri iyi shusho, muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki? Uraza kuvuga ku musaza uganiriza urubyiruko.

**2. Uko isomo ritangwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu ntangiriro rusange 2.6

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Soma umwandiko **"Kabayiza mu ihuriro"**, ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abikorera ubugororangingo. Bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe**

- **Umutsindo**: insinzi cyangwa ubuneshe bw'icyarwanaga n'ikindi
- **Bakamutsembera**: bakamuhakanira bivuye inyuma
- **Ingimbi**: umwana w'umuhungu uri mu kigero kiri hagati y'imyaka cumi n'itatu na cumi n'itandatu
- **Umwangavu**: umukobwa umaze gupfundura amabere
- **Amwime ikico**: amwime umwanya wo gukora ikintu runaka
- **Kuzibukira**: kwtaza ikintu ngo kitakugeraho.
- **Basakiranye**: bahuye, umwe atabonye undi
- **Bazababafate mpiri**: gufata umuntu umutunguye/ kugwa gitumo
- **Kumasha**: kwitoza kuboneza ahantu runaka by'abarasa
- **Gukinga ingabo**: kwikinga igikoresho bakoresha bikingira amacumu n'imyambi mu gihe barwana
- **Gufora umuheto**: Gukurura injishi n'umuheto cyanecyane ushaka kurasa.
- **Bamuhwitura**: bamwibutsa ari nako bamutera umwete wo gukora ibyo ashinzwe
- **Abatabazi**: ni abantu bagenewe kujya ku rugamba. Ahandi bishobora kuvuga abantu batabara abandi.

- **Abacengeri**: ni abantu b'ibikomangoma babaga berewe n'indagu z'ibwami bakajya mu gihugu bashaka gutera bakagenda batarwana ariko biyenza bakagwayo bikababaha uburyo bwo kukigarurira.

3. **Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

1. **Koresha amagambo akurikira mu nteruro.**

a) **Kuzibukira**: Urubyiruko rukangurirwa **kuzibukira** kunywa ibiyobyabwenge.

b) **Umutsindo**: Kubona **umutsindo** mu mukino wo gukirana ntib yari byoroshye.

2. **Ijambo "itorero" rifite inyito zinyuranye. Rikoreshe nibura mu nteruro eshatu uriha inyito zitandukanye.**

- Mama yambwiye ko data yarerewe mu Itorero ry'Abadahigwa, aho yigiye kurasa, kumasha no gusimbuka.
- Mukamana abyina mu Itorero ry'Urukerereza.
- Itorero dusengeramo uyu munsi ryatuye amafaranga ibihumbi makumyabiri.

3. **Wubahiriza isanisha rikwiye, uzuza interuro zikurikira ukoresheje aya magambo: "abatabazi, gufata mpiri, gufora umuheto."**

a) Abajura bagiye kwiba mu kigo cyacu **bafatwa mpiri**.

b) Kera abahigi **baforaga umuheto** barasa inyamaswa

c) **Abatabazi** bari bafite ubwitange bukomeye mu Gihugu.

## Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br><br>Gusoma adategwa umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. |
| Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Ni nde wanyibutsa umwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni "Kabayiza mu itorero".

b) Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko? Uwo mwandiko wavugaga ku nsanganyamatsiko y'uburezi n'uburere mu Rwanda rwo hambere.

2. **Uko isomo ritangwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu ntangiriro rusange 2.6

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko* ***"Kabayiza mu ihuriro"****, Usubize ibibazo bikurikira.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinoza bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

1. **Ni hehe Abanyarwanda batangiraga uburezi n'uburere ku ngimbi n'abangavu?**

   Bwatangirwaga mu itorero ku ngimbi no mu rubohero ku bangavu.

2. **Rodora bimwe mu byo abahungu n'abakobwa batozwaga mu itorero no mu rubohero byavuzwe mu mwandiko.**

- Mu itorero, abahungu batozwaga ibyivugo bigizwe n'ibigwi n'ibirindiro by'intwari za kera z'ibirangirire. Batozwaga kandi gukoresha intwaro zitandukanye n'ubuhanga bwo kurwana. Muri byo twavuga nko gufora umuheto, kumasha, gukinga ingabo, gutera icumu, gusimbuka, gukirana, kuzibukira n'ibindi.
- Mu rubohero, abakobwa batozwaga, kubaha abandi, kuzavamo abagore babereye u Rwanda, kuzamenya kurera Igihugu no kujya inama zubaka imiryango yabo.

Batozwaga kandi imirimo itandukanye nko kuboha ibyibo, ibiseke n'imisambi, gusenga inkangara n'ibindi.

3. **Ni iyihe mpamvu yatumaga ababyeyi ba Kabayiza bamubuza kujya mu ihuriro?**

   Impamvu ababyeyi ba Kabayiza bamubuzaga kujya mu ihuriro ni uko batekerezaga ko yaba agiye gucumba urugomo.

4. **Ni akahe kamaro itorero ryari rifite mu burezi n'uburere mu Rwanda rwo hambere?**

   Mu Rwanda rwo hambere abavaga mu itorero bitwaraga neza bagasakazaga umuco n'indangagaciro baryigiyemo aho batuye. Bigishaga rubanda batagiye mu itorero, babagaragariza urugero rw'umuco mwiza, ndetse bamwe bagashinga ayandi matorero ku misozi y'iwabo.

5. **Sobanura nibura ibikorwa ndangamuco bitatu bigaragara mu mwandiko.**

- **Kujya mu itorero:** Byariumuco muRwanda ko ingimbi zirererwa mu itorero aho bigiraga guhamiriza, kumasha, ikinyabupfura mbese gukunda igihugu no kukitangira.Itorero ryabaga ribangikanye n'umutwe w'ingabo. Nk'uko bigaragara, abahungu nibo bajyaga mu itorero bonyine.
- **Kujya mu rubohero ku bakobwa**: Byari umuco mu Rwanda ko abangavu bajya mu rubohero bakahigira imyuga itandukanye kandi bakahatorezwa imico myiza iranga Abanyarwandakazi.
- **Inkera y'imihigo**: Byari umucomu Rwanda gutarama ibwami cyangwa gutaramira umutware. Habaga ari nijoro bakitse imirimo maze bakicara basangira inzogaariko banivuga imihigo, babyina n'ibindi kugeza mu museso. Wari umwanya wo gusabana ariko na none batoza urubyiruko kuganira, gucyocyorana, kugira ubutwari mbese kutaba igifura.

6. **Kubera iki abo bahimbiraga ibyivugo babifataga mu mutwe?**

   Babifataga mu mutwe kugira ngo babihereho bahimba ibyabo.

## Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize no guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.<br>- Kugereranya itorero ryo hambere n'iryo muri iki gihe. |
| Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni irihe somo duheruka kwiga?**

Mu isomo duheruka kwiga twasomye umwandiko"Kabayiza mu ihuriro" dusubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

**b) Ni iki umusaza Kanyamibwa yaganirije ingimbi n'abangavu bo mu mudugudu wa Gahinga? Yabaganirije ku burezi n'uburere mu Rwanda rwo hambere.**

2. **Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu ntangiriro rusange kuri 2.6

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko* ***"Kabayiza mu ihuriro"****, Usubize ibibazo bikurikira.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinoza bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:**

1. **Garagaza ingingo z'ingenzi zigize umwandiko "Kabayiza mu ihuriro".**

Ingingo z'ingezi zigize umwandiko "Kabayiza mu itorero" ni:

- Kuba ingimbi n'abangavu bo mu Mudugudu wa Gahinga barajyaga mu ihuriro, Kabayiza we iwabo bakamwangira kurijyamo.
- Kabayiza yemererwa kujya mu itorero.
- Umusaza Kanyamibwa aganiriza ingimbi n'abangavu bo mu mudugudu wa Gahinga ku burezi n'uburere byo mu Rwanda rwo hambere yibanda cyane ku itorero ry'ingimbi n'urubohero ku bangavu.
- Kabayiza abwira ababyeyi be ibyo yungukiye mu ihuriro, ntibongera kumubuza kurijyamo ahubwo bakajya bamuhwitura ngo adakererwa.

2. **Kuba itorero rya kera ryarahezaga abana b'abakobwa byerekanaga iki? Kuri ubu bimeze bite?**

- Kuba itorero rya kera ryarahezaga abana b'abakobwa byerekanaga ko nta gaciro bahaga abakobwa. Itorero rya kera rigereranywa nk'ishuri ry'iki gihe rero umukobwa ntiyarigeragamo. Muri iki gihe hari uburezi budaheza umwana uwo ari we wese yaba umukobwa cyangwa umuhungu bafite amahirwe n'uburenganzira bungana bwo kwiga.

3. **Utekereza ko itorero ryagiraga uruhe ruhare mu kurema Umunyarwanda w'intwari, wuzuye indangagaciro z'umuco nyarwanda?**

Itorero ryari rifite uruhare runini cyane mu kurema Umunyarwanda w'intwari kuko ryatozaga urubyiruko ibikorwa bitandukanye by'ubutwari rigamije ko ruzavamo abantu, bakunda Igihugu kandi biteguye kukirwanirira no kukitangira.

Itorero ryatumaga urubyiruko rusabana kandi rugatozwa ubuvanganzo bunyuranye mu rwego rwo gusigasira umuco nyarwanda.

4. **Gereranya itorero ryo mu gihe cyo hambere n'itorero ryo muri iki gihe.**

| Itorero ryo mu gihe cyo hambere | Itorero ryo muri iki gihe |
|---|---|
| - Kera itorero ryari ishuri Abanyarwanda bigishirizwagamo Ikinyarwanda kiza, gukunda Igihugu, imibanire myiza, siporo, imbyino, indirimbo no kurwanirira Igihugu igihe gitewe.<br>- Abarerewe mu itorero ni bo bavagamo abayobozi b'ingabo ndetse n'abatware. Itorero rya kera ryitabirwaga n'abahungu gusa, abakobwa bajyaga mu rubohero. | - Itorero ryashyizweho mu rwego rwo guhangana n'ingaruka za jenoside yakorewe Abatutsi hagamijwe kugarura ubumwe bw'Abanyarwanda.<br>- Abitabira itorero bajya impaka ku bibazo byugarije Igihugu bagerageza gushakisha ibisubizo byabyo. Bigishwa kandi indangagaciro na kirazira by'umuconyarwanda.<br>- Itorero ry'iki gihe ryitabirwa n'urubyiruko rw'ibitsina byombi, abakobwa n'abahungu. |

## Isomo rya kane: Kungurana ibitekerezo

| Intego zihariye |
|---|
| Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusesengura insanganyamatsiko zatanzwe no kuzunguranaho ibitekerezo mu bwubahane.<br>- Kuvugira mu ruhame ashize amanga, atanga ibitekerezo bye. |
| Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku itorero ry'Igihugu n'izivuga ku burezi budaheza. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitozo wo kungurana ibitekerezo.

**Urugero rw'ibibazo:**

a) **Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko duheruka kwiga?**

Uburezi n'uburere mu Rwanda rwo hambere.

b) **Vuga mu nshamake akamaro k'uburezi n'uburere.**

Uburezi n'uburere bituma umuntu amenya indangagaciro na kirazira kandi akiyungura n'ubumenyi.

2. **Uko isomo ritangwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice mu ntangiriro rusange.2.6

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko* ***"Kabayiza mu ihuriro"****, Usubize ibibazo bikurikira.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyo bunguranyeho ibitekerezo mu matsinda yabo, bafatanya n'umwarimu maze bagatanga umwanzuro ku nsanganyamatsiko bunguranyeho ibitekerezo.

**Urugero rw' insanganyamatsiko n'urugero rw'umwanzuro:**

a) **Itorero ry'Igihugu ryaje gusubiza ibibazo urubyiruko rw'u Rwanda rwahuraga na byo mu bijyanye n'uburere bwarwo.**

Itorero ry'Igihugu ryashizweho mu rwego rwo gusubiza ibibazo urubyiruko rw'u Rwanda rwahuraga na byo mu bijyanye n'uburere bwarwo. Muri rusange ryashyizweho mu rwego rwo kugira ngo urubyiruko rusobanukirwe neza hakiri kare amateka y'Igihugu ndetse n'ibijyanye n'indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda.

Nk'uko bavuga mu kinyarwanda ngo «Igiti kigororwa kikiri gito » itorero ry'Igihugu ryaje ari igisubizo ku bijyanye n'uburere bw'urubyiruko kuko bahigira umuco nyarwanda ukwiriye, uburere bwiza buzabubakamo Abanyarwanda nyabo.

b) **Uburezi budaheza ntibwubahirizwaga mu itorero ryo mu Rwanda rwo hambere. Sobanura.**

Uburezi budaheza ntibwubahirizwaga mu itorero ryo mu Rwanda rwo hambere kuko abana b'abahungu batozwaga ukwabo ab'abakobwa na bo bagatozwa ukwabo. Umuco wa kera washyiraga imbere

umuhungu ku buryo yigishwaga ibitandukanye n'iby'umukobwa. Kuba abahungu baratorezwa mu itorero, bakigishwa ibijyanye no gukunda Igihugu ndetse no kukitangira naho abakobwa bakigishirizwa mu rubohero, byerekanaga ko abakobwa nta gaciro bahabwaga. Itorero rya kera rigereranywa n'ishuri ry'iki gihe rero umukobwa ntiyarigeragamo.

Muri iki gihe hari uburezi budaheza umwana uwo ari we wese yaba umukobwa cyangwa umuhungu bafite uburenganzira bungana bwo kwiga.

### I.5.2. Umwandiko: Ntibabyumva kimwe

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 6)

## Isomo rya gatanu: Gusoma, gusobanura, kumva no gusesengura umwandiko.

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma umwandiko yubahiriza isesekaza rikwiye no kuwusesengura<br>- Gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.<br>- Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "Ntibabyumva kimwe", igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Ntibabyumva kimwe" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo :**

**a) Murabona iki kuri iyi shusho?**

Kuri iyi shusho hariho abanyeshuri bari mu ishuri n'umwarimu bicaye mu matsinda atandukanye bigaragara ko bari mu kiganiro.

**b) Ni iyihe nsanganyamatsiko y'ikiganiro barimo?**

Insanganyamatsiko ni "Ishuri ni umusingi nyawo w'uburezi n'uburere"

2. **Uko isomo ritangwa**

Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda, maze ayagabanye ibibazo ku buryo bukurikira: Amatsinda amwe arakora ku nyunguramagambo, andi asubize ibibazo byo kumva umwandiko, andi asubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Umwarimu arabaha igihe cyo kubikora, igihe nikirangira asabe amatsinda kumurika ibyo yakoze.

Aratoranya rimwe mu matsinda yakoze ibibazo bisa hanyuma abe ari ryo rimurika ibyo ryakoze.

Andi matsinda arakurikira, ayakoze kuri ibyo bibazo age yunganira itsinda riri kumurika.

Nyuma yo kumurika kwa buri tsinda, umwarimu arajya ayobora abanyeshuri banoze ibyo bamuritse hanyuma byandikwe ku kibaho abanyeshuri babyandukure mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byava mu matsinda**

**I. Gusoma no gusobanura umwandiko**

Soma umwandiko "**Ntibabyumva kimwe**", ushakemo amagambo akomeye hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya.

a) **Umusingi**: Intangiriro.

b) **Kugosorera mu rucaca**: Ingingo iganirwaho.

c) **Kuvomera mu rutete**: Kuruhira ubusa.

d) **Umutuzo**: Imyifatire y'umuntu utuje.

**II. Kumva no gusobanura umwandiko**

**Umutwe w'umwandiko ni uwuhe ?**

1. **Ni iyihe nsanganyamatsiko bari bagiye kuganiraho mu isomo ry'ikinyarwanda?**

   Ni insanganyamatsiko y'uburezi n'uburere.

2. **Ni izihe mpande zunguranye ibitekerezo ku nsanganyamatsiko "Ishuri ni umusingi nyawo w'uburezi n'uburere"?**

   Izo mpande ni abashyigikiye insanganyamatsiko n'abatayishyigikiye.

3. **Ni nde washoje ikiganiro?**

   Ni umuyobozi wacyo.

**III. Gusesengura umwandiko**

1. **Mu magambo yawe bwite sobanura imvugo "Ntibabyumva kimwe".**

   Iyi mvugo isobanura ko ingingo iyi n'iyi abantu runaka batayumva kimwe bityo buri wese akaba yatanga ibitekerezo by'uko abyumva.

2. **Ni iyihe nyito twaha ikiganiro cy'abantu bari kuvuga ku nsanganyamatsiko imwe ariko ibitekerezo byabo bigaragaza ko batabyumva kimwe?**

   Iyo nyito ni ikiganiro mpaka.

**Umwitozo w'inyunguramagambo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

**Urugero rw'ikibazo cy'umwitozo n'ibisubizo:**

**Shaka amagambo ikenda ari muri iki kinyatuzu afitanye isano n'uburezi n'uburere.**

**Urugero wahawe: Ikinyabupfura**

| | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| g | u | k | w | i | g | a | i | n | d | e | g | e |
| i | b | k | i | k | g | a | t | g | w | r | u | k |
| i | k | i | n | y | a | b | u | p | f | u | r | a |
| s | k | r | d | o | r | u | m | u | c | o | e | e |
| h | a | a | a | t | d | v | r | b | t | u | t | r |
| u | m | z | n | o | b | u | d | u | z | b | p | g |
| r | i | i | g | f | g | r | e | r | u | u | g | h |
| i | s | r | a | u | b | a | k | e | k | r | u | k |
| | k | a | g | t | b | f | t | r | y | w | p | l |
| | j | u | a | p | y | m | n | e | v | r | y | z |
| p | h | a | c | d | q | e | r | r | h | e | t | h |
| l | i | e | i | t | y | u | i | e | u | z | r | e |
| i | k | w | r | g | i | s | h | a | s | i | g | h |
| u | m | u | o | k | u | b | a | h | a | t | o | s |

Amagambo ikenda ni aya akurikira: Ikinyabupfura, indangagaciro, uburezi, uburere umuco, ishuri, kirazira, kubaha, kwiga.

## Isomo rya gatandatu: Ikiganiro mpaka

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br><br>Gutanga ibitekerezo bye mu bwubahane kandi ashize amanga ku nsanganyamatsiko yahawe cyangwa yihitiyemo. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko w'ikiganiro mpaka, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko «Ntibabyumva kimwe» kugira ngo bibinjize mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Mu mwandiko «Ntibabyumva kimwe», bigaragara ko buri munyeshuri yagize uruhare mu kiganiro. Bigaragarishe ibyiciro binyuranye barimo?**

Harimo uyoboye ikiganiro, umwanditsi, umuhwituzi, abashyigikiye insanganyamatsiko n'abatayishyigikiye, abagaragaza abahize abandi mu kiganiro n'abandi bagira uruhare mu kiganiro nta ruhande na rumwe babogamiyeho.

b) **Ushingiye ku bitekerezo by'abagize uruhare mu kiganiro, sobanura umutwe wawo «Ntibabyumva kimwe»**

Ibi bishatse kuvuga ko bajyaga impaka ku nsanganyamatsiko ariko badahuje ibitekerezo kuri yo.

2. **Uko isomo ritangwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda hanyuma akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa**

*Mu gusesengura umwandiko "Ntibabyumva kimwe" twabonye ko uyu mutwe w'umwandiko ufite inyito y'ikiganiro mpaka. Ese ikiganiro mpaka ni iki? Kora ubushakashatsi utahure inshoza y'ikiganiro mpaka, imbata yacyo n'uko bagitegura.*

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora, akanabarangira ibitabo binyuranye bakoresha.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibyavuye mu matsinda byanogejwe**

1. **Inshoza y'ikiganiro mpaka**

Ikiganiro mpaka ni urubuga rwo gukusanyamo ibitekerezo ku nsanganyamatsiko runaka. Bene icyo kiganiro kiba kiyobowe kandi buri ruhande ruba ruhatanira guhiga urundi mu gutanga ibitekerezo neza. Ibyo bigatuma buri ruhande rutsimbarara ku murongo w'ibitekerezo rwahisemo. Ikiganiro mpaka kigira abantu bafite inshingano zinyuranye zituma kigenda neza kandi

cyubahiriza igihe cyagenwe.

2. **Uturango tw'ikiganiro mpaka**

- Ikiganiro mpaka kirangwa no kuba hari insanganyamatsiko igibwaho impaka.
- Kibamo impande ebyiri zidahuje ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yatanzwe.
- Abitabiriye icyo kiganiro bagira uburyo bicara cyangwa bahagarara buri tsinda ukwaryo.
- Ikiganiro mpaka kigira umuyobozi, umwanditsi, abashyigikiye n'abadashyigikiye insaganyamatsiko, abakemurampaka, umuhwituzi n'indorerezi.

3. **Abagize ikiganiro mpaka**

Umuyobozi, umwanditsi, abashyigikiye n'abadashyigikiye insaganyamatsiko (abajya impaka), abakemurampaka, umuhwituzi n'indorerezi.

- **Umuyobozi**: Umuyobozi w'ikiganiro avuga insanganyamatiko iza kugibwaho impaka, agateganya igihe ikiganiro kiri bumare. Agena umubare w'abagomba kugira uruhare mu kiganiro kugira ngo bataba benshi, bityo ibitekerezo bikagora iyobora. Agenera kandi impande zijya impaka umwanya wo gukusanya ingingo bari butange zijyanye n'uruhande bahagazemo. Umuyobozi w'ikiganiro ashobora kuba umwe cyangwa bakaba babiri bitewe n'abajya impaka uko bangana n'imiterere y'insanganyamatsiko.
- **Umwanditsi:** ni uwandika ibitekerezo bitangwa na buri ruhande.
- **Abajya impaka**: abajya impaka baba bari mu byiciro bibiri: abashyigikiye insanganyamatsiko yatanzwe n'abadashyigikiye insanganyamatsiko yatanzwe. Mbere yo kwinjira mu kiganiro mpaka izi mpande zombi zibanza gukora ubushakashatsi buhagije ku nsanganyamatsiko.
- **Abakemurampaka:** bahamya uruhande rwahize urundi.
- **Umuhwituzi:** agenera igihe abavuga.
- **Indorerezi:** zikurikira ikiganiro.

3. **Uko bategura ikiganiro mpaka**

Mbere yo kwinjira mu kiganiro mpaka, abashyigikiye insanganyamatsiko n'abatayishyigikiye bamenyeshwa insanganyamatsiko, bagahabwa umwanya wo gukora

ubushakashatsi buhagije begeranya ingingo bari bushingireho kugira ngo bahige abo bari buge impaka.

4. **Uko abagize ikiganiro mpaka bicara**

Nk'uko bigaragara ku ishusho ijyanye n'umwandiko "Ntibabyumva kimwe", abajya impaka bicara barebana, bamwe bari mu ruhande rw'iburyo abandi bari mu ruhande rw'ibumoso. Ibyo bituma ntawubangamirwa cyangwa ngo aterwe icyugazi na mugenzi we. Biba byiza iyo buri muntu mu bajya impaka ashyize urupapuro rwanditseho izina rye imbere ye kugira ngo bifashe abajya impaka kumenyana iyo bataziranye.

5. **Imyitwarire y'abagize ikiganiro mpaka**

Mu cyumba gikorerwamo ibiganiro mpaka hagomba kubamo umutuzo. Ni inshingano z'umuyobozi w'ikiganiro gutanga amabwiriza areba abajya impaka ndetse n'indorerezi. Umuyobozi w'ikiganiro mpaka nta ruhande abogamiraho, we atanga umurongo w'ikiganiro gusa.

Mu kiganiro mpaka, ntawiha ijambo; arihabwa n'umuyobozi w'ikiganiro. Mu gihe uhawe ijambo atubahirije igihe, umuhwituzi amenyekanisha ko igihe kirangiye, hanyuma umuyobozi w'ikiganiro akaka ijambo uvuga.

Abari mu kiganiro ntibaba bagomba gutandukira insanganyamatsiko. Umuyobozi w'ikiganiro agarura mu murongo abashatse gutandukira bajya mu bindi. Mu gihe batanga ibitekerezo, uvuga aba agomba gushira amanga akagaragaza ko ingingo atanga azihagazeho ku buryo abamwumva babona ko yifitiye ikizere mu byo avuga. Uri mu kiganiro mpaka ntagira umususu, nta n'ubwo atungurwa igihe abajijwe n'uwo ku rundi ruhande.

Ahora yiteguye kandi ntiyerekane ko ikibazo abajijwe kimunaniye. Bityo igihe avuga, agomba guhanga amaso abo abwira n'abandi bose bari aho, akarangurura ijwi kugira ngo yumvikanishe igitekerezo ke.

Nubwo abajya impaka baba bagomba gusenyana mu bitekerezo, ufashe ijambo ashaka gusenya igitekerezo cy'undi agomba kubikora mu kinyabupfura no mu bwubahane batajya impaka za ngo turwane.

Umwanditsi agomba kwandika muri make ingingo zose zitangwa n'impande zombi akirinda gushyiramo ibitekerezo bye.

Indorerezi zigomba kugaragaza umutuzo, zikirinda urusaku, gukomera no gukomera amashyi abatanze ibitekerezo byabo.

**6. Imbata y'ikiganiro mpaka**

Ikiganiro mpaka kigira umutwe, intangiriro, igihimba n'umwanzuro (umusozo).

**a) Umutwe**

Umutwe uba ugizwe n'insanganyamatsiko iri bugibweho impaka.

**b) Intangiriro**

Mu ntangiriro, umuyobozi w'ikiganiro mpaka atangiza ibiganiro atanga amabwiriza ku bitabiriye ikiganiro mpaka. Nyuma y'ayo mabwiriza, umuyobozi avuga insanganyamatsiko iri bugibweho impaka, maze agaha umwanya abagiye kujya impaka bagatangira gutanga ibitekerezo byabo.

**c) Igihimba**

Mu gihimba, abajya impaka barisanzura, itsinda rikajya risimburana n'irindi mu gutanga ibitekerezo. Mu gihimba ni ho hagaragara ikiganiro mpaka nyiri izina, uko impande ebyiri zijya impaka. Abashyigikiye insanganyamatsiko n'abatayishyigikiye.

Ufashe ijambo bwa mbere asobanura uko yumva insanganyamatsiko akabona gutanga ibitekerezo bye. Iyo arangije kuvuga, umuyobozi w'ikiganiro aha ijambo uwo mu rundi ruhande udashyigikiye insanganyamatsiko. Uyu na we abanza gusobanura insanganyamatsiko, agasenya ibitekerezo by'uwamubanjirije, akabona gutanga ibitekerezo bijyanye n'umurongo itsinda rye ryihaye.

Nyuma y'aba babiri babanza kuri buri tsinda, umuyobozi w'ikiganiro agenda aha ijambo umuntu umwe uvugira buri tsinda bakagenda basimburana kugeza igihe umwanya bagenewe urangiye. Aba na bo ugiye kuvuga abanza gusenya igitekerezo cya mugenzi we.

Mu gusenya ingingo z'uwakubanjirije, mu gihe mutari ku ruhande rumwe, uzisenyesha ibitekerezo bifite ingufu kurusha ibyatanzwe. Iyo umaze kubisenya uvuga uko wowe ubyumva. Uko umwe mu bajya impaka atanze ibitekerezo ni ko umwanditsi agenda abyandika. Mu gihe batanga ibitekerezo, umuhwituzi agenda agenzura ko igihe cyo kuvuga cyubahirizwa, ugiye kukirenza akamuhagarika.

Iyo umwanya w'abajyaga impaka urangiye indorerezi na zo zihabwa ijambo zikavuga uko zumva insanganyamatsiko.

**d) Umwanzuro w'impaka**

Mu gusoza ikiganiro mpaka, umwanditsi asoma ingingo zatanzwe na buri ruhande ku nsanganyamatsiko. Abakemurampaka na bo bamaze kubona itsinda ryatanze ingingo zifatika kurusha irindi, bagaragaza abatsinze abandi. Nyuma y'ibyo, umuyobozi ashimira abagize uruhare bose mu kiganiro mpaka akaboneraho kuvuga igitekerezo cyari kigamijwe hatangwa iyo nsanganyamatsiko akaba yakongeraho ibitekerezo bitavuzwe.

**3. Umwitozo**

Umwarimu afasha abanyeshuri kujya mu matsinda agatanga amabwiriza y'uko umwitozo ukorwa, agakurikirana uko abanyeshuri bategura ikiganiro mpaka, uko bajya impaka, barangiza, agatanga ubujyanama ku kiganiro kirangiye n'umwanzuro.

**Urugero rw'insanganyamatsiko zishobora kugibwaho impaka:**

a) Mu burezi n'uburere abana bagomba gutozwa ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hakiri kare.

b) Uburezi n'uburere muri iki gihe bugaragaza ko "Igiti kigororwa kikiri gito".

## I.5.3. Amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 14.)

## Isomo rya karindwi: Imyandikire y'inyajwi, inyerera, ingombajwi n'ibihekane

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Kwandika neza yubahiriza amabwiriza y'imyandikire y'inyajwi, inyerera, ingombajwi n'ibihekane.<br>- Kujora no gukosora inyandiko zifite imyandikire itanoze y'inyajwi, inyerera, ingombajwi n'ibihekane. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zikubiyemo amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda |

**1. Intangiriro**

Umwarimu arandika ku kibaho interuro zirimo amagambo yanditse nabi hanyuma asabe abanyeshuri kuzisoma bazitegereza no gusubiza ibibazo bizikurikiye.

**Urugero rw'interuro yabaha n'ibibazo yababaza:**

a) Inthore ntiganya ishyaka ibisubizo.

b) Abanyeshuri bakoze incamake y'umwandiko.

c) Kankesha yagiye gutira icyibo kwa Kantarama utuye i Kabwayi.

d) Kanyamibga yabwiye abitabiriye ikiganiro ko itorero ryari rifite akamaro ntagereranywa mu burezi n'uburere.

e) Ikindi intore zigishwaga kandi cyiza ni ugukunda Igihugu.

**Ibibazo**

**a) Andika neza amagambo yanditse nabi mu nteruro umaze gusoma.**

Amagambo yanditse neza yari yanditse nabi: Intore, ishaka, inshamake, ikibo, Kabgayi, Kanyamibwa, kiza.

**b) Andika neza inyuguti zanditse nabi ziri muri ayo magambo.**

Inyuguti zari zanditse nabi: nt, sh, nsh, k, bg, bw. k, n, m

Umwarimu ahera ku bisubizo abanyeshuri bamusubije akababwira ko bagiye kwiga amabwiriza y'imyandikire y'inyajwi, inyerera, ingombajwi n'ibihekane.

**2. Uko isomo ritangwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

Mwitegereze interuro zikurikira, mugire icyo muzivugaho kandi muzikosore aho biri ngombwa.

- Nta nthore yitwaraga nabi ivuye mu itorero.
- Mu ncamake, Kanyamibwa yabwiye abitabiriye ikiganiro ko itorero lyali lifite akamaro ntagereranywa mu burezi n'uburere mu Rwanda rwo hambere.
- Abangavu bigaga imirimo itandukanye nko kwuboha ibisecye,

imisambi, inkangara n'ibindi.

- Ikindi intore zigishwaga kandi cyiza nugukunda Igihugu.

*Umaze gukosora izo nteruro, kora ubushakashatsi utahure inshoza y'imyandikire y'ururimi, ugaragaze imyandikire y'inyajwi, inyerera, ingombajwi n'ibihekane by'ururimi rw'Ikinyarwanda.*

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora, akanabarangira ibitabo binyuranye bakwifashisha.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu areba niba amatsinda yose yakosoye neza interuro yabahaye hanyuma agatoranya amatsinda abiri rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze ku nyajwi, ku nyerera no ku ngombajwi, irindi rikamurika ibyo ryakoze ku bihekane. Igihe ayo matsinda amurika ibyo yakoze abagize andi matsinda baba bakurikiye, umwarimu abayobora mu kunoza ibyo buri tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**Interuro zikosoye**

- Nta ntore yitwaraga nabi ivuye mu itorero.
- Mu nshamake, Kanyamibwa yabwiye abitabiriye ikiganiro ko itorero ryari rifite akamaro ntagereranywa mu burezi n'uburere mu Rwanda rwo hambere.
- Abangavu bigaga imirimo itandukanye nko kuboha ibiseke, imisambi, inkangara n'ibindi.
- Ikindi intore zigishwaga kandi kiza ni ugukunda Igihugu

**Inshoza y'imyandikire y'ururimi**

Imyandikire inoze y'ururimi ni urusobe rw'amategeko ashyirwaho mu rwego rwo kugena ibimenyetso bishushanya amajwi y'ururimi runaka. Mu rwego rwo kunoza imyandikire hakaba hifashishwa amahame y'iyigandimi nk'ubumenyi bugamije kwiga indimi zivugwa. Ni yo mpamvu imishinga yose igena imyandikire inoze y'ururimi ikorwa hitabajwe impuguke muri ubwo bumenyi bw'iyigandimi. Amategeko agenga imyandikire y'inyuguti n'ibihekane by'Ikinyarwanda ni aya akurikira:

**a) Imyandikire y'inyajwi**

Haseguriwe imyandikire y'ubutinde n'amasaku, inyajwi z'Ikinyarwanda zandikishwa inyuguti zikurikira: a, e, i, o, u.

Gukurikiranya inyajwi mu myandikire isanzwe mu Kinyarwanda birabujijwe, uretse mu nyandiko ya gihanga yubahiriza ubutinde n'amasaku, mu ijambo (i)saa ry'iritirano, mu marangamutima, mu migereka n'inyigana birimo isesekaza, nabwo handikwa inyajwi zitarenze eshatu.

**Ingero:**

- **Saa** kenda ndaba ngeze iwawe.
- Irangamutima "**yooo**"!
- Umugereka: Ndagukunda "**cyaneee**"!
- Inyigana "**pooo**"! ; "mbaaa"!

**b) Imyandikire y'inyerera**

Inyerera ni ijwi ritari inyajwi ntiribe n'ingombajwi, ariko rifite uturango rihuriraho n'inyajwi n'utundi rihuriraho n'ingombajwi. Ayo majwi ajya kuvugika nk'inyajwi, nyamara kandi ugasanga yitabaza inyajwi nk'ingombajwi kugira ngo avugike neza. Iki ni cyo gituma yitwa inyerera. Inyerera z'Ikinyarwanda zandikishwa inyuguti w na y.

**Ingero**

- Uwiga aruta uwanga.
- Iyange yatakaye.

**c) Imyandikire y'ingombajwi**

Ingombajwi z'Ikinyarwanda zandikishwa inyuguti imwe. Ni izi zikurikira: **b, c, d, f, g, h, j, k, m, n, p, r, l, s, t, v, z.**

**Ikitonderwa**

- Inyuguti "l" ikoreshwa gusa mu izina bwite "Kigali", umurwa mukuru wa Repubulika y'u Rwanda, mu ijambo "Repubulika", mu ijambo "Leta"no mu mazina bwite y'amanyamahanga y'abantu n'ay'ahantu, urugero nka Angola, Londoni, Lome, Lusaka,Buruseli, Aluberi...
- Inyuguti "l" izaguma gukoreshwa mu mazina bwite y'amanyarwanda y'abantu n'ahantu yari isanzwe ikoreshwamo mbere y'aya mabwiriza.

**d) Imyandikire y'ibihekane**

Ibihekane by'Ikinyarwanda byandikishwa ibimenyetso bikurikira:

| | |
|---|---|
| **bw (bg)**: ubwanwa, Kabgayi | **jy**: urujyo, kujyana |
| **cw**: icwende, imicwira | **ny**: inyana |
| **dw**: kudwinga, kudagadwa | **my**: umurimyi, imyugariro |
| **(fw)**: igufwa, igifwera | **nny**: kunnyega, umukinnyi |
| **gw**: kugwa, umugwaneza | **pfy**: bakapfakapfye |
| **hw**: amahwa, umuhwituzi | **py**: gupyipyinyura, gupyinagara |
| **jw**: kujijwa, ijwi | **ry**: kuryama, uburyarya |
| **kw**: gukwa, umukwabu | **sy**: gusya, urusyo |
| **mw**: umwana, umwuga | **ty**: gutyara, ityazo |
| **nw**: umunwa, akananwa | **vy**: zahovye |
| **(pfw)**: gukapfakapfwa | **byw**: gutubywa |
| **pfyw**: byakapfakapfywe | **myw**: kuramywa, kurumywa |
| **pw**: gukopwa, icapwa | **ryw**: kuryarywa |
| **rw**: umurwi, urwuri | **vyw**: guhovywa |
| **shw**: umushwi, gushwana | **mb**: imbuto, imbabura |
| **shyw**: ishywa, umwishywa | **mf**: imfashanyo, imfura |
| **sw**: umuswa, Igiswayire | **mp**: impamvu, impapuro |
| **tsw**: kotswa, kwatswa | **mv**: imvura, kumva |
| **tw**: ugutwi, umutware | **nd**: inda, indodo |
| **vw**: zahovwe | **ng**: ingoma, ingona |
| **zw**: gusozwa, guhazwa | **nj** : injishi, injereri |
| **nsy**: insyo | **nk**: inkoko, inka |
| **nty**: intyoza, ntyariza | **ns** : konsa, insina |
| **mbw**: imbwa, imbwebwe | **sh**: ishu |
| **mfw**: imfwati | **pf**: ipfundo |
| **mpw**: impwempwe | **ts**: itsinda nsh: inshuti, inshishi |

| | |
|---|---|
| **mvw**: kumvwa | **shy**: ishyamba |
| **ndw**: kurindwa, gukundwa | **nshy**: nshyira, inshyimbo |
| **ngw**: ingwate, ingweba | **nt**: intama, intore |
| **njw**: injwiri, nyanjwenge | **nz** : inzu, inzuki |
| **njyw**: kubonjywa | **ncy** : incyamuro, incyuro |
| **nkw**: inkware, inkweto | **nyw**: kunywa, kunywana |
| **nshw**:nshwanyaguje, nshwekure | **mby**: imbyino, imbyaro |
| **nshyw**: inshywa | **mpy**: impyisi, impyiko |
| **nsw**: inswa, konswa | **mvy**: barahomvye |
| **ntw**: intwari, intwererano | **ndy**: indyi, indyarya |
| **nzw**: kuganzwa, kugenzwa | **njy**: injyana, injyo |
| **by**: kubyibuha, kubyuka | **mvyw**: arahomvomvywa n'iki? |
| **cy**: gucyocyora, gucyaha | **mbyw**: guhombywa, kuvumbywa |

**Ikitonderwa**

a) Usibye "bg" mu ijambo "Kabgayi" ingombajwi z'ibihekane zitari muri uru rutonde zirabujijwe.

b) Ibihekane "(n)kw","(n)gw","hw", bikurikiwe n'inyajwi "o" cyangwa "u"ntibyandikwa; mu mwanya wabyo handikwa "**(n)ko**","**(n) ku**","**(n)go**", "**(n)gu**", "**ho**", "**hu**".

**Ingero:**

- **Kwa**nga **ko**ga ni bibi.
- **Ku**baka ni ukugereka ibuye ku rindi.
- Pariki ya Nyu**ngwe** ibamo inguge nyinshi.
- **Ngwi**je na **Ngo**boka bava inda imwe.
- Korora i**nkwa**vu n'i**nko**ko bifite akamaro.
- Iyo ngiye kwinjira mu nzu **nku**ramo i**nkwe**to.
- Mariya a**hwi**tuye **Hoho** kugira ngo yihute.
- Ma**hwa**ne aragesa ama**hu**ndo.

c) Ibihekane **“(n)jy”na“(n)cy”**byandikwa gusa imbere y’inyajwi **“a”,“o”**na **“u”**. Imbere y’inyajwi “i” cyangwa “e”handikwa “**(n)gi”,“(n)ge”,“(n)ki”,“(n)ke”.**

**Ingero:**

- Umugi ntuyemo ufite isuku.
- Gewe / ngewe ntuye mu magepfo y’u Rwanda.
- Njyanira ibitabo mu ishuri gewe ngiye gukina.
- Njyana kwa masenge.
- Iki ni ikibabi k’igiti.
- Ikibo cyuzuye ibishyimbo.

d) Ibihekane bigizwe n’ingombajwi “ts”,“pf” na “c” zibanjirijwe n’inyamazuru byandikwa mu buryo bukurikira: “**ns”, “mf”, “nsh**”.

**Ingero:**

- Iyi nsinzi turayishimiye.
- Imfizi y’inshuti yange.

**5. Ikata n’itakara ry’inyajwi**

a) Ikata ry’inyajwi zisoza ibinyazina ngenera n’ibyungo “na” na “nka”: Inyajwi zisoza ikinyazina ngenera n’ibyungo “na” na “nka” zirakatwa iyo zikurikiwe n’ijambo ritangiwe n’inyajwi ariko inyajwi isoza ikinyazina ngenera gikurikiwe n’umubare wanditse mu mibarwa ntikatwa.

**Ingero:**

- Wakomerekejwe n’iki?
- Ntakibyara nk’intare n’ingwe.
- Umubare w’amashuri y’imyuga uriyongera.
- Nyereka uko batsa tereviziyo n’uko bayizimya.
- Umwaka w’ibihumbi bibiri na cumi n’ibiri
- Umwaka wa 2012.

b) Inyajwi zisoza amagambo ntizikatwa.

**Urugero:**

- Kabya inzozi

c). Inyajwi “**i**” isoza akabimbura “**nyiri**”, n’inshinga mburabuzi “**ni**” na “**si**” ntizikatwa.

**Ingero:**

- **Nyiri** ubwenge aruta **nyiri** uburyo
- Amasunzu **si** amasaka
- Icyatumye ejo ntaza iwawe **ni** uko natashye ndwaye.

d) Ijambo “nyiri” iyo riri mu mazina amwe n’amwe y’icyubahiro rifatana n’ijambo ririkurikiye.

**Urugero:**

- **Nyiricyubahiro** Musenyeri.

e) “Nyira” ivuga “**nyina wa**” ikoreshwa mu mazina, ifatana n’ijambo ibanjirije.

**Urugero:**

- Nyirabukwe aramukunda.

f) Inyajwi itangira amazina bwite n’amazina rusange akurikiye indangahantu “mu”na“**ku**” iratakara, keretse mu izina ritangirwa n’inyajwi “**i**” ikora nk’indanganteko.

**Ingero:**

- **Mu Mutara** higanje imisozi migufi.
- **Mu Kagera** habamo ingona.
- Amatungo yanyuze **mu murima.**
- Kwita **ku nka** bigira akamaro.
- Abana bavuye **ku i**riba bajya **mu i**shuri.
- Banyuze **mu i**shyamba.

g) Inyajwi zisoza indangahantu “**ku**”na “**mu**”ntizikatwa kandi zandikwa iteka zitandukanye n’izina rikurikira.

**Ingero:**

- Amatungo yanyuze **mu murima**.
- Kwita **ku nka** bigira akamaro.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiribabiri, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Mu nyandiko isanzwe inyajwi z'Ikinyarwanda ni zingahe? Zigaragaze.**

Inyajwi ni eshanu ari zo a, e, i, o, u

**b) Ni ryari inyajwi zishobora kwandikwa zikurikiranye mu nyandiko isanzwe? Tanga ingero.**

Mu ijambo (i)saa ry'iritirano, mu marangamutima, mu migereka n'inyigana birimo isesekaza.

**Ingero:**

- **Saa** kenda ndaba ngeze iwawe.
- Irangamutima "**yooo**"!
- Umugereka: Ndagukunda "**cyaneee**"!
- Inyigana "pooo"! ; "**mbaaa**"!

**c) Ni iyihe ngombajwi ifite umwihariko mu mikoreshereze yayo? Ikoreshwa he?**

Iyo ngombajwi ni: "l".

- Ikoreshwa gusa mu izina bwite "Kigali", umurwa mukuru wa Repubulika y'u Rwanda, mu ijambo "Repubulika", mu ijambo "Leta" no mu mazina bwite y'amanyamahanga y'abantu n'ay'ahantu, urugero nka Angola, Londoni, Lome, Lusaka, Buruse**l**i, A**l**uberi...
- Inyuguti "l" izaguma gukoreshwa mu mazina bwite y'amanyarwanda y'abantu n'ay'ahantu yari isanzwe ikoreshwamo mbere y'aya mabwiriza.

## **Isomo rya munani:** Imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Kwandika amagambo agira inyajwi ikatwa cyangwa itakara n'amagambo afatana n'adafatana.<br>- Kujora no gukosora inyandiko zitubahireje ikata n'itakara ry'inyajwi ndetse n'amagambo afatana n'adafatana. |
| Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zikubiyemo amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda |

1. **Intangiriro**

- Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku isomo bize rijyanye n'imyandikire y'inyajwi, ingombajwi n'ibihekane.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Inyajwi z'ikinyarwnda ni zingahe? Zivuge.**

Ni eshanu: i, u, o, a, e

b) **Ingombajwi igira umwihariko ni iyihe?**

Ni ingombajwi l

c) **Igihekane bg kiboneka mu rihe jambo?**

Kiboneka mu ijambo Kabgayi.

2. **Uko isomo ritangwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa**

*Mwitegereze interuro zikurikira mugire icyo muzivugaho kandi muzikosore aho biri ngobwa.*

a) Abahungu nabakobwa batozwa uburezi nuburere.

b) Mwitorero bigishwaga indangagaciro cyane cyane kubaha abayobozi.

c) Nyir'ubwenge aruta nyir'uburyo.

Mumaze gukosora izo nteruro, mukore ubushakashatsi *maze mugaragaze imyandikire y'amagambo afite inyajwi zitakara n'inyajwi z'ikatwa n'imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana.*

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze agasaba amatsinda amwe gukora ubushakashatsi ku myandikire y'amagambo afite inyajwi zitakara n'inyajwi z'ikatwa andi akayasaba gukora ubushakashatsi ku magambo afatana n'adafatana.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora, akanabarangira ibitabo binyuranye bakoresha. Iyo igihe yabahaye kirangiye, abwira amatsinda abiri kugaragaza ibyavuye mu itsinda.

Itsinda rimwe ku myandikire y'amagambo afite inyajwi zitakara n'inyajwi z'ikatwa, irindi ku magambo afatana n'adafatana, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika.

Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

**Urugero rw'ibyava mu matsinda byanogejwe:**

**Interuro zikosoye**

a) Abahungu n'abakobwa batozwa uburezi n'uburere.

b) Mu itorero bigishwaga indangagaciro cyanecyane kubaha abayobozi.

c) Nyiri ubwenge aruta nyiri uburyo.

**1. Ikata n'itakara ry'inyajwi**

a) Ikata ry'inyajwi zisoza ibinyazina ngenera n'ibyungo "na" na "nka": Inyajwi zisoza ikinyazina ngenera n'ibyungo "na" na "nka" zirakatwa iyo zikurikiwe n'ijambo ritangiwe n'inyajwi ariko inyajwi isoza ikinyazina ngenera gikurikiwe n'umubare wanditse mu mibarwa ntikatwa.

## Ingero:

- Wakomerekejwe **n**'iki?
- Ntakibyara **nk**'intare **n**'ingwe.
- Umubare **w**'amashuri **y**'imyuga uriyongera.
- Nyereka uko batsa tereviziyo **n**'uko bayizimya.
- Umwaka **w**'ibihumbi bibiri na cumi **n**'ibiri

- Umwaka **wa** 2012.

b) Inyajwi zisoza amagambo ntizikatwa.

**Urugero:**

- Kabya inzozi

c) Inyajwi "**i**" isoza akabimbura "**nyiri**", n'inshinga mburabuzi "**ni**" na "**si**" ntizikatwa.

**Ingero:**

- **Nyiri** ubwenge aruta nyiri uburyo
- Amasunzu **si** amasaka
- Icyatumye ejo ntaza iwawe **ni** uko natashye ndwaye.

d) Ijambo "**nyiri**" iyo riri mu mazina amwe n'amwe y'icyubahiro rifatana n'ijambo ririkurikiye.

**Urugero:**

**Nyiricyubahiro** Musenyeri.

e) "**Nyira**" ivuga "**nyina wa**" ikoreshwa mu mazina, ifatana n'ijambo ibanjirije.

**Urugero:**

**Nyirabukwe** aramukunda.

f) Inyajwi itangira amazina bwite n'amazina rusange akurikiye indangahantu "**mu**" na **ku**" iratakara, keretse mu izina ritangirwa n'inyajwi "**i**" ikora nk'indanganteko.

Ingero:

- **Mu Mutara** higanje imisozi migufi.
- **Mu Kagera** habamo ingona.
- Amatungo yanyuze mu murima.
- Kwita ku nka bigira akamaro.
- Abana bavuye ku iriba bajya mu ishuri.
- Banyuze mu ishyamba.

g) Inyajwi zisoza indangahantu "ku" na "mu" ntizikatwa kandi zandikwa iteka zitandukanye n'izina rikurikira.

**Ingero:**

- Amatungo yanyuze mu murima.
- Kwita ku nka bigira akamaro.

**2. Amagambo afatana n'adafatana**

a) Amazina y'inyunge harimo n'amazina bwite y'inyunge yandikwa afatanye.

**Ingero:**

- Umwihanduzacumu
- Rugwizangoga
- Umukangurambaga
- Umuhuzabikorwa
- Amayirabiri

b) Mu bisingizo, mu byivugo no mu migani, amazina nteruro agizwe arenze ane (4) yandikwa atandukanyijwe kandi agashyirwa mu twuguruzo n'utwugarizo.

**Urugero:**

Ubwo "Inshyikanya ku mubiri ya Rugema ahica" aba arahashinze.

c) Amagambo mfutuzi yandikwa atandukanyijwe n'amagambo afuturwa.

**Ingero:**

- Inama **njyanama**
- Umuco **nyarwanda**
- Umutima **nama**
- Umutima **muhanano**
- Inyandiko mvugo.

d) Ibyungo "**na**" na "**nka**" bikurikiwe n'ibinyazina ngenga bivuga nyakuvuga na nyakubwirwa (ngenga ya 1 n'iya 2) byandikwa mu ijambo rimwe ariko bikandikwa bitandukanye n'ibinyazina ngenga muri ngenga ya 3.

**Ingero:**

- Ndumva **nawe** umeze **nkange**.

- Ndabona **natwe** tumeze **nkamwe**.
- Ndumva **na we** ameze **nka bo**.
- Ndabona **na ko** kameze **nka bwo**.

e) Iyo **ikinyazina ngenera gikurikiwe** n'ikinyazina ngenga byandikwa mu ijambo rimwe.

**Ingero:**

- Umwana **wange**
- Umurima **wacu**
- Ishati **yawe**
- Amafaranga **yabo**

f) Impakanyi "nta" yandikwa ifatanye n'inshinga itondaguye iyikurikiye ariko iyo ikurikiwe n'ubundi bwoko bw'ijambo biratandukana.

**Ingero:**

- Iwacu **ntawurwaye**
- Muri iri shuri **ntabatsinzwe**
- Ya nka **ntayagarutse**
- **Nta we** mbona
- **Nta cyo** ndwaye

g) Ibinyazina ngenga ndangahantu **"ho", "yo", "mo (mwo)"** n'akajambo "**ko**" bifatana n'inshinga bikurikiye, keretse iyo iyo nshinga ari "**ni**" cyangwa "**si**".

**Ingero:**

- Wa mugabo nimusanga**yo** turagendera**ko** ntitugaruka.
- Ya nama yayivuye**mo**.
- Kuki yamwihomye**ho** ?
- **Ni ho** mvuye.
- **Si ho** ngiye.

h) Akajambo "ko" kunga inyangingo ebyiri kandikwa gatandukanye n'amagambo agakikije.

**Ingero:**

- Umwarimu avuze **ko** dukora imyitozo.
- Ndatekereza **ko** baduhembye.

i) Urujyano rurimo ijambo "**ngo**" kimwe n'ibinyazina: "**wa wundi", "bya bindi", "aho ngaho", "uwo nguwo**", n'ibindi biremetse nka byo byandikwa mu magambo abiri.

**Ingero:**

- **Kugira ngo wa wundi** adasanga wagiye, ukwiye kuba ugumye aho ngaho.
- Bwira **uwo nguwo** yinjire.
- Fata **aka ngaka, ibyo ngibyo** bireke.

j) Ijambo "**ni**" rikurikiwe n'inshinga ifite inshoza yo "**gutegeka**" cyangwa iyo "**guteganya**"ryandikwa rifatanye na yo.

**Ingero:**

- Nimugende mudasanga imodoka yabasize.
- Nimugerayo muzamundamukirize.

k) Amagambo yerekana ibihe yandikwa mu ijambo rimwe: **"nimunsi", "nijoro (ninjoro)", "nimugoroba", "ejobundi".**

**Ingero:**

- Aragera ino **nijoro**.
- Araza **nimugoroba**.
- Yatashye **ejobundi**.

l) Ijambo "**munsi**" ryerekana ahantu na ryo ryandikwa mu ijambo rimwe.

**Urugero:**

Imbeba yihishe **munsi** y'akabati.

m) Amagambo "**ku**" na "**mu**" yandikwa atandukanye n'ikinyazina ngenera ndetse no mu magambo "**ku wa**" na "**mu wa**" abanziriza itariki cyangwa umubare mu izina ry'umunsi.

**Ingero:**

- Sindiho **ku bwabo**.

- Navutse **ku wa** 12 Ugushyingo.
- Azaza **ku wa** Mbere.
- Yiga **mu wa** kane.

n) Ijambo “(i)saa”, rikurikiwe n’umubare byerekana isaha byandikwa mu magambo atandukanye.

**Ingero:**

- Abashyitsi barahagera **saa tatu**.
- **I saa kenda** nizigera ntaraza wigendere

o) Imigereka ndangahantu iremewe ku ndangahantu “**i**” (**imuhira, iheru, iburyo, ibumoso, ivure, ikambere, imbere, ibwami, inyuma**…) n’amagambo akomoka kuri “i” y’indangahantu ikurikiwe n’ikinyazina ngenera “wa”, n’ikinyazina ngenga yandikwa mu ijambo rimwe.

**Ingero:**

- Nujya **iburyo** ndajya **ibumoso**.
- Mbwirira abari **ikambere** bazimanire abashyitsi.
- Nuza **iwacu** nzishima.

p) **Indangahantu “i” ikurikiwe n’izina bwite ry’ahantu** yandikwa itandukanye n’iryo zina.

**Ingero:**

- **I** Kirinda haratuwe cyane.
- **I** Muyunzwe ni mu magepfo.

r) Inshinga mburabuzi “ri” iyo ikoreshejwe mu nyangingo ngaragira yandikwa itandukanye n’ikinyazina kiyibanziriza n’ikiyikurikira.

**Ingero:**

- Itegeko rihana umuntu uwo **ari** we wese wangiza umutungo wa Leta.
- Ibyo **ari** byo byose sindara ntaje kukureba.
- Sinzi **uwo** uri we.
- Nimumbwire **abo** muri bo

s) Amagambo afatiwe hamwe akarema inyumane y’umugereka, inyumane y’icyungo,cyangwa iy’irangamutima akomoka ku

binyazina bitakibukirwa amazina bisimburayandikwa afatanye. Nyamara iyo ahuje ishusho n'izo nyumane kandi ibinyazina bikerekeza ku kintu kizwi cyangwa kibukwa mu buryo bugaragara, byandikwa bitandukanye.

**Ingero:**

- **Niko**? Uraza?
- Uko arya **ni ko** angana.
- Uku kwezi **ni uko** guhinga.
- Amutumaho **nuko** araza.
- Ukuboko ashaka **ni uko**.

t) Amagambo ashingiye ku isubiramo yandikwa afatanye.

**Ingero:**

- Perezida yavuze ijambo arangije abari aho amashyi ngo: "**Kacikaci**!"
- Babwire bage binjira **umwumwe**.
- Mugende **babiribabiri**.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiribabiri, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**1. Amagambo aranga igihe yandikwa ate? Tanga ingero eshatu.**

Amagambo aranga igihe yandikwa afatanye. Ingero : nimunsi, nimugoroba, ejobundi

**2. Kosora interuro zikurikira aho ari ngombwa:**

**a) Nibyiza ko abanyeshuri basoma umwandiko umwe umwe.**

Ni byiza ko abanyeshuri basoma umwandiko umwumwe.

**b) Tugiye kumva twumva amashyi ngo kaci kaci!**

Tugiye kumva twumva amashyi ngo : «Kacikaci» !

**c) Urarya ni uko utabyibuha.**

Urarya nuko utabyibuha.

**d) Ugukora kwe nuko.**

Ugukora kwe ni uko.

**e) Iga ibyongibyo kugirango uzatsinde neza.**

Iga ibyo ngibyo kugira ngo uzatsinde neza.

## Isomo rya kenda: Imyandikire y'amazina bwite n'ay'inyuguti nkuru n'imikoreshereze y'utwatuzo.

| **Intego zihariye** |
|---|
| Ahereye ku mabwiriza y'imyandikire, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gukoresha neza inyuguti nkuru n'utwatuzo mu nyandiko no kwandika neza amazina bwiteyubahiriza amabwiriza yo kuyandika.<br>- Kujora no gukosora utwatuzo n'inyuguti nkuru bikoreshejwe nabi mu nyandiko ndetse n'imyandikire y'amazina bwite. |
| Imfashanyigisho:Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zikubiyemo amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga rijyanye n'imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Ibyungo na na nka bikurikiwe n'ibinyazina ngenga byandikwa bite?

Ibyungo "**na**" na "**nka**" bikurikiwe n'ibinyazina ngenga bivuga nyakuvuga na nyakubwirwa (ngenga ya 1 n'iya 2) byandikwa mu ijambo rimwe ariko bikandikwa bitandukanye n'ibinyazina ngenga muri ngenga ya 3.

b)Tanga urugero rw'amoko y'amagambo nibura 2 adakatwa twabonye.

- Indangahantu ku na mu.
- Inshinga nkene ni na si.

c) Amagambo yisubiyemo yandikwa ate mu Kinyarwanda? Tanga urugero.

- Amagambo yisubiyemo yandikwa afatanye. Urugero: cyanecyane, buhorobuhoro, babiribabiri, vubavuba...

**2. Uko isomo ritangwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agabanya abanyeshuri ibibazo biri muri icyo gikorwa.

Bitewe n'ingano y'ishuri amatsinda menshi ashobora guhurira ku kibazo kimwe.

Mwitegereze interuro zikurikira mugire icyo muzivugaho kandi muzikosore aho biri ngombwa

a) Twagiye kwa MUHOZA dusanga barimukiye i muhanga.

b) Yaravuze ati: Sinshobora kura ntariye inkoko ayo yari amirariro, keretse narwaye.

c) Mu minsi ishize banki nkuru y'igihugu yasohoye inoti y'amafaranga magana atanu.

Umaze gukosora izo nteruro kora igikorwa gikurikira

**Igikorwa:**

*Wifashishije ibitabo bivuga ku myandikire y'Ikinyarwanda, subiza ibibazo bikurikira:*

- *Imyandikire y'amazina bwite iteye ite?*
- *Vuga kandi usobanure utwatuzo twose n'imikoreshereze yatwo.*
- *Inyuguti nkuru zikoreshwa ryari?*

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora, akanabarangira ibitabo binyuranye bakoresha. Iyo igihe yabahaye kirangiye, abwira itsinda rimwerimwe kuri buri kibazo kugaragaza ibyavuye mu itsinda, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

**Urugero rw'ibyanogejwe**

**Interuro zikosoye:**

a) Twagiye kwa **Muhoza** dusanga barimukiye i Muhanga.

b) Yaravuze ati: "Sinshobora kura ntariye inkoko **[**ayo yari amirariro**]**, keretse narwaye".

c) Mu minsi ishize **B**anki **N**kuru y'**I**gihugu yasohoye inoti y'amafaranga magana atanu.

1. **Amazina bwite**

**a) Amazina bwite y'ahantu afite indomo**

Amazina bwite y'ibihugu n'ay'uturere afite indomo yandikwa atandukanye n'iyo ndomo; iyo ndomo ikandikwa mu nyuguti nto, keretse iyo itangira interuro.

**Ingero:**

- **A** Marangara n'**i** Gisaka ni tumwe mu turere twa kera tuvugwa mu mateka y'**u** Rwanda.
- **U** Rwanda rurigenga.
- **U** Mutara wera ibigori, ibitoki n'ibishyimbo.
- **U** Bubirigi buri mu majyaruguru y'uburasirazuba bw'**u** Bufaransa.

**b) Amazina bwite y'abantu arenze rimwe**

Amazina bwite y'abantu arenze rimwe akurikirana muri ubu buryo: habanza izina yahawe akivuka, hagakurikiraho andi mazina y'inyongera.

**Ingero:**

- **UWASE Ikuzo Laurette**
- **VUBI Pierre**
- **KARIMA Biraboneye**
- **MUNEZERO Salima**

**c) Amazina bwite y'abantu n'ahantu y'amavamahanga**

Amazina bwite y'abantu n'ahantu y'amavamahanga atari ay'idini n'amazina bwite y'ibihugu n'ay'uturere y'amahanga yandikwa uko avugwa mu Kinyarwanda, nyuma bagashyira mu dukubo uko asanzwe yandikwa mu rurimi akomokamo.

**Ingero:**

- **Enshiteni** (Einstein)
- **Shumakeri** (Schumacher)
- **Ferepo** (Fraipont)
- **Cadi** (Tchad)

- **Kameruni** (Cameroun / Cameroon)
- **Wagadugu** (Ouagadougou)
- **Ositaraliya** (Australie / Australia)

**d) Amazina y'idini**

Amazina y'idini yandikwa nk'uko yanditswe mu gitabo k'irangamimerere akaza akurikira izina umuntu yahawe akivuka cyangwa izina rindi rifatwa nka ryo. Izina rya mbere ryandikwa mu nyuguti nkuru naho izina ry'idini rikandikwa mu nyuguti ntoya, ritangijwe inyuguti nkuru.

**Ingero:**

- KARERA **John**
- KEZA **Jane**
- KAMARIZA **Jeanne**
- RUTERANA **Abdul**
- MFIZI **Yohana**

**e) Amazina bwite yari asanzweho**

Amazina bwite yatanzwe kandi yakoreshejwe mbere y'aya mabwiriza akomeza kwandikwa uko yari asanzwe yandikwa.

**Ingero:**

- Intara y'Amajyepfo
- Umujyi wa Kigali
- Akarere ka Rulindo
- Akagari ka Cyimana
- Umurenge wa Cyeru

**Imikoreshereze y'utwatuzo**

**a) Akabago/akadomo (.)**

Akabago cyangwa akadomo gasoza interuro ihamya n'interuro iri mu ntegeko.

**Ingero:**

- Umwana mwiza yumvira ababyeyi.
- Utazi ubwenge ashima ubwe.

- Mpereza icyo gitabo.

**b. Akabazo (?)**

Akabazo gasoza interuro ibaza.

**Ingero:**

- Uzajya i Kigali ryari ngo tuzajyane?
- Wabonye amanota angahe?

**c) Agatangaro (!)**

Agatangaro gasoza interuro itangara, kagashyirwa n'inyuma y'amarangamutima.

**Ingero:**

- Mbega ukuntu kino kiyaga ari kinini!
- Ntoye isaro ryiza mama weee!

**d) Akitso (,)**

Akitso gakoreshwa mu nteruro kugira ngo bahumeke akanya gato.

**Ingero:**

- Umunyeshuri ushaka kujijuka, yirinda gusiba, ntakubagane mu ishuri kandi agakurikiza inama za Umwarimu.
- Abagiye inama, Imana irabasanga.

**e) Uturegeka (…)**

Uturegeka dukoreshwa iyo berekana irondora ritarangiye, interuro barogoye cyangwa iyo mu nteruro hari ijambo bacikije.

**Ingero:**

- Mu rugo rwa Kinyarwanda habaga ibikoresho byinshi: ibibindi, ibyansi, ishoka, ibitebo, isekuru…
- Baragenda ngo bagere ku Ruyenzi bahahurira na mwene... simuvuze nzamuvumba!

**d) Utubago tubiri (:)**

Utubago tubiri dukoreshwa mu nteruro iyo hari ibigiye kurondorwa, gusobanurwa cyangwa iyo bagiye gusubira mu magambo y'undi.

Dukoreshwa kandi inyuma y'ingirwanshinga "-**ti**", "-**tya**", "-**tyo**" n'ijambo "**ngo**".

**Ingero:**

- Burya habaho imirimo myinshi: guhinga, kubaka, kubaza n'ibindi.
- Mariya ati: " Ibyo uvuze bingirirweho"
- Mu Kinyarwanda baravuga ngo: "Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge".

**e) Akabago n'akitso (;)**

Akabago n'akitso dukoreshwa mu nteruro kugira ngo batandukanye inyangingo ebyiri ziremye kimwe kandi zuzuzanya.

**Urugero:**

Gusoma neza si ugusukiranya amagambo; gusoma neza ni no kumva ibyo usoma.

**f) Utwuguruzo n'utwugarizo (" ")**

Utwuguruzo n'utwugarizo dukikiza amagambo y'undi asubirwamo, imvugo itandukanye n'imvugo isanzwe, cyangwa ingingo igomba kwitabwaho.

Dukikiza amagambo ateruwe n'ingirwanshinga "**-ti**", "**-tya**", "**-tyo**" n'ijambo"**ngo**".

Dukoreshwa nanone iyo hari inyito ikemangwa cyangwa kugira ngo bakikize amazina nteruro n'amazina y'inyunge agizwe n'amagambo arenze ane.

Dukoreshwa kandi mu magambo y'amatirano atamenyerewe mu Kinyarwanda.

**Ingero:**

- Igikeri kirarikocora kiti: "Kuba mu bibuba si ko guhunika ibigega".
- Nuko ya "nyamaswa" iravumbuka maze havamo umusore mwiza.
- Ubwo "Inshyikanya ku mubiri ya rugema ahica" aba arahashinze.
- Ibyo nabisomye kuri "internet".

**g) Akuguruzo n'akugarizo kamwekamwe (' ')**

Akuguruzo n'akugarizo kamwekamwe dukoreshwa iyo utwuguruzo n'utwugarizo twinjira mu tundi mu nteruro.

**Urugero:**

- Umugaba w'ingabo ati: "Ndashaka ko 'Inshyikanya ku mubiri ya rugema ahica' aza hano".

**h) Udukubo ( )**

Udukubo dukikiza amagambo cyangwa ibimenyetso bifite icyo bisobanura cyangwa icyo byuzuza mu nteruro.

Banadukoresha iyo bashaka kwerekana uko amazina bwite y'amanyamahanga yanditswe mu Kinyarwanda bayandika mu ndimi akomokamo.

Dukikiza kandi umubare wanditse mu mibarwa mu nteruro iyo uwo mubare wabanje kwandikwa mu nyuguti.

Twerekana n'ibihekane cyangwa inyuguti bidakunze gukoreshwa.

**Ingero:**

- Umuyobozi w'Akarere yabwiye abaturage ko kugira ngo barwanye inzara, bagomba gushoka ibishanga **(**impeshyi yari yabaye ndende**)** kandi kwirirwa banywa bakabifasha hasi.
- Bisimariki **(**Bismarck**)**
- Koreya **(**Korea**)**
- Kamboje **(**Cambodge**)**
- Igihembotw umvikanyeho ni amafaranga y'amanyarwanda ibihumbi magana atanu (500 000 Frw).
- **(**l**)** cyangwa **(**vy**)**

**i) Akanyerezo (-)**

Akanyerezo (-) gakoreshwa mu kiganiro kugira ngo berekane ihererekanywa cyangwa iyakuranwa ry'amagambo.

**Urugero:**

- Wari waragiye he?
- Kwa Migabo.

Gakoreshwa kandi bakata ijambo ritarangiranye n'impera y'umurongo, bikurikije imiterere y'umugemo.

**Urugero:**

- Semarinyota yansabye ko **tuzajya-**

**na** i Rukoma, ariko sinzamwemerera.

Kanakoreshwa imbere n'inyuma y'interuro ihagitse.

**Urugero:**

- Ejo nzajya mu misa - sinzi niba wari uzi ko nsigaye njyayo - ntuzantegereze mbere ya saa sita.

**j) Udusodeko ([ ])**

Udusodeko dukikiza intekerezo cyangwa insobanuro bongeye mu mvugo isubira mu magambo y'undi.

**Urugero:**

- Yaravuze ati: "Sinshobora kurara ntariye inkoko **[**ayo yari amirariro**]**, keretse narwaye".

Dukoreshwa kandi berekana ibyo banenga mu magambo y'undi.

**Urugero:**

- Yaranditse ati: "Ikinyarwanda ni ururimi ruvugwa n'abatu **[**ikosa**]** benshi muri Afurika yo hagati".

Tunakoreshwa mu magambo y'undi mu kugaragaraza ko hari ayavanywemo cyangwa yasimbutswe.

**Urugero:**

- Aravuga ati: "Nimureke abana bansange [...] ntimubabuze".

**k) Agakoni kaberamye (/)**

Agakoni kaberamye gakoreshwa mu kwandika amatariki, inomero z'amategeko no mu guhitamo.

**Ingero:**

- Kigali, ku wa 15/10/2012.
- Itegeko N° 01/2010 ryo ku wa 29/01/2010.
- Koresha yego / oya mu gusubiza ibibazo bikurikira.

**9. Imikoreshereze y'inyuguti nkuru**

Inyuguti nkuru ikoreshwa aha hakurikira:

**a) Mu ntangiriro y'interuro.**

**Urugero:**

- **I**funi ibagara ubucuti ni akarenge.

**b) Nyuma y'akabago, akabazo n'agatangaro.**

**Ingero:**

- **T**wese duhagurukire kujijuka. **W**abigeraho ute utazi gusoma? **N**tibishoboka.
- Ntoye isaro ryiza shenge wee! **R**eka nge kuryereka nyogokuru.

**c) Nyuma y'ingirwanshinga "-ti", "-tya", "-tyo" n'ijambo "ngo" bikurikiwe n'utubago tubiri n'utwuguruzo. Ariko inyuguti nkuru ntitangira amagambo asubirwamo iyo uwandika yayatangiriye hagati mu nteruro yakuwemo.**

**Ingero:**

- Mariya arasubiza ati: "**I**byo uvuze bingirirweho".
- Igihe Mariya yavugaga ati: "**b**ingirirweho", yari yaramaze gusabwa na Yozefu.

**d) Ku nyuguti itangira imibare iranga iminsi, amazina y'amezi n'ay'ibihe by'umwaka.**

**Ingero:**

- Ku wa **G**atanu, ku wa **G**atandatu.
- **U**gushyingo gushyira **U**kuboza
- Mu Rwanda haba ibihe bine by'ingenzi: **U**rugaryi, **I**tumba, **I**ki (**I**mpeshyi) n'**U**muhindo.

**e) Ku nyuguti itangira amazina bwite y'abantu, ay'inzuzi n'ay'ahantu, kabone nubwo indomo itangira izina ry'ahantu yaba yatakaye.**

**Ingero:**

- **R**utayisire atuye i **H**uye hafi ya **C**yarwa.
- Mu **M**utara hera ibigori.
- I **W**ashingitoni (Washington) ni ho hari ikicaro cya Banki y'Isi.

- Uwitwa **E**nshiteni (Einstein) yari umuhanga cyane.

**f) Ku nyuguti itangira amazina y'imirimo, ay'inzego z'imirimo n'ay'amashyirahamwe.**

**Ingero:**

- Bwana **M**uyobozi w'**A**karere,
- **M**inisiteri y'**U**buhinzi n'**U**bworozi
- **U**muryango w'**A**bibumbye
- **K**operative **D**ufatanye

**g) Ku nyuguti itangira amazina y'impamyabushobozi, ay'icyubahiro, ay'inzego z'ubutegetsi, ay'ubwenegihugu n'amoko, ay'indimi, ku mazina y'ibikorwa byamamaye mu mateka no ku nyuguti itangira ijambo "Igihugu" iyo rivuga u Rwanda.**

**Ingero :**

- **D**ogiteri **K**arimanzira
- **N**yakubahwa **P**erezida wa Repubulika
- **U**murenge wa Nyarugenge
- **A**banyarwanda barimo **A**basinga n'**A**bagesera
- Dukwiye guteza imbere **I**kinyarwanda.
- Mu **N**tambara ya **K**abiri y'**I**si **Y**ose hapfuye abantu benshi.
- Banki Nkuru y'**I**gihugu yakoze inoti nshya ya magana atanu.

**h) Ku nyuguti itangira umutwe w'inyandiko, igitabo cyangwa ikinyamakuru.**

**Ingero:**

- Nujya mu mugi ungurire Imvaho Nshya.
- Musenyeri Kagame Alegisi ni we wanditse Indyoheshabirayi.

**i) Izina bwite umuntu yahawe akivuka cyangwa irindi rifatwa nka ryo riri ku ntangiriro no ku mpera y'inyandiko (nk'ibaruwa, nk'itegeko, nk'umwandiko uwo ari wo wose,...) no mu rutonde rw'amazina y'abantu ryandikwa ryose mu nyuguti nkuru. Nyamara rikandikwa mu nyuguti nto uretse inyuguti iritangira yandikishwa inyuguti nkuru mu mwandiko hagati.**

**Ingero:**

- **GAHIRE** Rose
- **UMURISA** Keza
- **BUTERA** Simoni
- Nagiye kwa **G**ahire Rose anyakira neza.

3. **Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

**Urugero rw' imyitozo n'ibisubizo:**

1. **Amazina bwite y'ahantu afite indomo yandikwa ate? Tanga ingero eshatu**

Amazina bwite y'ahantu afite indomo yandikwa atandukanye n'iyo ndomo; iyo ndomo ikandikwa mu nyuguti nto, keretse iyo itangira interuro.

**Ingero:**

- **U** Rwanda ni igihugu gifite isuku.
- **I** Kibungo ni ho umunryango we utuye.
- **U** Bufaransa buri mu bihugu bikize ku isi.

2. **Shyira utwatuzo dukwiye mu nteruro zikurikira:**

**a) Yagiye ku isoko agura amashu n'ibirayi n'ibishyimbo n'ibitoki.**

Yagiye ku isoko agura amashu, ibirayi, ibishyimbo n'ibitoki.

**b) Twatanze amafaranga 1200.**

Twatanze amafaranga igihumbi na magana abiri (1200).

3. **Kosora interuro zikurikira:**

**a) Yababwiye ati, nzarya duke ndyame kare**

Yababwiye ati: "Nzarya duke ndyame kare."

**b) Yageze muri Cameroni ahurirayo na nyira rume.**

Yageze muri Kameruni (Cameroun/Cameroon) ahurirayo na nyirarume.

**c) umubarankuru yavaga inda imwe nabahungu batatu**

Umubarankuru yavaga inda imwe n'abahungu batatu.

**d) nyir'urugo umutimanama we wamubwirije gusaba imbabazi umuryango we.**

Nyiri urugo umutima nama we wamubwirije gusaba imbabazi umuryango we.

**e) Abana babahungu nabo bari barakurikije se ntibafashe mushiki wa bo.**

Abana b'abahungu na bo bari barakurikije se ntibafashe mushiki wabo.

**f) Mbega ukuntu cyuzuzo yahiye agakongoka.**

Mbega ukuntu Cyuzuzo yahiye agakongoka!

**4. Ni ryari izina umuntu yahawe akivuka ryandikwa n'inyuguti nto uretse inyuguti iritangira? Tanga urugero.**

Ni igihe riri mu nteruro cyangwa mu mwandiko hagati.

**5. Icyandikwa gitangwa n'umwarimu**

**Intambwe zo gutanga icyandikwa**

- Umwarimu asoma interuro cyangwa umwandiko wose abanyeshuri bateze amatwi.
- Ku nshuro ya kabiri, umwarimu asoma interuro imwimwe abanyeshuri bateze amatwi byaba ngombwa akayisubiramo.
- Ibyo birangiye umwarimu atanga ikimenyetso kugira ngo atangire gusomera abanyeshuri bandika. Agenda asoma interuro imwimwe, bandika kugeza interuro cyangwa umwandiko wose urangiye.
- Umwarimu arongera agasoma interuro cyangwa umwandiko wose, abanyeshuri bakurikiye aho bakoreye icyandikwa babona aho bakosheje bakahakosora.
- Umwarimu atanga ikimenyetso, abanyeshuri bakarambika amakaramu ku meza. Umwarimu agafata impapuro cyangwa amakayi bakoreyemo icyandikwa.

**Ikitonderwa** : Mu gutanga icyandikwa umwarimu agomba kwita

cyane ku bafite ubumuga bwo kutumva asoma mu ijwi riranguruye.

**Urugero rw'igika umwarimu ashobora gutangaho icyandikwa**

| |
|---|
| Ku wa Gatanu w'icyumweru gishize, tariki ya 2 Kanama 2019 i saa kumi za nimugoroba, Karangwa yagiranye ikiganiro nyunguranabitekerezo n'Abanyarwanda baba muri Cadi (Tchad) ku iterambere ry'Umujyi wa Kigali n'indi migi iwunganira. Mu gutangira yarababwiye ati: «Buri wese yisanzure mu kiganiro, atange ibitekerezo bye bijyanye n'uko abibona. » Karangwa akimara kuvuga ibyo, bamuha amashyi y'urufaya ngo: "Kacikaci"! Ikiganiro kiba kiratangiye. Mbega ikiganiro cyari kiza ! Mbega ukuntu cyari giteguranye ubuhanga ! Nta muntu n'umwe wifuzaga ko cyarangira. Ariko baca umugani ngo : " Akaryoshye ntigatinda mu itama ." Ikiganiro kirangiye, abari aho bose bifotoje ifoto y'urwibutso. |

**Uburyo bwo gukosora icyandikwa**

Iyo abanyeshuri bamaze gukora icyandikwa umwarimu arabakosora. Ikosora rishobora gukorwa n'umwarimu ku giti ke akosora buri munyeshuri wese cyangwa rigakorwa n'abanyeshuri ubwabo, umwarimu akagenzura ko batibera kuko intego y'icyandikwa atari imitego ituma bakora amakosa menshi. Kwikosora kw'abanyeshuri bizafasha buri wese kwivumburira cyangwa kwitahurira ikosa bikamufasha kutazongera kurikora ukundi.

Nyuma yo gukosora umwarimu yandika icyandikwa cyose ku kibaho uko bikwiye haba hari uwakoreye ku kibaho, ikosora rigakorerwa ku cyandikwa ke. Hanyuma abanyeshuri bagakosora mu makaye yabo umwarimu na we akagenzura ko bakosora. Iyo abanyeshuri bari bwikosore, ikosora rihita rikorerwa ku kibaho abanyeshuri bakagenda bashyira utumenyetso ku makosa bakoze.

Abanyeshuri kandi bashobora guhinduranya impapuro umwe agakosora mugenzi we.

### I.5.4. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 34)

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa mbere, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo.

Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro ukazakosorwa mbere yo gutanga

isuzuma.

**Urugero rw'umwitozo:**

a) Mushake insanganyamatsiko ivuga ku burezi n'uburere muyumvikaneho muyitegureho ikiganiro mpaka, hanyuma muzage impaka mu ishuri kuri iyo nsanganyamatsiko.

b) Kwiga amategeko y'imyandikire byagufashije iki? Bisobanure mu magambo makewifashishije ingero zifatika.

**Uko umwitozo uzakorwa n'uko uzakosorwa:**

**a) Gushaka insanganyamatsiko, kuyiteguraho ikiganiro mpaka no kujya impaka**

Uyu mwitozo uzakorerwa mu matsinda. Uwarimu azafasha abanyeshuri gukora amatsinda ku buryo buri tsinda rizaba rifite abantu ba ngombwa basabwa mu kiganiro mpaka. Umwarimu azaha abanyeshuri umwanya wo gutegura insanganyamatsiko, hanyuma buri tsinda rikore ikiganiro mpaka abandi banyeshuri ari indorerezi.

Umwarimu azareba ko buri tsinda rikora ikiganiro mpaka neza ry'ubahiriza amabwiriza agenga ibiganiro mpaka.

**b) Kwiga amategeko y'imyandikire byagufashije iki? Bisobanure mu magambo make wifashishije ingero zifatika.**

Iki kibazo buri mu nyeshuri azagikora ku giti ke hanyuma baganirire mu itsinda rigari. Umwarimu azayobora abanyeshuri, asabe amwe batange ibitekerezo byabo.

**Urugero rw'ibisubizo:**

Amategeko y'imyandikire yatumye nsobanukirwa uburyo nakwirinda amakosa mu gihe mu gihe nandika.

Urugero: Nko ku myandikire y'amazina **bwite y'abantu n'ahantu y'amavamahanga** atari ay'idini n'amazina bwite y'ibihugu n'ay'uturere y'amahanga, nasobanukiwe ko yandikwa uko avugwa mu Kinyarwanda, nyuma bagashyira mu dukubo uko asanzwe yandikwa mu rurimi akomokamo. Urugero: **Ferepo** (Fraipont)

## I.6 Inshmake y'ibyizwe mu mutwe wa mbere

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa kane bityo bikabafasha gukora inshamake.

**Urugero rw'inshamake yakorwa:**

| |
|---|
| - Muri uyu mutwe twasesenguye umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko y' uko uburezi n'uburere byitabwagaho mu Rwanda rwa kera n'uko bwitabwaho mu bihe bya none.<br>- Twunguranye ibitekererzo ku nsanganyamatsiko zivuga ku burezi n'uburere.<br>- Muri uyu mutwe kandi twabonye inshoza imiterere n'uturango by'ikiganiro mpaka n'uko gitegurwa.<br>- Twabonye amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda.<br>Ibi byose bikaba byaramfashije gushimangira indangagaciro z'umuco nyarwanda nko gukunda igihugu, kugira ubutwari, kugira ikinyabupfura, kubana neza na bagenzi bange, kuvugisha ukuri, kutarakazwa n'ubusa… |

## IV.7. Isuzuma risoza umutwe wa mbere

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 34)

| Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa mbere |
|---|
| Kugira ngo umunyeshuri akore isuzuma agomba kuba afite ubushobozi bwo:<br>- Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo ziwukubiyemo.<br>- Gukoresha neza amagambo yungutse mu nteruro.<br>- Gutegura insanganyamatsiko no kuyijyaho impaka na bagenzi be mu bwubahane.<br>- Kwandika yubahiriza amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda. |

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora isuzuma buri wese ku giti ke riri mu gitabo cy'umunyeshuri Iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Mu itorero intore zatozwaga iki?**

   Mu itorero zitozwa ibijyanye n'itorero birimo indirimbo, ibyivugo, imihamirizo, imihigo, kwiyereka icumu, kwiyereka umuheto, kwiyereka ingabo, kwinikiza, gutaraka no kwiyereka byahebuje,

guhashurana ari byo gukinisha amacumu, kumasha, gutebanwa barasa kure cyangwa batera icumu no kwiruka basiganwa.

2. **Umunsi wo gucyura intore bwa mbere umutware wazo yitwaraga ate?**

Umunsi wo gucyura intore bwa mbere, umutware wazoyabaga yitwararitse cyane ngo intore yigishije zitagira aho zikemwa, akagawa kwa shebuja no ku babyeyi b'abana.

3. **Umuhango wo kwiyereka wakorwaga ryari? Witabirwaga na bande? Wakorwaga gute?**

- Umuhango wo kwiyeka wakorwaga intore zimaze kumenya ibyo zatorejwe mu itorero
- Uwo muhango witabirwaga n'intore ubwazo, umutware mukuru n'umutware w'intore; abakuru batumiwe barimo n'ababyeyi b'abana barangije itorero.
- Mu gihe cyo kwiyereka, intore zerekanaga imihamirizo, zigataramira umutware mu gihe k'inkera zivuga imihigo, hanyuma zikagororerwa.

4. **Urasanga itorero ryari rifite ruhare ki mu muco nyarwanda ku bijyanye n'uburere bw'urubyiruko uhereye ku bivugwa mu mwandiko?**

Itorero ryatozaga urubyiruko ibijyanye n'umuco nyarwanda ndetse no gukunda igihugu.

5. **Tanga insanganyamatsiko nyamukuru ivugwa mu mwandiko ndetse ugaragaze n'ingingo z'ingenzi zibanzweho.**

Insanganyamatsiko nyamukuru yibanzweho mu mwandiko ni uburezi n'uburere mu Rwanda rwo hambere.

**Ingingo zibanzweho ni:**

- Kugaragaza uburyo urubyiruko rwahabwaga uburezi n'uburere, abahungu bagatorezwa mu itorero naho abakobwa bo bagatorezwa mu rubohero.
- Kugaragaza ibyo buri kiciro kigishwaga.
- Kugaragaza akamaro k'ibyo abahungu n'abakobwa bigishwaga mu buzima bwabo bwa buri munsi.

6. **Muhereye ku bivugwa mu mwandiko musanga itorero ryagira akahe kamaro mu burere bw'urubyiruko rw'iki gihe? Ryakwitabirwa na bande?**

Mu rubyiruko rw'iki gihe, itorero ryatuma rusobanukirwa n'indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda bikarwubakamo Abanyarwanda bakunda Igihugu kandi bagifitiye akamaro. Itorero ryakwitabirwa n'Umunyarwanda wese ugejeje ku myaka y'ubukure.

**II. Ibibazo by'inyunguramagambo**

1. **Sobanura amagambo akurikira kandi uyakoreshe mu nteruro wihimbiye: kwiyereka icumu, kwinikiza, guhashurana, kuvunyisha.**

- Kwiyereka icumu: gukora akarasisi bitwaje icumu. Ni akarasisi nk'ako ingabo z'Igihugu zikora muri iki gihe ariko bitwaje icumu.

Urugero:Sogokuru yayoboraga umuhango wo kwiyereka icumu mu karere kabo.

- Kwinikiza: Kwivuga bahamiriza kugira ngo ukangure intore. Iyi nyito ikoreshwa ku nka nk'ijambo ryabugenewe risobanura gutangira gukama.

Urugero: Izi ntore zimaze kunanirwa barinikiza zigaceceka.

- Guhashurana: gukinisha icumu

Urugero : Kamanzi yakundaga umukino wo guhashurana.

- Kuvunyisha: Gusaba ikaze ahantu

Urugero: Si byiza kujya ahantu utabanje kuvunyisha.

2. **Uzuza interuro zikurikira ukoresheje aya magambo yakuwe mu mwandiko: itabaro, kumasha, guhanika ikobe, kurara inkera.**

a) Mu Rwanda rwo hambere abagore n'abakobwa ntibajyaga ku itabaro.

b) Imyitozo yo kumasha itegura umuntu kuzajya ku rugamba.

c) Mu gitaramo abantu barizihirwaga bigatuma bakarara inkera.

d) Intore zahanitse ikobe mbere yo guhamiriza bishimisha abari aho.

**III. Imyandikire y'Ikinyarwanda**

**Inkuru "Ni inshingano za buri wese" ikosoye**

Umubyeyi Kanakuze akimara gutangiza ishuri umwana we Uwase Shimwa, yibwiraga ko atazongera kuvunika aha uburezi n'uburere umwana we ahubwo ko bizajya bikorwa n'umwarimu ku ishuri. Uwo

mubyeyi yitaga cyanecyane ku gushaka aho akura amafaranga yo kugura ibikoresho n'imyambaro by'ishuri n'ayo kumwishyurira ishuri.

Umunsi umwe ari nimugoroba yitabiriye inama y'ababyeyi ku ishuri umwana we yigaho nuko umuyobozi w'ikigo k'ishuri ashimangira ko uburezi n'uburere bidatangirwa mu ishuri gusa. Yaravuze ati : "Nta mubyeyi ukwiye kwirengagiza inshingano afite ku mwana. Ababyeyi bafite inshingano zo gutoza abana babo imico itandukanye irimo kubaha abakuru n'abato, kugira isuku y'umubiri n'iy'aho baba." Kanakuze akimara kumva impanuro bahawe yarumiwe nuko arivugisha ati: " Mbega ukuntu narangaye! Uburezi n'uburere ni inshingano za buri wese pe ! Kuva ubu ngiye kujya nita ku burezi n'uburere bw'umwana wange kugira ngo na we azavemo umwana ubereye igihugu."

**IV. Ibibazo ku kiganiro mpaka**

1. **Isomo ry'ikiganiro mpaka wumva rigufitiye akahe kamaro?**

Ikiganiro mpaka kimfasha:

- Gutekereza byimbitse no gusesesngura insanganyamatsiko.
- Kugeza ku bandi ibitekerezo byange nshize amanga.
- Kubaha ibitekerezo bya bagenzi bange.
- Gutinyuka nkavugira mu ruhame.
- Kugira ubukesha mu mvugo no mu nyandiko.

2. **Tegura insanganyamatsiko ijyanye n'uburezi n'uburere yagibwaho impaka.**

**Urugero rw'insanganyamatsiko:**

Umwana apfa mu iterura

Uburezi n'uburere ni ishingiro rya byose.

## I.8. Ibikorwa by'inyongera

### I.8.1 Umwitozo nzamurabushobozi

1. **Soma umwandiko ukurikira usubize ibibazo byawubajijweho.**

Girimpuhwe ni umuyobozi w'Ikigo cy'Amashuri abanza cya Buzi. Mu nama rusange y'ababyeyi aherutse kuyobora, yashimye ababyeyi bagira uruhare mu burezi n'uburere bw'abana babo. Yagaye ababyeyi bigira ba ntibindeba mu burezi n'uburere bw'abana babo. Aha yatunze agatoki ababyeyi badahwitura abana babo ngo bagere ku ishuri ku gihe cyangwa

ababasibya ishuri bakabasiga ku rugo cyangwa bakababakoresha imirimo itandukanye.

Yanagaye kandi ababyeyi badatoza abana babo indangagaciro z'ikinyabupfura, kubaha, gufashanya n'ibindi. Ashingiye kandi kuri wa mugani ugira uti: «Inkoni ivuna igufwa ntivuna ingeso », yagaye ababyeyi bagifite imyumvire y'uko abana babo bazakosoka ari uko bakubiswe, ahubwo abakangurira kujya batinyuka bakicarana na bo bakabaganiriza babereka inzira nziza yo gucamo n'ibyo bakwiriye kuzibukira ngo bitabangiriza ubuzima.

Yarangije agaya ababyeyi bafite abana bava mu ishuri bagaterera agati mu ryinyo aho gufatanya n'ubuyobozi bw'ikigo n'ubw'inzego zibanze ngo umwana asubizwe mu ishuri.

**a) Ni nde uyobora ikigo cy'amashuri cya Buzi? Ni Girimpuhwe**.

b). **Ni bande Girimpuhwe yashimye mu nama rusange y'ababyeyi**? Yashimye ababyeyi bagira uruhare mu burezi n'uburere by'abana babo.

c). **Ni iyihe mpamvu ituma ababyeyi bamwe na bamwe basibya abana babo ishuri**? Babasibya kugira ngo babasigarire ku rugo cyangwa babakoreshe imirimo yo mu rugo

d). **Uburenganzira bw'abana butubahirijwe muri uyu mwandiko?** Uburenganzira bwo kutajya ku ishuri.

e). **Ku bwawe ni nde ufite mu nshingano ze guha umwana uburezi n'uburere bikwiriye?** Ni umubyeyi cyangwa umurera, umuryango mugari n'umwarimu.

f). **Ni iyihe nama wagira umubyeyi ukubita umwana we ujya kureba za firimi nimugoroba agatinda gutaha nyamara umwana ntabicikeho?**

Namugira inama yo kumwegera akamuganiriza akamubwira ko kureba firimi ubwabyo atari bibi ahubwo ko agomba kujya azireba mu gihe yarangije gusubiramo amasomo ye kandi akareba izimwigisha aho kureba izishobora kumurarura cyangwa iz'urukozasoni zimwigisha ingeso mbi bigatuma adakurikira amasomo ye neza.

**2. Uzuza izi nteruro ukoresheje amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko: ikinyabupfura, rusange, gusiba, kuganiriza, ntibindeba**

a) Iyo habaye inama **rusange** y'ababyeyi, umuyobozi akangurira abarezi n'ababyeyi kwita ku banyeshuri bagaragaza intege nke

mu myigire yabo

b) **Ikinyabupfura** ni imwe mu ndangagaciro igaragaza uburezi n'uburere.

c) Ababyeyi ntibakwiriye kwigira ba **ntibindeba** mu burere bw'abana babo.

d) **Kuganiriza** umwana bishobora gutuma ahindura imyumvire ye.

e) Kariza yanze ko nyina **amusibya** ishuri.

**3. Kosora amakosa y'imyandikire agaragara muri izi nteruro**

- **KAMANA numwarimu mwiza.**

Kamana ni umwarimu mwiza.

- **ikibabi cyigiti cyaguye mu cyigega.**

Ikibabi k'igiti cyaguye mu kigega.

- **umurwa mukuru wuRwanda ni Kigari.**

Umurwa mukuru w'u Rwanda ni Kigali.

- **Umutimanama we ntumwemerera kurebera ababuza abana uburenganzira bw'abo.**

Umutima nama we ntumwemerera kurebera ababuza abana uburenganzira bwabo.

## I.8.2. Umwitozo nyagurabushobozi

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe kuri iyi nsanganyamatsiko ikurikira maze uzaganirire bagenzi bawe mutari kumwe mu itsinda uvuge umwanzuro mwafashe:

"Uburezi n'uburere bifite ireme ni umusingi w'iterambere rirambye."

Umwarimu arareba niba mu mwanzuro abanyeshuri bafashe hagaragaramo ingingo zerekeye akamaro k'uburezi n'uburere mu iterambere rirambye.

**Urugero rw'ibisubizo**

- Kumenya indangagaciro na kirazira
- Gukunda igihugu,
- kunoza umurimo
- [...]

### I.8.3 Imyitozo y'inyongera

1. **Kosora interuro zikurikira aho biri ngombwa unashyiramo utwatuzo dukwiye.**

**a) munyana niwe Mutega rugori washinze ishyirahamwe indashyikirwa**

Munyana ni we mutegarugori washinze Ishyirahamwe Indashyikirwa.

**b) Umwarimu wa KUNDWA yari intanga rugero mu guhashya amakimbirane**

Umwarimu wa Kundwa yari intangarugero mu guhashya amakimbirane.

**c) Igihe cy'ibizamini kiregereje, buri munyeshuri aharanire kuzaba icyitegererezo mw'ishuri rye.**

Igihe k'ibizamini kiregereje, buri munyeshuri aharanire kuzaba ikitegererezo mu ishuri rye.

**d) Umuco wamahoro n'ipfundo ryo kurwanya amakimbirane n'ihohoterwa n'akarengane mu miryango?**

Umuco w'amahoro ni ipfundo ryo kurwanya amakimbirane, ihohoterwa n'akarengane mu miryango.

**e) Ntamuntu utaragayaga RWABIGWI kuberako yitwaraga nabi mu kazi ke!**

Nta muntu utaragayaga Rwabigwi kubera ko yitwaraga nabi mu kazi ke.

**f) Kuba kwisi n' ukwihangana!**

Kuba ku isi ni ukwihangana.

**g) Ntamuntu numwe ushobora kumva ububabare bwabandi badahuje ikibazo.**

Nta muntu n'umwe ushobora kumva ububabare bw'abandi badahuje ikibazo.

**h) Kabano niwe muntu w'inyanga mugayo nabonye ukunda kwitangira imbabare.**

Kabano ni we muntu w'inyangamugayo nabonye ukunda kwitangira imbabare.

**i) Yarangije kwiga mumwaka w' 2015**

Yarangije kwiga mu mwaka wa 2015.

**k) Nabonye igihugu cy'Urwanda nicy'Ubwongereza bibanye neza!**

Nabonye igihugu cy'u Rwanda n'icy'Ubwongereza bibanye neza.

**l) Igisaka n'Amarangara ni uturere dutuwe cyane.**

I Gisaka n'a Marangara ni uturere dutuwe cyane.

**m) Socrate (Sokarate) ni umwe mu bahanga ba kera isi yagize.**

Sokarate (Socrate) ni umwe mu bahanga ba kera isi yagize.

**n) Umunyeshuri wiga uko bikwiye atsinda neza.**

Umunyeshuri wiga uko bikwiye atsinda neza.

**o) ese uribuka ko kuwa kane ku wa 22.8.2018 tuzagirira urugendoshuri muri pariki yibirunga**

Ese uribuka ko ku wa kane ku wa 22/8/2018 tuzagirira urugendo shuri muri Pariki y'Ibirunga?

**p) Yebaba we imvura iguye imyenda yanjye itaruma**

Yebaba weee! Imvura iguye imyenda yange itaruma!

**r) Yambwiye ati dusangire impamba yanjye**

Yamabwiye ati: «Dusangire impamba yange.»

**s) Igihembo cya Noberi gihabwa abantu baharanira amahoro kurusha abandi**

Igihembo cya Noberi (Nobert) gihabwa abantu baharanira amahoro kurusha abandi.

**t) Aravuze ngo kera iyo twivugaga inshyikanya ku mubiri ya rugema ahica ntiyandushaga**

Aravuze ngo: "Kera iyo twivugaga 'Inshyikanya ku mubiri ya Rugema ahica' ntiyandushaga".

**2. Icyandikwa**

Umwarimu aha abanyeshuri icyandikwa k'interuro zikurikira agakurikiza amabwiriza y'imitangirwe y'icyandikwa

a) Mukamwiza yaravuze ati: "Imyaka yange irumbywa no kudafumbirwa."

b) Mbega umuti urura! Ubu se nywunywe cyangwa nywihorere?

c) Ikiyoni cyaryarywe inyama na Bakame.

d) Ku wa Gatandatu nari kuzakuzanira ka gacuma ni uko inshywa zitarashiramo.

e) Ese wamenye ko indwara y'ikibagarira yansyigingirije amatungo?

## I.9 Amakuru y'inyongera

**Izindi ngingo z'amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda**

1. **Ibimenyetso by'amasaku n'ubutinde**

Mu myandikire ya gihaânga (mu mashuri no mu nyandiko z'ubushakashatsi) amasaku agaragazwa n'agasharu ndyomoso (^) kameze nk'agatemeri ku masaku nyejuru; ku masaku nyesi nta kimenyetso bakoresha keretse mu nyandiko nyejwi ni ho bakoresha akarongo kaberamiye ibumoso hejuru y'inyajwi.

**Ingero** : Umusôre, umugabo

Umusore [ùmûsôrè], [ùmùgàbò]

Ubutinde bugaragazwa n'inyajwi ebyiri zisa zikurikiranye ku migemo miremire.

**Ingero** : Gateêra, Guhaaha

2. **Imyandikire y'amasaku n'ubutinde**

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 3, mu myandikire isanzwe, amasaku n'ubutinde byandikwa ku magambo atandukanywa n'amasaku cyangwa ubutinde ku buryo ashobora guteza urujijo cyangwa gusomwa nabi iyo bitagaragajwe.

**Ingero:**

**Gutaka**: gut**a**ka (ububabare) ≠ gut**aa**ka (inzu)

**Umusambi**: umus**aâ**mbi (igisiga) ≠ umus**aa**mbi (bicaraho)

3. **Ibimenyetso byihariye**

Ibindi bimenyetso byihariye bikoreshwa mu ikoranabuhanga no mu bundi bumenyi bwihariye byandikwa nk'uko bisanzwe bikoreshwa muri ubwo bumenyi.

**Ingero:**

- kinyarwanda@yahoo.com (mu ikoranabuhanga);
- imyandikire@ac.rw (mu ikoranabuhanga);
- Kanda # wandike ubutumwa (mu ikoranabuhanga);
- ***-dimi** yabyaye -**rimi** mu Kinyarwanda ( mu iyigandimi).

# UMUTWE WA 2
# UMUCO NYARWANDA

## II.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Kurondora ingeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda no gusesengura imyandiko ya zimwe muri zo agaragaza ingingo z'ingenzi ziyikubiyemo.
- Guhanga yigana zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda.
- Kwandika amagambo agaraza ubutinde n'amasaku.

## II.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi

- Gukoresha imigani migufi y'imigenurano mu mvugo no mu nyandiko.
- Guca umugani muremure yigana iyo yaciriwe.
- Gukina umukino wo gusakuza na bagenzi be.
- Kuvugira imbere y'abandi adategwa kandi adakora amakosa mu mivugire y'ururimi rw'Ikinyarwanda.

## II.3. Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragarira muri uyu mutwe |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Igaragarira mu mashusho aho ibitsina byombi byagaragajwe cyangwa mu bikorwa umwarimu atanga, mu bibazo abaza, mu gukora amatsinda aho yibanda ku bitsina byombi. |

| | |
|---|---|
| Umuco w'ubuziranenge | Umwarimu ahera ku bikorwa bikurikira biri mu mwandiko "Ruhinyuza ", akabwira abanyeshuri umuco w'ubuziranenge :<br>- Bashyize umwana ku ziko, bazana ikiremo k'impuzu, bakubita muri ya mara babusubiza mu nda barahwanya.<br>- Umugore wa Ruhinyuza yashinze ikirenge ku rugo nta nkweto yambaye. |
| Ubuzima bw'imyororokere | Igaragarira mu bibazo byo gusesengura imyandiko "Muze duseke". |
| Kubungabunga ibidukikije | Igaragarira mu mwandiko Ruhinyuza aho bigaragara ko bishe inzovu amahembe yayo bakayamanika ku rugo.<br>Umwarimu ahera kuri iki gikorwa agatoza abanyeshuri umuco wo kubungabunga ibidukikije. |
| Uburezi budaheza | Igaragarira mu mashusho cyangwa igihe umwarimu yigisha yita kuri buri munyeshuri. |

**Ikitonderwa:**

Mbere yo gutangira isomo rya mbere, umwarimu abanza gukoresha igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyenshuri.

## II.4. Igikorwa cy'umwinjizo

umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

**Igikorwa cy'umwinjizo:**

*Mutekereze kandi murondore ibikorwa Abanyarwanda bo hambere bakoraga mu gihe babaga bataramye, munavuge mu nshamake uburyo buri gikorwa cyakorwaga.*

Umwarimu arategа amatwi ingingo abanyeshuri bavugaho, maze agende abafasha kunoza ibitekerezo batanga.

## II.5. amasomo ari mu mutwe wa kabiri n'igihe yagenewe

| **Umutwe wa kabiri: Umuco nyarwanda** | | **Umubare w'amasomo: 25** |
|---|---|---|
| **Umwandiko: Ruhinyuza** | | |
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |
| **Isomo rya mbere:** Gusoma no gusobanura umwandiko. | Gusobanura amagambo adasobanukiwe no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya kabiri:** Gusoma no kumva umwandiko. | Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya gatatu:** Gusoma no gusesengura umwandiko. | Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe. | **Isomo 1** |
| **Ubuvangazo nyarwanda** | | |
| **Isomo rya kane:** Inshoza na zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda. | Gusobanura ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda no kurondora zimwe mu ngeri zabwo. | **1** |
| **Umugani muremure** | | |
| **Isomo rya gatanu** : Umugani muremure | Gutahura inshoza n'uturango by'umugani muremure no gusesengura umugani muremure. | **1** |
| **Imigani migufi/Imigani y'imigenurano** | | |

| | | |
|---|---|---|
| Isomo rya gatandatu : Imigani migufi/ imigani y'imigenurano | - Gutahura inshoza n'uturango by'imigani migufi/imigani y'imigenurano.<br>- Gukoresha imigani migufi mu mvugo no mu nyandiko. | **2** |
| **Umwandiko : Inkuru yabaye kimomo** | | |
| **Isomo rya karindwi:**Gusoma no gusobanura umwandiko. | Gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya munani**: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko. | Gusoma umwandiko, gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko ahuza ibiwuvugwamo n'ubuzima busanzwe. | **Isomo 1** |
| **Insigamigani** | | |
| **Isomo rya kenda** : Insigamigani | Gutahura inshoza n'uturango by'insigamigani no kurondora amoko yazo. | **Isomo 1** |
| **Ibisakuzo** | | |
| **Isomo rya cumi** : Ibisakuzo | Gutahura inshoza n'uturango by'ibisakuzo. | **Amasomo 2** |
| **Urwenya na byendagusetsa** | | |

| | | |
|---|---|---|
| **Isomo rya cumi na rimwe:** Gusoma, gusobanura, kumva no gusesengura imyandiko "Muze duseke" | Gusoma no gusesengura imyandiko ahuza ibiyivugwamo n'ubuzima busanzwe. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya cumi na kabiri** : Tumenye urwenya na byendagusetsa. | Gutahura inshoza n'uturango by'urwenya na byendagusetsa. | **Isomo 1** |
| **Ibyivugo by'amahomvu** | | |
| **Isomo rya cumi na gatatu**: Gusoma, gusobanura, kumva no gusesengura imyandiko "Muze twivuge" | Gusoma no gusesengura imyandiko no kwivuga mu ruhame. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya cumi na kane:** Tumenye ibyivugo by'amahomvu | Gutahura inshoza n'uturango by'ibyivugo by'amahomvu. | **Isomo 1** |
| **Ubutinde n'amasaku ku magambo** | | |
| **Isomo rya cumi na gatanu**: Umugemo | Gutahura inshoza y'umugemo no gutandukanya mu mivugire umugemo utebuka n'umugemo utinda. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya cumi na gatandatu**: Imiterere y'ubutinde n'amasaku | Kwandika no kuvuga amagambo yubahiriza ubutinde n'amasaku. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya cumi na karindwi**: Ubutinde n'amasaku kuri muhundwanota | Kugaragaza ijambo yahawe kuri muhundwanota akurikije ubutinde n'amasaku byaryo. | **Isomo 1** |
| **Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri** | | **Amasomo 2** |
| **Isuzuma risoza umutwe wa kabiri** | | **Amasomo 2** |

## II. 5.1 Umwandiko : Ruhinyuza

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 40)

### Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa<br>- Gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Ruhinyuza" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Murabona iki kuri iyi shusho?**

Kuri iyi shusho hariho abantu bahetse umugore mu ngobyi.

**b) Muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga kuki?**

Uraza kuvuga ku mugore wari uhetswe mu ngobyi akaza yakomeretse.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Soma umwandiko «Ruhinyuza » ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinonosora bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'amagambo umunyeshuri ashobora kudasobanukirwa n'ibisobanuro byayo:**

a) **Intere**: umuntu warembye wenda gupfa
b) **Ikiremo**: igice cy'umwenda basanisha umwambaro wacitse
c) **Impuzu**: umwambaro ukozwe mu gishishwa cy'umuvumu aba kera bambaraga
d) **Barahwanya**: barahuza neza
e) **Kugondozwa**: gusabwa ibirenze ibyaboneka
f) **Gupfundura amabere**: gutangira kumera amabere
g) **Aratinya**: aguma mu rugo kuko yari akiri umugeni
h) **Umuhigo**: inyamaswa bishe bahiga
i) **Abahigi**: abantu b'abahanga mu guhiga
j) **Bimwanga mu nda**: ntiyatuza.

**3. Umwitozo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri akabasaba gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakorera umwitozo mu matsinda, maze abafite ibibazo byihariye akabafasha. Umwarimu n'abanyeshuri bawukosorera hamwe. Ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo**

**1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye.**

**a) Impuzu**

Abanyarwanda ba kera bambaraga impuzu.

**b) Bimwanga mu nda**

Yagiye adakinze inzu bimwanga mu nda agaruka gukinga.

**c) Gupfundura amabere**: Umukobwa we ageze igihe cyo gupfundura amabere.

2. Simbuza amagambo y'umukara tsiri ari mu nteruro zikurikira ayo bibusanyije inyito.

a) Ruhinyuza yabwiye kwa sebukwe uburyo yagiye kubiba agasanga Imana irimo gutuka umwana. (**nyirabukwe**)

b) Ruhinyuza yategetse abagaragu kutazemerera umugore we kuva mu rugo. **(abaja)**

c) Umukwe wabo yajyanye n'umugore we iwabo. **(mukazana, umugabo)**

## Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. |
| Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

a) **Ni nde** wanyibutsa umwandiko duheruka kwiga? Umwandiko duheruka kwiga ni "Ruhinyuza."

b) **Ni iyihe** ngingo nyamukuru umwandiko wubakiyeho? Ingingo nyamukuru umwandiko wubakiyeho ni uko Ruhinyuza yashatse guhinyuza icyo Imana yari yatutse umwana ariko ntibimukundire.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6.** Saba abanyeshuri bakore igikorwa gikurikira.

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Ruhinyuza" hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinoza bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe**

1. **Ni irihe zina ry'umujura uvugwa mu mwandiko?**

   Umujura uvugwa mu mwandiko ni Ruhinyuza

2. **Izina ry'umujura uvugwa mu mwandiko rihuriye he n'ibiwuvugwamo?**

Izina ry'umujura Ruhinyuza rihuye n'ibivugwa mu mwandiko kuko havugwamo ukuntu yashatse guhinyuza Imana.

3. **Ruhinyuza ageze mu rugo yari agiye kwibamo byamugendekeye gute?**

Ruhinyuza ageze mu rugo yari agiye kwibamo yasanze Imana iri gutuka umwana.

4. **Ni iyihe mpamvu ya mbere yatumye Ruhinyuza asaba uriya mukobwa?**

Impamvu ya mbere yatumye Ruhinyuza asaba uruya mukobwa ni uko yashakaga guhinyuza ibyo Imana yari yamututse.

5. **Kuki Ruhinyuza yatanze itegeko ry'uko umugore we atazigera yigenza na rimwe mu buzima bwe?**

Kwari ukugira ngo atazakandagira mu ihembe ry'inzovu rikamwica nk'uko Imana yari yabimututse.

6. **Ese ibyo Imana yatutse umwana byabaye ukuri? Sobanura.**

Yego byabaye ukuri. Imana yatutse umwana ko azicwa n'ihembe ry'inzovu, kandi koko ni ryo ryamwishe.

## Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe.<br>- Gusesengura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'ibisubizo byatangwa**

a) **Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?**

Umwandiko duheruka kwiga ni "Ruhinyuza."

b) **Ni iki cyatumye Ruhinyuza atiba kandi ari cyo cyari kimujyanye?**

Icyatumye atiba ni uko yashatse guhinyuza Imana, aho kwiba agacisha icyuma mu mara y'umwana kugira ngo apfe bityo abe ayihinyuje.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo **mu ntangiriro rusange kuri 2.6**. Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Ruhinyuza" hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinoza bakabyandika ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe**

1. **Tanga urugero rw'igikorwa umuntu ashobora gukora kibujijwe kikamugiraho ingaruka.**

   Urugero nk'umuntu agiye mu ishyamba ry'inzitane baramubujije kurijyamo kuko ribamo inyamaswa z'inkazi, hanyuma akaririrengaho zikamurya.

2. **Muri iki gihe ni iyihe nama wagira umuntu ushaka guhiga inyamaswa ?**

   Muri iki gihe umuntu ushaka guhiga inyamaswa namugira inama yo kubireka kuko inyamaswa ari bimwe mu bidukikije bikaba n'ibyiza bitatse Igihugu bikurura ba mukerarugendo bagasiga amadovize.

3. **Ni iki wakora mu gihe nyuma y'igihe kirekire waba umenye umuntu wakugiriye nabi?**

   Nyuma y'igihe kirekire menye umuntu wangiriye nabi namubabarira kuko n'ubundi byaba byararangiye nta garuriro.

4. **Garagaza ingingo z'ingenzi zigize umwandiko "Ruhinyuza"**

   Ingingo z'ingenzi zigize umwandiko "Ruhinyuza" ni:

- Ruhinyuza yagiye kwiba asanga Imana iri gutuka umwana wavutse uwo munsi.
- Ruhinyuza acisha icyuma mu mara y'uwo mwana ngo apfe abe ahinyuje ibyo Imana yatutse yavugaga.
- Umwana yomorwa n'ababyeyi be, arakira, arakura.
- Ruhinyuza ajya aramusaba, barashyingiranwa.
- Ruhinyuza ategeka abagaragu ko batazashyira umugore we hasi kugira ngo atazicwa n'ihembe ry'inzovu nk'uko Imana yabimututse.
- Umugore arenga ku mabwiriza umugabo we yamuhaye akandagira mu ihembe ry'inzovu arapfa.
- Ruhinyuza atumira umuryango w'umugore we, abatekerereza uko byose byagenze, abasaba kwizera Imana.

### II.5.2. Ubuvanganzo nyarwanda

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 43)

## Isomo rya kane: Inshoza y'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>- Gusobanura ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda.<br>- Kurondora ingeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "Ntibabyumva kimwe", igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'ibisubizo byatangwa:**

**a) Gutuka umwana byasobanuraga iki mu muco nyarwanda ?**

Gutuka umwana kwari ukumutongera ngo ibi n'ibi bizamubeho.

**b) Uretse gutuka umwana, vuga ibindi bintu bibiri byagaragazaga umuco nyarwanda bitavuzwe mu mwandiko?**

Gutarama, kwivuga,.

2. **Uko isomo ryigishwa.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Abanyarwanda bimaraga ubute" maze usubize ibibazo byawubajijweho.*

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze akababwira kongera gusoma umwandiko "Abanyarwanda bimaraga ubute" no gusubiza ibibazo byawubajijweho biri mu gitabo cyabo.

**Ibibazo**

a) Uhereye ku mwandiko umaze gusoma, wavuga ko amasare, amavumvu, ibihozo n'amagorane ari ubuvanganzo bwari bugenewe ba nde?

b) Ubuvanganzo ni iki ? Burimo amoko angahe ?

c) Kora ubushakashatsi ugire icyo uvuga ku nshoza y'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda n'ingeri zabwo.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora, akanabarangira ibitabo binyuranye bakwifasisha kugira ngo babashe kubikora neza.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe**

**a) Intangiriro**

Ubuvanganzo ni uburyo bwo guhimba ibintu umuntu akoresheje amagambo aboneye, uburyo bugwiriyemo ikeshamvugo, haba mu mvugo cyangwa mu nyandiko. Buva ku gitekerezo cy'uvuga cyangwa uwandika, bugatwara uwumva cyangwa usoma, kubera uburyohe bwabwo. Ubuvanganzo bugamije kuvuga ibyabaye, ibiriho cyangwa ibizaza, byaba ari ukuri cyangwa ibigenekerejwe. Burigisha, bugira abantu inama, burahana, burahanura, buraganira. Burata ubutegetsi, ibihugu n'uturere, buvuga Imana n'abayihaye, urukundo, ubwiza, ububi, amagorwa n'ibindi. Butuma kandi amagambo atamenyerewe akwira mu mvugo, amenyerewe bikayaha kuramba mu rurimi, ayaretswe bukayaha kutazimira n'icyo yavugaga. Ikintu cyose kigezweho gitya kitwa ubuvanganzo.

Igihangano cy'ubuvanganzo ushaka kugihimba ajya ahantu hiherereye hatari ibimurangaza, agakurikiranya ibitekerezo bye, ingingo ku yindi, yarangiza akazabwira abandi ibyo yagezeho. Aho hantu hitwa mu nganzo. Ijambo inganzo kandi rivuga uburyo bwo guhimba umuntu yihariye. Ni cyo gituma umuntu ashobora kuvuga ko kanaka afite inganzo ityaye kurusha kanaka. Iyo mihimbire y'umuntu ku giti ke iyo hagize uyikurikiza bavuga ko yafatiye ku nganzo ya kanaka wayibimburiye abandi.

Ubuvanganzo rero ni ijambo rigizwe n'uduce tubiri kamwe gakomoka ku nshinga kuva (guturuka) n'izina inganzo. Muri iri jambo ubuvanganzo izina inganzo riba rivuga urwiherero umuhanzi atunganyirizamo ibitekerezo byiza n'imvugo inoze mbere yo kubishyira ahagaragara. Ijambo inganzo kandi rishobora no kuvuga aho bakura ibumba.

Ubuvanganzo nyarwanda rero ni igice cy'ururimi kiga uruhurirane rw'abahanzi nyarwanda, ibihangano byabo ndetse n'uburyo bwabo bwo guhanga. Bukubiyemo ibyiciro bibiri bikuru: **ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo n'ubuvanganzo nyarwanda nyandiko.**

Ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo bugabanyijemo ibice bibiri ari byo: **ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda n'ubuvangazo nyarwanda nyabami (bw'ubutegetsi)**. Muri iki gitabo turibanda ku buvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda.

**b) Inshoza y'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda**

Ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda bugizwe n'ibihangano byahimbwe n'abantu ba kera batazwi neza bakaba barahimbaga batandika, bakabifata mu mutwe. Ibyo bahimbaga babishyikirizaga ab'igihe cyabo bikabizihira mu bitaramo, bakagenda babiraga abo basize, bityobityo bakagenda babihererekanya mu mvugo. Ubu buvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda bukubiyemo ibintu byinshi byari byarasakaye muri rubanda. Nta muntu bwitirirwaga ko yabuhimbye.

Ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda ni ihuriro ry'ibyasesekaye muri rubanda byahimbwe hagamijwe gusetsa, kwidagadura, imihango runaka, gucyaha, kugaragaza inkomoko y'imvugo cyangwa y'imigirire runaka, kuruhura, ibibe bihambaye by'imibereho y'abantu, n'ibindi. Ubu buvanganzo ntibwari buhishe cyangwa hari abantu bake bugenewe nk'ubw' ibwami, ahubwo rubanda babugiragamo ubwisanzure ku buryo washoboraga kumva ingeri imwe y'ubuvanganzo aha, ejo ukayumva ahandi hagize igihindukaho kandi ntibitere ikibazo.

**c) Ingeri z'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo bwo muri rubanda**

Muri ubu buvanganzo hakubiyemo ingeri nyinshi. Zimwe wasangaga zihariwe n'itsinda runaka rikora umurimo umwe cyangwa umuryango; muri zo twavuga: amasare, amahigi, amavumvu, amahamba, amajuri, ibyidogo by'isuka, guhura, kugangahura, kwambika imana zeze, indirimbo z'imandwa n'ibindi. Izindi wasangaga zihuriweho n'Abanyarwanda benshi ku buryo na n'ubu zigifite agaciro. Izo ngeri ni nk'insigamigani, imigani migufi, imigani miremire, ibisakuzo, urwenya na byendagusetsa, ibyivugo by'amahomvu, amagorane, uturingushyo, ibitutsi, indahiro, indirimbo z'inanga, imbyino, ibihozo, n'ibindi.

3. **Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri buri wese ku giti ke gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo, abafite ibibazo byihariye akababafasha by'umwihariko. Umwarumu n'abanyeshuri bakosorera hamwe ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo :**

**a) Vuga amoko y'ubuvanganzo nyarwanda?**

Amoko y'ubuvangazo nyarwanda ni ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo n'ubuvanganzo nyarwanda nyandiko.

**b) Sobanura icyo ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda ari cyo.**

Ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda ni ihuriro ry'ibihangano, byasesekaye muri rubanda byahimbwe hagamijwe kusetsa, kwidagadura, imihango runaka, gucyaha, kugaragaza inkomoko y'imvugo cyangwa y'imigirire runaka, kuruhura, ibihe bihambaye by'imibereho y'abantu, n'ibindi.

**c) Tanga nibura ingero eshanu z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda.**

Ibyidogo by'isuka, imigani migufi, kwambika imana zeze, indirimbo z'imandwa, ibisakuzo.

**d) Muri iki gihe ubuvanganzo nyarwanda budufitiye akahe kamaro?**

Muri iki gihe ubuvanganzo nyemvugo budufasha kumenya amateka y'Igihugu cyacu no gusigasira umuco wacyo, guhanga duhereye ku mateka n'imibereho y'abakurambere no kwidagadura.

## II.5.3. Umugani muremure

### Isomo rya gatanu : Umugani muremure

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora gusobanura umugani muremure no gutahura uturango twawo. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'ibisubizo byatangwa**

a) **Ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo burimo amoko angahe ? Yavuge ?**

Burimo amoko abiri. Ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda n'ubuvanganzo nyarwanda nyabami.

b) **Ni iyihe mpamvu yatumaga ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda nta we bwitirirwa?**

Ni uko ibihangano byahimbwe n'abantu ba kera batazwi bakaba barabishyikirizaga ab'igihe cyabo bikabizihira mu bitaramo na bo bakagenda babiraga abo basize, bityobityo bakagenda babihererekanya mu mvugo.

Umwarimu ahera ku bisubizo abanyeshuri bamusubije, akababwira ko bagiye kwiga umugani muremure.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Ruhinyuza" maze utahure uko utangira n'uko urangira. Ukurikije uko utangira n'uko urangira ndetse n'ibiwuvugwamo, uyu mwandiko ni bwoko ki? Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'uturango by'umugani muremure.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora, akanabarangira ibitabo binyuranye bakwifasisha kugira ngo bababashe kubikora neza.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu asaba buri tsinda rikamurikira abandi ibyo ryakoze. Iyo itsinda riri kumurika ibyo ryakoze, abagize andi matsinda barakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe**

**a) Inshoza y'umugani muremure**

Umugani muremure ni umwandiko uteye nk'inkuru. Uvuga ibintu by'ibihimbano n'ibitangaza, bibera mu isi y'impimbano. Ntawamenya igihe n'ahantu nyakuri byabereye. Imigani ifatira ku bintu bifatika no ku bintu bidafatika : abantu, ibintu, ibikoko, imana, urupfu n'ibindi. Imigani miremire kandi ivugisha ibivuga n'ibitavuga.

**b) Uturango tw'umugani muremure**

Umugani muremure ugira uturango ushobora gusangira n'ubundi bwoko bw' imyandiko :

- Irigisha cyangwa ikaruhura abantu.
- Igaragaramo amakabyankuru
- Iba yanditse ku buryo bw'umudandure (buhurutuye)
- Amazina yo mu migani akenshi aba yerekeranye n'icyo umugani ugamije.
- Imigani imwe bayihagikamo igika kiririmbwa.

Umugani muremure ugira uturango wihariye tujyanye n'uko utangira n'uko usozwa. Muri rusange batangira umugani bagira bati : "**Ngiye kubacira umugani wa**..." cyangwa "**Kera habayeho**" Bakawusoza bavuga bati : "**Si ge wahera, hahera umugani**"cyangwa ikindi kintu, inyamaswa ivugwa mu mugani.

Umugani kandi washoboraga gutangira mu buryo bukurikira :

**Ingero :**

- Mbacire umugani, mbababambuze umugani n'uzava i Kamugani azasange ubukombe bw' umugani buziritse ku muganda w'inzu.
- Ubusa bwaritse ku manga, umuyaga urabwarurira, agaca karacuranga, uruvu ruravugiriza, Nyiramusambi isabagirira inanga.Washoboraga no gusozwa mu buryo bukurikira :

Umugani kandi ushobora kurangi mu buryo bukurikira:

**Ingero :**

- Umugani ugana akariho, umushwi w'inkoko ntiwinjira mu isaho nyina iba iri munsi.
- Nteruye akabuye nkajugunya mu iriba rya kabugondo, kibira kajya epfo, nuburuka njya ruguru.
- Nshiye mu rutoki rwa marume ruhinduka amatembetembe, nshiye mu buro bwa marume buhinduka urumamfu, nshiye mu masaka ya marume ahinduka urukungu, nshiye mu mateke ya marume ahinduka amatekateke, nshiye mu mashaza ya marume ahinduka ibishazashaza, nshiye mu bigori bya marume bihinduka ibigorigori, nshiye mu nkoko za marume zihinduka inkware.
- Inka iti : "Mbaaa". Imbwa iti : "Bwe", nti : "Gapfe". Ihene iti : "Meee", nti : "Byira mbyiruke". Intama iti : "Maaa", nti : "Kura dukurane mwana w'Imana".

3. **Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri buri wese ku giti ke gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura ko abanyeshuri bari gukorana umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha.

Iyo igihe cyagenwe kirangiye, umwarimu n'abanyeshuri bakosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:**

**a) Umugani muremure ni iki?**

Umugani muremure ni umwandiko uteye nk'inkuru. Uvuga ibintu by'ibihimbano n'ibitangaza, bibera mu isi y'impimbano. Ntawamenya igihe n'ahantu nyakuri byabereye.

**b) Vuga nibura bibiri mu byo umugani muremure uhuriraho n'indi myandiko?**

- Umugani muremure kimwe n'indi myandiko biba byanditse ku buryo bw'umudandure (buhurutuye)
- Umugani muremure kimwe n'indi myandiko birigisha kandi bikaruhura.

c) **Ukurikije uko umugani utangira, rondora nibura uturango twawo tubiri.**

- Umugani muremure uteye nk'inkuru ngufi
- Umugani muremure uvuga ibintu bitabayeho.

d) **Vuga nibura uburyo bumwe bashobora gusozamo umugani muremure?**

- Si nge wahera hahera….
- Nteruye akabuye nkajugunya mu iriba rya kabugondo, kibira kajya epfo, nuburuka njya ruguru.

## II.5.4. Imigani migufi/imigani y'imigenurano

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 69)

### Isomo rya gatandatu : Imigani migufi cyangwa imigani y'imigenurano

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>- Gutahura inshoza n'uturango by'imigani migufi.<br>- Gusesengura imigani migufi no kuyikoresha mu mvugo no mu nyandiko. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'ibisubizo byatangwa**

a) **Umugani muremure ni ubuhe bwoko bw'ubuvanganzo nyarwanda?**

Umugani muremure ni ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda.

b) **Ni izihe mvugo zihariye zagaragaye mu mugani wa Ruhinyuza?**

Imvugo zihariye zagaragaye mu mugani wa Ruhinyuza ni "Nyamwanga kumva ntiyanze no kubona n'imvugo "Iyakaremye ni yo ikamena."

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abanyeshuri, akababwira ko bagiye kwiga imigani migufi bita kandi imigani y'imigenurano.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Mu mwandiko "Ruhinyuza" hagaragaramo imvugo zikurikira: "Nyamwanga kumva ntiyanze no kubona" n'imvugo "Iyakaremye ni yo ikamena." Kora ubushakashatsi usubize ibibazo byabajijwe.*

**Urugero rw'ibibazo**

- Ese buri mvugo irashaka kuvuga iki ukurikije ibivugwa mu mwandiko?
- Uhereye ku miterere n'ibisobanuro by'izi mvugo, kora ubushakashatsi utahure inshoza y'imigani migufi cyangwa imigani y'imigenurano n'uturango twayo.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora, akanabarangira ibitabo binyuranye bakwifasisha kugira ngo babashe kubikora neza.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe:**

a) **Inshoza y'imigani migufi /imigani y'imigenurano**

Umugani mugufi cyangwa umugani w'umugenurano ni interuro ngufi ivuga ibintu ku buryo bw'inshamarenga. Uyibwiwe ayumva ahereye ku cyo uwuciye arenguriyeho, yaba adasanzwe awuzi ntiyumve icyo abwiwe. Ni interuro irimo imvugo itsitse, ikora ku mutima, yagiye ihangwa n'intiti z'ururimi, zikagira ubushobozi bwo kuburira, kwigisha, guhanura no gufasha guhangana mu magambo.

Imigani y'imigenurano ikubiyemo insanganyamatsiko zinyuranye z'uturango tw'umuco nyarwanda nk'uburezi n'uburere, imibanire, ubucuti, imyemerere, ubwisungane cyangwa ubufatanye n'ibindi.

**Ingero:**

- **Uburere**

Uburere buruta ubuvuke.

Igiti kigororwa kikiri gito.

- **Imibanire**

Akebo kajya iwa mugarura.

Agasozi gatereye inka kamanuka indi.

- **Ubucuti**

Inshuti iruta inshuro.

Amenyo arya ubucuti araruma.

Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge.

- **Imyemerere**

Imana iraguha ntimugura iyo muguze iraguhenda.

Imana iguha nk'iguhorera ikakwima nk'iguhora inzigo.

- **Ubwisungane cyangwa ubufatanye**

Inkingi imwe ntigera inzu.

Abishyize hamwe ntakibananira.

Ababiri bajya inama baruta umunani urasana.

**b) Kuki imigani migufi bayita imigenurano?**

Mu Kinyarwanda bagenura amazina. Umuntu akita izina runaka ashaka kuvuga ikindi kintu. Kugenura rero ni uguca amarenga. Ni ukuvuga ikintu mu buryo budasobanuye. Umugani mugufi rero wumvikana mu buryo bubiri: uburyo bwa mbere ni ubwo mu mvugo yawo isanzwe, ishingira ku magambo awugize; uburyo bwa kabiri ni uburyo bw'imvugo y'amarenga, ishushanya, ihishe, ishingira ku cyo bagenuriyeho, umuntu ubonetse wese atahita yumva.

**Ingero:**

- **Ugiciye inkondo si we ugicundiramo**: imvugo ya mbere ni uko byumvikana ko usaruye igisabo atari we ngombwa ngo azagicundiramo amata. Imvugo ya kabiri ari yo y'amarenga ni uko baba bashaka kuvuga ko uruhiye ikintu atari we ugera ku byiza byacyo. Uyu mugani wawucira umuntu wakoze nk'ikintu kimuvunnye ntikibe ari we kigira akamaro.

- **Akabonye umwe gapfa ubusa**: mu buryo busanzwe, iyo umuntu abonye ikintu ari umwe ntibigira akamaro kuko nyine aba ari wenyine. Uburyo bwa kabiri bw'amarenga buhishe ni uko umuntu hari igihe atagirirwa umumaro n'ibyo yabonye cyanecyane igihe abibonye ari wenyine. Uyu mugani wawucira umuntu utaragize icyo akora ku kintu kuko yari umwe. Biba bishatse kuvuga ko iyo baba benshi byari kugira akamaro kurushaho.
- **Arimo gishigisha ntavura**: birumvikana ko amata atavura ugenda uyakozamo umutozo uyavuruga buri kanya (gushigisha ni ugukaraga umwuko mu gikoma kiri ku ziko ngo ifu yivange n'amazi itaza gufata mu ndiba bigashirira), iryo ni ihame. Urumva koko ari byo, nta kindi gisobanuro ugomba kugira ngo wumve uwo mugani.

  Mu buryo bw'amarenga, uwumvise agomba gutekereza agashishoza kugira ngo amenye icyo uwo mugani bawurenguriraho, mbese ingingo ushushanya.

  Uyu mugani urerekana ingorane umuntu aterwa n'abamusesereza mu bikorwa bye bagira ngo berekane ko ibye bidashobora gutungana kandi bifite kidobya. Uko kumutobera urogoya imigambi ye, ni byo bagereranya no gushigisha amata kuko amata ubusanzwe aba ikivuguto ari uko wayateretse ukayarekera hamwe agatuza, akabona gufatana, ari byo bita "kuvura".

**c) Uturango tw'imigani migufi**

- Ni utubango tugufi dufite imvugo idanangiye kandi twuzuyemo tubumbatiye ubutumwa.
- Umugani mugufi uwusobanukirwa bitewe n'icyo barenguriyeho.
- Intego yawo ni ukwigisha abantu kugira ngo bahindure ingeso mbi zabo cyangwa bakomeze imico myiza bari basanganywe.
- Imigani migufi ni ibihangano nyabugeni kuko usanga yifitemo ikeshamvugo nk'igihangano nyabugeni icyo ari cyo cyose.

**Ingero:**

- **Isubirajwi:**
  Agasaza ka**mwe**ra akandi kuzaka**mwa**.

  I**ndya**rya ihimwa n'i**ndya**mirizi.

  Inyabi**zi** ibyara ingongere**zi**.

- **Imvugo shusho:**
  Ingona zirya bamwe abandi bambuka

  Agahinda k'inkoko kamenywa n'inkike yatoyemo.

- Umugani mugufi urangwa kandi no kuba ugizwe n'ibice bibiri by'interuro byuzuzanya cyangwa bivuguruzanya.

**Ingero:**

Utaganiriye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze.

Ubuto bubeshya umuntu agaseka.

Irya mukuru urishima uribonye.

Irya mukuru riratinda ntirihera.

**d) Imwe mu migani y'imigenurano yo mu kinyarwanda**

- Ntawurata kubyara habyara Imana.
- Iteme umugabo azambuka aritinda agitunze.
- Uvoma yanga avoma ibirohwa.
- Imbuto y'umugisha yera ku giti cy'umuruho.
- Ababiri ntibacibwa inka.
- Uruhahira babiri ntirurara ubusa.
- Akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze.
- Ishyiga rimwe ntiryarika.
- Amazi masabano ntamara inyota.
- Imana iguha inka ntikubwiriza ku ziragira.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda, bagakora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha. Iyo igihe yabahaye kirangiye, akosorera hamwe n'abanyeshuri, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo byayo**

**a) Sobanura imigani ikurikira:**

**- Akebo kajya iwa Mugarura**

Ineza wagiriye umuntu igihe kiragera na we akiyikwishyura

**- Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge**

Ubucuti bukomezwa no kuba abantu basurana bakaganira.

**b) Tanga urugero rw' umugani mugufi kuri buri nsanganyamatsiko.**

**Ubufatanye**

Abashyize hamwe ntakibananira

**Ubupfura**

Ubupfura buba mu nda.

**Umurengwe**

Umwijuto w'ikinonko ugira ngo imvura ntizagwa

**Umuco**

Agahugu katagira umuco karacika

**c) Ni uwuhe mugani wacira abantu bavugwa muri iyi nkuru:**

Kagabo na Nyiraneza barashakanye ariko bahora mu makimbirane adashira bitewe n'uko iyo umwe atereye hejuru n'undi ahita amusubiza bityo bikarangira barwanye.

**Ururimi rwoshywa n'urundi**

d) **Soma inkuru ikurikira hanyuma usubize ibibazo byayibajijweho:**

Karekezi akora akazi k'ubuganga kandi abarwayi bamukundira uko abitaho. Ku bitaro aho akorera haje umugabo uje kuhivuriza amubwira ko areka akazi akaza bakajyana akamuha akazi ko kumuyoborerera ivuriro. Yamubwiye ko kugira ngo amujyane abanza kumuha amafaranga ibihumbi ijana yo kumushakiramo ibyangombwa. Yahise asezera akazi ajya gushaka uwo mugabo. Ajya mu mugi kumureba. Agize ngo aramuhamagara kuri terefone asanga nimero ye ntiboneka. Aramanjiririrwa, agarutse ku kazi asanga bamaze kumusimbuza undi.

- **Ni uwuhe mugani wacira umuntu umeze nka Karekezi wirukankira ibihita byose akitesha amahirwe yari afite?**

  Ubonye isha itamba ata n'urwo yari yambaye

- **Ni uwuhe mugani wacira umuntu umeze nka Karekezi umwereka ko iyo wihutiye gukora ibintu utatekereje bikubyarira ingaruka mbi?**

  Iyihuse yabyaye igihumye.

- **Gira inama Karekezi mu mugani mugufi umubwira ko akwiye kujya agisha inama abandi ko ibitekerezo bye wenyine byamuroha.**

  Umutwe umwe ntiwigira inama wifasha gusara.

  Nyamwanga kumva ntiyanze no kubona

## II.5.5. Umwandiko “Inkuru yabaye kimomo”

(Igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 52)

### Isomo rya karindwi: Gusoma no gusobanura umwandiko

| **Intego zihariye** |
| --- |
| Nyuma y’iri somo umunyeshuri araba ashobora :<br>- Gusoma adategwa umwandiko yubahiriza utwatuzo n’isesekaza.<br>- Gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy’umunyeshuri n’igitabo cy’umwarimu n’inkoranyamagambo. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n’umwandiko “Inkuru yabaye kimomo” bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw’ibibazo n’ibisubizo :**

**a) Murabona iki ku ishusho?**

Ku ishusho turahabona abagabo bicaye.

**b) Muratekereza ko abo bagabo bari gukora iki ?**

Turatekereza ko bari kuganira.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya **mu ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Soma umwandiko « Inkuru yabaye kimomo » ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinoza bakabyandika ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'amagambo abanyeshuri bashobora kuba badasobanukiwe n'ibisobanuro byayo**

a) **Yaratanze**: yarapfuye

b) **Impuha**: inkuru zitari zo

c) **Amapfa**: igihe imvura yabuze hagacana izuba ryinshi rikangiza ibimera

**d) Ikivunge:** Abantu cyangwa ibintu byinshi cyane bigendera rimwe kandi bidahana umwanya wo gutambuka.

e) **Guca ibintu**: kwangiza ibintu cyane

f) **Yandagaye**: atagira umwitaho

g) Mu rwihisho: mu ibanga nta wundi ubizi.

h) **Akanunu**: agakuru umuntu yumvana abandi kerekeye akarere umuntu cyangwa ikintu biherereyemo cyangwa inkuru iyo ari yo yose ihwihwiswa itaraba gikwira

i) **Bamutata**: bamugenzura kugira ngo bamutere cyangwa bamugiri re nabi

j) **Amazeze**: kwizera ikintu kitazaboneka.

k) **Mpobagurika**: nyobagurika

l) **Abatasi**: abantu bagenzura rwihishwa umuntu bashaka gutera

m) **Aramutwama**: kubwira umuntu nabi ukamubuza kuvuga

n) **Kwitamanzura**: gukwira ahantu henshi/ kumenywa n'abantu benshi.

**3. Imyitozo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri akabasaba gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, akagenda afasha abafite ibibazo byihariye. Umwarimu afatanya n'abanyeshuri bagakosora imyitozo, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:**

**1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe wihimbiye ukurikije icyo asobanura mu mwandiko:**

**a) Akanunu**

Kimenyi ntiyigeze amenya akanunu k'inka ze zibwe.

**b) Abatasi**

Umukuru w'icyo gihugu yohereje abatasi batatu.

**c) Aramutwama**

Umubyeyi yumvise umwana yubahuka abantu bakuru aramutwama.

**d) Yaratanze**

Umwami yaratanze asimburwa n'umuhungu we.

**e) Ikivunge**

Nabonye ikivunge cy'abantu bari mu myitozo ngororamubiri.

**f) Mpobagurika**

Nagiye muri rya soko mpobagurika ariko ku bw'amahirwe ngerayo.

**2. Simbuza amagambo y'umukara tsiri ari mu nteruro zikurikira ayo bibusanyije igisobanuro.**

a) Iyo umwana agiye kwa **nyirasenge** ahura na babyara be. (nyirarume)

b) Ninza kugusura nzaza **rwihishwa**. (ku mugaragaro)

## Isomo rya munani: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>- Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga?**

Umwandiko duheruka kwiga ni "Inkuru yabaye kimomo".

**b) Ni ryari bavuga ko inkuru yabaye kimomo?**

Bavuga ko inkuru yabaye kimomo iyo yamenywe n'abantu benshi.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo, kuri aya masomo ibiteganya **mu ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Inkuru yabaye kimomo" usubize ibibazo byawubajijweho.*

Umwarimu arakora amatsinda atandukanye y'abanyeshuri ayahe gukora ibikorwa binyuranye. Arasaba amatsinda yose kongera gusoma umwandiko «Inkuru yabaye kimomo ». Arasaba abagize amatsinda amwe gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, abagize andi ayasabe gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe muri buri kiciro rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akagenda abayobora mu kunoza ibyo bamurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri babyandukure mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe**

**1. Ibisubizo byo kumva umwandiko**

**a) Byagendekeye bite u Rwanda umwami Ndahiro amaze gutanga?**

Umwami Ndahiro amaze gutanga u Rwanda rwacitsemo ibice, kimwe kigira abatware bacyo ikindi abacyo, bimara iminsi. Inzara kandi yayogoje igihugu.

**b) Ni izihe mpamvu ebyiri zateye abayoboke ba Ndahiro gushakisha aho Ndori aherereye?**

Impamvu ebyiri zateye abayoboke ba Ndahiro gushakisha aho Ndori aherereye ni uko batekerezaga ko ashobora kuba yarapfanye na se cyangwa ko ashobora kuba yandagaye mu Rwanda aho batazi.

**c) Kimomo akigera i Karagwe byamugendekeye bite?**

Kimomo akigera i Karagwe, abatasi baramufashe bamubaza ikimugenza.

**d) Urugendo rwa Kimomo i Karagwe rwagize akahe kamaro?**

Urugendo rwa Kimomo i Karagwe rwatumye abayoboke ba Ndahiro bamenya aho Ndori aherereye.

**2. Ibisubizo byo gusesengura umwandiko**

**a) Ni iki wowe wakorera umuryango mugari aho atuye mu gihe haba hari ikibazo kibugarije?**

Nta bwo narebera nashakisha amakuru ahantu hanyuranye ngira ngo ndebe ko nabona umuti w'icyo kibazo

**b) Ufite amakuru afitiye imbaga nyamwinshi akamaro, wakora iki kugira ngo agere ku bo agenewe?**

Mfite amakuru afitiye imbaga nyamwinshi akamaro, nakwiyambaza inzego zibishinzwe kugira ngo ayo makuru agere ku bo agenewe mu buryo bwihuse.

**c) Ni irihe somo ry'ingenzi ryagufasha mu buzima ukuye muri uyu mwandiko?**

Isomo ry'ingenzi nkuye muri uyu mwandiko ni ukudacika intege mu buzima mu gihe mfite icyo niyemeje kugeraho.

**d) Garagaza ingingo z'ingenzi zigize umwandiko "Inkuru yabaye kimomo"**

Ingingo z'ingenzi zigize umwandiko "Inkuru yabaye kimomo" ni :

- Gutanga k'umwami, Igihugu kigacikamo ibice, amapfa aratera ibintu biracika, abayoboke b'umwami batangira gushakisha aho umuhungu w'umwami yaba aherereye.
- Abayoboke b'umwami Cyamatare bahagararirwa na Kimomo ashakisha Ndori kugeza amubonye.
- Inkuru y'uko Ndori yabonetse iba kimomo i Bweramvura ndetse ikwira Igihugu cyose.

## II.5.6. Insigamugani

## Isomo rya kenda: Insigamigani

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gutahura inshoza n'uturango by'insigamugani<br>- Gutandukanya no gusobanura amoko y'insigamigani. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'ibisubizo byatangwa**

**a) Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga?**

Umwandiko duheruka kwiga ni "Inkuru yabaye kimomo"

**b) Imvugo "Inkuru yabaye kimomo" yitiriwe nde?Kubera iki?**

Iyo mvugo yitiriwe Kimomo. Kubera ko inkuru yasakaye ari we wayizanye.

**c) Umwandiko ugaragaza imvugo yitiriwe umuntu runaka bayita gute?**

Bayita insigamugani.

Umwarimu ahera ku bisubizo abanyeshuri batanze akababwira ko bagiye kwiga insigamugani.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo, kuri iri somo, ribiteganya **mu ntangiriro rusange 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Inkuru yabaye kimomo", witegereze imiterere yawo, uko utangira, uko usoza, ibivugwamo maze utahure inshoza n'uturango by'ingeri y'insigamugani.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora,

akanabarangira ibitabo binyuranye bakwifasisha kugira ngo babashe kubikora neza.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe**

**a) Inshoza y'insigamugani**

Mu Kinyarwanda, gusiga umugani ni ugukora ibintu bikomeye byaba byiza cyangwa bibi, wasaza bagasigara babikwibukiraho bati: "Naka yasize umugani". Bishobora no gukomoka ku mvugo umuntu yakundaga gukoresha hanyuma igasakara henshi; yamara gupfa abamuzi bakajya bavuga ko yabasigiye umugani.

Insigamigani ni zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo zikaba zarabonekaga cyane mu mivugire, mu migendere, mu myumvire, mu mikorere no mu mibereho y'ubuzima bwa buri munsi by'Abanyarwanda.

Insigamigani ni ahantu cyangwa se abantu babaye abagenuzi b'imigani cyangwa se inkomoko yayo cyangwa se n'ibindi rubanda bagenuriyeho bakabigira iciro ry'imigani, nk'inyamaswa, inyoni n'ibindi.

**b) Uturango tw'insigamigani**

- Insigamigani irangwa n'imvano y'imvugo cyangwa umugani wabaye gikwira mu Banyarwanda,
- Yerekana igihe kizwi n'ahantu hazwi ibivugwamo byabereye,
- Abanyarubuga bavugwamo baba ari abantu bazwi neza mu mateka, n'ibikorwa bivugwamo bizwi ko byabaye mu mateka.

**c) Amoko y'insigamigani**

Insigamigani zirimo amoko abiri y'ingenzi: insigamigani nyirizina n'insigamigani nyitiriro.

- **Insigamigani nyirizina**

Insigamigani nyirizina ni imvugo zakomotse ku bantu bazwi neza amavu n'amajyo ku buryo rubanda bemeye kwigana imigirire yabo no mu mvugo isanzwe izo mvugo zabakomotseho zigakoreshwa zigahinduka inyigisho muri rubanda.

Twafata nk'urugero rwa Ntambabazi wa Rufangura wagize ati: "Ndatega zivamo", Rugaju rwa Mutimbo ati: "Nguye mu matsa", Nyiramataza Mukarukari ati: "Ngiye kwa Ngara", Nkana ya Rumanzi ati: "Arigiza Nkana", Bajeyi ba Sharangabo bati: "Yarezwe bajeyi" n'abandi. Bene abo ni bo nsigamigani nyirizina. Batatu babanza ni bo babaye abagenuzi b'imigani bo ubwabo, naho ababiri bandi babaye imvano yayo.

- **Insigamigani nyitiriro**

Insigamigani nyitiriro ni ibindi bintu rubanda bagenuriyeho bakabiheraho babigira iciro ry'imigani. Urugero ni nk'impyisi mu nyamaswa yagize iti: "Harya ko kuvuga ari ugutaruka, nk'iriya Musheru ipfana iki na Mutamu!?", Igikeri mu myururu, bati: "Gikeri utahe n'intashya" kiti: "Mfana iki n'ibiguruka?" Ibi byose babitwerereye amagambo y'abantu bahishiriye kubera umwanya bafite mu gihugu cyangwa se mu muryango wubashywe. Si byo ubwabyo byivugiye ayo magambo.

3. **Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujyamu matsinda bagakora imyitozo iri mu bitabo byabo. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha. Umwarimu afatanya n'abanyeshuri bagakosora imyitozo, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:**

a) **Mu magambo yawe bwite sobanura insigamigani icyo ari cyo.**

Insigamigani ni zimwe mu ngeri z'ubuvangazo nyarwanda nyemvugo zikaba zaragaragariraga cyane mu mivugire, mu migendere, mu myumvire, mu mikorere no mu mibereho y'ubuzima bwa buri munsi by'Abanyarwanda.

b) **Insigamigani zirimo amoko angahe? Yavuge kandi uyasobanure.**

Insigamigani zirimo amoko abiri.

- **Insigamigani nyirizina**

Insigamigani nyirizina ni imvugo zakomotse ku bantu bazwi neza amavu n'amajyo ku buryo rubanda bemeye kwigana imigirire yabo no mu mvugo isanzwe izo mvugo zabakomotseho zigakoreshwa zigahinduka inyigisho muri rubanda.

- **Insigamigani nyitiriro**

Insigamigani nyitiriro ni ibindi bintu rubanda bagenuriyeho bakabiherako babigira iciro ry'imigani.

**c) Kora ubushakashatsi uvuge inkomoko z'insigamigani zikurikira**

- **Yagiye nka Nyomberi.**

  Iyi mvugo yakomotse ku muhigi w'umukogoto witwaga Nyomberi.

- **Yagiye guca umuti wa Mperezayo.**

  Iyi mvugo yakomotse ku mugani w'impyisi n'ihene.

### II.5.7. Ibisakuzo

## Isomo rya cumi: Ibisakuzo

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gutahura inshoza n'uturango tw'ibisakuzo.<br>- Gusobanura akamaro k'ibisakuzo mu buzima bwa buri munsi. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga n'ibindi bibinjiza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Insigamigani ni iki? Tanga urugero.**

Insigamigani ni zimwe mu ngeri z'ubuvangazo nyarwanda nyemvugo zikaba zaragaragariraga cyane mu mivugire, mu migendere, mu myumvire, mu mikorere no mu mibereho y'ubuzima bwa buri munsi by'Abanyarwanda. **Urugero**: Yazindutse iya Marumba.

**b) Ni ubuhe bwoko bw'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo bwo muri rubanda bukorwa mu buryo bw'umukino?**

Ni ibisakuzo

Umwarimu ahera ku bisubizo abanyeshuri batanze, akababwira ko bagiye kwiga ku bisakuzo.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo, kuri iri somo, ribiteganya **mu ntangiriro rusange 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira

**Igikorwa**

*Musome umwandiko ukurikira hanyuma musubize ibibazo byawubajijweho.*

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akabasaba gusoma umwandiko «Mu gitaramo kwa nyirakuru » bagasubiza ibibazo bikurikira byawubajijweho:

- Ni izihe ngeri z'ubuvanganzo Kawera, musaza we, babyara babo na nyirakuru bifashishije mu gutarama?
- Umaze gusoma umwandiko "Mu gitaramo kwa nyirakuru", tahura inshoza y'ibisakuzo n'uturango tw'ibisakuzo ndetse n'akamaro kabyo.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora, akanabarangira ibitabo binyuranye bakwifashisha kugira ngo babashe kubikora neza.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe**

**a) Inshoza y'ibisakuzo**

Ibisakuzo ni umukino wo mu magambo ugizwe n'ibibazo n'ibisubizo bishimisha abakuru n'abato kandi birimo ubuhanga. Ibisakuzo byagiraga abahimbyi b'inzobere bahoraga barushaho kunoza no gukungahaza uwo mukino.

Buri gisakuzo kiba gifite imvugo yacyo yabugenewe, kikicwa mu magambo yacyo bwite, kandi gishobora no kugira ibisubizo byinshi.

Abasakuza bagenda bakuranwa mu gusakuza. Usakuza agira ati: "Sakwe

, sakwe", usakuzwa agasubiza ati: "Soma." Iyo uwahawe ubufindo atinze kubufindura, uwamusakuje aramubwira ati: "Kimpe". Uwasakujwe iyo kimuyobeye arasubiza ngo: "Ngicyo", ubwo mugenzi we akakica.

**b) Uturango tw'ibisakuzo**

- Ibisakuzo birangwa no gutangizwa n'amagambo: Sakwesakwe…! Soma!
- Ibisakuzo kandi bigomba gukinwa n'abantu babiri bakuranwa.
- Birangwa no kuba hari ikibazo kijimije n'igisubizo gishobora kuba cyo cyangwa ntikibe cyo.
- Mu gusakuza, unaniwe kwica igisakuzo, uwo basakuzanya arakiyicira bityo akaba akimutsinze.

**c) Akamaro k'ibisakuzo mu buzima bwa buri munsi**

- Ibisakuzo bifasha abana ndetse n'abakuru gukora imyitozo mfuturamvugo igamije kubamenyereza gutekereza, kuvuga badategwa no kumenya gufindura imvugo zijimije.
- Ibisakuzo byigisha guhanga no gutekereza kuko umuntu ashobora kwica igisakuzo atari asanzwe akizi ugasanga igisubizo atanze na cyo ari cyo n'ubwo hari ikiba kimenyerewe.
- Ibisakuzo muri rusange birigisha, byungura ubumenyi.
- Ibisakuzo byifashishwaga mu bitaramo.
- Ibisakuzo byinshi bibumbatiye umuco nyarwanda kuko bigaragaramo ibikoresho byo mu muco nyarwanda.

**Ingero**

| Ibisakuzo | Ibisubizo |
|---|---|
| Mukara n'iyayo | Inkono n'urweso |
| Mweru n'iyayo | Urusyo n'ingasire |
| Abakobwa bange babyina bose | Imirya y'inanga |
| Hepfo aha hanyuze impehe | Inzuki zitagira urwiru, ingabo zitagira umutware, umugeni udafite abakwe. |
| Mama nshuti | Ikirago |
| Abana bange barara bahagaze bwacya bakaryama. | Imyugariro |

- Mu bisakuzo byinshi usangamo ingingo z'amateka bikerekana ko

byahimbwe mu gihe ikintu runaka cyariho.

**Ingero**

| Ibisakuzo | Ibisubizo |
|---|---|
| Ibuye ry'imisozi ryimuye umugabo. | Ifaranga |
| Nyamwitera agashyarara mu ishyamba. | Imodoka |
| Rambagira bugondo | Imodoka mu muhanda |
| Nkandagiye itafari rimena itegura risakaza inkuru i Burayi. | Radiyo |
| Ni nde watanze umuzungu kwambara karuvati. | Ikiyoni |

3. **Imyitozo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri akabasaba gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Umwarimu agenzura uko amatsinda yose akora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha. Umwarimu afatanya n'abanyeshuri bagakosora imyitozo, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo :**

**a) Ica ibisakuzo bikurikira:**

**Sakwe sakwe! Soma!**

- Nagutera icyambuka amazi kitagira amaguru : Ijwi
- Nagutera icyo utazi utabonye : Ubuto bwa so na nyoko
- Hagarara hakuno,mpagarare hakurya turate abeza : Amenyo
- Hakurya ni umukoki,hakuno ni umukoki : Ikibuno
- Mpagaze mu ishyamba rimpa umwezi: Ibarizo
- Ngeze mu ishyamba rirahungabana: Inzara y'umusore
- Nshinze umwe ndasakara: Icyobo
- Nyirabakangaza ngo mutahe: Imbeho ku rugi
- Inka yanjye nyikama igaramye: Umuvure

- Twavamo umwe ntitwarya: Ishyiga

**b) Gereranya ibisakuzo n'imigani migufi**

Ibisakuzo ni umukino wo mu magambo ugizwe n'ibibazo n'ibisubizo bishimisha abakuru n'abato kandi birimo ubuhanga. Ibisakuzo byagiraga abahimbyi b'inzobere bahoraga barushaho kunoza no gukungahaza uwo mukino. Mu gihe imigani migufi ari interuro ngufi zivuga ibintu ku buryo bw'inshamarenga. Uyibwiwe ayumva ahereye ku cyo uyiciye arenguriyeho, yaba adasanzwe ayizi ntiyumve icyo abwiwe. Ni interuro zirimo imvugo zitsitse, zikora ku mutima, zagiye zihangwa n'intiti z'ururimi, zikagira ubushobozi bwo kuburira, kwigisha, guhanura no gufasha guhangana mu magambo.

**c) Tahura mu kinyatuzu ibisubizo by'ibisakuzo wahawe. Andika igisubizo imbere y'igisakuzo cyacyo.**

**Ikinyatuzu**

| | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| I | S | E | K | U | R | U | I | K | I | R | A | G | O |
| U | C | W | B | Y | M | H | M | B | A | B | M | I | K |
| K | A | H | D | I | S | I | N | I | J | U | R | U | I |
| W | M | K | Y | I | A | O | U | B | D | P | G | B | G |
| E | C | V | G | I | N | Y | U | M | U | N | E | K | E |
| Z | I | F | A | R | A | N | G | A | K | W | S | R | S |
| I | N | S | I | N | A | B | R | K | A | M | A | N | A |
| I | N | I | H | A | M | A | I | V | U | N | J | A | B |
| W | G | F | M | I | M | Y | U | G | A | R | I | R | O |
| S | I | R | A | D | I | Y | O | B | T | N | K | R | G |
| I | N | Z | A | R | A | Y | U | M | U | S | O | R | E |

**Ibisakuzo n'ibisubizo byabo:**

- Intara za nyirabangana zingana zose. **Isi n'ijuru**.
- Mama nshuti. **Ikirago**
- Sogokuru aryoha aboze. **Umuneke**
- Abana bange barara bahagaze bwacya bakaryama. **Imyugariro**
- Agacwende kange kambaye kure mba ngukoreyemo. **Ukwezi**
- Ibuye ry'imisozi ryimuye umugabo. **Ifaranga**.
- Inka yange yimira mu kinono ikabyarira mu ihembe. **Insina**

- Nkandagiye itafari rimena itegura risakaza inkuru i Burayi. **Iradiyo**
- Ngeze mu ishyamba rirahubangana. **Inzara y'umusore**

## II.5.8. Urwenya na byendagusetsa

## Isomo rya cumi na rimwe: Gusoma, gusobanura, kumva no gusesengura imyandiko "Muze duseke"

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma adategwa imyandiko ashyiramo isesekaza.<br>- Gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu myandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.<br>- Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura imyandiko ibivugwamo abihuza n'ubuzima busanzwe. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

a) **Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga?**
Umwandiko duheruka kwiga ni "Mu gitaramo kwa nyirakuru".

b) **Ese imvugo dusanga mu bisakuzo yakorohera umunyamahanga utazi Ikinyarwanda? Sobanura.**
Oya ntiyamworohera kubera ko mu bisakuzo dusangamo imvugo izimije isaba gufindura ibivugwa.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo, kuri iri somo, ribiteganya **mu ntangiriro rusange 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

Umwarimu arakora amatsinda atandukanye y'abanyeshuri ayahe gukora ibikorwa binyuranye. Arasaba amatsinda yose gusoma imyandiko «Muze duseke ». Arasaba abagize amatsinda amwe gushaka mu mwandiko amagambo badasobanukiwe, abagize andi matsinda abasabe gusubiza ibibazo byo kumva imyandiko, abagize andi ayasabe gusubiza ibibazo byo gusesengura imyandiko.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe muri buri kiciro rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akagenda abayobora mu kunoza ibyo bamurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'amagambo abanyeshuri bashobora kuba badasobanukiwe n'ibisobanuro byayo:**

a) **Umusambanyi kabombo**: Umusambanyi kabuhariwe, umuhehesi kimenyabose.

b) **Kuzimanira**: Guha umuntu icyo anywa n'icyo arya.

c) **Guha urwuya**: Kuryamana n'umugabo

g) **Kurambika inda ku muyaga**: Kwiruka ubutarora inyuma, kwiruka cyane.

d) **Ntibica ishati**: Ntibigoye na busa

e) **Iy'ihenero**: Inzoga yahoraga ku musego w'uburiri; umugabo nyiri urugo yasomagaho iteka iyo yabaga agiye kuryama.

f) **Abyumva nk'ejo**: Abyumva mu buryo bwihuse, abyumva vuba.

h) **Guhana yambu**: Gusuhuzanya, kuramukanya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko :**

**a) Garagaza ibintu bibiri inuma yabwiye umugabo.**

- Ikintu cyakugeze mu ntoki ntikikaguhende ubwenge ngo ukirekure
- Ntukababazwe n'icyo wakoze.

**b) Ni ukubera iki inuma yabwiye umugabo ngo: "Waba umupfu urakanyagwa!"**

Ni ukuberako atubahirije inama ya mbere maze akayirekura

ateganya kumva iya gatatu.

**c) Kubera iki umugabo wo mu mwandiko wa gatatu yagiye kurira ibiryo mu bwiherero?**

Umugabo wo mu mwandiko wa gatatu yagiye kurira ibiryo mu bwiherero kugira ngo hatagira umubona kuko byari ibiryo by'umwana.

**d) Umwana uvugwa mu mwandiko wa kane avuga ko ari iy'ihe mpamvu abagabo bakunda kwambara ibyirabura?**

Umwana wo mu mwandiko wa kane avuga ko abagabo bakunda kwambara ibyirabura kubera agahinda bahorana.

**e) Kubeshya ni bibi bigira ingaruka. Byerekanishe ingingo zo mu mwandiko wa gatatu.**

Umubyeyi yabeshye umwana we ko azajya avuga kunyara ahubwo azajya avuga kuririmba bituma anyarira se mu gutwi.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura imyandiko:**

**a) Sobanura umugani mugufi "Ubwenge buza ubujiji buhise" ugendeye ku byavuzwe mu mwandiko wa mbere.**

Ibisubizo biratandukana, umwarimu agafasha abanyeshuri kubona ko ibyo inuma yabwiye uriya mugabo atigeze abitekerezaho igihe yabibwirwaga; inuma yamara kuguruka agasigara yicuza.

**b) Ukurikije ibivugwa mu mwandiko wa kane, ni iki wavuga ugereranyije n'indangagaciro zigomba kuturanga?**

Navuga ko uriya mugabo yakosheje cyane, kuko nta muntu ukwiye kwiba, ikindi kandi si byiza kwiba amafunguro y'umwana. Nta ndangagaciro nziza imuranga. Tugomba kugira ubupfura ntiturangwe n'ubusambo nka buriya.

**c) Ese urakeka ko ibyavuzwe muri iyi myandiko ari ukuri? Sobanura.**

Ibyavuzwe muri iyi myandiko ntabwo ari ukuri, ahanini ntibinashoboka, icyari kigamijwe mu ni ugusetsa, gushimisha, kugira inama no gukebura umuntu ngo yitwararike kuko adafashe ingamba zinoze yahura n'ingaruka zikomeye.

**d) Ukurikije ibivugwa muri iyi myandiko, urumva yakoreshwa ryari mu buzima busanzwe?**

Yakoreshwa igihe abantu baganira bagira ngo baseke.

3. **Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagakora imyitozo iri mu bitabo byabo. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha. Iyo igihe yabahaye kirangiye, afatanya n'abanyeshuri gukosora imyitozo, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri na bo bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo byayo**

**a) Tanga imigenurano ibiri ihuje inyito n'umugani mugufi "ubwenge buza ubujiji buhise".**

- Ubwenge buza nyuma y'uburagi
- Nta cyo bitwaye irabanza, icyo nakoze igaheruka.

## Isomo rya cumi na kabiri: Tumenye urwenya na byenda gusetsa

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>- Gutahura  inshoza n' uturango tw' urwenya na byendagusetsa.<br>- Guhanga  urwenya na byendagusetsa. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Ni nde watwibutsa isomo duheruka kwiga?**

Twasomye kandi dusesengura imyandiko "Muze duseke"

**b) Imyandiko "Muze duseke»yose igamije iki?**

Iyi myandiko yose igamije gusetsa.

**c) Ni izihe ngingo zisekeje ziri muri buri mwandiko?**

Ingingo zisekeje zivugwamo:Aha abanyeshuri baratanga ingero zinyuranye umwarimu arareba koko niba ari zo ngingo zisekeje ziri mu rwenya na byendagusetsa.

**d) Imyandiko cyangwa inkuru zisekeje nk'izo za "Muze duseke»bazita ngo iki mu Kinyarwanda ?**

Imyandiko cyangwa inkuru zisekeje, hari izo bita urwenya, hari n'izo bita byendagusetsa.

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abanyeshuri, akababwira ko bagiye kwiga urwenya na byendagusetsa.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo, kuri iri somo, ribiteganya **mu ntangiriro rusange 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira

**Igikorwa:**

*Ongera usome imyandiko "Muze duseke" maze usesengure akamaro kayo mu muryango nyarwanda. Umaze gusesengura akamaro kayo, kora ubushakashatsi utahure inshoza n'uturango by'urwenya na byendagusetsa ndetse n'akamaro kabyo mu mibereho y'Abanyarwanda.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora, akanabarangira ibitabo binyuranye bakwifasisha kugira ngo babashe kubikora neza.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Ibisubizo byanogejwe:**

a) **Inshoza y'urwenya na byendagusetsa**

Urwenya na byendagusetsa ni inkuru zisetsa cyane ku buryo umuntu uzibariwe ababaye cyangwa arakaye acururuka. Izi nkuru hari ushobora kuzibarirwa zimuvuga nabi akarubira, akarya karungu, akaba yakwadukira abantu akabahutaza. Urwenya na byendagusetsa ni kimwe mu biranga umuntu warezwe, wabanye n'abandi. Ubwiwe izi nkuru akagaragaraho ubunyamusozi aba abuze akarango k'intore. Byendagusetsa ariko yo bavuga ko yenda gusetsa kuko mu by'ukuri bavuze ngo irashekeje mbere y'uko ibarwa ntawaseka iby'iyo nkuru igiye kuvugwa.

**b) Amoko y'urwenya na byendagusetsa**

**Urwenya rw'amagambo**: Urwenya rushingiye ku kuvuga amagambo asekeje.

**Urwenya rw'ingiro (filimi)**: Ni urwenya rushingiye ku migirire y'umuntu. Nk' iyo bakina barwana umwe akubita undi urushyi cyangwa umugeri bisetsa abantu. Muri uru rwenya bashobora kandi gukoresha amarenga, amafiyeri, amaringa n'ibindi bimenyetso byatuma abantu baseka.

**Urwenya rwo gusubiramo**: Hari igihe umuntu avuga yigana imvugo y'umuntu asubiramo amagambo yavuze cyangwa imigirire ye ku buyo wumva bisekeje.

**Urwenya rw'ingeso**: Hari igihe umuntu agira ingeso zikamwokama ku buryo zagusetsa.

**c) Uturango tw'urwenya na byendagusetsa**

- Urwenya rurangwa no kuba ari amagambo cyangwa imyifatire y'umuntu bisetsa abandi. Usanga mu mvugo umunyarwenya akoresha amagambo aterekeranye, cyangwa akavugishwa kubera impamvu iyi n'iyi ku buryo bisetsa abamwumva.
- Byendagusetsa yo irangwa no kuba ari agakuru kagufi gasekeje, cyane kubera ko ibivugwamo bidashoboka, cyangwa bidakwiranye n'aho bivugiwe cyangwa n'ubivuze.

**d) Akamaro k'urwenya na byendagusetsa**

Ari urwenya cyangwa byendagusetsa byose biba bigamije gusetsa, gushimisha abantu, kubagira inama no kubakosora.

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri, bagakora umwitozo uri mu bitabo byabo. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha.

**Urugero rw'umwitozo n'uburyo wakosorwa:**

**Himba urwenya cyangwa byendagusetsa ku nsanganyamatsiko zikurikira:**

a) Umunyeshuri wafashwe mu kizamini akopera.

b) Inda nini cyangwa ubusambo

Iyo igihe yabahaye kirangiye, asaba buri tsinda kujya imbere rikabwira abandi urwenya cyangwa byendagusetsa ryahimbye.

## II. 5.9. Ibyivugo

## Isomo rya cumi na gatatu: Gusoma, gusobanura, kumva no gusesengura imyandiko "Muze twivuge"

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma imyandiko agaragaza isesekaza.<br>- Gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu myandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.<br>- Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura ibivugwa mu myandiko abihuza n'ubuzima busanzwe. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga, kugira ngo bibinjize mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo :**

**a) Vuga icyo urwenya na byendagusetsa ari cyo.**

Urwenya na byendagusetsa ni inkuru zisetsa cyane ku buryo umuntu uzibariwe ababaye cyangwa arakaye acururuka.

**b) Vuga amoko y'urwenya na byendagusetsa?**

- Urwenya rw'amagambo
- Urwenya rw'ingiro (filimi)
- Urwenya rwo gusubiramo
- Urwenya rw'ingeso

2. **Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo, kuri iri somo, ribiteganya **mu ntangiriro rusange 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

Umwarimu arakora amatsinda atandukanye y'abanyeshuri ayahe gukora ibikorwa binyuranye. Arasaba amatsinda yose gusoma imyandiko «Muze twivuge». Arasaba abagize amatsinda amwe gushaka mu mwandiko amagambo badasobanukiwe, abagize andi matsinda abasabe gusubiza ibibazo byo kumva imyandiko, abagize andi ayasabe gusubiza ibibazo byo gusesengura imyandiko.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe muri buri kiciro rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akagenda abayobora mu kunoza ibyo bamurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

**Urugero rw'amagambo abanyeshuri bashobora kuba badasobanukiwe n'ibisobanuro byayo :**

a) **Imyambi ndayisukiranya**: Imyambi nyirasa ubutitsa, ubutaruhuka

b) **Mu gikombe**: Ahantu hari ikena hagati y'imisozi, igice cy'umu sozi kiguyemo kandi gicungamiye akabande.

c) **Mu gahinga**: Igice cy'umusozi gitumburutse.

d) **Inkangu**: Ahantu haridutse hagacika igikuku, umukingo w'ubu taka bwakushumuwe n'amazi.

e) **Isata**: Umuyaga mwinshi uzamura amazi y'ikiyaga akazamuka ameze nk'urufuro. Abanyarwanda bo hambere bavugaga ko ari inzoka nini iba yaje kunywa amazi mu kiyaga nyuma ikazamukana imbaraga nyinshi. Mu mvugo shusho babivugira ku muntu ufite icyo arusha abandi.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko :**

**a) Kuvuga ko umuntu ari Cyaradamaraye bishatse kuvuga iki? Birakwiye ko babivugira ku muntu mukuru? Kubera iki?**

Kuvuga ko umuntu ari Cyaradamaraye bivuga ko yatese, ko ibintu byose ashatse abibona. Babivugira ku mwana w'umutesi, nta muntu mukuru bita batyo. Nta muntu mukuru witwara nk'umwana.

**b) Ni ibihe bikorwa by'indengakamere usanga muri ibi**

**byivugo? Sobanura igisubizo cyawe.**

Hari aho bavuga ngo umwana avugira mu nda ya nyina, uretse no kwivuga nta mwana uvugira mu nda, mu kivugo cya kane uwivuga yiyita isata, naho mu cya gatandatu akiyita imirindi y'abasore.

c) **Mu kivugo cya kabiri hari aho uwivuga agaragaza ko hari ikintu gitangaje ikivugo ke cyatumye kiba nta handi cyabaye. Icyo kintu ni igiki?**

Icyo kintu ni umwana wivugiye mu nda ya nyina ubusanzwe bitajya bibaho.

d) **Mu kivugo cya kane uwivuga aribanda ku kihe gikorwa? Yagikoreye he?**

Mu kivugo cya kane uwivuga aribanda ku gikorwa cyo gukubita, akaba yaragikoreye mu gikombe no mu gahinga.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura imyandiko:**

a) **Ni izihe nsanganyamatsiko usanga muri iyi myandiko?**

Muri iyi myandiko harimo insanganyamatsiko yo kwirata ubutwari, ubwiza, ubuhangange, no gukundwa.

b) **Ni ibiki mwabonye bigenda bigaruka muri iyi myandiko?**

Ibigaruka muri iyi myandiko ni amagambo asetsa n'amakabya nkuru.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha. Igihe yabahaye iyo kirangiye, bakosorera hamwe imyitozo bandika ibisubizo ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo byabyo**

1. **Koresha amagambo akurikira mu nteruro zigaragaza ko wumva icyo avuga.**

   a) **Igikombe:** Yahinze ibishyimbo mu gikombe none byeze neza.

   b) **Urusenge:** Izo nkwi muzishyire ku rusenge dore imvura yadibitse nta zuba rizongera kuva vuba.

   c) **Agahinga:** Yazamutse mu gahinga mu gitondo avayo nimugoroba.

**2. Shaka irindi jambo rivuga kimwe n'ijambo "umukobwa"**

Umukobwa =Umwari

## Isomo rya cumi na kane: Tumenye ibyivugo by'amahomvu

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>- Gutahura inshoza n'uturango by'ibyivugo by'amahomvu.<br>- Gusobanura akamaro k'ibyivugo by'amahomvu no guhimba ikivugo cy'amahomvu. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga bibinjiza mu isomo bagiye kwiga.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

a) **Imyandiko twasesenguye mu isomo ry'ubushize ihuriye kuki?**

Ihuriye ku kwirata ubutwari

b) **Mu ijambo rimwe, kwirata ubutwari bisobanura iki ?**

Bisobanura kwivuga.

Umwarimu atega amatwi ibisubizo abanyeshuri batanga, hanyuma akababwira ko bagiye kwivuga ibyivugo by'amahomvo.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo, kuri iri somo, ribiteganya **mu ntangiriro rusange 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa:**

*Ongera usome imyandiko, "Muze twivuge" usesengure imiterere yayo n'icyo ivuga. Uhereye ku miterere yayo n'icyo ivuga, tahura inshoza n'uturango by'ibyivugo by' amahomvu, n'akamaro kabyo mu mibereho y'Abanyarwanda.*

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri bahawe.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika.

Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Ibisubizo byanogejwe:**

**a) Inshoza y'ibyivugo by'amahomvu**

Ibyivugo by'amahomvu cyangwa ibyivugo by'abana ni ibyivugo bigufi abana bivuga bagamije gusetsa no kwidagadura muri rusange. Ibi byivugo bivugirwa mu bitaramo byo mu miryango, si mu bitaramo by'ingabo. Impamvu babyita amahomvu ni uko mu by'ukuri ibyo birata biba bitarabayeho.

**b) Uturango tw'ibyivugo by'amahomvu**

- Ni ibyivugo bigufi cyane.
- Ni ibyivugo byivugwa n'abana.
- Ibigwi biratamo biba bitarabaye, byuzuye amakabyankuru.
- Bigamije gusetsa no kwidagadura.
- Uwivuga yigereranya n'ibintu, inyamaswa akaba ari byo ashingiraho ubuhangange bwe.
- Aho kwirata ubutwari bwo ku rugamba, uwivuga yirata ibikorwa bisanzwe ndetse rimwe na rimwe bidahesha icyubahiro uwivuga, yirata ubwiza, ubuhangange mu kurya, mu gukundwa n'abagore n'abakobwa n'ibindi

**c) Akamaro k'ibyivugo by'amahomvu**

Ibyivugo by'amahomvu bitoza abana gutinyuka bakavuga nta mususu kandi badategwa.

Mu byivugo by'amahomvu bituma ababivuga bidagadura kuko bibasetsa bikabashimisha.

**3. Imyitozo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke nk'umukoro maze bakazamurika ibyo bakoze mbere yo gutangira isomo rizakurikiraho.

**Urugero rw'umwitozo:**

a) **Fata mu mutwe ibyivugo bibiri mu byo wahawe, hanyuma ubivugire imbere ya bagenzi bawe.**

Umwarimu asaba abanyeshuri kuvugira imbere ya bagenzi babo ibyivugo by'amahomvu bafashe mu mutwe.

b) **Himba ikivugo cy'amahomvu cyawe bwite wubahiriza ibiranga ibyo byivugo.**

Umwarimu agenzura ko buri munyeshuri yahimbye ikivugo cy'amahomvu, akabakosora.

## II.5.10. Ubutinde bw'inyajwi n'imiterere y'amasaku

### Isomo rya cumi na gatanu: Umugemo

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora gutahura inshoza y'umugemo no gutandukanya mu mivugirwe umugemo utebuka n'umugemo utinda. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu agenzura ko abanyeshuri bakoze umukoro yabahaye, agatoranyamo bake maze bakavugira imbere ya bagenzi babo ibyivugo by'amahomvu bafashe mu mutwe. Afata kandi ibyivugo by'amahomvu abanyeshuri bahimbye maze akazabikosora yita ku biranga bene ibyo byivugo.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga umugemo.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo, kuri iri somo, ribiteganya **mu ntangiriro rusange 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa:**

*Soma amagambo akurikira, witegereze imiterere yayo maze utahure inshoza n'imivugirwe y'umugemo mu ijambo.*

U-mwa-nga-vu

i-ngi-mbi

I-nda-nga-ga-ci-ro

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Umwarimu abaha iminota mike yo kuganira kuri icyo gikorwa. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya amatsinda abiri akamurikira abandi ibyo yakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo ayo matsinda amurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Inshoza y'umugemo**

Umugemo ugizwe n'ijwi rimwe cyangwa urwunge rw'amajwi menshi y'ishingiro yumvikanira rimwe uko umuntu abumbuye umunwa avuga. Bityo umubare w'imigemo ungana n'inshuro umuntu yagiye abumbura umunwa kugira ngo avuge ijambo.

**Ingero :**

- Umujugujugu : u-mu-ju-gu-ju-gu = **imigemo itandatu**
- Amashyiga : a-ma-shyi-ga = **imigemo ine**
- Amapfa : a-ma-pfa= **imigemo itatu**

Iyo umugemo ugizwe n'ijwi rimwe ry'ishingiro, uba ari inyajwi kandi uboneka mu ntangiro y'ijambo gusa. Indi migemo igirwa n'amajwi shingiro menshi (urwunge rw'ingombajwi) asozwa n'inyajwi. Bityo rero inyajwi ni yo shingiro ry'umugemo.

**b) Imivugirwe y'umugemo mu ijambo**

Mu Kinyarwanda haba imigemo itindwaho n'itebukwaho mu mvugo. Inyajwi rero nk'ishingiro ry'umugemo ni zo zituma ibyo byose bibaho. Amagambo y'Ikinyarwanda akomatanya imigemo itindwaho n'itebukwaho biturutse ku nyajwi irimo ; ariko nta jambo ryihariye imigemo itindwaho gusa mu gihe rigizwe n'imigemo irenze umwe. Mu mivugirwe y'umugemo, inyajwi itinda isohokera rimwe iyo umuntu avuga ijambo.

**Ingero :**

a) **Umugemo utebukwaho**

- Umutaka : u-mu-ta-ka
- Akaguru : a-ka-gu-ru

b) **Umugemo utindwaho**

- Umugaati : u-mu-gaa-ti
- Kugeenda: ku-gee-nda

3. **Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri, bagakora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura ko abanyeshuri bari gukorana umwitozo mu matsinda abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo. .

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo byabyo**

a) **Umugemo ni iki?**

Umugemo ni ijwi rimwe cyangwa urwunge rw'amajwi menshi y'ishingiro yumvikanira rimwe uko umuntu abumbuye umunwa avuga.

b) **Umugemo ushingira ku ki?**

Umugemo ushingira ku nyajwi.

c) **Garagaza imigemo mu magambo akurikira:**

- Umugaanda : U-mu-gaa-nda
- Indangagaciiro : I-ndaa-nga-ga-cii-ro
- Umunyamakuru : U-mu-nya-ma-ku-ru
- Abatuurage : A-ba-tuu-ra-ge

## Isomo rya cumi na gatandatu : Imiterere y'ubutinde n'amasaku

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora kwandika no kuvuga amagambo yubahiriza ubutinde n'amasaku. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga bibaganisha ku somo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Ushingiye ku mivugirwe y'imigemo, imigemo irimo amoko angaye? Yavuge?** Irimo amoko abiri. Imigemo itebukwaho n'imigemo itindwaho.

b) **Tanga nibura ingero ebyiri kuri buri bwoko bw'imigemo.**

**Imigemo itindwaho:**

- Guhaaha
- Amabaati

**Imigemo itebukwaho:**

- Iibuye
- Kugura

Umwarimu ahereye ku bisubizo abanyeshuri batanze, ababwira ko bagiye kwiga imiterere y'ubutinde n'amasaku.

### 2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo, kuri iri somo, ribiteganya mu ntangiriro rusange 2.6.

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa:**

*Musome interuro zikurikira mwungurane ibitekerezo ku magambo ari mu ibara ry'umukara ritsindagiye mugaragaza itandukaniro ryayo mukurikije imivugire yayo. Munasubize ibibazo bikurikira:*

1. Gutandukana kw'ayo magambo mu mivugirwe gushingiye ku ki?

2. Kora ubushakashatsi utahure inshoza y'imiterere y'ubutinde n'amasaku mu ijambo n'amoko y'amasaku.

- **Inkoko** yange izaturaga mu minsi mike
- Ejo nzajya kugura **inkoko** yo kugosora amasaka
- Mutoni yaranguye amasaro yo **gutaka**.
- Uwo mwana urimo **gutaka** abaye iki?
- **Umunyeshuri** mwiza ntasiba ishuri.
- Nabonye ishusho y'**umwami**.
- **Umwana** ararira ku mbehe.

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri akabasaba gukora igikorwa bahawe.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo gukora icyo gikorwa. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira,

umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibyava mu matsinda byanogejwe:**

**a) Imiterere y'ubutinde n'amasaku**

Mu ijambo ry'Ikinyarwanda inyajwi iba ifite ubutinde n'imiterere by'amasaku karemano.

Iyo umuntu atabikurikije mu mvugo aba ashyomye cyangwa se rimwe na rimwe akaba avuze irindi jambo atashakaga kuvuga cyangwa se akaba avuze ijambo ritabaho mu Kinyarwanda.

Ubutinde bw'inyajwi buvugwa ku nyajwi ibanguka yandikwa n'inyajwi imwe naho ku nyajwi itinda ikandikwa n'inyajwi ebyiri.

Imiterere y'amasaku y'inyajwi irangwa no kuzamuka cyangwa kumanuka igihe tuvuga ijambo. Iyo tuvuga inyajwi ikamanuka, mu nyandiko iyo nyajwi nta kamenyetso igira kayigaragaza ariko iyo tuvuga inyajwi ikazamuka, mu nyandiko iyo nyajwi iba ifite akamenyetso kayigaragaza gateye nk'akagofero (^).

**b) Amoko y'amasaku**

Amasaku arimo amoko abiri: amasaku shingiro cyangwa amasaku yoroheje n'amasaku y'inyunge.

- **Amasaku shingiro cyangwa amasaku yoroheje**

Amasaku shingiro cyangwa amasaku yoroheje agizwe n'amoko abiri: amasaku nyesi n'amasaku nyejuru. Iyo tuvuga inyajwi ikamanuka, iba ifite **isaku nyesi** na ho iyo inyajwi izamutse iba ifite **isaku nyejuru**.

Inyajwi ibangutse ishobora kugira isaku nyesi cyangwa se isaku nyejuru.

**Ingero**

Isaku nyesi ku nyajwi ibanguka:**u**m**ug**ab**o**, **u**m**u**nek**e**

Isaku nyejuru ku nyajwi ibanguka: umus**ô**re, umugor**ê**

Iyo inyajwi ifite isaku nyejuru, inyajwi yo ku mugemo ubanza na yo ivugirwa hejuru, bityo na yo ikagira akamenyetso k'akagofero gasanzwe karanga isaku nyejuru. Iryo saku rijeho kubera isaku kamere ryo ku mugemo ukurikiyeho bakaryita isaku nyejuru ry'integuza. Mu rwego rwo kugabanya ibimenyetso, ikimenyetso kiranga isaku nyejuru ry'integuza na cyo nticyandikwa.

**Ingero**: umus**ô**re, umugor**ê**.

- **Amasaku y'inyunge**

Amasaku y'inyunge agabanyijemo amoko ane: isaku nyesi nyesi (nyesi ndende), isaku nyesi nyejuru isaku nyejuru nyesi n'isaku nyejuru nyejuru (nyejuru ndende).

**Isaku nyesi nyesi (nyesi ndende)**

Iyo inyajwi itinda ifite isaku nyesi ku nyajwi ebyiri bavuga ko ari **isaku nyesi nyesi**. Ni ukuvuga ko umugemo uba utinda kandi uvugirwa hasi. Mu nyandiko y'amasaku, isaku nyesi nyesi ryandikishwa inyajwi ebyiri zikurikiranye zidafite akamenyetso.

**Ingero:**

**U**mut**aa**ko, umug**aa**nda, kuv**oo**ma

**Isaku nyesi nyejuru**

Iyo inyajwi itinda ifite isaku nyesi ku nyajwi ya mbere, ku ya kabiri ikagira isaku nyejuru, bavuga ko ari **isaku nyesi nyejuru**. Mu nyandiko y'amasaku, isaku nyesi nyejuru ryandikishwa inyajwi ebyiri zikurikiranye inyajwi ya mbere nta kamenyetso kariho, iya kabiri ifite akamenyetso gateye nk'akagofero.

**Ingero:**

Umw**aâ**mi, umw**aâ**ri

**Isaku nyejuru nyesi**

Iyo inyajwi itinda ifite isaku nyejuru ku nyajwi ya mbere ku ya kabiri ikagira isaku nyesi bavuga ko ari isaku nyejuru nyesi. Mu nyandiko y'amasaku, **isaku nyejuru nyesi** ryandikishwa inyajwi ebyiri zikurikiranye, inyajwi ya mbere ifite akamenyetso gateye nk'akagofero, inyajwi ya kabiri ntigire akamenyetso.

**Ingero:**

Umwâana, umwâaka

**Isaku nyejuru nyejuru (nyejuru ndende)**

Iyo inyajwi itinda ifite isaku nyejuru ku nyajwi ebyiri bavuga ko ari **isaku nyejuru nyejuru (nyejuru ndende)**.

Ni ukuvuga ko umugemo utinda uba uvugirwa hejuru. Bitewe n'uko akenshi riba rikurikiwe n'umugemo ufite isaku nyejuru, bituma ryandikishwa inyajwi ebyiri iya mbere ari yo ifite isaku nyejuru gusa naho ku nyajwi yaryo ya kabiri hakaba isaku ry'integuza ku mugemo ukurikiyeho, bityo ntiryandikwe.

**Ingero:**

- abatââje

- baârasîibye.

**Ikitonderwa**

- Hari ubwoko bw'isaku buvuka ku isaku nyejuru nyejuru.

**Ingero:**

Ikâawâ, umusâavê

- Iyo indomo itakaye kuri rino jambo amasaku na yo arahinduka.

**Urugero**: kaawâ, sâavê

- Ibinyazina biranga ahantu : "mo", "ho", "yo"n'utujambo "so" na "ko" buri gihe bifata isaku nyejuru. Ntabwo ayo masaku aba ari integuza cyangwa ngo ayikenere igihe idahari.

**Ingero:**

Yavuuyeyô

Yageendaniyekô

Yiinjiyemô

Mukâasô

Yamwiihomyehô

- Impakanyi "ta"na "da"na zo zifata isaku nyejuru.

**Ingero:**

Kutâzâajyayô

Kutâvugâ

Mudâsobwâ

- Mu Kinyarwanda amagambo ashobora guhuza imisusire mu nyandiko ariko ntahuze ibisobanuro kuko aba adahuje ubutinde n'imiterere y'amasaku.

**Ingero:**

Inkokô ≠ inkooko

Umusaâmbi ≠ umusaambi

- Inyandiko iriho amasaku yitwa **inyandiko ya gihanga**.

**c) Amagambo fatizo agenderwaho kugira ngo imyigire y'ubutinde n'amasaku yorohe.**

| Amagambo fatizo | Ingero z'andi magambo bihuje amasaku |
|---|---|
| Umugabo | umugayo, umugano, umutavu, ikigega, ibiheri,… |
| Umugaati | umugaanda, urugeendo, ubugiingo, umuhoondo,… |
| Kwaagaaza | kweegeera, kuuvuura,koondoora,… |
| Umugorê | umukirê, ubugomê, urukizâ, umugerî, ihenê, ishyarî, isarô, -isî, indâ, ugê, kô, sô, ndê,… |
| Umusôre | umukôro, uruhâre, igikênya, gasôre, musôni, matâma,shyôgwe, shâmi, kôra |
| Reerô | mbeesê, geewê, bwiizâ |
| umwaâmi | umwaâse, umwaâri, ubwoône, urwiîri |
| Umwâana | ubwâato, icyâaha, icyûuho, urwêego |
| Imbêehê | isâahâ, inzêezâ |
| Indôgobê | isâbunê, ingâmiyâ, imôdokâ |
| Isâhaâne | ikâraâyi, itâfaâri, ingûfuûri |
| Guhîingiisha | gukôondoora, guhîinguura |
| Umwiîgiisha | icyoôkeere, isaânzuure, umpiîngiishe |
| Uzâansuûre | uzâambwiîre, ibâambaâsi, uzâabyoôtse |
| Mwaârabyîize | baârashâaje, byaârahîiye, kaârabâaye |
| Utwuûnguceênge | Maâma sheênge |

### 3. Umwitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Umwarimu agenzura ko abanyeshuri bari gukora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha.

Iyo barangije gukora uwo mwitozo, bakosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo byabyo**

**Shyira amasaku ku magambo akurikira .**

a) Umuduri : Umudûri

b) Amabati : amabaati

c) Umuganda : umugaanda

d) Imyaka : imyâaka

e) Ibyatsi : ibyaâtsi

f) Umuco : umucô

j) Akagombambari : akagôombambâri

h) Umugenzuzi : umugeenzuuzi

## Isomo rya cumi na karindwi: Ubutinde n'amasaku kuri muhundwanota

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora kugaragaza ijambo yahawe kuri muhundwanota akurikije ubutinde n'amasaku byaryo. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga bibaganisha ku isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**Shyira amasaku ku magambo akurikira unavuge ubwoko bw'amasaku washyizeho:**

- Kugenda: kugeenda (**Isaku nyesi nyesi)**
- Isaha: isâahâ (**Isaku nyejuru nyejuru)**
- Isake: isaâke (**Isaku nyesi ngejuru)**
- Imyaka: imyâaka (**Isaku nyejuru nyesi)**

Umwarimu ahereye ku bisubizo abanyeshuri batanze, ababwira ko bagiye kwiga ubutinde n'amasaku kuri muhundwanota.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo, kuri iri somo, ribiteganya mu ntangiriro rusange 2.6.

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa:**

*Soma amagambo akurikira, yashyireho amasaku hanyuma wifashishe uturongo ugaragaza isaku nyesi ritebutse n'isaku nyejuru ritebutse; isaku ry'integuza n'isaku ritinda ukurikije imivugirwe yayo.*

- *Umukobwa*
- *Umutaka*
- *Umutobe*
- *ituze*

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri akabasaba gukora igikorwa kiri mu bitabo byabo.

Iyo abanyeshuri barangije icyo gikorwa, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikajya ku kibaho rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibyava mu  matsinda byanogejwe:**

**Inshoza ya muhundwanota**

Muhundwanota ni uturongo tubiri duteganye duciye hejuru y'ijambo twerekana imivugirwe y'amajwi ari muri iryo jambo. Isaku nyesi ritebutse ryerekanwa n'akarongo kagufi gaciye hejuru y'inyajwi gakurikije umurongo wo hasi. Isaku nyejuru ritebutse rigaragazwa n'akarongo kagufi gatambitse hejuru y'inyajwi gakurikije umurongo wo hejuru. Isaku ry'integuza ryo ryandikwa nk'isaku nyejuru. Naho isaku ritinda rikagaragazwa n'akarongo karekare gashyirwa hejuru y'ubutinde bitewe n'uko rivugitse.

**Ingero:**

Abagenzi
a ba gee nzi

Imana
i mâa na

umuhungu
Ū mu huû ngu

Abataje
a bâ tâa jê

Gasana
Ga saa nâ

umusave
Ū mû sâa vê

Umujyanama
u mû jyââ nâa ma

3. **Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri bagakora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo, abafite ibibazo byihariye akababafasha. Hanyuma bakawukosorera hamwe ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

1. **Shyira amagambo akurikira kuri muhundwanota wubahiriza ubutinde n'amasaku**

umugezi , umukoro, umurima, Mukamana, abasare, isaha

**Ibisubizo**

umugezi
u mu ge zi

umukoro
u mu kô ro

umurima
u mu ri mâ

Mukamana
Mu kâa mâa na

abasare
a ba saâ re

isaha
i sâa hâ

## II.5.11. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 76)

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa kabiri, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

**Urugero rw'umukoro watangwa n'igisubizo cyawo**

Umaze kwiga ubuvanganzo nyemvugo, jya mu isomero maze uhitemo imyandiko y'imwe mu ngeri z' ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda uyisome. Hera kuri iyo myandiko uhange igihangano cyawe bwite cya bene iyo ngeri.

**Uko umwitozo ukosorwa**

Umwarimu agenzura ko buri munyeshuri yakoze umukoro, agakosora imyandiko bakoze areba ko bubahirije uturango tw'ingeri bahisemo.

## II.6. Inshamake y'umutwe wa kabiri

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa mbere bityo bikabafasha gukora inshamake.

**Urugero rw'inshamake bakora:**

| |
|---|
| Muri uyu mutwe:<br>- Twasesenguye imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko y'umuco nyarwanda.<br>- Twize ingeri z'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo bwo muri rubanda menya kuzisesengura ngaragaza ingingo z'ingenzi n'iz'umuco zigaragaramo.<br>- Twize kandi dusesengura ingeri z'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo bwo muri rubanda burimo imigani miremire, imigani migufi cyangwa imigani y'imigenurano, insigamigani, ibisakuzo, urwenya na byendagusetsa n'ibyivugo by'amahomvu.<br>- Twize kandi no kwandika amagambo atandukanye mu nyandiko igaragaza ubutinde n'amasaku. |

## II. 7. Isuzuma risoza umutwe wa kabiri

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 76)

| Ibigenderwaho mu isuzuma ry'umutwe wa kabiri |
|---|
| Ubushobozi bwo:<br>- Gusoma udategwa<br>- Gusesengura umwandiko.<br>- Gutandukanya ingeri z'ubuvanganzo nyarwanda.<br>- Guhimba yigana zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda.<br>- Gusoma no kwandika yubahiriza ubutinde n'amasaku |

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma ku giti cyabo. Iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Matama uvugwa muri uyu mwandiko yari muntu ki?**

   Matama uvugwa mu mwandiko ni umukobwa wa Bigega yari yaravukanye isaro mu ntoki, ntihabe hagira uhirahira ngo arimwake.

2. **Ni iki cyabaye intandaro yo kurira kwa Matama ya Bigega yivukaniye?**

   Bagiye kumwuhagira isaro rigwa hasi, inkoko irarimira, umwana arira kuva ubwo. Bagiye gufata inkoko ngo bariyake umukara urayimira, bagiye gufata umukara, imbwa irawumira, bagiye gufata imbwa, ingwe irayimira, bagiye gufata ingwe intare irayimira, bagize ngo bafate intare, imbogo irayimira, bakurikiye imbogo ngo bayifate, inzovu irayimira, nuko inzovu yigira mu ishyamba.

3. **Tanga ingero ebyiri z'amakabyankuru agaragara muri uyu mwandiko.**

   Ingero ebyiri z'amakabyankuru zigaragara mu mwandiko ni izi:

   - Umwana warize icyumweru cyose arira ataraceceka
   - Umwana wavutse apfumbase isaro mu ntoki

4. **Ni iki ushima umwami Mibambwe n'umugaragu we Mugunga?**

   Umwami Mibambwe n'umugaragu we Mugunga nabashima ubutwari bagize bwo gufasha umwana bumvaga arira bagakora ibishoboka byose kugira ngo ahore.

5. **Ni iki unenga muri uyu mwandiko ku ngingo yo gufata neza ibidukikije?**

   Icyo nenga ni uguhiga mu ishyamba, no kwica inyamaswa

6. **Ni irihe somo ry'ingenzi ukuye muri uyu mwandiko?**

   - Isomo ry'ingenzi nkuye muri uyu mwandiko ni ugufasha abafite ingorane nk'uko Mugunga na Mibambwe babigiriye Matama ya Bigega.

   - Kudacika intege igihe niyemeje gukora ikintu runaka kigoranye.

**II. Ibibazo by'inyunguramagambo**

1. **Sobanura amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko.**
   a) **Kugishisha inka**: kwimura inka uzijyana ahari ubwatsi
   b) **Mu gikumba k'inka**: aho inka ziteranira/zibyagira
   c) **Guhirahira**: gukinisha cyangwa se gutinyuka
   d) **Kurambagira**: gutembera k'umwami
2. **Koresha amagambo akurikira mu nteruro zigaragaza ko wumva ibisobanuro byayo.**
   **a) Kunyurwa**
   Buri muntu akwiye kunyurwa n'ibyo afite ntararikire iby'abandi
   **b) Kumena ijoro**
   Abajura bamena ijoro bagiye kwiba bafatiwe ingamba
   **c) Guhagatira**
   Makuza ahagatiye impanga ze bagiye gusenga
3. **Uzurisha interuro zikurikira amwe mu magambo akurikira ukora isanisha rikwiye: abararizi, mu nkoko, guhirahira, kuvumbuka, kurambagira.**
   a) Yaraye adasinziriye bigeze………………arabyuka aragenda. **(mu nkoko)**
   b) Mu ishyamba ……………. ingeragere maze abahigi barayica. **(havumbutse)**
   c) Abajura ……………….. kujya kumwiba ariko bagasanga ……….ku gipangu ke. **(Bahirahiye...............abararizi)**
   d) Ku mugoroba umwami yajyaga ………………igihugu ke. **(kurambagira)**

**III. Ibibazo ku buvanganzo bwo muri rubanda**

1. **Rondora ingeri eshanu z'ubuvanganzo bwo muri rubanda.**

Ibisakuzo,imigani,amahigi,insigamigani,ibitekerezo byo muri rubanda,...

2. **Usanga Ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda butumariye iki muri iki gihe?**

- Budufasha kumenya amateka n'imibereho by'abakurambere bacu
- Bidufasha kunoza no gusigasira umuco gakondo wacu

3. **Ni irihe tandukaniro riri hagati y'umugani muremure n'insigamigani?**

| Insigamigani | Umugani muremure |
|---|---|
| Itangira bavuga inkomoko y'uwo mugani | Utangirwa na kera habayeho |
| Ivuga ibyabayeho ku bantu bazwi, mu gihe kizwi | Uvuga ibitarabayeho mu gihe kitazwi |
| Ivuga igitekerezo gifatika ku kintu cyakozwe/cyavuzwe n'umuntu bigafatirwaho iciro ry'umugani | Ivuga ibitekerezo by'ibihimbano kandi ukarangwa n'amakabyankuru |
| Isoza batanga igisobanuro cy'uwo mugani n'uko uwo mugani ukoreshwa. | Usozwa na si nge wahera hahera umugani/ikindi kintu. |

4. **Ica ibisakuzo bikurikira:**

**Sakwe sakwe**

- Icyo nagutuma ntiwakizana: **inyenyeri**
- Aho nagendaniye nawe wambwiye iki? : **igicucu cyawe**
- Nkubise urushyi rurumira. : **ibara ry'inka**
- Nagutega icyo utazi utabonye: **ubuto bwa so na nyoko**
- Abakobwa b'iwacu bicaye ku ntebe imwe: **intoki ku kiganza**

5. **Soma interuro zikurikira, ushake umugani w'umugenura-no wahuza n'ibivugwamo.**

a) Iminsi uyiteganyiriza hakiri kare, ukibishoboye, ibintu wazigamye bikazagutunga utakishoboye n'inshuti washatse zikazagufasha umaze gusaza cyangwa wamugaye.

- **Iteme umugabo azambuka yakennye aritinda agitunze.**
- **Akabando k'iminsi gacibwa kare kakabikwa kure**

b) Ntawukwiye kwishimira ibyago by'undi naho yaba ari umwanzi we kuko na we bishobora kumugeraho.

  - **Umugabo mbwa aseka imbohe**

c) Ubwuzu n'ubuntu bw'ugukunda bumugaragaraho akikubona, ntatindiganya kukwakira neza, aguhorana ku mutima n'iyo ufite ibyago abigufashamo utabimusabye.

  - **Ikiganza kizakurengera ukibona mu iramukanya**
  - **Amaboko azaguha uyumva mu iramukanya.**

d) Umurimo udakora wibwira ko woroshye, ukagaya abawukora ngo nta cyo bamaze kandi ubakomereye koko. Umuntu ananirwa kugira icyo akurusha, ariko ntananirwa kujora icyo abandi bakoze.

  - **Utabusya abwita ubumera**

e) Kwiharira ibyo utunze ntusangire n'inshuti utazi icyo iminsi iguteze.

  - **Urya inshuro n'inshuti bigashira udahaze.**
  - **Akanwa karya ntiwumve, kavuza induru ntiwumve**

6. Ni uwuhe mugani wacira umuntu uvugwa muri iyi nkuru: Gatari akunda gusuzugura iby'abandi basubije mu ishuri akumva ko ibye ari byo bizima ko nta wundi wagira icyo asubiza. Bikarangira nyuma yo gukosorwa ari we ubonye amanota make.

  - **Utazi ubwenge ashima ubwe**

7. Uzuza imigani y'imigenurano ikurikira
   a) Imvura igwa ni isubira
   b) Utazize inarashatse, azira inarabyaye
   c) Agahwa kari ku wundi karahandurika

8. Mu mibanire y'abantu, urwenya na byendagusetsa bifite akahe kamaro?

   Mu mibanire y'abantu, urwenya na byendagusetsa bigira abantu inama bikababakosora kandi bikanabashimisha.

9. Himba ikivugo cy'amahomvu cyawe bwite wubahiriza uturango twa bene ibyo byivugo.

Umwarimu azareba nimba ibyivugo abanyeshuri bahimbye byujuje uturango tw'ibyivugo by'amahomvu


**IV. Ibibazo ku masaku n'ubutinde**

1. **Andika amagambo akurikira mu nyandiko igaragaza ubutinde n'amasaku**

| Inyandiko isanzwe | Inyandiko y'amasaku |
|---|---|
| a) icyanzu | icyaanzu |
| b) umuhire | umuhiîre |
| c) gusarura | gusaaruura |
| d) umwamikazi | umwaâmikazi |
| e) umuririmbyi | umurîriimbyi |
| f) umwari | umwaâri |

2. **Shyira amagambo akurikira kuri muhundwanota**

a) umushyitsi b) umusore c) ibyari d) induru e) Sebatware.




## II. 8. Ibikorwa by'inyongera

Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe, akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite. Iyo birangiye, abagaragaje ubushobozi buke bahabwa imyitozo ikurikira:

### II. 8.1. Imyitozo nzamurabushobozi

1. **Tanga ingeri nibura eshanu z'ubuvanganzo bwo muri rubanda.**

Ingeri z'ubuvanganzo: imigani migufi, amahamba, amavumvu, amasare, amajuri, ibyidogo, ibitongero…

2. **Tandukanya insigamigani n'umugani muremure.**

Umugani muremure n'insigamigani byombi ni inkuru ariko zitari ku rwego rumwe.

| Insigamigani | Umugani muremure |
|---|---|
| Itangira bavuga inkomoko y'uwo mugani | Utangirwa na kera habayeho |
| Ivuga ibyabayeho ku bantu bazwi, mu gihe kizwi | Uvuga ibitarabayeho mu gihe kitazwi |
| Ivuga igitekerezo gifatika ku kintu cyakozwe/cyavuzwe n'umuntu bigafatirwaho iciro ry'umugani | Ivuga ibitekerezo by'ibihimbano kandi ukarangwa n'amakabyankuru |
| Isoza batanga igisobanuro cy'uwo mugani n'uko uwo mugani ukoreshwa. | Usozwa na si nge wahera hahera umugani/ikindi kintu. |

## II. 8.2. Imyitozo nyagurabushobozi

Abanyeshuri bagaragaje ubushobozi, umwarimu abaha imyitozo ikurikira:

1. Himba umugani muremure ugaragaramo zimwe mu ngingo z'umuco nyarwanda uzawucire bagenzi bawe.
2. Sesengura imigani migufi ikurikira ukurikije amagambo ayigize hanyuma utange igisobanuro cy'uwo mugani.

**a) Iyo inkoko ivuye mu magi arabora.**

Urumva ko ari byo koko, ni na ko bigenda nta gisobanuro bigomba kugira ngo wumve iyo nteruro. Inkoko iraririye amagi, iyo iyavuyemo ni byo arabora. Nyamara mu buryo bwa kabiri ari bwo bw'amarenga ugomba gutekereza ugashishoza kugira ngo umenye icyo cyangwa uwo bawuciraho. Uyu mugani ushushanya umubyeyi utaye abana bato kandi batagira kivurira. Abo bana babaho mu buzima bugoye, bakaruha cyangwa bakandavura.

**b) Amagambo atagira mukuru arumba ari indaro:**

Utazi ijambo "indaro" icyo rivuga ntushobora kumva uwo mugani. Nturyite indâaro imwe y'abazimu cyangwa se inzu nto cyane. Indaro bavuga muri uyu mugani ni ikintu kinini kisanzuye. Umurima w'indaro ni umurima munini cyane. Kurumbya umurima w'indaro ntusarure n'irya kirazira ni ukugusha ishyano. Ikigereranyo cy'uyu mugani: inama igiwe n'abantu bato batagira umuntu wo kubagimbura, noneho inama yabo yajya kuzura bakabitaba kubera kudashobora kubitunganya ni yo magambo atagira mukuru arumba ari indaro kuko aba ahari ariko agasubira kuba ubusa.

**c) Wanga gushaka ihene hakibona bwakwira ugahebeba nka yo.**

Ugiye gushaka ihene ku manywa waba ureba aho yarengeye ukoresheje amaso. Naho iyo haje ubwire, ukenera gukoresha andi mayeri ngo utahure ahoiherereye.

Bityo, ushaka ihene nijoro arahebeba, agira ngo iyo hene na yo imwumve ihebebe amenye aho iherereye. Ahebeba nka yo kugira ngo yibwire ko ari indi hene iyihebebeye maze yitabe.

- Bacira uyu mugani ku muntu wakerewe gukora ibyo yagombaga gukora nyuma kubikora bikamugora.

**d) Wigana ingendo y'undi ukajagira.**

Kujagira ni ukugenda nabi, utagaranyije amaguru nk'urwaye ububyimba. Ntiwareka kugenda ingendo yawe ngo ushobore guhora ugenda ingendo y'undi. Ingendo y'undi ishushanya imico ye n'imyifatire ye. Ntiwakwikuramo uko uteye ngo ugire imiterere y'undi ngo ubishobore.

- Bacira uyu mugani ku muntu wishuka ashaka kumera nk'undi.

## II.8.3. Imyitozo y'inyongera

1. **Indirimbo zaririmbwaga mu mirimo nk' amahigi, amasare n'izindi zabaga zigamije iki?**

   Zabaga zigamije kongerera imbaraga abari muri uwo murimo.

2. **Tanga izindi nsigamugani eshanu uzi**

   - Yarezwe bajeyi
   - Nta nzoga ya Nzonnyo
   - Yatahiye cyamaramba
   - Yagiye burundu
   - Yarushye uwa kavuna

   (Umwarimu arareba niba umunyeshuri yanditse ingero eshanu z' insigamigani.)

3. **Ica ibi bisakuzo bikurikira:**

   Sakwe sakwe!

- Nagutera icyambuka amazi kitagira amaguru : ijwi
- Nshinze umwe ndasakara: igihumyo

4. **Tandukanya amagambo yandikwa atya ukoresheje ubutinde bw'imigemo n'amasaku ugabanya ibimenyetso.**

a) Imyenda (bambara)…………….≠…….(amadeni)

Imyeênda ≠ imyêendâ

b) Inkoko (itungo)………………… ≠…… (bagosoza)

Inkokô ≠ inkooko

c) Akarere (ko ku nsina) ……… ≠………(agace k'ahantu)

Akareere ≠akarêerê

## II.9. Amakuru y'inyongera

**izindi ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda**

1. **Ibisigo nyabami**: ni ibihangano byubatse nk'imivugo ikoreshejwemo ikeshamvugo n'amagambo y'indobanure, bigasingiza abami, ingoma ngabe n'ibikorwa byabo n'uko batsinze amahanga ndetse n'uko bazatsinda abandi bazabigerereza.
2. **Ubwiru**: ni ibihangano bikubiyemo amategeko yagengaga imihango y'ibwami.
3. **Ubucurabwenge**: ni ibihangano byari bikubiyemo urutonde rw'amazina y'abami n'abagabekazi. (Ibisekuru byabo)
4. **Ibitekerezo by'ingabo:** ni ibihangano byari bikubiyemo inkuru z'ibitero byagabwe hanze y'u Rwanda.
5. **Indirimbo z'ingabo**: ni indirimbo zaririmbwaga mu bitaramo byo kwizihiza insinzi. Zafatiraga ku bantu babayeho (abami, ab'ibwami n'abatware) cyangwa ibikorwa byabayeho bizwi. Izo ndirimbo zabagamo amakabyankuru.
6. **Amazina y'inka**: byari ibyivugo birata inyambo. Habagamo itondeke ripimye (umubare w'utubangutso). Hagaragaragamo ikeshamvugo n'amagambo yabugenewe.
7. **Ibyivugo**: ni ibihangano biteye nk'imivugo irata ubutwari (ibigwi n'ibirindiro) intwari runaka yagaragarije ku rugamba kandi ugasanga bakoreshamo ikeshamvugo.

**Ibyivugo by'iningwa**:Ni ibyivugo bihimbitse neza ariko bigufi. Ntibishobora kugabanywamo ibice nk'iby'imyato. Akenshi ntibikunze kurenza imikarago(imirogo) icumi (10). Muri ibi byivugo, rimwe na rimwe hashobora kubonekamo ibigwi n'ibirindiro. Iki ni cyo kivugo umugabo wese yagombaga kugira, yaba yarageze ku rugamba cyangwa atarahageze.

**Urugero**: Rushenyi rwa Ntoranyi.

**Ibyivugo by'imyato**: ibyivugo by'imyato ni nk'ibisingizo bisingiza intwari yo ku rugamba, bigasingiza intwaro zabo, bikarata ubutwari. Uwivuga ni we uba yitaka, agataka intwaro ze. Ibi byivugo byaba byaradukanywe n'abagabo bo mu mutwe w'Abashakamba. Nta wagira iki kivugo atarageze ku rugamba, yarabaye umunyabwoba cyangwa yarahunze urugamba.

Ibyivugo by'imyato ni birebire, bikagira ibice bita imyato. Ikivugo k'imyato umuntu yarakihimbiraga cyangwa agasaba umuhanga mu kubihimba akakimuhimbira.

Mu myato ni ho dusanga ibigwi n'ibirindiro ku buryo busobanutse neza.

**Ibigwi**: Umubare cyangwa se amazina y'abo nyiri ukwivuga yatsinze ku rugamba cyangwa mu isibaniro.

**Ibirindiro** :Ibikorwa by'akataraboneka (by'agatangaza) bitagusha ku kwica, yerekaniye ku rugamba.

**Urugero**: Inkatazakurekera

# UMUTWE WA 3

## KUBAHIRIZA UBURENGANZIRA BWA MUNTU

### III.1 ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umuvugo agaragaza uturango twawo n'ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.
- Guhimba no kuvuga umuvugo.
- Kugaragaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi by'izina mbonera, ntera, izina ntera n'igisantera.

### III.2 Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

- Uko abantu bakwiye kwirinda ihohoterwa
- Gukoresha mu nteruro amazina, ntera, amazina ntera n'ibisantera
- Ibiranga umwandiko usanzwe

### III.3. ingingo nsanganyamasomo

| **Ingingo nsanganyamasomo** | **Aho igaragara mu muri uyu mutwe** |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Mu bikorwa byose umwarimu yita ku banyeshuri b'ibitsina byombi. |
| Uburezi budaheza | Mu bikorwa byose umwarimu yita ku banyeshuri bose (harimo n'abafite ibyo bagenerwa byihariye). |
| Umuco wo kuzigama | Mu mwandiko "Turyamagane twese" Umwarimu ahera ahavugwa ko umugore nta mutungo yinjiza mu rugo maze akigisha abanyeshuri umuco wo kuzigama. |
| Umuco w'amahoro | Mu mwandiko "Turyamagane twese" Umwarimu ahera ahavugwa ihoterwa no kutubahana hagati y'umugabo n'umugore maze akigisha umuco w'amahoro. |

| | |
|---|---|
| Jenoside | Mukunguranaibitekerezohavugwamo ko kutubahiriza uburenganzira bwa muntu bishobora kuba intandaro y'ubwicanyi bushobora no kugeza kuri jenoside. |

## III.4. Igikorwa cy'umwinjizo

***Rondora kandi usobanure ibintu nibura bitatu umuturage yakorerwa bikagaragara ko uburenganzira bwa muntu butubahirijwe. Wakora iki kugira ngo ubwo burenganzira umuturage yavukijwe abuhabwe.***

Urugero rw'ibisubizo:

Gutotezwa, gukubitwa, gufatwa ku ngufu…

## III.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatatu n'igihe yagenewe

| **Umutwe wa gatatu: Kubahiriza uburenganzira bwa muntu** | | **Umubare w'amasomo: 25** |
|---|---|---|
| **Umwandiko: Turyamagane twese** | | |
| Amasomo | Intego rusange | **Umubare w'amasomo** |
| **Isomo rya mbere:** Gusoma no gusobanuraumwandiko | Gusoma umwandiko, gusobanura amagambo adasobanukiwe no kuyakoresha mu mvugo no mu nyandiko. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya kabiri:** Gusoma no kumva umwandiko | Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya gatatu:** Gusoma no gusesengura umwandiko | Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe. | **Isomo 1** |

| | | |
|---|---|---|
| **Isomo rya kane:**<br>Kungurana ibitekerezo | Gusesengura insanganyamatsiko yatanzwe no kuyunguranaho ibitekerezo. | **Isomo 1** |
| | **Umuvugo** | |
| **Isomo rya gatanu**: Umuvugo | Guhanga umuvugo yubahiriza uturango twawo. | **Amasomo 2** |
| | **Amagambo ahinduka: Izina mbonera** | |
| **Isomo rya gatandatu**: Izina mbonera. | Gutahura inshoza y'amagambo ahinduka n'ubwoko bwayo.<br>Gusesengura izina mbonera agaragaza intego yaryo n'amategeko y'igenamajwi. | **Isomo 3** |
| | **Umwandiko: Rutabingwa yisubiyeho** | |
| **Isomo rya karindwi** : Gusoma no gusobanura umwandiko. | Gusoma umwandiko, gusobanura amagambo adasobanukiwe no kuyakoresha mu mvugo no mu nyandiko. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya munani**: Gusoma no kumva umwandiko | Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya rya kenda**: Gusoma no gusesengura umwandiko. | Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe. | **Isomo 1** |
| | **Ntera** | |
| **Isomo rya cumi**: Ntera | Gukoresha no gusesengura ntera. | **Amasomo 2** |
| | **Izina ntera** | |
| Isomo rya cumi na rimwe: Izina ntera | Gukoresha no gusesengura izina ntera | **Amasomo 2** |
| | **Igisantera** | |
| **Isomo rya cumi na kabiri**: Igisantera | Gukoresha no gusesengura igisantera | **Amasomo 2** |

| Inyunguramagambo | | |
|---|---|---|
| **Isomo rya cumi na gatatu:** Inyunguramagambo | Gutahura no gukoresha inyunguramagambo | **Amasomo 2** |
| **Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri** | | **Amasomo 2** |
| **Isuzuma risoza umutwe:** | | **Amasomo 3** |

## III. 5.1 Umwandiko: Turyamagane twese

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 82)

## Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza<br>- Gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku burenganzira bwa muntu, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Turyamagane twese" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Kuri iyi nshuro urabonaho iki?**

Ndabona umugabo wirukankana abana batatu b'abakobwa, n'undi mugabo ushyira umwana w'umukobwa mu modoka ku ngufu.

**b) Urakeka ko bariya bagabo bagamije iki?**

Ndakeka ko bari ya bagabo bagamije guhohotera bariya bana.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo gice mu ntangiriro rusange kuri 2.6.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Soma umwandiko "Turyamagane twese", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashshishije inkoranya.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'amagambo n'ibisobanuro byayo:**

a) Twakondewe: Twahangiwe, twateguriwe.

b) Uharaze: ufite byinshi bikuranga.

c) Iduhundagazaho: Iduha ku bwinshi.

d) Iyo riterwa inkingi: Kure cyane.

e) Riravuza ubuhuha: Rikabije gutuma abantu bamererwa nabi.

f) Rirabacuza: Ribatwara ibyabo.

g) Hahanda: Hababaza, hagirira abantu mabi.

h) Umusubizo: Mu buryo bwihuta, ari nyinshi.

i) Mutindi: Mubi, ugira nabi.

J) Igicibwa: Uwo bose baha akato.

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiribabiri, gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo, agafasha abafite ibibazo byihariye hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

1. **Uzurisha izi nteruro amagambo akurikira yakuwe mu mwandiko: amahano, guhashya, ihohoterwa, ubupfura, guhezwa.**

a) Abanyarwanda bose bamagane **ihohoterwa** rikorerwa mu ngo.

b) Gucuruza abantu ni **amahano**, byamaganirwe kure.

c) Umwana wahawe uburezi n'uburere byiza ahora arangwa n'**ubupfura.**

d) Nta muntu ugomba **guhezwa** mu iterambere ry'Igihugu.

e) Duhagurukire twese **guhashya** umuco wo kubangamira uburenganzira bwa muntu.

2. **Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe wihimbiye: ubupfayongo, igicibwa, kuvuza ubuhuha, imigenzo.**

Umwarimu aragenzura ko interuro zahimbwe ziboneye .

## Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br><br>Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?**

Umwandiko duheruka kwiga ni "Turyamagane twese".

b) **Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?**

Uwo mwandiko wavugaga ku nsanganyamatsiko yo kubahiriza uburenganzira bwa muntu.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo gice mu ntangiriro rusange kuri 2.6.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Ongera usome umwandiko "Turyamagane twese", hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

a) **Ni hehe umwanditsi w'uyu mwandiko agaragaza ko ihohoterwa rigaragara?**

Umwanditsi w'uyu mwandiko agaragaza ko ihohoterwa rigaragara mu ngo hagati y'abashakanye no ku bo babyara, mu itangwa ry'akazi, mu micungire y'abakozi no bucuruzi bw'abantu

b) **Ni iyihe ngaruka y'ihohoterwa ryo mu ngo yagaragajwe mu mwandiko?**

Ingaruka y'ihohoterwa ryo mu ngo yagaragajwe mu mwandiko ni ingo zisenyuka cyangwa abana bagateshwa agaciro ntibanahabwe ibyo bagenerwa mu muryango.

c) **Ni bande bavutswaga uburenganzira bwabo nk'uko byavuzwe mu mwandiko? Babuvutswaga bate?**

Abantu bagurishwa : Bahindurwa ibicuruzwa bakavutswa igihugu cyabo.

Abana b'abakobwa : Ntibafatwa nka basaza babo kuva bakivuka, yewe ntibanahabwe umunani.

Abagabo/ abagore : basuzugurana hagati yabo mu gihe umwe yijniza umutungo muke ugereranyije n'umufasha we.

d) **Ni rihe somo ry'ingenzi ukuye muri uyu mwandiko?**

Isomo ry'ingenzi nkuye muri uyu mwandiko ni ukwirinda guhohotera abandi mu buryo ubwo ari bwo bwose no gukumira ndetse no kwamagana abakigaragaraho ingeso yo guhohotera abantu.

## Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

| **Intego yihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br><br>Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Vuga bimwe mu bikorwa byavuzwe muri uyu mwandiko bibangamiye uburenganzira bwa muntu.**

Ihohoterwa ryo mu ngo, mu kazi, mu itangwa ryako, mu icuruzwa ry'abantu…

b) **Vuga bamwe mu bavugwa mu mwandiko bagomba kugira uruhare mu kurengera uburenganzira bwa muntu?**

Porisi, imiryango mpuzamahanga ndetse natwe twese muri rusange.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo gice mu ntangiriro rusange kuri 2.6.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Ongera usome umwandiko "Turyamagane twese", hanyuma usubize ibibazo bikurikira.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanonosowe:**

a) **Ni irihe hohoterwa rikorerwa ikiremwa muntu rigaragara mu karere utuyemo?**

Ihohoterwa rikorerwa ikiremwa muntu rigaragara mu karere utuyemo ni ukuvutsa abana amahirwe yo kwiga biboneka ku babyeyi bamwe na bamwe no gukoresha abana imirimo yo mu rugo aho kubasubiza ku ishuri bararivuyemo. Irindi hohoterwa riba hagati y'abashakanye aho usanga umwe abuza undi umutekano hakabura ubwumvikane,

b) **Vuga muri make icyo wakora mu kwimakaza uburenganzira bw'ikiremwa muntu.**

Mu rwego rwo mu kwimakaza uburenganzira bw'ikiremwa muntu nashishikariza abantu gusoma no gusobanukirwa amategeko

n‘amahame agenga uburenganzira bw’ikiremwa muntu, ngatabara cyangwa ngatabariza uwo ari wese mbona ahohoterwa.

c) **Garagaza ingaruka zo kubangamira uburenganzira bwa muntu.**

Ingaruka zo kubangamira uburenganzira bwa muntu ziri kwinshi. Twavuga nko kudindiza iterambere ry’umuntu cyangwa ry’Igihugu, gutuma abantu bahinduka ibikange ntibisanzuraneho cyangwa ngo basabane, gukurura inzangano n‘ibikorwa by’ubugizi bwa nabi bishobora no kugeza kuri jenoside n’ibindi.

d) **Ni iki cyakorwa kugira ngo uburenganzira bwa muntu bwubahirizwe?**

Icyakorwa kugira ngo uburenganzira bwa muntu bwubahirizwe ni: Kugena igihe n’ahantu abakiri bato batorezwa indangagaciro n’ubupfura bakiri bato no gukomeza umurego mu guhugurira abantu bakuru kumenya ko umuntu ari nk’undi. Gucisha bene ibi biganiro mu bitangazamakuru bisomwa, byumvwa cyangwa birebwa.

## Isomo rya kane: Kungurana ibitekerezo

| **Intego yihariye** |
|---|
| Nyuma y’iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br><br>Gutanga ibitekerezo mu bwubahane ku nsanganyamatsiko yahawe no kuvugira mu ruhame ashize amanga. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu n’izindi nyandiko zivuga ku burengazira bwa muntu |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y’umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitozo wo kungurana ibitekerezo.

**Urugero rw’ibibazo n’ ibisubizo:**

a) **Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko duheruka kwiga?**

Kubahiriza uburenganzira bwa muntu.

b) **Vuga muri make akamaro ko kubahiriza uburenganzira bwa muntu.**

Kubahiriza uburenganzira bwa muntu bituma abantu babaho batuje, batishishanya bigatuma batekereza ku byabateza imbere.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo gice mu ntangiriro rusange kuri 2.6.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Mwungurane ibitekerezo ku ngaruka zo kubangamira uburenganzira bwa muntu n'ibyakorwa kugira ngo zirindwe.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyo bunguranyeho ibitekerezo mu matsinda yabo, bafatanya n'umwarimu maze bagatanga umwanzuro ku nsanganyamatsiko bunguranyeho ibitekerezo.

**Urugero rw'insanganyamatsiko n'urugero rw'umwanzuro:**

***Mwungurane ibitekerezo ku ngaruka zo kubangamira uburenganzira bwa muntu n'ibyakorwa kugira ngo zirindwe.***

Ingaruka zo kubangamira uburenganzira bwa muntu ni nyinshi. Harimo kuba abantu babaho batisanzuye, bafite ihungabana, ibikomere byo ku mutima n'ibyo ku mubiri bityo ntibagire ikizere cy'ubuzima, bigatuma batiteza imbere cyangwa ngo bateze imbere imiryango yabo n'igihugu muri rusange.

Kutubahiriza uburenganzira bwa muntu bishobora kuba intandaro y'ubwicanyi bushobora no kugeza kuri jenoside.

Ibyakorwa kugira ngo izo ngaruka zirindwe: Gushyiraho gahunda z'ibiganiro ku burenganzira bwa muntu mu itangazamakuru, mu mahuriro y'abanyeshuri, y'urubyiruko, mu mugoroba w'ababyeyi…

## III. 5.2. Umuvugo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ……..)

## Isomo rya gatanu: Umuvugo

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Guhanga umuvugo yubahiriza uturango twawo<br>- Kuvuga ashize amanga umuvugo imbere ya bagenzi be agaragaza isesekaza |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi bitabo by'ubuvanganzo nyarwanda. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku muvugo.

**Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo:**

**a) Uwandiko "Turyamagane twese" wanditse ute?**

Wanditse mu buryo bw'imikarago.

**b) Imirongo yawo iteye ite?**

Imikarago yose ni migufi kandi yose itangijwe inyuguti nkuru.

Umwarimu araboneraho abwire abanyeshuri ko bagiye kwiga ibiranga umuvugo.

### 2. Uko isomo ryigishwa

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Ongera usome umwandiko «Turyamagane twese?» witegereza imiterere yawo, uvuge aho ubona utandukaniye n'indi myandiko maze utahure inshoza n'uturango by'umuvugo.*

Umwarimu arabagenera igihe cyo gukora icyo gikorwa. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya amatsinda abiri akamurikira abandi ibyo yakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo buri tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

a) **Inshoza y'umuvugo**

Umuvugo ni igihangano kiri mu mvugo cyangwa mu nyandiko cyuje uturango nyabusizi. Uhanga umuvugo atanaga imvugo ye akayiha ubwiza bunogeye amatwi n'umutima kubera indyoshyanjyana n'iminozanganzo biwugize.Iyo minozanganzo uyisanga mu majwi, mu njyana, mu myubakire y'interuro ndetse no mu magambo y'indobanure aberanye n'ingingo yaturwa.

b) **Uturango tw'umuvugo**

Umuvugo urangwa n'interuro ngufi bita imikarago cyangwa intondeke.**Umukarago** mu busizi ni interuro ngufi zanditse ku buryo bupimye indinganire cyangwa se insumbane. Umuvugo uba ugabanyijemo amabango ari yo wagererenya n'ibika mu myandiko isanzwe.

Imikarago y'umuvugo iba ifite injyana nk'iyo mu ndirimbo. Umuvugo urangwa kandi n'injyana y'isubirajwi, y'isubirajambo, ijyana ipimye bita indengo n'ubundi bwoko butandukanye bw'ikeshamvugo nk'imibangikanyo, ihwanisha, iyitirira, igerereranya…

**Ikeshamvugo rikoreshwa mu mivugo**

**Injyana**

Mu mivugo hakoreshwamo ikeshamvugo rishingira ku njyana. Mu buhanzi bw'imivugo bakunda kugenda bakoresha amajwi asa harimo asoza umukarago cyangwa awutangira hakaba n'akoreshwa hagati. Bakoresha kandi isubirajwi, isubirajambo n' isubirasaku. Banakoresha ubwoko bw'injyana ishingiye ku gupima imikarago bita indengo. Mu bisigo nyabami byinshi ho bakoresha amabango aba yanditse umudandure.

Ubu bukurikira ni bumwe mu buryo bw'injyana bukoreshwa mu mivugo:

- **Isubirajwi**

Ni ikeshamvugo rishingira ku kugenda basubira mu ijwi runaka ku buryo bunogeye amatwi.

**Urugero rwo mu muvugo «Turyamagane twese»**

Hadutse icuruzwa ry'abantu

**Ba**ba abahungu cyangwa abakobwa

**Ba**gakurwa mu rwa Gihanga

**Ba**kabunzwa i mahanga kandi hahanda

**Ba**gashakira amahaho ahadakwiye!

- **Isubirajambo**

Ni igihe isubirajwi rigaruka mu ijambo bihuriye ku gicumbi kimwe n'iryaribanjirije cyangwa se ijambo rikagaruka uko ryakabaye.

**Urugero rwo mu muvugo "Turyamagane twese"**

**Mu** ngo riravuza ubuhuha

**Mu** kazi ntiryahatangwa

**Mu** itangwa ryako riraca ibintu

**Mu** micungire y'abakozi rirabacuza

- **Indengo**

Indengo ni ubwoko bw'ijyana ishingiye ku gupima utubangutso utubeshuro tugize imikarago. Iyo njyana yakoreshejwe cyane mu mazina y'inka.

**Urugero**: imikarago ifite utubangutso utubeshuro9

**Urugero: Inka ya Rumonyi**

Rŭtăgwābĭza ĭmĭnegă,= 9

Inkŭbă zēsă mŭ Bĭhŏgŏ, = 9

Rwā mŭgăbŏ nyĭrĭgĭră = 9

Imbĭzi ĭsāngănĭzwa ĭngŏmă, = 9

**Imibangikanyo**

Ni umunozanganzo ushingiye ku gukurikiranya imikarago iteye kimwe **cyangwa se kugukurikiranya** mu mikarago ingingo zuzuzanya cyangwa zivuguruzanya.

**Urugero mu muvugo "Mpore nyampinga"**

- **Imikarago iteye kimwe :**

Uganze uturwe ubone amaturo

Ukunde ukundwe ugire agaciro.

**Ingero mu muvugo "Turyamagane twese"**

- **Ingingo zuzuzanya :**

Yo kwimwa intango y'ubuzima

Akimwa umunani mu muryango.

- **Ingingo zivuguruzanya**

Tugire ubupfura buzira ubupfayongo

**Igereranya**

Ni ukugereranya ibintu bifite icyo bihuriyeho ku buryo kimwe cyagufasha gusobanura ikindi ukoresheje uko bisangiye imisusire, imigenzereze, umumaro n'ibindi. Igereranya rigira uturango: nka, na, kimwe, asa …

**Urugero rwo mu muvugo "Turyamagane twese"**

Duhashye uwo muco muri bose

Kuko iwacu ufatwa nka kirazira.

**Ihwanisha**

Ihwanisha ni ikeshamvugo risa no kugereranya ku rwego rwa kabiri, aho urenga ibyo kureba icyo ikigereranywa n'ikigereranyo bihuje, ugasa n'ubinganyisha, kimwe kikaba cyafata umwanya w'ikindi cyangwa cyagihagararira.

**Urugero rwo mu muvugo "Turyamagane twese"**

Babyara umuhungu ngo ni umutabazi

Babyara umukobwa ngo ni agahinda

**Iyitirira**

Iyitirira rishingiye ku gufata ikintu ukakitirira ikindi bitewe n'uko ubona isano bifitanye. Icyo gihe ijambo rifata umwanya w'irindi rikagira inyito nshya kandi n'iyo ryari risanganywe ritayitakaje.

**Urugero rwo mu muvugo "Mpore nyaminga"**

Nyampinga afite agaciro

Ni na we uhekera urutubyara

Nyampinga aritirirwa ababyeyi bose.

**c) Akamaro k'umuvugo**

- Umuvugo ufasha umuhanzi gutambutsa imbamutima ze abinyujije muri icyo gihangano.
- Bifasha umuhanzi kunoza ururimi no gukungahaza inyunguramagambo akoresheje amagambo y'intoranywa.
- Gushima, gutaka, kunenga, kwigisha, gukosora ikintu cyangwa umuntu runaka binyujijwe mu mvugo ijimije cyangwa itajimije.
- Umuvugo unezeza abawumva ukababfasha no guhinduka ari nako bafata ingamba hashingiwe ku butumwa buwukubiyemo.

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo ku muvugo uri mu gitabo cyabo buri wese ku giti ke.

**Urugero rw' umwitozo:**

***Hanga umuvugo mugufi utarengeje imikarago mirongo ine ku nsanganyamatsiko wihitiyemo ijyanye n'uburenganzira bwa muntu, hanyuma uwuvugire imbere y'abandi wubahiriza isesekaza ry'umuvugo rikwiye.***

Umwarimu areba ko buri munyeshuri yahanze umuvugo wujuje uturango twawo kandi agakurikirana uko awuvugira imbere ya bagenzi be, agatanga ubwunganizi aho biri ngombwa.

## III. 5.3. Amagambo ahinduka: Izina mbonera

## Isomo rya gatandatu: Izina mbonera

| **Intego zihariye** |
| --- |
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gutahura inshoza y'amagambo ahinduka.<br>- Gutahura no gukoresha izina mbonera mu nteruro.<br>- Kugaragaza uturemajambo tw'izina mbonera n'amategeko y'igenamajwi. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi bitabo by'ubuvanganzo nyarwanda |

1. **Intangiriro**

Umwarimu yandika interuro ku kibaho akabasaba kuzisoma maze akabaza abanyeshuri ikibazo kiganisha ku isomo bagiye kwiga.

**Urugero rw'interuro:**

a) Reka ndenge imbibi z'urwacu.

b) Ntahanwe ngo yamennye ibanga.

c) Mu itangwa ryako riraca ibintu.

**Urugero rw'ikibazo yababaza n'igisubizo:**

**Muri izi nteruro amagambo yanditse atsindagiye ni ubuhe bwoko?**

Amagambo yanditse atsindagiye ni amazina.

Umwarimu ahera ku gisubizo cy'abanyeshuri maze akabwira ko bagiye kwiga izina mbonera.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda no gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Itegereze amagambo yanditse atsindagiye ari mu nteruro zikurikira zavuye mu muvugo "Turyamagane twese" ugire icyo uvuga ku miterere yayo maze utahure inshoza y'amagambo ahinduka, inshoza n'intego by'amazina mbonera ndetse n'amategeko y'igenamajwi.*

Hari abahoraga bibeshya

Ngo umukobwa si **umwana**

Ibyo rwose bikaba intandaro

Yo kwimwa intango y'**ubuzima**

Akimwa umunani mu **muryango.**

Babyara **umuhungu** ngo ni umutabazi

Amahoro agahinda mu muryango

Babyara umukobwa ngo ni agahinda

Umwarimu agenera abanyeshuri igihe cyo gukora icyo gikorwa. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo yakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Inshoza y'izina mbonera**

Izina mbonera ni izina rusange ry'umwimerere mu Kinyarwanda. Izina mbonera rigizwe n'uturemajambo tw'ibanze dutatu ari two: indomo, indanganteko n'igicumbi. Izina riba ari mbonera iyo atari izina ry'urusobe kandi ridakomoka ku nshinga cyangwa ku bundi bwoko bw'amagambo. Rivuga abantu, ibintu cyangwa inyamaswa muri rusange.

**b) Intego y'izina mbonera**

Intego y'izina mbonera ni: Indomo (D), indanganteko (RT) n'igicumbi (C)

D-RT-C

**Indomo (D)**

Indomo ni akaremajambo kagizwe n'inyajwi gatangira izina cyangwa irindi jambo ririsimbura. Mu Kinyarwanda inyajwi zishobora kuba indomo ni eshatu gusa ari zo: a, i, u.

**Ingero:**

**A**bantu, **i**nkongoro, **u**dusatsi.

- Indomo "**u**" ikoreshwa mu mazina yo mu nteko ya 1, 3, 11, 13, 14 na 15.

**Ingero**: umuntu (nt.1), umurimo (nt.3), urutaro (nt.11), udusatsi (nt.13), ubudodo (nt.14), ukuguru (nt.15).

- Indomo "**a**" ikoreshwa mu nteko ya 2, 6, 12 na 16.

**Ingero**: abantu (nt.2), amakara (nt.6), akana (nt.12), ahantu (nt.16).

- Indomo "**i**" ikora mu nteko ya 4, 5, 7, 8, 9 n'iya 10.

**Ingero**: imirima (nt.4), iryinyo (nt.5), ikiriri (nt.7), ibitoki (nt.8), ingobyi (nt.9), imbwa (nt.10).

- Ijambo ritakaza indomo iyo rikurikiye impakanyi “**nta**”, akajambo “**buri**” n’indangahantu “**mu**” cyangwa “**ku**”

**Ingero:**

- Nta mwana wasibye.
- Buri muntu araririmba.
- Mu nzu harashushye.
- Yagiye ku mugezi

Nk’uko bigaragara muri izi nteruro, amagambo **umwana**, **umuntu, inzu, umugezi** yatakaje indomo

**Ikitonderwa:**

1. Amazina yo mu nteko ya 5 n’amazina amwe n’amwe yo mu nteko ya 9 n’iya 10 atangiwe n’indomo “i” iyi “i” itangira izina ntihungurwa n’indangahantu.

**Ingero:**

- Yagiye kuvoma ku iriba
- Turajya mu ihuriro.
- Udusimba turi ku ihene

2. Amwe mu mazina y’amasano ntagira indomo. Mu kugaragaza uturemajambo tuyagize, indomo ya bene ayo mazina igaragazwa n’imbumbabusa (ø).

**Musaza** wawe akundana na **murumuna** wange.

**Mushiki** wange aherekeje **muramu** wacu.

**Indanganteko (RT)**

Indanganteko ni akaremajambo kerekana inteko izina ririmo. Akaremajambo kakaba ariko gashingirwaho mu gukora isanisha mu nteruro. Indangasano kandi ni igice gisigara hagati y’indomo n’igicumbi.

Ingero: u**mu**ntu, a**ba**ntu, i**mi**rima, i**bi**toki

**Indanganteko z’izina mbonera ni izi zikurikira**

| Inteko | Indanganteko |
|---|---|
| Nt.1 | mu |

| | |
|---|---|
| Nt.2 | ba |
| Nt.3 | mu |
| Nt.4 | mi |
| Nt.5 | ri |
| Nt.6 | ma |
| Nt.7 | ki |
| Nt.8 | bi |
| Nt.9 | n |
| Nt.10 | n |
| Nt.11 | ru |
| Nt.12 | ka |
| Nt.13 | tu |
| Nt.14 | bu |
| Nt.15 | ku |
| Nt.16 | ha |

**Ikitonderwa:**

- Hari amazina atagaragaza indanganteko. Indanganteko ya bene ayo mazina ihagararirwa n'imbumbabusa (ø). Nanone iyo izina riburira icyarimwe indomo n'indanganteko, utwo turemajambo twombi duhagararirwa n'imbumbabusa.

**Ingero:**

Isuka nziza: Indanganteko ni ø

**Dodo** zikunda kumera mu gihe k'imvura. Indomo n'indanganteko ni ø

- Hari amazina adahita agaragaza indanganteko. Bene ayo mazina yongerwaho ntera bityo indangasano ya ntera ikaba ari yo ndanganteko y'iryo zina.

**Ingero:**

Impu nziza: indanganteko y'izina **impu** ni -**n**- aho kuba -**m**- kuko indanganteko -**m**-itabaho.

Uduti twiza: indanganteko y'izina **uduti** ni -**tu**- aho kuba -**du**- kuko indanganteko -**du**-itabaho.

Agakwasi gato: indanganteko y'izina **agakwasi** ni -**ka**- aho kuba -**ga**-

kuko indanganteko -**ga**-itabaho.

**Igicumbi (C)**

Igicumbi ni igice k'izina kidahinduka mu gihe k'igoragoza. Igoragoza ni ishyirwa mu bumwe, mu bwinshi, itubya, itubura by'izina ugamije kureba igice kidahinduka. Ushobora gukora igoragoza kandi ushaka kureba ibice by'ijambo bishobora gusimburana cyangwa amagambo ashobora gusimburana mu nteruro. Igicumbi gitangirwa n'inyajwi, ingombajwi cyangwa inyerera.

**Ingero:**

- Umwana: u- mu-**ana** (inyajwi)
- Umuyaga: u-mu- **yaga** (inyerera)
- Imirimo: i-mi-**rimo**

**Ikitonderwa**

Hari amagambo ashobora kugira indanganteko ebyiri cyangwa ibicumbi bibiri n'agira indanganteko cyangwa ibicumbi byikuba kabiri.

Reka twugame izuba muri kiriya gi**cucucucu** cy'umu**tobotobo.**

Umuntu nyamuntu arangwa n'u**bumu**ntu.

Metero ni urugero rw'u**burebure.**

Ahari abantu hanuka u**runturuntu.**

**c) Amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu izina mbonera**

Kugira ngo umuntu agere ku mategeko y'igenamajwi, agereranya intego y'ijambo n'uko risanzwe rivugwa cyangwa ryandikwa maze akavumbura ayo mategeko y'igenamajwi asobanura ukuntu amajwi yahindutse cyangwa yazimiye. Iyo usanze nta mpinduka zabaye nta tegeko ry'igenamajwi riba rihari. Amategeko y'igenamajwi agaragazwa ku ijambo ryashakiwe uturemajambo aho mu ihuzwa ry'uturemajambo tubiri, amajwi amwe aba yazimiye cyangwa agahindukamo andi mashya.

**Imbonerahamwe iragaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi**

| Izina | Intego/ uturemajambo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Umuntu | u-mu- ntu | - |
| Ingoma | i-n-goma | - |
| Umwana | u-mu- ana | u→w/-J |
| Imyeyo | i-mi-eyo | i→y/-J |
| Abari | a-ba-ari | a→ ø/-J |
| Amenyo | a-ma-inyo | a+i→e |
| impaka | i-n-haka | n→m/-h, mh→mp mu myandikire |
| Agaseke | a-ka-seke | k→g/-GR |
| Imvura | i-n-vura | n→m/-v |
| Udutebo | u-tu-tebo | t→d/-GR |
| Inzovu | i-n-yovu | y→z/n- |
| Indiba | i-n-riba | r→d/n- |
| Inzabya | i-n-abya | Ibicumbi bifata z mu nteko ya 10 |
| Insinga | i-n-tsinga | t→ ø /n-s |
| Imbogo | i-n-bogo | n→m/-b |
| Imfizi | i-n-pfizi | n→m/-p; p→ ø/m-f |

### 3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda , gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenda afasha abafite ibibazo byihariye, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukurwa mu makayi yabo.

Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi by'amazina akurikira:

- Imfizi:i-n-pfizi n→m/-p p→Ø/m-f

- Ubuzima: u-bu-zima nta tegeko

- Inyana: i-n-ana n→ny/-J

- Umwenge: u-bu-enge u→w/-J

- Insina: i-n-tsina t→ Ø/n-s

- Imbavu: i-n-bavu n→m/-b

- Inka: i-n-ka nta tegeko

- Impuha: i-n-huha n→m/-h mh→ mp mu myandikire

- Ishati : i- Ø-shati nta tegeko

### III. 5.4. Rutabikangwa yisubiyeho

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ……..)

## Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma adategwa umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br>- Gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku burenganzira bwa muntu, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Rutabikangwa yisubiyeho" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni iki ubona kuri iyi shusho?**

Ndabonaho umuporisi uhagaze imbere y'abantu benshi asa n'aho abakoresha inama.

Ndabona kandi abantu babiri bicaye imbere wagira ngo ni abayobozi.

**b) Urakeka ko bariya bantu baje gukora iki?**

Ndakeka ko bari bantu baje mu nama.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice mu ntangiriro rusange kuri 2.6.

**Urugero rw'igikorwa cyo gusoma no gusobanura umwandiko:**

*Soma umwandiko "Rutabikangwa yisubiyeho", ushakemo amagambo*

*akomeye hanyuma uyasobanure.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'amagambo akomeye n'ibisobanuro byayo:**

a) **Ibikingi by' amarembo**: Inkingi.

b) **Kwanga munda**: Kutihanganira guhishira amakosa.

c) **Intandaro**: Imvano.

d) **kumena ibanga**: Kuvuga ibyo utemerewe kuvuga.

e) **kwihererana ibintu**: Guhisha ibintu ukabigumana wenyine.

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri babiribabiri. Umwarimu agenda afasha abafite ibibazo byihariye. Iyo abanyeshuri barangije gukora uwo mwitozo bafatanya n'umwarimu kuwukosora. Ibisubizo byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro.**

a) Intimba : Umubyeyi ubonye umwana we afite ingeso mbi intimba imushengura umutima.

b) Ikimwaro : Wa mugabo yananiwe kuvugira mu ruhame maze akorwa n'ikimwaro.

**2. Uzurisha izi nteruro amagambo cyangwa imvugo bikurikira: gutora agatotsi, ibikingi by'amarembo, kuzibukira, amakimbirane wubahiriza isanisha rikwiye.**

a) Abantu bose banywa ibiyobyabyenge bakwiye **kubizibukira** kuko byangiza ubuzima.

b) **Amakimbirane** atuma iterambere ry'umuryango ridindira.

c) Nzanira ruriya rwego rwegetse ku **bikingi by'amarembo**

d) Umwana wange ntiyigeze **atora agatotsi** kubera uburwayi.

## Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

| Intego zihariye |
|---|

| |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br><br>Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?**

Umwandiko duheruka kwiga ni "Rutabikangwa yisubiyeho".

b) **Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?**

Uwo mwandiko wavugaga ku nsanganyamatsiko yo kubahiriza uburenganzira bwa muntu.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda no gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Ongera usome umwandiko "Rutabikangwa yisubiyeho", hanyuma usubize ibibazo byabajijweho.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko**

a) **Ni nde ubara iyi nkuru?**

Ubara iyi nkuru ni umwarimu wa Karigirwa.

b) **Ni iyihe myitwarire idasanzwe ivugwa mu mwandiko Karigirwa yagaragaje?**

Yari asigaye akererwa bikabije ntanakurikire amasomo ye neza maze asubira inyuma mu manota. Yaretse kuvuga no gusabana na bagenzi be kandi agahorana intimba.

c) **Ese umwarimu wa Karigirwa yagize ibanga ibyo yari yamubwiye? Kubera iki?**

Oya kuko atari guhishira ihohoterwa uwo mwana yakorerwaga hamwe n'abo babana.

d) **Ni iyihe mpamvu yatumye Rutabikangwa asaba umugore we imbabazi mu mugoroba w'ababyeyi?**

Yari amaze gusobanukirwa ihohotera yamukoreye n'ububi bwaryo.

## Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

| **Intego yihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br><br>Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Vuga bimwe mu bikorwa byavuzwe muri uyu mwandiko bibangamiye uburenganzira bwa muntu.**

Gukubita umugore, gusahura umutungo w'urugo, kwimana amafaranga yo kugura imyambaro…

b) **Vuga bamwe mu bavugwa mu mwandiko bo mu rugo rwagaragayemo ihohoterwa?**

Rutabikangwa, Karigirwa, Kabanyana.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda no gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Ongera usome umwandiko"Rutabikangwa yisubiyeho", hanyuma usubize ibibazo bikurikira:*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri

bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni izihe ngingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko?**

- Kubuzwa amahoro k'umuryango wa Rutabikangwa
- Guhindura imyitwarire kwa Karigirwa kwateje ingaruka zo gutsindwa.
- Guhinduka kwa Rutabikangwa umuryango we ukadamarara

**b) Uratekereza ko ihohoterwa rikorerwa mu ngo ryatera izihe ngaruka?**

Ryatera ukwiheba, kutagera ku iterambere kuko abagize urugo baba bahora mu makimbirane aho gusenyera umugozi umwe, kutabona urukundo rwa kibyeyi abana bagakurana ihungabana n'uburere buke, ubwicanyi n'ubutane bw'abashakanye.

**c) Garagaza insanganyamatsiko y'ingenzi igaragara muri uyu mwandiko n'isomo ry'ingenzi uwukuyemo.**

Insanganyamatsiko y'ingenzi ni ihohoterwa ryo mu ngo. Isomo ry'ingenzi ni ukubaka ubumwe bw'umuryango turinda kandi dusigasira uburenganzira bwa buri wese mu muryango.

**d) Ni uwuhe musanzu wawe mu kurwanya ihohoterwa?**

Kuri iki kibazo, ibisubizo bishobora kuba byinshi kandi bitandukanye kuko buri wese asubiza avuga umusanzu yatanga mu kurwanya ihohoterwa.

**Urugero**: Mu kurwanya ihohoterwa, nafata iya mbere mu kumenyekanisha ahabaye ihohoterwa Singomba guhishira abarikoze n'abarikorerwa.

## III. 5.5. Ntera

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ……..)

## Isomo rya kane: ntera

| Intego zihariye |
| --- |
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gutahura no gukoresha ntera mu nteruro.<br>- Gusesengura ntera agaragaza uturemajambo twa ntera n'amategeko y'igenamajwi. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi bitabo by'ikibonezamvugo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu yandika interuro ku kibaho agasaba abanyeshuri kuzisoma maze akababaza ikibazo kiganisha ku isomo bagiye kwiga.

**Urugero rw'interuro:**

a) Haba hageze imodoka **nziza** kandi yari imodoka **nshyashya**.

b) Rutabikangwa yari amaze igihe **kirekire** Atari mu rugo.

**Urugero rw'ikibazo n'urugero rw'igisubizo:**

**Muri izi nteruro amagambo yanditse atsindagiye yitwaye ate?**

Aya magambo aherekeza amazina. Avuga imimerere cyangwa imiterere yayo kandi yisanisha na yo.

Umwarimu ahera ku gisubizo cy'abanyeshuri maze akabwira ko bagiye kwiga **ntera**.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Soma witegereza imiterere y'amagambo atsindagiye muri izi nteruro, utahure inshoza n'uturango twa ntera kandi ugaragaze intego yayo.*

- Karigirwa yarangije imyaka itatu agira amanota **meza**.
- Nkihagera haba haje imidoka nziza kandi **nshyashya**.
- Nyina wa Karigirwa yeza imyaka myinshi ariko imodoka ikaza ikayitunda ntasigarane na **duke**.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo gukora icyo gikorwa. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya amatsinda abiri akamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Inshoza ya ntera**

Ntera ni ijambo rigaragagira izina rigasobanura imiterere, imimerere n'ingano by'iryo zina. Ntera yegerana n'izina ifutura cyangwa bigahuzwa n'inshinga "ni".

**b) Uturango twa ntera**

- Ntera yinjira mu nteko zose z'amazina ikisanisha n'izina biri kumwe ifata indanganteko yaryo ho indangasano.

  **Ingero:**

  Uyu **mu**handa ni **mu**remure.

  Kamanzi ni umusore **mu**nini kandi **mu**remure.

  Uru **ru**kweto ni **ru**shyashya.

- Ntera yifashishwa mu kugaragaza indanganteko y'izina igaragiye iyo indanganteko yaryo itigaragaza kandi ikagira umumaro w'imfutuzi.

  **Ingero:**

  Ishuri **ri**kuru.

  Iryinyo **ri**nini.

  Indirimbo **n**shya.

- Ntera ishobora gusimbura izina igaragiye igafata indomo yaryo bityo ikitwara nk'izina. Icyo gihe intego yayo iba ari nk'iy'izina, kuko iba itakitwa ntera ahubwo yitwa **izina ntera**

**Ingero:**

**Abakuru** n'**abato** bunganirane.

Imana ivubira imvura **ababi** n'**abeza**.

**Imishyashya** na yo muyimese.

- Ntera igira ibicumbi bizwi ari na byo biyiha inyito.

**c) Intego ya ntera**

Ntera igira uturemajambo tubiri: **Indangasano (RS) n'igicumbi (C).**

- **Indangasano (RS)**

Indangasano ni igice cya ntera gihinduka kikisanisha n'izina biri kumwe.

Indangasano ya ntera isa n'indanganteko y'izina igaragiye.

**Ingero:**

U**mu**kinnyi **mu**shya yatsinze ibitego byinshi.

A**ba**na **ba**nini ntibashobora ntibashobora gusimbuka a**ha**ntu **ha**re**ha**re.

- **Igicumbi**

Igicumbi cya ntera ni igice cyayo kidahinduka igihe hakozwe igoragoza kandi ni cyo gice kigaragaza inyito (igisobanuro) cyayo.

**Ingero:**

Umuntu muto.

Abantu bato.

Umurima muto.

Imirima mito.

**Urutonde rw'ibicumbi bya ntera**

| | |
|---|---|
| 1.-nini | 11.-kuru |
| 2.-inshi | 12.-bisi |
| 3.-bi | 13.-shya/shyashya |
| 4.-tindi | 14.-gufi/gufiya |
| 5.-gari | 15.-re/-re-re |
| 6.-iza | 16.-tagatifu |
| 7.-sa/sa-sa | 17.-hire |
| 8.-zima | 18.-taraga |
| 9.-to/toto/to-to, toya | 19.-nzinya, nzunyu, nuya, niniya, nzuzunya, |
| 10.-ke/keya/ke-ke | nunuya, niniriya, nziginya, nzugurunyu |

**Ikitonderwa:**

- Igicumbi **–re na –to** byisubiramo ku buryo bifata indangasano ebyiri.

**Ingero:**

Igihe kirekire (ki-re-ki-re)
Igihugu gitogito (ki-to-ki-to)

- Ibicumbi **–gufi**, -**ke**, -**to** bishobora kwiyongeraho-ya

**Ingero:**

Umuntu mugufi**ya**.

Amagambo make**ya**

- Igicumbi **–niya** gishobora kugira impindurantego nyinshi.

**Ingero**: nuya, niniya, nzunyu, nzinya, nzuzunya, nunuya, niniriya, nziginya, nzugurunyu...

- Ibicumbi -**shya**, -tobishobora kwisubiramo

**Ingero:**

Umwenda mushyashya.

Igiti gitoto.

**d) Amategeko y'igenamajwi akoreshwa kuri ntera**

Amategeko y'igenamajwi akoreshwa kuri ntera ni nk'akoreshwa ku izina mbonera.

**Ingero:**

- Ubunyobwa bwiza: **bu-iza u→w/-J**
- Insina ndende: **n-re-n-re: r→d/n-**
- Imyaka myinshi: **mi-inshi: i→y/-J**

**Imbonerahamwe igaragaza ibicumbi bya ntera, intego n'amategeko y'igenamajwi**

| Inte-ko | Inda-ngasano | Ibicumbi | Urugero | Uturema-jambo | Amategeko y'igena-majwi |
|---|---|---|---|---|---|
| **nt.1** | mu | - nini | umuntu **munini** | mu– nini | - |
| **nt.2** | ba | -inshi | abantu **benshi** | ba – inshi | a+i→e |
| **nt.3** | Mu | -bi<br>-tindi | umusego **mubi**<br>umutego **mutindi** | mu – bi<br>mu –tindi | -<br>- |
| **nt.4** | mi | -gari | imirima **migari** | mi-gari | - |
| **nt.5** | ri | -iza<br>-sa/sa-sa | ishuri **ryiza**<br>ishuri **risa/ risarisa** | ri-iza<br>ri-sa -ri-sa-ri-sa | i→y/-j<br>- |
| **nt.6** | ma | -zima | amagi **mazima/bisi** | ma-zima | - |
| **nt.7** | ki | -to/toto<br>/to-to | ikigori **gito/ gitoto/ gitogoto** | ki-to /ki-toto/ki-to-ki-to | k→g/-gr |
| **nt.8** | bi | -ke/keya | ibigori **bike/ bikeya** | bi-ke/bi-keya | - |
| **nt.9** | N | -toya | inka **ntoya** | n-toya | - |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| **nt.10** | N | -kuru<br>-bisi | inka **nkuru**<br>inkwi **mbisi** | n-kuru<br>n-bisi | -<br>n→m/-b |
| **nt.11** | ru | -shya/<br>shyashya | urugo **rushya/ rushyashya** | ru-shya<br>ru-shyashya | - |
| **nt.12** | Ka | -gufi | akadodo **kagufi** | ka-gufi | - |
| **nt.13** | tu | -re-re | utubingo **tureture** | tu-re-tu-re | - |
| **nt.14** | bu | -tagatifu | ubutaka **butagatifu** | bu-tagatifu | - |
| **nt.15** | ku | -hire | ukuboko **guhire** | ku-hire | k→g/-GR |
| **nt.16** | ha | -taraga | ahantu **hataraga** | ha-taraga | - |
| | | -nzinya | ahantu **hanzinya** | ha- nzinya | - |

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri buri wese ku giti ke. Umwarimu agenda afasha abafite ibibazo byihariye. Iyo abanyeshuri barangije gukora uwo mwitozo bafatanya n'umwarimu kuwukosora. Ibisubizo byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Kora interuro eshanu zirimo ntera.**

**Ingero z'interuro abanyeshuri batanga:**

- Muge munywa amazi **meza**.
- Igiti kigororwa kikiri **gito**.
- Turwanye ibyuka **bibi** byoherezwa mu kirere.
- Insina **ngufi** ni yo icibwaho urukoma.
- Kibeho ni ubutaka **butagatifu**

**b) Tahura ntera ziri mu nteruro zikurikira unazishakire intego n'amategeko y'igenamajwi.**

- Amazi **menshi** cyane yangiza imyaka.
- Amatama **masa** ntasabira inka igisigati.
- Tubifurije urugendo **ruhire**.
- Abana **bato** bakenera kwitabwaho.
- Hashize igihe **kirekire** tutabonana na we.

Intego n'amategeko y'igenamajwi bya ntera ziri mu nteruro.

| Ntera | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Menshi | ma-inshi | a+i→e |
| Masa | masa | nta ryo |
| Ruhire | Ruhire | nta ryo |
| Bato | ba-to | nta ryo |
| Kirekire | Kirekire | nta ryo |

### III. 5.6. Izina ntera

## Isomo rya gatanu: Izina ntera

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gutahura no gukoresha izina ntera mu nteruro.<br>- Gusesengura izina ntera agaragaza uturemajambo tw'izina ntera n'amategeko y'igenamajwi. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi bitabo by'ikibonezamvugo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu yandika interuro ku kibaho akabaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku isomo bagiye kwiga.

**Urugero rw'interuro:**

a) **Ibyiza** ni ukubahiriza uburenganzira bwa muntu.

b) **Abakuru** n'**abato** bagomba kurindwa ihohoterwa.

c) Abyeyi b'**abagome** bagomba kugirwa inama bakikosora.

**Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:**

**Muri izi nteruro amagambo yanditse atsindagiye yitwaye ate?**

Amagambo yanditse atsindagiye yitwaye nk'amazina ariko akagaragaza imimere cyangwa imitere y'amazima biri kumwe cyangwa se yasimbuye.

Umwarimu ahera ku gisubizo cy'abayeshuri maze akababwira ko bagiye kwiga izina ntera.

2. **Isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Soma witegereza imiterere y'amagambo atsindagiye muri izi nteruro, utahure inshoza n'uturango tw'izina ntera kandi ugaragaze intego yayo.*

a) Ntekereje inka z'**inzungu** zikamwa bafite.

b) Karigirwa ni we mwana w'**umukobwa** wiga mu mwaka wa kane w'amashuri abanza.

c) **Umuhungu** wa Rutabikangwa yari yambaye ishati y'umutuku.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo gukora icyo gikorwa. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe cyangwa abiri bitewe n'igihe afite akamurikira abandi ibyo yakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo ayo matsinda amurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Inshoza y'izina ntera**

Izina ntera ni ijambo riteye nk'izina, aho bitandukaniye ni uko ridashingirwaho mu isanishantego ahubwo risobanura ijambo riherekeje cyangwa risimbuye. Amazina ntera agaragaza ubwoko, akarere, ibara cyangwa igihugu ikivugwa gikomokamo. Amazina ntera yisanisha mu nteko nyinshi zishoboka ugereranyije n'izina.

**Ingero:**

- Abagabo b'**abayenzi** bakunda guhiga amasaka.
- Amasuka y'**amaberuka** ntakiboneka.

- Yaguze inkweto z'**umututuku**.
- Umwenda w'**umutirano** ntumara imbeho.
- Aya masuka si **amaramba**.
- Wa mukobwa wange yashatswe n'umusore w'**umurundi** biganye.

**b) Uturango tw'izina ntera**

- Izina ntera ryisanisha mu nteko nyinshi

**Ingero:**

**Nt.1** Umwana w'**umwarimu**

**Nt.2** Abagabo b'**abarimu**

**Nt.3** Imirima y'**abarimu**

**Nt.16** Ahantu h'**abarimu**

- Hagati y'izina ntera n'irisobanurwa haba harimo **ikigenera** (ikinyazina ngenera), inshinga **ni, si, -ri** cyangwa **kuba**.

**Ingero:**

Amavuta y'**amarundi.**

Indagara z'**intanzaniya.**

Aya masuka si **amaberuka.**

Aya masuka ni **amaberuka.**

Umushyitsi abaye **umuzungu** yahagerera ku gihe.

Iyi shati ibaye **umututuku** ni ho nayigura.

- Izina ntera rivuga ubwoko, akarere, ibara cyangwa igihugu ikivugwa kikomokamo

**Ingero:**

Inzu z'**indundi**

Umupira w'**umuhondo.**

- Izina ntera rishobora gusimbura izina ryasobanuraga

**Urugero**: Inka z'inzungu zirakamwa: Inzungu zirakamwa.

**c) Intego y'izina ntera:**

Intego y'izina ntera ni nk'iy'izina.

**Ingero:**

Umwana w'**umukobwa** arangwa n'isuku: u-mu- kobwa

Uyu mwarimu ni **umunyarwanda**: u- mu –nyarwanda

Nkunda inkweto z'**ubururu**: u-bu-ruru

3. **Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri babiribabiri. Umwarimu agenda afasha abafite ibibazo byihariye. Iyo abanyeshuri barangije gukora uwo mwitozo bafatanya n'umwarimu kuwukosora. Ibisubizo byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ubaka interuro eshanu zirimo izina ntera.**

Umwrimu aragenzura ko abanyeshuri batanze zirimo izina ntera kandi ko ziboneye.

**b) Tahura amazina ntera ari mu nteruro zikurikira, uyashakire intego kandi ugaragaze amategeko y'igenamajwi.**

- Amagi y'**amazungu** agura make.
- Umwenda w'**umukara** urashyuha.
- Iki gitabo ni **igitirano**.
- **Umwiza** nari naguhitiyemo bawujyanye.

Intego n'amategeko y'igenamajwi by'amazina ntera.

| Izina ntera | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Amazungu | a-ma-zungu | nta tegeko |
| Umukara | u-mu-kara | nta tegeko |
| Igitirano | i-ki-tir-an-o | nta tegeko |
| Umwiza | u-mu-iza | u→w/-J |

## III. 5.7. Igisantera

### Isomo rya gatandatu: Igisantera

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gutahura no gukoresha igisantera mu nteruro<br>- Gusesengura igisantera agaragaza uturemajambo tw'igisantera n'amategeko y'igenamajwi |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi bitabo by'ikibonezamvugo |

**1. Intangiriro**

Umwarimu yandika interuro ku kibaho akabaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku isomo bagiye kwiga.

**Urugero rw'interuro:**

a) Rutabikangwa ntiyumviraga umutima nama ngo yirinde guhohotera umuryango we.

b) Bamwe mu bakiri bato ntibamenya imikino gakondo.

**Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:**

**Muri iyi nteruro amagambo yanditse atsindagiye ahuriye he na ntera? Bitandukaniye he?**

Aho amagambo atsindagiye ahuriye na ntera ni aherekeza izina arivugaho imimerere cyangwa imiterere nka ntera. Aho bitandukaniye ni uko yo atisanisha n'amazina agaragiye kandi ntera yisanisha na yo.

Umwarimu ahera ku gisubizo cy'abayeshuri maze akababwira ko bagiye kwiga igisantera.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Soma witegereza imiterere y'amagambo atsindagiye muri izi nteruro, utahure inshoza n'uturango tw'igisantera kandi ugaragaze intego yayo.*

- Rutabingwa yari amaze icyumweru mu nama **mpuzamahanga**
- Umuryango wa Rutabingwa na Kabanyana ni umuryango

**ntangarugero** aho batuye.

- Umwarimu wa Karigirwa yamubereye nk'umumarayika **murinzi**

Umwarimu agenera abanyeshuri igihe cyo gukora icyo gikorwa. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe cyangwa abiri bitewe n'igihe afite akamurikira abandi ibyo yakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo ayo matsinda amurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Inshoza y'igisantera**

Ibisantera ni magambo ameze nka ntera. Agaragira izina, akavuga imiterere, imimerere ariko akaba adafite ibicumbi nk'ibya ntera kandi akaba atisanisha buri gihe n'amazina biri kumwe.

**Ingero:**

- Umusaza **rukukuri**.
- Umugore **gito**.
- Umuco **gakondo**.
- Inama **mpuzamahanga**.
- Ishuri **nderabarezi**

**b) Uturango tw'igisantera**

- Igisantera kigira umumaro w'imfutuzi y'izina.

  **Ingero:**

  Umutima **muhanano**

  Inyandiko **mvugo**

  Umutima **nama**

  Umuco **nyarwanda**

- Igisantera ntikisanisha buri gihe n'izana gisobanura

  **Ingero:**

Imikino **mpuzamahanga**

Ibisigo **nyabami**

Ishuri **mbonezamubano**

Ikigo **ngororamuco**.

**Ikitonderwa**

Hari ibisantera bimwe bijyana n'amagambo yagenwe ku buryo ayo magambo yitwara nk'inyumane.

**Ingero :**

Umuhoro **muhanya** utema ibizarama.

Umurimo **mwitumo** ukiza nyirawo.

Inyoni **nyoro** ntitora mu ruhuri.

Umwana **murizi** ntakurwa urutozi.

Nta wutagira marayika **murinzi**.

Amazi **masabano.**

**c) Intego y'igisantera**

Igisantera ntikigira intego ntakuka biterwa n'inkomoko yacyo ni ukuvuga amagambo akigize.

**Ingero:**

Umugabo **mbwa** aseka imbohe: **n-bwa**

Amazi **masabano** ntamara inyota: **ma- sab-an-o**

Uburere **mboneragihugu**: **n-bon-ir-a -ø- ki-hugu n→m/-b,**

**i→e/co-, k→g/-GR**

Umwana **murizi** ntakurwa urutozi: mu-rir-yi r+y→z

Ikigo **ndangamuco**: n-rang- a-ø- muco r→d/n-

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri . Umwarimu agenda afasha abafite ibibazo

byihariye. Iyo abanyeshuri barangije gukora uwo mwitozo bafatanya n'umwarimu kuwukosora. Ibisubizo byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

1. **Garagaza itandukaniro riri hagati y' igisantera, ntera n'izina ntera unatange n'ingero kuri buri bwoko bw'ijambo.**

Nubwo aya magambo yose afutura izina, igisantera ntikisanisha n'izina kigaragiye nk'uko ntera ibikora yemwe; n'izina ntera na ryo ntiryisanisha n'izina rifutura. Igisantera na ntera bihita bikurikirana n'izina bigaragiye mu gihe hagati y'izina rigaragiwe n'izina ntera hajyamo ubundi bwoko bw'amagambo.

2. **Garagaza ibisantera biri mu nteruro zikurikira unabishakire intego.**

a) Nasuye inzu ndangamurage y'u Rwanda.

b) Imikino mpuzamahanga irahimbaza.

c) Nkunda imbyino gakondo.

d) Inkuru mbarirano iratuba.

Ibisantera biri mu nteruro, intego n'amategeko y'igenamajwi.

| **Ibisantera** | **Intego** | **Amategeko y'igenamajwi** |
|---|---|---|
| Ndangamurage | n-rang-a-Ø-mu-rag-e | r→d/n- |
| Mpuzamahanga | n-hur-y-a -Ø-ma-hanga | n→m/h mh→mp mu myandikire |
| Gakondo | ka-kondo | k→g/-GR |
| Mbarirano | n-bar-ir-an-o | n→m/-b |

### III. 5.8. Inyunguramagambo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ……..)

## Isomo rya karindwi: Inyunguramagambo

| **Intego yihariye** |
|---|
| |

| |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br><br>Gutahura no gukoresha ubwoko bunyuranye by'inyunguramagambo. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi bitabo bivuga ku nyunguramagambo. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ikibazo kiganisha ku nyunguramagambo.

**Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:**

**Iyo umuntu asobanura amagambo ashobora gukoresha iyihe myitozo?**

Umuntu ashobora gukoresha umwitozo wo gutanga ibisonuro by'amagambo, gutanga andi magambo bisobanura kimwe, ay'ikinyuranyo…

Umwarimu aboneraho akabwira abanyeshuri ko bagiye kwiga ibyiciro by'inyunguramagambo.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri, gukora amatsinda ya babiribabiri, bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Amagambo abirabiri ari mu nteruro zikurikira yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri afitanye isano. Umaze gusoma neza interuro ayo magambo arimo, garagaza isano iri hagati y'ayo magambo abirabiri maze utahure inshoza n'ubwoko by'inyunguramagambo.*

- **Ishoka** ya Kanamugire iratyaye.
- Iyi **ndyabiti** iracyari nshyanshya.
- Mukamana na bagenzi be bari **gutera** umupira.
- Iyo igihe k'ihinga kigeze, abahinzi bihutira **gutera** imyaka.
- Umuhungu wa Kwizera amaze kuba **ingimbi**.
- Umukobwa umaze kuba **umwangavu** arangwa no kugira isuku.
- Yananiwe kwishyura **umwenda** wa Banki, inzu ye itezwa cyamunara.
- Uyu **mwenda** uranduye umeswe.

- Mu ishuri twakoze **imbata** y'ikiganiro mpaka.
- Nasuye masenge nsanga yoroye **imbata**.

Umwarimu abaha abanyeshuri igihe cyo gukora icyo gikorwa. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya amwe mu matsinda akamurikira abandi ibyo yakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

**Urugero rw'ibyava mu matsinda byanogejwe:**

**Inshoza y'inyunguramagambo**

Mu Kinyarwanda inyunguramagambo ni urwunge rw'amagambo umuntu akenera kugira ngo abashe gusobanukirwa no gusabana n'abandi mu mvugo cyangwa mu nyandiko.

**Ubwoko bw'inyunguramagambo**

Mu Kinyarwanda hari ubwoko butanu bw'inyunguramagambo ari bwo: impuzanyito (imvugakimwe), imbusane, imvugwakimwe, ingwizanyito n'impuzashusho.

**a) Impuzanyito**

**Inshoza y'impuzanyito**

Impuzanyito ni amagambo ahuje inyito. Ni ukuvuga ko ayo magambo aba atavugitse kimwe, atanandikwa kimwe ariko ahuje igisobanuro ku buryo rimwe ryasimbura irindi mu nteruro imwe igitekerezo ntigihinduke.

**Ingero:**

- Abana: urubyaro
- Indyo: igaburo, ifunguro.
- Umugore utwite: umugore ufite inda.
- Umwana: ikibondo
- Ibyago: amakuba/ ibibazo
- Kurya: gufungura/ kwica isari/gukora ku munwa
- Kuzahaza: kurembya/ kunegekaza
- Umuhanzi: umuhimbyi

- Gupfa: kwitaba Imana/gutaha
- Umukambwe: umusaza

**b) Imvugwakimwe**

**Inshoza y'imugwakimwe**

Imvugwakimwe ni amagambo yandikwa kimwe kandi agasomwa kimwe ariko nta ho ahuriye mu bijyanye n'inyito cyangwa igisobanuro. Ni ukuvuga ko ayo magambo aba asa mu rwego rw'imyandikire ariko adafitanye igisobanuro kimwe. Iyo uyarebye ugira ngo ni ijambo rimwe risobanuye kimwe; ariko si ko biri.

**Ingero:**

- **Umugabo**

Umugabo batanga bakora imibare

Umugabo igitsina gabo.

- **Kubyara**

Kubyara umwana

Kubyara ku igisabo/isekuru/ingoma

Kubyara umuntu yari yashobewe(kumugoboka)

- **Inka**

Itungo ryo mu rugo

Amasaro bakinisha igisoro

Izo bakoresha mu mukino w'ikibariko

- **Imbata**

Imbata y'umwandiko

Imbata y'itungo

**c) Impuzashusho**

Impuzashusho ni amagambo yandikwa kimwe ariko adasomwa kimwe kandi nta ho ahuriye mu bijyanye n'inyito cyangwa igisobanuro. Ni ukuvuga ko ayo magambo aba asa (ahuje ishusho mu nyandiko isanzwe) ariko uko avugwa ndetse n'igisobanuro nta ho bihuriye. Ayo magambo atandukaniye ku butinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku.

**Ingero:**

- **Inkoko**

Inkoko: Itungo

Inkoko: Igikoresho bagososa imyaka.

- **Imyenda**

Imyenda: imyambaro

Imyenda: amadeni

- **Inda**

Inda: igice cy'umubiri

Inda: udusimba tujya mu myenda cyangwa mu misatsi duterwa n'umwanda.

- **Gutara:**

Gutara: Gushyira ibitoki mu rwina

Gutara: Gushakashaka cyangwa gukusanya ibintu bitatanye cyane

- **Ikiraro**

Ikiraro: Iteme bambukiraho

Ikiraro: Inzu y'inka cyangwa andi matungo

- **Gutaka**

Gutaka: Gusakuza bitewe n'ikikubayeho

Gutaka: Gushyira imitako ku kintu

- **Guhuma**

Guhuma:Kurwara amaso

Guhuma: Kuvuga kw'impyisi

**d) Ingwizanyito**

**Inshoza y'ingwianyito**

Ingwizanyito ni amagambo yandikwa kimwe, asomwa kimwe ariko afite cyangwa ibisobanuro byinshi. Igisobanuro cya buri jambo gifutuka iyo umuntu yongeyeho icyuzuzo cyangwa imfutuzi.

**Ingero:**

- **Umuti**

Umuti w'ibibazo

Umuti uvura indwara

- **Gusoma**

Gusoma ibitabo

Gusoma misa

Gusoma umuntu

Gusoma ikinyobwa

Gusoma impyisi (Inshoberamahanga)

- **Gutera:**

Gutera umupira

Gutera icumu

Gutera inyoni(Inshoberamahanga)

Gutera amagi

Gutera ubwoba

Gutera umugeri cyangwa ikofe

Gutera ibiti

Gutera umuti

Gutera inzugi

Gutera ipasi

- **Kwakira:**

Kwakira umushyitsi

Kwakira kuruhura undi (umuzigo)

- **Gusenga:**

Gusenga imana

Gusenga ikibindi

**e) Imbusane**

Imbusane ni amagambo afite inyito zinyuranye ari byo byitwa kubusana. Ni ukuvuga ko inyito zayo zivuguruzanya mu ngingo abumbatiye. Mu Kinyarwanda bakunda gukoresha iki kimenyetso giteye gitya (≠)

bagaragaza amagambo y'imbusane.

**Ingero:**

- Kuzamuka≠ kumanuka
- Kugaya≠ gushima
- Abagore ≠abagabo
- cyoroshye ≠ kigoye
- kirekire ≠ kigufi
- umuhungu ≠ umukobwa
- ubugwari ≠ ubutwari
- ubukire ≠ ubukene
- amanywa ≠ ijoro

**3. Imwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri babiribabiri. Umwarimu agenda afasha abafite ibibazo byihariye. Iyo abanyeshuri barangije gukora uwo mwitozo bafatanya n'umwarimu kuwukosora. Ibisubizo byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandura mu makayi yabo.

**1. Simbuza mu nteruro zikurikira amagambo ari mu mukara utsindagiye impuzanyito zayo**

a) Umuturanyi wacu Kanakuze **yabyaye** abana babiri. (**yibarutse**)

b) Witera amabuye muri kiriya giti kirimo **ibyiyoni** utangiza ibidukikije. (ibikona)

c) Nagiye kwa Sogokuru nsanga adahisha amazi **uruho**. (**urukiza**)

**2. Hitamo rimwe mu magambo wahawe ari mu dukubo, wuzurishe interuro zikurikira imbusane zayo** (munini, gutsinda, guhaga, ubushyuhe)

a) Abakinnyi b'umupira w'amaguru mu kigo cyacu bakunda **gutsindwa**

b) Iyo abana bavuye ku ishuri baba **bashonje** cyane.

c) Mu bihugu by'i Burayi **ubukonje** bumara igihe kirekire.

d) Uyu murima **muto** ni wo wezemo ibigori bingana kuriya?

**3. Koresha buri jambo muri aya akurikira mu nteruro eshatu zinyuranye.**

**a) gutera**

Munyana avuye gutera ibishyimbo

Ntugakunde gutera ubwoba bagenzi bawe.

Muhire akunda gutera ipasi imyenda ye.

**b) gusoma**

Nkunda gusoma ibinyamakuru.

Imvura yaguye rimwe none ubutaka bwasomye.

Wowe uheruka gusoma ku nzoga ryari?

4. **Koresha buri jambo muri aya akurikira mu nteruro ebyiri zifite inyito zigaragaza ko ayo magambo ari impuzashusho.**

**a) kuvura**

Bita bate amata yaraye ataravura?

Nasanze muganga ataravura umuntu n'umwe.

**b) guhisha**

Nta guhisha uwo uhishaho.

Za kawa ziracyari ibitumbwe, nta guhisha na mba.

**c) gushima**

Ukoze neza aba akwiye gushimwa.

Si byiza gushima mu nkovu.

## III. 5.9. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 113.)

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa kane, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

**Urugero rw'imyitozo n'uko ikosorwa:**

1. **Vuga ubwoko bw'amagambo ahinduka wize hanyuma kuri buri bwoko bw'ijambo wandike interuro yawe wihimbiye. Ca akarongo kuri ubwo bwoko bw'ijambo ugaragaze intego yaryo n'amategeko y'igenamajwi.**

**Uko umwitozo ukosorwa**

Umwarimu areba ko buri munyeshuri yakoze interuro zitandukanye zirimo amagambo ahinduka yose yize ( izina mbonera, ntera, izina ntera n'igisantera). Umwarimu areba kandi ko amagambo ahinduka yize ari muri buri nteruro, yagaragajwe kandi yashakiwe uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe akaba yagaragajwe.

2. **Ukoresheje ikeshamvugo rikoreshwa mu mivugo n'inyunguramagambo zitandukanye wize, hanga umuvugo mugufi uvuga ku burenganzira bwa muntu uzawuvugire imbere ya bagenzi bawe.**

**Uko umwitozo ukosorwa**

Umwarimu agenzura ko buri munyeshuri yakoze umukoro, agakosora imivugo bahanze areba ko bakoreshejemo nibura ubwoko bune bw'inyunguramagambo n'ikeshamvugo rinyuranye. Umwarimu asaba abanyeshuri bamwe gusoma imivugo yabo abandi bakurikiye. Umwarimu aha abanyeshuri umwanya wo kujora imivugo yasomwe.

## III.6 Inshamake y'umutwe wa gatatu

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa gatatu bityo bikababafasha gukora inshamake.

**Urugero rw'inshamake bakora:**

- Muri uyu mutwe twasesenguye umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko yo kubahiriza uburenganzira bwa muntu. Twabonye ingaruka zo kubangamira uburenganzira bwa muntu n'ibyakorwa kugira ngo zirindwe.
- Twabonye kandi inshoza n'uturango tw'umuvugo mu rwego rw'ubuvanganzo.
- Twabonye nanone ibyiciro by'amoko y'amagambo ari byo: amagagambo adahinduka n'amagambo ahinduka. Dusesengura amwe mu moko y'amagambo ahinduka: izina mbonera, ntera, izina ntera n'igisantera, aho twize kubitahura, kubikoresha no kubishakira intego n'amategeko y'igenamajwi.
- Hanyuma tubona ibyiciro binyuranye by'inyunguramagambo ari byo : impuzanyito, imbusane, imvugwakumwe, ingwizanyito n'impuzashusho.

## III. 7. Isuzuma risoza umutwe wa gatatu

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa .114)

| **Ibigenderwaho mu isuzuma ry'umutwe wa gatatu** |
|---|
| **Ubushobozi bwo:**<br>- Gusoma adategwa kandi asesekaza.<br>- Gusesengura umuvugo no kugaragaza uturango twawo<br>- Guhimba umuvugo no kuwuvugira mu ruhame<br>- Kugaragaza inshoza, uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi by'izina mbonera, ntera, izina ntera n'inshoza y'igisantera. |

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma ku giti cyabo. Iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.**

**1. Ni nde munyarubuga mukuru uvugwa muri uyu mwandiko?**

Iribagiza na Gashyeke

**2. Ni iki cyateye Gashyeke kuzamura Iribagiza mu ntera nk'umukozi w'indashyikirwa?**

Yagira ngo abone uko amwiyegereza kubera umugambi yari amufitiye,

3. **Ni iki cyapfubije umugambi mubisha Gashyeke yari yateguye?**

Umuporisi wari wahawe inshingano zo kurinda umutekano wa Iribagiza.

4. **Ni izihe nsaganyamatsiko z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko? Sobanura mu nshamake buri nsanganyamatsiko.**

- Gukorana umurimo umurava : Iribagiza yagaragaje kwitangira akazi, ashimwa na shebuja
- Ihohoterwa rishingiye ku gitsina : Iribagiza amaze kurokoka ihohoterwa yari agiye kugirirwa na shebuja yashinze ihuriro rirwanya ihohoterwa

5. **Vuga muri make uburyo abahohotera abandi bashobora kushyira ubuzima bwabo mu kaga.**

Uhohoterwa ashobora kwitabara akoresheje imirwano akaba yakomerertsa umuhohotera

Uhohotera abandi iyo atahuwe ahanwa n'amategeko agafungwa, agacibwa ibihano, … na nyuma yaho akurizaho igisebo kimutesha icyubahiro aho aba cyangwa kikaba cyatuma avanwa mu kazi mu gihe agafite.

6. **Ni iyihe nyigisho y'ingenzi ukuye muri uyu mwandiko?**

Kutitwaza ububasha umuntu afite ngo yoreke ubuzima bw'abo ayobora cyangwa ngo abukoreshe mu nyungu zitari iz'akazi ashinzwe.

## II. Ibibazo by'inyunguramagambo

1. **Sobanura kandi ukoreshe mu nteruro amagambo akurikira:**

a) **Indashyikirwa** : umuntu ukora ibikorwa byo mu rwego rwo heju-ru bishimwa na bose

b) **Amakenga** : ubwoba umuntu aterwa n'uko icyo akeka kitamugwa neza.

c) **Kunyonyomba** : kugenda ku buryo imirindi y'ibirenge itumvika-na, komboka

2. **Huza ijambo riri mu ruhushya rwa mbere n'imbusane**

**yaryo iri mu ruhushya rwa kabiri.**

| Ijambo | Imbusane |
|---|---|
| Ibyiza | Kugawa |
| Shebuja | Ibibi |
| Gushimwa | Kumanura mu ntera |
| Kuzamura mu ntera | nyirabuja |
| | kwisuzugura |

**3. Ongera usome umwandiko "Umutego mutindi", ushakemo impuzanyito z'amagambo akurikira:**

a) Arafungwa

b) Imyifatire

c) Imirimo

d) Intangarugero.

Umwarimu areba ko abanyeshuri bashatse impuzanyito z'ayo magambo.

**4. Koresha buri jambo muri aya akurikira mu nteruro ebyiri zifite inyito zinyuranye.**

**a) Ikirere**

Mbonye indege mu kirere.

Shaka ikirere duhambirize ubwatsi

**b) Intama**

Aha hantu uraharangiza uhamiriye intama !

Intama ni itungo ryitonda.

**4. Andika interuro ebyiri zigaragazaza izindi nyito z'ijambo ryanditse n'umukara tsiri.**

Rukundo ni we **utera** indirimbo mu itsinda ndirimbamo.

Nta muntu **utera** umwaku.

**Utera** ipasi ni nde ngo nange anterere?

**5. Tandukaya amagambo y'imvugwakimwe wihitiyemo ukoresheje interuro.**

Nahugiye mu guha imbata zange ibiryo nibagirwa kurangiza ya

mbata y'inzu nashushanyaga.

6. **Wifashishije ingero eshatu, sobanura ingwizanyito.**

Ingwizanyito ni amagambo yandikwa kimwe, asomwa kimwe ariko afite cyangwa ibisobanuro byinshi. Ingero : Ya **mashini** yawe idoda neza ngo unterere imashini mu ipantaro? Muri iki gihe hari abasigaye bahingisha **imashini**.

7. **Koresha interuro maze utandukanye amagambo abiri y'impuzashusho.**

Urariye none urahaze, Jya kuzana uriya mupira urahazê tuge kwikinira,

### III. Ibibazo by'ikibonezamvugo

1. **Soma igika cya mbere cy'umwandiko "Umutego mutindi"utahuremo amazina mbonera, ntera, amazina ntera n'ibisantera.**

| **Amazina mbonera** | **Ntera** | **Amazina ntera** | **Ibisantera** |
|---|---|---|---|
| **Ibara** ry'idoma | Nyuma y'igihe **gito**. | Umukobwa w'**uburanga** | Imyambaro **gakondo** |
| Kwakira **abantu**. | Imikorere ye **myiza**. | Ibara ry'**idoma** | Ikigo **ndangamuco** |
| Mu **kigo (Ikigo)** | | Ubutumwa bw'**akazi** | |
| Nyuma y'**igihe** gito | | | |

2. **Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi by'amagambo yanditse n'umukara tsiri.**

a) Umutego **mutindi** ushibukana nyirawo.

c) Iribagiza yambaraga **imyenda** y'**ibara** ry'**idoma**.

d) Iribagiza yahawe igihembo cy'umukozi wagaragaje imikorere ye **myiza**.

e) Yaguze ikanzu yo kurarana y'**umweru**.

| Ijambo | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| mutindi | Mu-tindi | Nta tegeko |
| imyenda | i-mi-enda | i→y/-J |
| ibara | i- Ø -bara | Nta tegeko |
| idoma | i- Ø -doma | Nta tegeko |
| umweru | u-mu-eru | u→w/-J |
| myiza | mi - iza | i→y/-J |

**IV. Ibibazo ku muvugo**

**Hitamo imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira maze uhange umuvugo mugufi utarengeje imikarago makumyabiri:**

a) Umwana ni umutware.

b) Uburenganzira bwe nibwubahirizwe.

Mu muvugo wawe hagaragaremo ikeshamvugo rinyuranye ( ijyana zinyuranye, imibangikanyo inyuranye, ihwanisha, igereranya,...)

Umwarimu areba ko buri munyeshuri yahanze umuvugo wujuje ibisabwa`

## III.8 Ibikorwa by'inyongera

### III. 8.1 Imyitozo nzamurabushobozi

**1. Tahura amazina mbonera, ntera, amazina ntera n'ibisantera mu nteruro zikurikira:**

a) Dukwiye kwirinda umuco mubi wo guhutaza ikiremwa muntu.

b) Iyo inka y'imbyeyi yabonye ubwatsi bwiza ikamwa amata menshi.

Amazina mbonera: umuco, inka, ubwatsi, amata.

Ntera: mubi, menshi, bwiza

Amazina ntera: **inka y'imbyeyi**

Ibisantera: **ikiremwa muntu**

**2. Erekana intego n'amategeko y'igenamajwi ku magambo yanditse atsindagiye.**

- Umuntu w'imico myiza yubaha **abato** n'**abakuru.**

| Ijambo | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Myiza | mi-iza | i→y/-J |
| Abato | a-ba-to | nta ryo |
| Abakuru | a-ba-kuru | nta ryo |

### III. 8.2 Umwitozo nyagurabushobozi

**Hanga umwandiko muto (igice k'ipaji) ukoreshemo amazina mbonera, ntera, amazina ntera n'ibisantera maze ugende ubigaragaza.**

Umwarimu azareba ko buri munyeshuri yahanze umwandiko urimo ibyo yasabwe.

### III.8.3 Imyitozo y'inyongera

1. **Shaka ingero z'amagambo y'impuzanyito, imbusane, imvugwakimwe, ingwizanyito n'impuzashusho maze uyakoreshe mu nteruro ziboneye.**

Umwarimu areba ko buri munyeshuri akora interuro akoresheje ubwoko bw' inyunguramagambo bwasabwe.

2. **Tandukanya aya magambo y'impuzashusho ukoresheje ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku**

a) **Gushyîra** (nzira) ≠ **Gushyîira** (kujyanira umuntu ikintu)

b) **Umusaâre** (wambutsa mu bwato) ≠ **Umusâre** (igikomere)

c) **Ikirêerê** (hejuru ku bicu) ≠ **Ikireere** (cyo ku nsina)

d) **Kureemba** (k'umurwayi) ≠ **Kurêemba** (guha umuntu ibidahagije)

e) **Inkokô** (itungo ryo mu rugo) ≠ **inkooko** (igikoresho bagosoza ibishyimbo)

f) **Guhîishira** (by'imbuto zeze) ≠ **guhîshiira** (kutavuga amakosa y'umuntu)

g) **Umusaâmbi** (ubwoko bw'inyoni) ≠ **umusaambi** (igikoresho bicaraho cyangwa banikaho imyaka)

## III.9. Amakuru y'inyongera

1. **Izindi ngero z'ikeshamvugo zishobora gukoreshwa mu muvugo.**

| Ikeshamvugo | Ingero |
|---|---|
| Itizabuntu (nyabuntu) | - Impyisi bayikubise ibibando iti: “Icyo nzira ndakizi: ni uko nasize irangamuntu”.<br>- Impyisi yirigase mu gisebe iti: “Aka muntu we”! |
| Umusarabiko | Kera isaha yari isake<br>Isake yari isaha. |
| Ikabya | Yadukamiye amata angana imvura. |

**2. Amazina y’amatirano**

**a) Inshoza y’izina ry’iritirano**

Mu Kinyarwanda, izina ni ubwoko bw’ijambo bita umuntu, inyamaswa, ikintu n’ahantu, rikabiranga. Izina risobanurwa ku buryo butandukanye biturutse ku nyito cyangwa inyurabwenge, ku ntego ndetse no ku nkomoko. Iyo dushingiye ku nkomoko ari na cyo twibandaho muri iri somo, amazina y’Ikinyarwanda tuyasangamo amazina gakondo n’ amazina y’amatirano.

**b) Itandukaniro hagati y’amazina gakondo n’amazina y’amatirano**

Amazina y’amatirano ni amazina afite inkomoko mu ndimi z’amahanga. Iyo indimi zihuriranye, ururusha urundi ingufu ni rwo rurutiza amagambo menshi bitabujije ko n’urundi na rwo rurutira. Gutira bishingira ku mushyikirano w’imico, ku madini, ku butegetsi, ku bukungu n’ibindi hagati y’indimi zinyuranye. Amazina gakondo yo ni amazina aba ari karemano mu rurimi runaka ataratiwe mu zindi ndimi.

**c) Imvano y’amazina y’amatirano**

Kuva kera Abanyarwanda bashyikiranaga n’abaturage b’ibihugu bidukikije, bitewe n’ubucuti ubuhake, guhaha cyangwa gushyingirana. Ibi byatumye Ikinyarwanda kinjiza amagambo avuga ibintu bimwe byababaga byadutse mu Rwanda. Byongeye kandi, kuva mu ntangiriro y’ikinyejana cya makumyabiri, abanyaburayi batangiye kuza mu Rwanda bazanywe n’amadini, ubukoroni, ubucuruzi n’ubucukuzi bw’amabuye y’agaciro, ubuhinzi n’ibindi. Ibyo byatumye zimwe mu ndimi z’i Burayi zinjiza amagambo mu Kinyarwanda.

# UMUTWE WA 4

# KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE

## IV.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.
- Guhina no guhanga umwandiko yubahiriza amabwiriza yabyo.
- Gusesengura bimwe mu binyazina.

## IV.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi

- - Gusobanura ibidukikije ibyo ari byo no gutanga urugero
- - Gusobanura uburyo bwo kubungabunga ibidukikije biri aho atuye.

## IV.3. Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragarira muri uyu mutwe |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Igaragarira mu mashusho aho ibitsina byombi byagaragajwe cyangwa mu bikorwa umwarimu atanga, mu bibazo abaza, no mu gukora amatsinda aho yibanda ku bitsina byombi. |
| Kubungabunga ibidukikije | Igaragarira mu mwandiko « Tubifate neza » aho bakangurira abantu kubungabunga amazi by'umwihariko n'ibishanga muri rusange kuko ari byo soko y'amazi. Mu mwandiko « Bamugiriye inama » aho bavuga ko ibiti bigomba gutemwa igihe cyo kubisarura kigeze kandi haba hatemwe kimwe hagaterwa bibiri. |
| Uburezi budaheza | Igaragarira mu mashusho cyangwa igihe umwarimu yigisha yita kuri buri munyeshuri. |

## IV.4. Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

**Urugero rw'igikorwa n'urugero rw'ibisubizo :**

***Ku bwawe urumva hakorwa iki ngo ibidukikije bibungabungwe?***

***Ni nde ugomba gufata iya mbere muri iki gikorwa?***

Bigomba gufatwa neza, nta kubyangiza. Buri muntu wese aho ava akagera yaba Umunyarwanda cyangwa umunyamahanga, umwana cyangwa umukuru agomba kugira uruhare mu kubungabunga ibidukikije.

## IV.5. Amasomo ari mu mutwe wa kane n'igihe yagenewe

| **Umutwe wa kane: Kubungabunga ibidukikije** | | **Umubare w'amasomo: 25** |
|---|---|---|
| **Umwandiko: Tubifate neza** | | |
| Isomo | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |
| **Isomo rya mbere**: Gusoma no gusobanura umwandiko. | Gusoma no gusobanura amagambo adasobanukiwe ndetse no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya kabiri**: Gusoma no kumva umwandiko. | Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya gatatu**: Gusoma no gusesengura umwandiko. | Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe. | **Isomo 1** |
| **Ihinamwandiko** | | |
| **Isomo rya kane**: Ihinamwandiko | Guhina umwandiko ahereye ku ngingo z'ingenzi ziwugize. | **Amasomo 2** |
| **Amoko y'imyandiko** | | |

| | | |
|---|---|---|
| **Isomo rya gatanu:** Amoko y'imyandiko. | Kurondora no gusobanura amoko y'imyandiko. | **Amasomo 5** |
| **Ihangamwandiko** | | |
| **Isomo rya gatandatu**: Ihimbamwandiko/ Ihangamwandiko. | Guhimba umwandiko yubahiriza amabwiriza y'ihimbamwandiko. | **Amasomo 4** |
| **Umwandiko: Bamugiriye inama** | | |
| **Isomo rya karindwi**: Gusoma, gusobanura, kumva no gusesengura umwandiko. | - Gusoma umwandiko, kuwusobanura no gusubiza neza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko. | **Amasomo 2** |
| **Amagambo ahinduka: Ibinyazina** | | |
| **Isomo rya munani:** Inshoza, uturango n'amoko by'ibinyazina. | - Gutahura inshoza, uturango n'amoko by'ibinyazina. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya kenda**: Ikinyazina ngenera. | Gusesengura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ikinyazina ngenera. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya cumi:** Ikinyazina ngenga | Gusesengura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ikinyazina ngenga | **Isomo 1** |
| **Isomo rya cumi na rimwe:** Ikinyazina ngenera ngenga/ Ikinyazina k'inyunge. | Gusesengura no gukoresha neza mu mvugo no munyandiko ikinyazina ngenera ngenga. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya cumi na kabiri:** Ikinyazina nyereka. | Gusesengura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ikinyazina nyereka. | **Amasomo 2** |

| | |
|---|---|
| **Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri** | **Isomo 1** |
| **Isuzuma risoza umutwe wa kane** | **Amasomo 2** |

## IV.5.1.Umwandiko: Tubifate neza

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 120)

## Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa<br>- Gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Tubifate neza" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo**

**a) Murabona iki kuri iyi shusho?**

Kuri iyi shusho turahabona igishanga n'ikibaya n'abantu barimo guharura ibyatsi mu biti bikikije igishanga.

**b) Muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki?**

Uyu mwandiko uraza kuvuga ku kubungabunga ibidukikije.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu ntangiriro rusange kuri 2.6.

**Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:**

**Igikorwa**

*Soma umwandiko « Tubifate neza » ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo.*

Abanyeshuri bakorera iki gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinonosora bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'amagambo umunyeshuri ashobora kuba adasobanukiwe n'ibisobanuro byayo:**

a) **Ku isonga**: cya mbere

b) **Inturo**: icumbi

c) **Byahumanya**: byakwanduza bigatera indwara

d) **Gukusanyiriza**: guhuriza hamwe

e) **Mu mpeshyi**: mu ki/mu gihe k'izuba ryinshi

f) **Imirwanyasuri**: imyobo baca mu murima bakayiteraho ibyatsi kugira ngo ifate amazi adatera isuri muri uwo murima.

g) **Imiyoboro y'amazi**: inzira zivana amazi ahantu runaka ziyajyana ahandi

h) **Amarebe**: ubwoko bw'ibyatsi biba mu mazi atemba cyangwa atemba buhoro bikagira ibibabi binini biba bibambitse hejuru y'amazi

i) **Gusatira**: kwegera cyane

j) **Umwuma**: inyota ikabije yatewe no kubura amazi

k) **Tuyabungabunga**: tuyafata neza, tutayangiza

l) **Imyuzure**: amazi menshi asandara ku butaka akaba yarengera ibintu.

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba buri munyeshuri ku giti ke gukora umwitozo w'inyunguramagambo uri mu bitabo byabo. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha by'umwihariko. Umwarimu n'abanyeshuri bawukosorera hamwe. Ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Uzurisha izi nteruro amagambo ukuye mu mwandiko.**

- **Ibishanga** byinshi byo mu Rwanda bihingwamo umuceri.
- Twirinde ibintu ibyo ari byo byose **byahumanya** amazi kuko adufitiye akamaro.
- Gutera ibiti ku misozi no gufata amazi aturuka ku mazu bituma amazi atemba ataba menshi bityo bigakumira **isuri n'imyuzure**.
- Kubungabunga amazi n'ibishanga ni **inshingano** za buri wese.

**b) Shaka impuzanyito z'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko**

- Kuhira: **kuvomerera**
- Impeshyi: **iki**
- Gihumanya: **cyanduza**

## Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Ni nde wanyibutsa umwandiko duheruka kwiga?**

Umwandiko duheruka kwiga ni "Tubifate neza"

**b) Muri uwo mwandiko havugwagamo iki?**

Muri uwo mwandiko haravugwamo uburyo bwo kubungabunga amazi n'ibishanga.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu ntangiriro rusange kuri 2.6.

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Tubibungabunge" maze usubize ibibazo bikurikira.*

Abanyeshuri bakorera igikorwa mu matsinga hanyuma bakamurika ibyavuyemo.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na ba kubinoza bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe**

**a) Sobanura impamvu ari ngombwa kubungabunga ibishanga?**

Ni ngombwa kubungabunga ibishanga kuko ari byo soko y'amazi

**b) Ni inde ufite inshingano zo kubungabunga amazi n'ibishanga?**

Buri muntu wese afite inshingano zo kubungabunga amazi n'ibishanga.

**c) Igikorwa cy'ubuhinzi butitaruye ibiyaga, imigenzi, inzuzi ndetse n'ibishanga bushobora gutera izihe ngaruka?**

Igikorwa cy'ubuhinzi butitaruye amazi ni kimwe mu biyanduza bigatuma agenda agabanuka. Ikindi kandi isuri iturutse mu mirima n'ifumbire byiroha mu mazi bikaba intandaro y'amarebe akaba ari ikimera gihumanya amazi ndetse kikanatuma ibiyaga bisibama.

**d) Ni ibihe bikorwa by'ingenzi byo kubungabunga amazi n'ibishanga byavuzwe mu mwandiko?**

- Gutunganya ibishanga
- Gutera ibiti ku nkengero z'imigezi, inzuzi n'ibiyaga
- Gutera amashyamba ku buso bwagenwe
- Gucukura imirwanyasuri ku misozi
- Gufata amazi yo ku mazu

**e) Ni iyihe mpamvu tugomba gutera ibiti nk'imigano n'ibindi?**

Ni ukugira ngo bifate ubutaka isuri itabuvanga n'amazi bityo imigezi igasibama cyangwa amazi yayo akagabanyuka.

## Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe.<br>- Gusesengura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'ibisubizo byatangwa**

**a) Umwandiko "Tubifate neza" wubakiye ku yihe nsanganyamatsiko?**

Wubakiye ku nsanganyamatsiko yo kubungabunga ibidukikije.

**b) Wumva kubungabunga ibidukikije bifite akahe kamaro?**

Bituma tubaho neza kuko tubikenera mu buzima bwacu bwa buri munsi. Tutabifite nta buzima twagira kandi byinjiza n'amafaranga.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri isomo mu ntangiriro rusange kuri 2.6.

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "**Tubifateneza**" maze usubize ibibazo bikurikira.*

Abanyeshuri bakorera iki gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe :**

a) **Ni akahe k'amaro ko kubungabunga ibidukikije mu iterambere ry'igihugu?**

Iyo ibidukikije bibungabunzwe neza biteza igihugu imbere. Nk' iyo ibyiza bitatse igihugu bibungabunzwe bikurura ba mukerarugendo bagasiga amadovize. Iyo na none ibidukikije bibungabunzwe bituma umuturage atera imbere bityo n'igihugu kikaba giteye imbere.

b) **Ni ibihe bikorwa byo kubungabunga amazi n'ibishanga bikorwa mu karere utuyemo?**

Mu karere dutuyemo ibishanga birahingwa hakurikije gahunda yateganyijwe, nta muturage ujugunya imyanda aho abonye ahubwo ikusanyirizwa hamwe, abaturage bose bacukuye imirwanyasuri mu mirima yabo bayiteraho n'ibyatsi … Umwarimu areba ibyo abanyeshuri basubije mu karere ke.

c) **Nyuma yo gusobanukirwa n'ingaruka zishobora guterwa no kutabungabunga amazi n'ibishanga zavuzwe mu umwandiko "Tubifate neza" ni izihe ngamba ufashe mu kubungabunga ibidukikije muri rusange?**

Ingamba mfashe ni uko nange ngomba gufata iya mbere mu kubibungabunga nirinda ikintu cyose cyahumanya amazi.

**e) Ni iyihe ngingo y'ingenzi igaragara muri buri gika ?**

Igika cya 1 : Amazi aza mu byangombwa nkenerwa ahantu hanyuranye.

Igika cya 2 : Amazi tuyakenera mu buzima bwa buri munsi. Turayatekesha, turayanywa …

Igika cya 3 : Kubungabunga ibishanga ni ingenzi kuko ari byo soko y'amazi dukenera buri munsi

Igika cya 4 : Uburyo bwo kubungabunga ibishanga, haterwa amashyamba, bacukura imirwanyasuri …

Igika cya 5 : Ibikorwa ku nkengero z'ibishanga, imigezi, inzuzi n'ibiyaga kugira ngo amazi abungabungwe.

Igika cya 6 : Ingaruka z'ibura ry'amazi ndetse n'amazi ahumanye ku buzima

Igika cya 7 : Gukangurira abantu kubungabunga amazi.

### IV.5.2. Ihinamwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 123)

## Isomo rya kane: Ihinamwandiko

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>Guhina umwandiko ahereye ku ngingo z'ingenzi ziwugize |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu |

1. **Intangiriro**

   Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'ibisubizo byatangwa**

a) **Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?**

   Umwandiko duheruka kwiga ni « Tubifate neza ».

b) **Umwandiko duheruka kwiga ugizwe n'ibika bingahe?**

   Ugizwe n'ibika birindwi.

2. **Uko isomo ryigishwa**

   Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba kongera gusoma umwandiko "Tubifate neza" no gukora igikorwa gikurikira kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Ongera usome umwandiko "Tubifate neza" hanyuma uhere ku ngingo y'igenzi ya buri gika maze ukore umwandiko mugufi. Hera kuri uwo mwandiko umaze gukora maze utahure inshoza y'ihinamwandiko, uburyo bwo gukora ihinamwandiko, amabwiriza y'ihinamwandiko n'akamaro k'ihinamwandiko.**

Iyo igihe yabahaye kirangiye, asaba itsinda rimwe kumurika ibyo ryakoze abagize andi matsinda bakurikiye kandi afatanya n'umwarimu kubinoza bikandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe**

a) **Inshoza y'ihinamwandiko**

Guhina umwandiko ni ukuvuga mu magambo makeya, igitekerezo

cyangwa ingingo zirimo kuvugwa muri uwo mwandiko, wibanda ku z'ingenzi.

**b) Uburyo bwo gukora ihinamwandiko**

Ushobora gukora ihinamwandiko muri ubu buryo:

- Ihina ry'**igika ku gika** : Hano ufata igitekerezo kiri muri buri gika ukakivuga mu mirongo mike ishoboka ukurikije uko ibika bikurikirana kuva ku ntangiriro kugera ku musozo
- **Ihina rusange** : Aha ufata igitekerezo nyamukuru kivugwa mu mwandiko ukakivuga uhereye ku ngingo z'ingenzi zigishamikiyeho ariko mu magambo makeya kandi ukabisobisonura neza.

**c) Amabwiriza y'ihinamwandiko**

**Uhina umwandiko agomba:**

- Kumva neza insanganyamatsiko iri mu mwandiko
- Kuvuga ku bitekerezo biri mu mwandiko nta bindi yongeramo avanye hanze yawo.
- Kumvikanisha igitekerezo muri make
- Kutandukura ibiri mu mwandiko uko byakabaye.
- Gukoresha imvugo yabugenewe yirinda imvugo nyandagazi
- Gukoresha imvugo yoroheje yumvwa na buri wese.

**d) Akamaro k'ihinamwandiko**

- Gusuzuma niba umuntu yumvise insanganyamatsiko ikubiye mu mwandiko.
- Kumenyereza umuntu kuvuga mu nshamake kandi mu magambo ye ibitekerezo bikubiye mu mwandiko atarondogoye.
- Gutoza umuco wo kurobanura iby'ingenzi ukavuga ibintu urasa ku ntego .

**3. Umwitozo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri akabasaba kongera gusoma umwandiko "Umutego mutindi" uri mu isuzuma risoza umutwe wa gatatu, bagakora ihinamwandiko ryawo bakurikije uburyo bwo gukora ihinamwandiko ndetse n'amabwiriza abigenga.

Iyo igihe yabahaye cyo gukora icyo gikorwa kirangiye, amatsinda nibura atatu amurikira abandi ibyo bakoze akagenda abafasha kubikorera

ubugororangingo bikandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

### IV.5.3. Amoko y'imyandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa124.)

## Isomo rya gatanu: Amoko y'imyandiko

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Kurondora no gusobanura amoko y'imyandiko.<br>- Gutandukanya amoko y'imyandiko ashingiye ku turango twayo. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'ibisubizo byatangwa**

a) **Ni akahe kamaro k'ihinamwandiko?** Ihinamwandiko rigaragaza ko umuntu yumvise insanganyamatsiko ikubiye mu mwandiko rikanafasha kumenya kuvuga mu nshamake kandi mu magambo ye ibitekerezo bikubiye mu mwandiko.

b) **Sesengura ibitekerezo bikubiye mu mwandiko « Tubifate neza » maze uvuge aho umwanditsi yabyanditse abikuye ?** Umwanditsi yaratekereje arandika ndetse yifashisha n'andi makuru yakuye ahandi kugira ngo avuge ibiri byo.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora igikorwa gikurikira kiri mu gitabo cy'umunyeshuri:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Tubifate neza". Ukurikije uko ibitekerezo biwurimo bikurikirana n'imiterere yawo, wavuga ko umwandiko ari iki? Kora ubushakashatsi utahure kandi usobanure amoko y'imyandiko.*

Iyo igihe yabahaye kirangiye, asaba itsinda rimwe kumurika ibyo ryakoze andi matsinda akurikiye kandi afataya n'umwarimu kubikorera ubugororangingo bikandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byakorewe ubugororangigo :**

**I. Inshoza y'umwandiko**

Umwandiko ni ibitekerezo biba byarahimbwe n'umuntu, akabikusanyiriza hamwe mu nyandiko kugira ngo abigeze ku bandi. Mu Kinyarwanda imyandiko iri ukwinshi dukurikije ibiyivugwamo n'uburyo ihimbye. Urugero nk'ibivugwa mu mugani si kimwe n'ibivugwa mu ndirimbo amahamba n'ibindi.

**II. Amoko y'imyandiko**

Imyandiko ibamo iy'ubuvanganzo nyemvugo bwahozeho mbere y'umwaduko w'abazungu (nk'imigani, ibitekerezo, ibisigo, ibyivugo, indirimbo, imbyino, n'indi) n'imyandiko y'ubuvanganzo nyandiko yitabiriwe aho abantu bamenyeye kwandika. Imyandiko y'ubuvanganzo nyandiko ifite imisusire mishya n'imyubakire cyangwa uruhererekane rw'ingingo usanga byihariye. Turebye ku buryo ibitekerezo biri mu myandiko y'ubuvanganzo nyandiko bitondetse no ku buryo bwo gusesengura ikivugwa, dusanga igabanyijemo amoko atanu ari yo: umwandiko **mbarankuru, ntekerezo, mvugamiterere, nsesengurabumenyi na mvugamateka.**

**A. Umwandiko mbarankuru**

Umwandiko mbarankuru ni igihangano gishingiye ku kubarira abandi ibyabaye ubivuye imuzingo ukagera ku ndunduro ; ariko mu buryo bworoheje butarimo gusesengura impamvu zabiteye n'ingaruka zabyo. Umubarankuru yivugira inkuru z'ibyo yabayemo cyangwa yiboneye ubwe akabirondorera abandi. Urugero, umubarankuru ubaze inkuru z'umunsi we wa mbere agera ku ishuri, uwo mwandiko yaba akoze waba ari mbarankuru.

**Ibiranga umwandiko mbarankuru**

**a) Imvugo y'ibiganiro**

Iyo tuvuga tuganira, iyo twandika ibaruwa, iyo dutanga ibitekerezo ku ngingo iyi n'iyi, dukoresha uburyo bw'imvugo y'ibiganiro, kuko haba hari uvuga n'ubwirwa. Ubwo buryo bwo kuvuga cyangwa imyandiko

ikozwe muri ubwo buryo, bugaragazwa mbere na mbere n'ibihe inshinga zitondaguwemo: indagihe, impitakare, n'inzagihe.

Izo nshinga zerekana igihe igikorwa cyabereye ugereranyije n'igihe bavugira. Ibyo bihe kandi bigaragaza uvuga uwo ari we n'ubwirwa mu gihe iki n'iki.

Hashobora no gukoreshwamo impitakera ndetse n'indagihe y'ubusanzwe, ariko nta mpitagihe yonyine ishobora kuzamo.

**b) Ubara inkuru cyangwa uvuga/Umubarankuru**

Ubara inkuru atandukanye cyane n'umwanditsi w'inkuru. Ni yo mpamvu hatagomba kwitiranywa umwanditsi (umuntu uzwi wabayeho cyangwa ukiriho), n'ubara inkuru ugaragara mu mwandiko. Ubara inkuru agira umwanya cyangwa uruhare mu nkuru mu buryo bubiri:

- **Ubara inkuru adafitemo uruhare**

Icyo gihe umwanditsi avuga ibyo abandi banyarubuga bakoze, adafitemo uruhare, ku buryo atagaragaramo yivugaho, cyangwa ngo atange ibitekerezo.

- **Ubara inkuru ari n'umunyarubuga**

Ubara inkuru ari mu rubuga ashobora kubara inkuru ayifitemo uruhare nk'umunyarubuga. Bene uwo munyarubuga aba avuga ibyamubayeho, ibyo we ubwe yagizemo uruhare cyangwa agatanga ibitekerezo abyiyerekejeho. Ubu buryo bukunze gukoreshwa mu bitabo by'abanditsi bavuga ku buzima bwabo.

- **Imiterere y'umubarankuru**

Umubarankuru ashobora gufata imiterere itandukanye bitewe n'ubushobozi afite bwo kugera aho inkuru ibera hose no kumenya ibyabereye ahantu aho ari ho hose cyangwa ubwo bushobozi bukaba bufite aho bugarukira. Kubera izo mpamvu, ubara inkuru ashobora kwitwara ku buryo butatu butandukanye ari bwo: umubarankuru ubona byose (umumenyabyose), umubarankuru urebera imbere mu rubuga (utarenga urubuga), n'umubarankuru urebera hanze y'urubuga (utabona ibiri imbere mu rubuga).

- **Umubarankuru ubona byose**

Ibyo uwo mubarankuru avuga biba birenze ubumenyi n'ubushobozi bw'abanyarubuga. Ntagira umwanya umwe wihariye, abivuga nk'umunyamateka uzi byose, uhindura umwanya n'uburyo aboneramo ibyo avuga. Ashobora kuvuga ibyabereye ahantu aho ari ho hose haba

mu ijuru, ikuzimu n'ahandi; akagaragaza ibitekerezo biri mu mitima y'abanyarubuga, ibyababayeho kera n'ibizaza.

Ubwo buryo butanga inzira yagutse yo gusesengura insanganyamatsiko mu mwandiko, ariko bushobora gutuma bigaragara nk'aho atari ukuri kuko buteganya umubarankuru ufite ubushobozi n'ububasha burenze ubwa muntu.

- **Umubarankuru urebera imbere mu rubuga gusa**

Amakuru atanga ntarenga ubumenyi n'ubushobozi bw'umuntu. Ibyo avuga ntibirenga ubushobozi bwite bwo kugera ku bivugwa.

Ubwo buryo butuma hari ibyo utabona uko uvuga, ariko bugatanga ibintu bishobora kwemerwa nk'ukuri, kuko bugarukira ku byashoborwa n'umuntu bityo usoma akabyumva mu buryo bumworoheye.

- **Umubarankuru urebera hanze y'urubuga**

Amakuru atangwa n'umubarankuru ashingira gusa ku byo abonera inyuma. Nta sesengurabitekerezo rijyamo kuko aba atazi ibitekerezo biri mu mitima y'abanyarubuga.

**B. Umwandiko ntekerezo**

Umwandiko ntekerezo ni umwandiko ugambiriye gutanga ibitekerezo ariko noneho bigomba gusobanurwa, kugaragazwa n'ingero, ndetse n'ibipimo by'imibare n'ubundi bumenyi. Uwandika bene uwo mwandiko agomba gutanga ibisobanuro bifatika kuri buri gitekerezo atanze, akerekana ko hari abandi babibonye nka we,

akagaragaza n'inkomoko y'ibyo uvuga; kuko aba agambiriye ko babyemera. Imyandikire y' umwandiko ntekerezo iba inoze kandi ibitekerezo byawo bikurikiranye neza.

**C. Umwandiko mvugamiterere**

Ni umwandiko uvuga imiterere y'ikintu, ukaba ugambiriye gutanga ishusho yacyo. Nyiri ugukora uwo mwandiko yivugira ibintu uko abibona. Ashobora kuvuga ibyiza aho abandi babona ibibi, cyangwa akabona ko icyo abandi bita kiza kuri we ari inenge. Nta wamubaza kwisobanura ku gitekerezo ke. Bene iyi myandiko ikunze gukoresha amagambo agereranya n'arata ibintu hibandwa cyane cyane ku mikoreshereze y'imfutuzi

Umwandiko mvugamiterere urangwa n'imvugoshusho zikoreshwa ndetse n'amagambo avuga imiterere cyanecyane ataka ikivugwa,

agaragaza ubwiza cyangwa inenge byacyo.

Imyandikire y'umwandiko mvugamiterere iba inoze kandi ibitekerezo byawo bikurikiranye neza.

**D. Umwandiko nsesengurabumenyi**

Umwandiko nsesengurabumenyi ni urubuga rwo gutuma abantu barushaho gusangira amakuru agamije guhanga cyangwa kwimakaza ubumenyi. Ni umwandiko ugambiriye kwigisha no gutanga ubumenyi, wibanda ku mibare, ugaharanira gutanga ibisobanuro nyurabwenge uhereye ku bipimo n'ibigereranyo by'imibare. Imyandiko wakubira muri iri tsinda ni imyandiko irebana n'ubushakashatsi buba bugamijwe gutangazwa.

**Urugero:**

Imyandiko ivuga ku miterere ya sida, uko ihagaze mu bihugu bigikennye, ingano y'abantu imaze guhitana n'ingamba zo kuyihashya.

**E. Umwandiko mvugamateka**

Ni umwandiko wibanda ku gukurikiranya neza ibyabaye mu gihe cyashize, ugambiriye kubimenyesha abatarabibonye cyangwa kwibutsa ababibonye ariko batakibyibuka. Wibanda rero ku kubikurikiranya neza mu gihe, ukavuga ababigizemo uruhare, icyabiteye n'ingaruka byagize.

Imyandiko mvugamateka yiganjemo amateka y'umuntu wabaye ikirangirire. Ivuga ku buzima, ibikorwa n'ibigwi by'indashyikirwa

**Urugero:**

Uwakwandika umwandiko uvuga ibigwi n'imibereho bya Mandela wo muri Afurika y'Epfo yaba akoze umwandiko mvugamateka

**Ikitonderwa:**

Ushobora guhanga ubwo bwoko bw'imyandiko bwose ufite insanganyamatsiko imwe

**Urugero:**

Wanditse umwandiko ku nsanganyamatsiko ikurikira « Ishyamba rya Nyungwe » ushobora:

- Gusesengura aho riri ku ikarita, impamvu habamo amoko y'ibiti ibi n'ibi, akamaro rifitiye u Rwanda n'isi, uburyo bwo kuribungabunga,

igihombo ryatera Igihugu riramutse rifashwe nabi, ukaba wanditse umwandiko nsesengurabumenyi.

- Kuvuga amateka yaryo, ukaba wanditse umwandiko mvugamateka
- Kuvuga imiterere yaryo urishimagiza cyangwa urisesereza, ukaba wanditse umwandiko mvugamiterere.
- Gutanga igitekerezo ko uwaritema akahahinga icyayi ari byo byagirira u Rwanda akamaro kuruta ishyamba, ukaba wanditse umwandiko ntekerezo.
- Kubara inkuru iryerekeyeho, ukaba wanditse umwandiko mbarankuru.

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba buri munyeshuri ku giti ke gukora umwitozo uri mu bitabo byabo. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bawukora agafasha by'umwihariko abafite ibibazo byihariye. Iyo igihe yabahaye cyo gukora uwo mwitozo kirangiye, arabakosora, hanyuma bagakosorera hamwe ku kibaho, abanyeshuri bakandika ibisubizo mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byatangwa**

**a) Garagaza ibyibandwaho mu gihe handikwa umwandiko nsensegurabumenyi.**

Hibandwa ku mibare, gutanga ibisobanuro nyurabwenge bishingiye ku bipimo n'ibigereranyo by'imibare

**b) Vuga mu nshamake uko wabigenza uramutse usabwe kwandika umwandiko mvugamiterere ku kintu runaka.**

Mpawe kwandika umwandiko mvugamiterere nabanza ngahitamo ikintu mvugaho. Niba mbona ko gifite inenge, nge navuga ibyiza byacyo kandi nkagira ikindi ngenda mbigereranya.

**c) Vuga muri make itandukaniro riri hagati y'umwandiko mbarankuru n'umwandiko ntekerezo.**

- Umwandiko ntekerezo ni umwandiko ugambiriye gutanga ibitekerezo ariko noneho bigomba gusobanurwa, kugaragazwa n'ingero, ndetse n'ibipimo by'imibare n'ubundi bumenyi. Uwandika atanga ibisobanuro bifatika kuri buri gitekerezo atanze, akerekana ko hari abandi babibonye nka we, akagaragaza n'inkomoko y'ibyo uvuga ; kuko aba agambiriye ko babyemera.
- Umwandiko mbarankuru ni igihangano gishingiye ku kubarira abandi ibyabaye ubivuye imuzingo ukagera ku ndunduro ; ariko

mu buryo bworoheje butarimo gusesengura impamvu zabiteye n'ingaruka zabyo.

**d) Tanga urugero rw'umwandiko mbarankuru twize ?**

Urugero rw'umwandiko mbarankuru twize ni Ruhinyuza

**e) Tanga nibura ingero eshatu z'imyandiko mvugamateka waba warasomye hanyuma ukore inshamake (Ihinamwandiko) y'umwe muri yo.**

Aha abanyeshuri batanga ibisubizo binyuranye umwarimu akabakosora ashimangira ko ibyo bakoze ari byo cyangwa atari byo.

### IV.5.4. Ihangamwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 129.)

## Isomo rya gatandatu: Ihimbamwandiko/ Ihangamwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br><br>Guhimba umwandiko yubahiriza amabwiriza y'ihimbamwandiko. |
| **Imfashanyigisho**: igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'ibisubizo byatangwa**

**a) Imyandiko irimo amoko angahe ? Yavuge.**

Imyandiko irimo amoko atanu. Umwandiko mbarankuru, umwandiko ntekerezo, umwandiko mvugamiterere, umwandiko nsesengurabumenyi n'umwandiko mvugamateka.

**b) Uramutse ugiye kwandika umwandiko uwo ari wose wabigenza ute ?**

Nabanza ngashaka insanganyamatsiko, nkegeranya ibitekerezo, ngatangira nkandika. Umwarimu arahera ku bisubizo abanyeshuri bamuhaye, ababwire ko bagiye kwiga ihimbamwandiko cyanga ihangamwandiko.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora igikorwa gikurikira kiri mu gitabo cy'umunyeshuri:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "**Tubifate neza**" hanyuma usubize ibibazo bikurikira:*

*Ushingiye ku buryo umwanditsi yakurikiranyije ibitekerezo ni ibihe bice by'ingenzi bigize umwandiko "Tubifate neza"? Bigaragaze maze utahure inshoza y'ihangamwandiko n'ibyo wakwitaho mu gihe uhanga umwandiko.*

Iyo igihe cyo gukora icyo gikorwa kirangiye, umwarimu asaba itsinda rimwe rikageza ku bandi ibyo ryakoze abandi bakurikiye, afatanya na bo kubinoza, ibinogejwe bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**I. Inshoza y'ihangamwandiko**

Guhanga umwandiko ni uburyo bwo kubaka ibitekerezo bishingiye ku nsangamatsiko runaka, ukayirambura ku buryo bw'umudandure ugenda ukurikiranya ibitekerezo byubakiye ku gitekerezo k'ingenzi mu buryo bw' inyurabwenge.

Uhanga umwandiko agomba kubanza kubaka ibitekerezo cyangwa kubishushanya mu bwenge nyuma akabishyira mu nyandiko.

**II. Ibyitabwaho mu guhanga umwandiko**

a) **Guhitamo insanganyamatsiko.**

Mbere yo kwandika ubanza gutekereza ku nsanganyamatsiko ushaka kwandikaho.

b) **Guhitamo ubwoko bw'umwandiko**

Mbere yo kwandika ugomba gihitamo ubwoko bw'umwandiko kugira ngo ugene imisusire yawo kuko imyandiko itaba iteye kimwe.

c) **Gusesengura no kumva neza insanganyamatsiko.**

Kuyisoma witonze, ukayisesengura, ushaka inyito z'amagambo ayigize. Impamvu ni uko ijambo rimwe rishobora kugira inyito nyinshi. Gushakamo kandi ijambo cyangwa amagambo fatizo yaguha inzira n'imbibi by'insanganyamatsiko. Iyi ntambwe ni ingenzi kuko ntushobora kubona ibitekerezo utanga ku bintu nawe ubwawe utumva neza.

**d) Gukusanya ibitekerezo ku nsanganyamatsiko.**

Iyo umaze kumva neza insanganyamatsiko, utangira kwandika ku rupapuro rwo guteguriraho ibitekerezo. Ukusanya ingero, amagambo meza yavuzwe n'abandi, ibyawe ubwawe waba uzi, n'ibindi. Biba byiza iyo insanganyamatsiko wandikaho uyiziho byinshi, kandi ugashingira ku bintu bifatika.

**e) Guhitamo ibitekerezo by'ingenzi.**

Iyi ntambwe igufasha guhitamo ibitekerezo by'ingenzi, ukegeranya ibihuye, ukabikurikinya mu buryo bwuzuzanya kandi hitawe ku njyabihe y'ibikorwa.

**f) Gukora imbata y'umwandiko.**

Iyi ntambwe igufasha kumenya uko ukurikiranya ibitekerezo byawe mu gihe wandika. Imbata y'umwandiko igizwe n'ibice bine by'ingenzi ari byo umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo (umwanzuro).

- **Umutwe**

Mbere yo kwandika uhitamo umutwe ushingiye ku nsanganyamatsiko ushaka kwandikaho. Umutwe ugomba kuba mugufi kandi ujyanye n'insanganyamatsiko. Ugomba kuba witaruye ibindi bice by'umwandiko kandi wanditse mu buryo butandukanye na byo.

- **Intangiriro**

Muri iki gice, werekana ko wumva insanganyamatsiko wahawe, maze ugatera amatsiko ku byo ugiye kwandika. Ni ukuvuga ko intangiriro igomba kuba iteye amatsiko ku buryo uyisoma agira amatsiko yo gusoma ibikurikiyeho. Urondora muri make ingingo ziri buvugwe utazisobanuye. Si byiza guhita ugaragaza ibitekerezo byawe ukiri mu ntangiriro. Igice k'intangiriro kigomba kuba kigufi ugereranyije n'ibindi bice by'umwandiko.

- **Igihimba**

Igihimba ni igice utangamo ibitekerezo bisobanuye cyangwa biherekejwe n'ingero. Muri iki gice ni ho uvuga yisanzura agasobanura

ibyo yamenyesheje mu ntangiriro. Yirinda kuvangavanga ibitekerezo ashyiramo ibyo atavuze mu ntangiriro. Mu gihimba utanga ibitekerezo gusa ukirinda kugaragaza umwanzuro. Mu gutanga ibitekerezo muri rusange, ibyiza ni uguhera ku gitekerezo wowe ubwawe uha agaciro gato ugasoreza ku gitekerezo kiremereye kurusha ibindi.

Mu gihimba, biba byiza buri ngingo igize igika kihariye kandi ikavugwaho mu buryo butarondogoye. Iyo urangije kuvuga ku ngingo imwe, uvuga ku yindi. Mu rwego rwo gukurikiranya ingingo mu buryo bw'inyurabwenge, hari amagambo yabugenewe ugomba gukoresha wunga ibitekerezo cyangwa ibika. Twavuga nka: **byongeye kandi..., nakongeraho ko..., nta n'uwakwirengagiza ko..., nta n'uwakwibagirwa ko..., ikindi kandi...** n'andi menshi.

- **Umusozo**

Umusozo ni igice kigaragaramo inshamake y'ibyavuzwe mu gihimba. Muri iki gice ni ho utanga igisubizo k'ikibazo umusomyi aba yibajije mu ntangiriro cyangwa se umumara amatsiko yari afite atangira gusoma. Mu gusoza, uwandika avuga muri make ibyavuzwe mu gihimba agaragaza ko ari ko byagombaga kurangira cyangwa se agatanga inama igihe ari ngombwa. Iyo ari umwandiko usaba kugaragaza aho umwanditsi abogamiye, ni muri iki gice agaragarizamo umwanzuro we.

**g) Kwandika**

Mu kwandika uwandika yubahiriza insanganyamatsiko, imbata yateguye n'amategeko y'imyandikire. Ni ukuvuga : imvugo ikwiye kandi iboneye, kutavangavanga indimi, kudasubira mu magambo, isanisha ry'amagambo, kubahiriza ikibonezamvugo n'ibindi. Yandika kandi akurikiranya ibitekerezo mu buryo bw'inyurabwenge kandi yubahiriza indeshyo y'umwandiko.

Kwandika bishobora gukorwa ntibirangire ako kanya bitewe n'insanganyamatsiko wandikaho, ubwoko bw'umwandiko wandika cyangwa uburebure bw'umwandiko ushaka kwandika. Kwandika rero bishobora gufata igihe kirekire kugira ngo ushobore kunoza umwandiko wawe. Ibyo bituma ubona umwanya uhagije wo gusubira mu byo wanditse, ugakuramo ibitari ngombwa, ibyisubiramo, ndetse ukongeramo ibyaba bibuzemo. Muri iki gice kandi, ni ho ushakisha amagambo yabugenewe kandi aryoshye ndetse ukaba washyiramo ibitekerezo n'ingero zishimishije, izisekeje, ariko byose bigusha ku ngingo ugambiriye kuvugaho.

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri buri wese ku giti ke gukora imbata kandi

agahimba umwandiko mbarankuru kuri imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira:

a) Ibyiza bitatse u Rwanda.

b) Nasuye Pariki y'Akagera.

Iyo igihe cyo gukora uwo mwitozo yabahaye kirangiye, asaba bamwe mu banyeshuri kugeza ku bandi basimburana, umwandiko bahimbye. Umwarimu areba niba ibyitabwaho mu guhimba umwandiko byakurikijwe, agafatanya n'abanyeshuri kubikorera ubugororangingo aho biri ngombwa.

### IV.5.5. Umwandiko: Bamugiriye inama

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ……..)

## Isomo rya karindwi: Gusoma, gusobanura, kumva no gusesengura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>- Gusoma umwandiko, kuwusobanura no gusubiza neza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.<br>- Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atari sobanukiwe. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Bamugiriye inama" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Murabona iki kuri iyi shusho?**

Kuri iyi shusho turahabona abana babiri, umukobwa n'umuhungu n'umugabo urimo gutema ibiti.

**b) Ese umugabo urimo gutema ibiti ari gukora neza? Kubera**

**iki?**

Oya. Ntabwo arimo gukora neza kuko ari kwangiza ibidukikije.

**c) Muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki?**

Uyu mwandiko uraza kuvuga ku bibi byo kwangiza ibidukikije.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu ntangiriro rusange 2.6.

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "**Bamugiriye inama**" maze usubize ibibazo byawubajijweho.*

Umwarimu arakora amatsinda atandukanye y'abanyeshuri ayahe gukora ibikorwa binyuranye. Amatsinda amwe arayasaba gusoma umwandiko « Bamugiriye inama » ashakemo amagambo adasobanukiwe, hanyuma abanyeshuri bayasobanurirane cyangwa bifashishe inkoranya mu gushaka ibisobanuro byayo. Andi matsinda arayasaba gusoma umwandiko « Bamugiriye inama », asubize ibibazo byo kuwumva byawubajijweho. Andi ayasabe gusoma uwo mwandiko no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

Kuri buri bwoko bw'ibibazo harajya hamurika itsinda rimwe abagize andi matsinda bakurikiye kandi bafatanya n'umwarimu kunoza ibyamuritswe bikandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Ikitonderwa:**

Umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri ujyanye no gusoma no gusobanura umwandiko, urakorwa amatsinda amaze kumurika ibyo yakoze.

**Urugero rw'ibibazo n'isubizo byanogejwe :**

**I. Gusoma no gusobanura umwandiko**

**Soma umwandiko "Bamugiriye inama", ushakemo amagambo**

**udasoaukiwe hanyuma uyasobanure ukurikije umwadiko cyagwa wifashishije inkoranya.**

a) **Ikibuti** : inzu y'amatungo amwe n'amwe magufi nk'inkoko, ink wavu n'ingurube.

b) **Kubungabunga** : kwita ku kintu wumvise ko gifite akamaro ngo kidahungabana.

c) **Intaho y'inyoni** : Mu giti aho inyoni zarika.

d) **Guhirahira** : kugira igitekerezo cyo kuba wakora ikintu iki n'iki.

e) **Yambaye ubusa** : nta giti na kimwe kikiharangwa

f) **Kuyasarura** : kuyatema

**II. Gusoma no kumva umwandiko**

**a) Gatesi na Bugingo bari bavuye he?**

Bari bavuye ku ishuri

**b) Ni ikihe gikorwa Gatesi na Bugingo basanze Kanyandekwe akora?**

Gatesi na Bugingo basanze Kanyandekwe arimo kwangiza ibidukikije.

**c) Ni izihe ngaruka zo gusarura amashyamba mu kajagari?**

Gusarura amashyamba mu kajagari byatuma imisozi imwe n'imwe yajya isigara yambaye ubusa bikaba intandaro y'isuri.

**d) Ni akahe kamaro k'amashyamba kavugwa mu mwandiko?**

Amashyamba atuma duhumeka umwuka mwiza, ni intaho y'inyoni z'amoko anyuranye ndetse n'udusimba n'udukoko.

**e) Ni ubuhe buryo buvugwa mu mwandiko bwafasha mu kongera amashyamba.**

Uburyo bwafasha kongera amashyamba ni ubwo gutema igiti kimwe ugatera bibiri.

**III. Gusoma no gusesengura umwandiko**

**a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?**

Ni insanganyamatsiko yo kubungabunga ibidukikije.

**b) Ni izihe ndangagaciro Gatesi na Bugingo bagaragaje?**

Bagaragaje indangagaciro yo kurengera ibidukikije.

**c) Ni iki washima Kanyandekwe?**

Kanyandekwe namushima ko yumviye inama za Gatesi na bugingo ntabasuzugure ko ari abana akazinukwa kuzongera kwangiza ibidukikije.

**d) Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?**

Isomo ryo kubungabunga ibidukikije kuko ari byo bimfatiye runini.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Umwarimu agenzura ko abanyeshuri barimo gukora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha. Iyo igihe yabahaye kirangiye, afatanya n'abanyeshuri gukosora imyitozo, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo byayo**

**a) Ubaka interuro ukoresheje amagambo akurikira : ikibuti, guhirahira**

**Ikibuti**

Mu gihe k'ihinga inkoko zifungirwa mu kibuti cyazo.

**Guhirahira**

Kanyandekwe ntiyongeye guhirahira ajya gutema ibiti mu ishyamba.

**b) Simbuza amagambo y'umukara tsiri ari muri izi nteruro imbusane zayo ukuye mu mwandiko "Bamugiriye inama".**

- **Mu gitondo** Kanyandekwe yagiye gutema ibiti mu ishyamba.
- **Nimugoroba** Kanyandekwe yagiye gutema ibiti mu ishyamba.
- Abana bakunda **kuryoherwa** n'ibiganiro by'abantu bakuru

- Abana bakunda **kubihirwa** n'ibiganiro by'abantu bakuru

### IV.5.6. Amagambo ahinduka: Ibinyazina

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ……..)

## Isomo rya munani: Inshoza, uturango n'amoko by'ibinyazina.

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gutahura inshoza n'uturango by'ikinyazina.<br>- Kurondora no gusobanura amoko y'ibinyazina. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo kirimo ibinyazina. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

1. Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?

   Duheruka kwiga umwandiko "Bamugiriye inama".
2. Ni nde bagiriye inama?

   Ni Kanyandekwe.
3. Ni ba nde bamugiriye inama?

   Ni Gatesi na Bugungo.
4. Ni iyihe nama bamugiriye?

   Bamugiriye inama yo kureka kwangiza ibidukikije.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa**

*Soma igika gikurikira kivuye mu mwandiko "Bamugiriye inama", witegereza imiterere y'amagambo y'umukara tsiri mu nteruro maze ukore*

*ubushakashatsi utahure inshoza y'ibinyazina, ubwoko bwabyo ndetse n'intego yabyo.*

Bugingo na Gatesi bahise bamwegera bamusaba kureka gutema **ibyo** biti. Kanyandekwe ababwira ko atareka kubitema kuko akeneye ibiti **byo** kubaka ikibuti **k**'inkwavu **ze**. Bugingo yamusobanuriye ko mu ishuri **ryabo** bize ko yaba amashyamba **ya** Leta, yaba ay'abaturage ku giti **cyabo,** nta muntu ugomba kuyasarura uko yiboneye atabiherewe uburenganzira. Yakomeje amubwira ko buri muntu **wese** agiye asarura amashyamba uko yiboneye, imisozi imwe n'imwe yajya isigara yambaye ubusa bikaba intandaro **y'**isuri.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe**

**I. Inshoza y'ikinyazina**

Ikinyazina ni ijambo risobanura izina. Gishobora kugaragira izina cyangwa kikarisimbura. Ibinyazina birimo amoko menshi bitewe n'ingingo bibumbatiye ndets n'imikoreshereze yabyo mu nteruro.

**II. Uturango tw'ikinyazina**

- Kigaragira izina kikisanisha na ryo hashingiwe ku ndangasano/ ndangakinyazina
- Kigira uturemejambo tubiri ariko gishobora no gufata indomo kikagira dutatu: indomo (D), indangakinyazina (Rkzn) n'igicumbi (C).
- Hari n'ibinyazina bigira umusuma (S)
- Ibinyazina bijya mu nteko cumi n'esheshatu zigaragazwa n'indangakinyazina.

**III. Inteko z'ikinyazina**

Ibinyazina bigira inteko cumi n'esheshatu zigaragazwa n'indangakinyazina zikurikira:

| Inteko | Indangakinyazina | Inteko | Indangakinyazina |
|---|---|---|---|
| 1 | u | 9 | i |
| 2 | ba | 10 | zi |
| 3 | u | 11 | ru |
| 4 | i | 12 | ka |
| 5 | ri | 13 | tu |
| 6 | a | 14 | bu |
| 7 | ki | 15 | ku |
| 8 | bi | 16 | ha |

**Ikitonderwa:**

- Inteko ya mbere n'iya gatatu, indangakinyazina ni u. Mu nteko ya mbere havugwamo umuntu, mu nteko ya gatatu havugwamo ikintu.
- Inteko ya kane n'iya kenda indangakinyazina ni i.
- Bitewe n'ubwoko, ibinyazina bishobora kugira inteko cumi n'ikenda: nt.17 ku, nt.18 mu, nt.19 i. Izi nteko zisanisha mu nteko ya 16.

**IV. Amoko y'ibinyazina**

Hakurikijwe uko bikoreshwa mu nteruro n'ingingo bibumbatiye, ibinyazina bifite amoko atandukanye: Hari ibishobora kubanziriza izina cyangwa inshinga, hakaba ibijya hagati y'amazina abiri afitanye isano, hakaba n'ibishobora gukurikira izina.

Muri ibyo binyazina dusangamo:

- Ikinyazina nyereka
- Ikinyazina mbanziriza
- Ikinyazina ngenera
- Ikinyazina ngenga
- Ikinyazina ngenera ngenga
- Ikinyazina ndafutura (ndasigura)
- Ikinyazina kibaza cyangwa mbaza
- Ikinyazina mboneranteko (ndanganteko)

- Ikinyazina nyamubaro
- Ikinyazina mpamagazi

Muri iki gice turibanda ku binyazina ngenera, ibinyazina ngenga, ibinyazina ngenera ngenga n'ibinyazina nyereka.

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Umwarimu agenzura ko abanyeshuri bari gukora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha. Umwarimu akosorera hamwe n'abanyeshuri, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo byabyo**

Subiza ibibazo bikurikira

**a) Ikinyazina ni iki?**

Ikinyazina ni ijambo risobanura izina. Gishobora kugaragira izina cyangwa kikarisimbura.

**b) Vuga nibura uturango tubiri tw'ibinyazina.**

- Ikinyazina kigaragira izina kikisanisha na ryo hashingiwe ku ndangasano/ndangakinyazina
- Ikinyazina kigira uturemejambo tubiri ariko gishobora no gufata indomo kikagira dutatu: indomo (D), indangakinyazina (Rkzn) n'igicumbi (C).

**c) Vuga amoko ane y'ibinyazina.**

- Ikinyazina nyereka
- Ikinyazina mbanziriza
- Ikinyazina ngenera ngenga (Ikinyazina k'inyunge)
- Ikinyazina ndafutura (ndasigura)

## Isomo rya kenda: Ikinyazina ngenera

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>- Gutahura inshoza n'uturango by'ikinyazina ngenera.<br>- Gusesengura ikinyazina ngenera agaragaza intego yacyo n'amategeko y'igenamajwi.<br>- Gukoresha neza ikinyazina ngenera mu mvugo no mu nyandiko. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo kirimo ibinyazina. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma interuro zikurikira yanditse ku kibaho maze bakitegereza amagambo aciyeho akarongo, akayababazaho ibibazo.

**Urugero rw'interuro**

- Bugingo na Gatesi biga mu mwaka <u>wa</u> kane w'amashuri yisumbuye.
- Kanyandekwe yari akeneye ibiti <u>byo</u> kubaka ikibuti k'inkwavu ze.
- Amashyamba <u>ya</u> Leta ntagomba kononwa.

**Urugero rw'ibibazo**

**a) Amagambo aciyeho akarongo afitanye iyihe sano n'amagambo agaragiye?**

Amagambo aciyeho akarongo yunga amagambo abiri.

**b) Amagambo aciyeho akarongo afite iyihe nyito?**

Afite inyito yo kugenera ikintu umuntu cyangwa ikitu ikindi.

Umwarimu ahera ku bisubizo abanyeshuri batanze maze akababwira ko bagiye kwiga ikinyazina ngenera.

### 2. Uko isomo ryigishwa

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikowa**

*Itegereze interuro zikurikira, usobanure imiterere y'amagambo y'umukara*

*tsiri. Uhereye ku miterere yayo, tanga inshoza n'uturango by'ikinyazina ngenera kandi ugaragaze intego yacyo.*

- Kanyandekwe yagiye gutema ibiti **byo** kubaka ikibuti **k'**inkwavu.
- Kanyandekwe yavuze ko atazongera guhirahira atema ibiti **bya** Leta bitarageza igihe **cyo** gusarurwa.
- Imisozi isigara yambaye ubusa bikaba intandaro **y'**isuri.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Inshoza y'ikinyazina ngenera n'uturango twacyo**

Ikinyazina ngenera ni ikinyazina cyunga ijambo n'irindi ririkurikira. Kibumbatiye ingingo yo gutunga, kugira, guteganyiriza no kugenera.

- Ingingo yo gutunga cyangwa kugira:

**Ingero:**

Urugo **rwa** Kagabo

Ibiti **byo** mu ishyamba

Inzu **ya** Bugingo

- Ingingo yo guteganyiriza cyangwa kugenera:

**Ingero:**

Amazi yo kunywa

Umujyi wa Kigali

Igihe cyo gukora

Umwaka wa munani

Ikinyazina ngenera gikoreshwa muri ngenga ya gatatu gusa. Iyo ikinyazina ngenera kibanjirije ijambo riteruwe n'inyajwi igicumbi cyacyo baragikata. Ikinyazina ngenera kigira indomo iyo gisimbuye ijambo cyagombye kunga n'irindi.

**Ingero:**

- Urugo rwa Kagabo.
- Ibiti byo mu ishyamba
- Inzu ya Bugingo
- Inzu y'ibiti
- Amazi yo kunywa
- Umwaka wa munani
- Igihe cyo gukora
- Ishuri ry'inshuke.

**b) Intego y'ikinyazina ngenera**

- Intego y'ikinyazina ngenera iteye itya: indangakinyazina- igicumbi (Rkzn-C).
- Ikinyazina ngenera kigira indomo iyo gisimbuye ijambo cyagombye kunga n'irindi. Icyo gihe intego yacyo iba indomo - indangakinyazina – igicumbi (D- Rkzn-C)
- Ikinyazina ngenera kigira ibicumbi bibiri: igicumbi **–a** n'igicumbi **–o.**

**Igicumbi –a (**kigaragaza nyiri ikintu**)**

| **Ingero** | **Intego** | **Amategeko y'igenamajwi** |
|---|---|---|
| Umwana wa Kabagema. | u-a | u→w/-J |
| Imiti ya Muganga. | i-a | i→y/-J |
| Mu nzu mwa Kanuma. | mu- a | u→w/-J |
| Abana ba Kabagema. | ba-a | a→Φ/-J |
| Aba Kabagema. | a-ba-a | a→ Φ/-J |
| Iya Muganga. | i-i-a | i→y/-J |

**Igicumbi –o (**gikora imbere y'indangahantu, imbere y'imbundo n'imbere y'imigereka imwe n'imwe**)**

| **Ingero** | **Intego** | **Amategeko y'igenamajwi** |
|---|---|---|
| Umwana wo mu mugi. | u-o | u→w/-J |
| Uwo mu mugi. | u-u- o | u→w/-J |
| Umuti wo mu ishyamba. | u- o | u→w/-J |
| Amata yo kunywa. | a- o | a→y/-J |
| Umusaza wo hambere | u-o | u→w/-J |
| Ahantu ho kubaka. | ha- o | a→ Φ/-J |
| Aho kubaka. | a-ha- o | a→ Φ/-J |
| Ibyo kugurisha ni ibi. | i-bi- o | i→y/-J |

c) **Imbonerahamwe y'ikinyazina ngenera**

| Inteko | Ikinyazina ngenera kidafite indomo | | Ikinyazina ngenera gifite indomo | |
|---|---|---|---|---|
| nt.1 | wa | wo | uwa | uwo |
| nt.2 | ba | bo | aba | abo |
| nt.3 | wa | wo | uwa | uwo |
| nt.4 | ya | yo | iya | iyo |
| nt.5 | rya | ryo | irya | iryo |
| nt.6 | ya | yo | aya | ayo |
| nt.7 | cya | cyo | icya | icyo |
| nt.8 | bya | byo | ibya | ibyo |
| nt.9 | ya | yo | iya | iyo |
| nt.10 | za | zo | iza | izo |
| nt.11 | rwa | rwo | urwa | urwo |
| nt.12 | ka | ko | aka | ako |
| nt.13 | twa | two | utwa | utwo |
| nt.14 | bwa | bwo | ubwa | ubwo |
| nt.15 | kwa | ko | ukwa | ako |
| nt.16 | ha | ho | aha | aho |
| nt.17 | kwa | ko | ukwa | uko |
| nt.18 | mwa | - | - | - |
| nt.19 | - | - | - | - |

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Umwarimu agenzura ko abanyeshuri bari gukora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha. Umwarimu akosorera hamwe n'abanyeshuri, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo byabyo**

a) **Tanga interuro eshanu zirimo ibinyazina ngenera.**

- Banditse ibitabo by'inkuru z'abana

- Umukozi wo kwa Musoni yadutije urwego rwe.
- Nzanira amazi yo kunywa imiti.
- Mu Kinyarwanda turimo kwiga umutwe wa kane
- Wirangara iki ni igihe cyo gukora

**b) Garagaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi y'ibinyazina washyize mu nteruro zawe.**

| Ikinyazina | Uturemajambo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Bya | bi-a | i→y/-J |
| Kwa | ku-a | u→w/-J |
| Yo | a-o | a→y/-J |
| Wa | u-a | u→w/-J |
| Cyo | ki-o | i→y/-J<br>ky→cy mu myandikire |

## Isomo rya cumi: Ikinyazina ngenga

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>- Gutahura inshoza n'uturango by'ikinyazina ngenga<br>- Gusesengura ikinyazina ngenga agaragaza intego yacyo n'amategeko y'igenamajwi.<br>- Gukoresha neza ikinyazina ngenga mu mvugo no mu nyandiko. |
| **Imfashanyigisho**: igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo kirimo ibinyazina. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu yandika interuro zikurikira ku kibaho agasaba abanyeshuri gusoma izo nteruro no kwitegereza amagambo yaciyeho umurongo akayababazaho ibibazo, bagasubiza ibibazo bizikurikiye.

**Urugero rw'interuro:**

- **Mwe** muzaze ejo kumfasha **nange** nzaba nashatse ingemwe nyinshi z'ibiti zo gutera.
- Ibi biti by'imbuto **byo** bizampa umusaruro utubutse kuko nabyuhiriye bihagije.
- Ni **twe twenyine** twahawe ibihembo byo kubungabunga ibidukikije.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo :**

**a) Amagambo aciyeho akarongo afite uwuhe mumaro mu nteruro ?**

Ayo magambo asimbuye izina.

**b) Ayo magambo ni bwoko ki?**

Ayo magambo ni ibinyazina ngenga.

Umwarimu ahera ku bisubizo abanyeshuri batanze maze akababwira ko bagiye kwiga ikinyazina ngenga.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikowa**

*Itegereze interuro zikurikira, usobanure imiterere y'amagambo y'umukara tsiri. Uhereye ku miterere yayo, tanga inshoza n'uturango by'ikinyazina ngenga kandi ugaragaze intego yacyo.*

- Ibi biti **byo** bigomba gusarurwa kuko byeze.
- Kanyandekwe **we** yasobanukiwe ko nta muntu ugomba gutema ibiti uko yibonneye.
- **Mwe** mugomba gutera ibiti byinshi kuko imisozi yambaye ubusa.
- Gatesi ahita amubwira ati: "**Nange** ndamubonye koko!"
- Buri muntu **wese** ntagomba gusarura amashyamba uko yiboneye.

**Ibisubizo byanogejwe**

**I. Inshoza n'uturango by'ikinyazina ngenga**

Ikinyazina ngenga gihagararira uvuga, uvugwa, ikivugwa, ubwirwa, ababwirwa n'abavugwa. Iki kinyazina muri ngenga ya mbere mu bumwe n'ubwinshi kerekana uvuga, muri ngenga ya kabiri mu bumwe n'ubwinshi bikerekana ubwirwa naho muri ngenga ya gatatu kikerekana uvugwa cyangwa ikivugwa ariko kikigaragaza mu nteko z'amazina. Ibinyazina ngenga bigira ngenga eshatu: iya mbere n'iya kabiri mu bumwe no mu bwinshi na ngenga ya gatutu yigaragariza mu nteko z'amazina 16

## II. Intego y'ikinyazina ngenga

Intego y'ikinyazina ngenga ni indangakinyazina n'igicumbi. Ikinyazina ngenga kigira ibicumbi bibiri:

- Igicumbi **–e** muri ngenga ya mbere n'iya kabiri mu bumwe n'ubwinshi.
- Igicumbi **–e** muri ngenga ya gatatu mu nteko ya mbere gifata isaku nyejuru.
- Igicumbi **–o** muri ngenga ya gatatu kuva mu nteko ya kabiri kugeza mu ya 16

**Ingero:**

| Ingero: | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Nge ndaza | nge: n-gi-e | i→ Ø/-J |
| Mwe muzaza ejo | mwe: mu-e | u→ w/-J |
| Uyu we ntazaze | we: u-e | u→ w/-J |
| Iki giti cyo nzagitema | cyo: ki-o | i→ y/-J ky → cy mu myandikire |

**Ikitonderwa**

- Igicumbi -**o** gifite isaku nyejuru gihinduka **–o** ifite isaku nyesi iyo ikinyazina kibanjirijwe n'impakanyi nta.

**Urugero:** nta **bo** mbona**: ba-o**

- Igicumbi -**o** gifite isaku nyesi gikoreshwa mu mwanya w'igicumbi **–e** gifite isaku nyesi mu kinyazina ngenga kiri muri ngenga ya kabiri y'ubumwe gifite umusuma "**we**".

**Urugero: wowe** uziga **u-o-we**

- Si ngombwa ko buri gihe ikinyazina ngenga giherekeza izina hari igihe kigaragara cyarisimbuye.

**Urugero**: **Abantu twese** turashishikarizwa kurwanya abatabungabunga ibidukikije.

**Twese** turashishikarizwa kurwanya abatabungabunga ibidukikije.

- Ikinyazina ngenga gikoresha imisuma ikurikira: -we, –bwe, nyine, -mbi na –se. Iyo cyafashe umusuma bamwe bakita ikinyazina **ngenga mpamya**.

- **Imisuma -we** na –**bwe**: Iyi misuma ikorana n'ikinyazina ngenga kiri muri ngenga ya mbere n'iya kabiri. Nta ngingo nshya yongerera ikinyazina.
- **Umusuma –nyine**: ufite ingingo y'umuntu utagira undi bari kumwe cyangwa se y'ikintu kitagira ikindi biri kumwe. Wiyunga n'ikinyazina ngenga muri ngenga zose.
- **Umusuma –mbi**: ufite ingingo y'abantu babiri bafatiwe hamwe cyangwa se ibintu bibiri bifatiwe hamwe. Wiyunga n'ikinyazina ngenga gikoreshejwe mu bwinshi gusa.
- **Umusuma –se**: ufite ingingo yo gukomatanya abantu cyangwa ibintu ntiwiyunga na rimwe n'ikinyazina ngenga gikoreshejwe muri ngenga ya mbere n'iya kabiri mu bumwe. Muri ngenga ya mbere n'iya kabiri mu bumwe bitabaza inteko ya mbere yo muri ngenga ya gatatu.

**Urugero**: Nge wese nanyagiwe, wowe wese wanduye?

- Ikinyazina ngenga gishobora kwiyunga n'akabimburira **nya**-. Icyo

gihe usanga kigaragiye izina kigatsindagira ingingo ribumbatiye.

**Ingero**: umugabo **nyawe** ni ukunda umurimo, ukuri **nyako** ntiguteranya…

- Ikinyazina ngenga gishobora kwiyunga n'akabimbura **nyira-** bikabyara izina ry'urusobe rifite inyito y'umuntu utunze ikintu.

**Urugero**: (nyiri urugo araje) **nyirarwo** araje, (nyiri ibintu ntaraza) **nyirabyo** ntaraza…

- Ikinyazina ngenga gishobora gukorana n'icyungo "**na**" n'ingereranya "**nka**" bikiyunga cyangwa ntibyiyunge. Ikinyazina ngenga kiyunga n'icyungo cyangwa ingereranya iyo gikoreshejwe muri ngenga ya mbere n'iya kabiri gusa.

**Urugero**: nange, natwe, nawe, namwe, nkamwe, nkange...

- Muri ngenga ya kabiri y'ubumwe hakunze gukoreshwa «**wowe**» nyamara ariko ntibibuza «**we**» gukoreshwa. Byose biterwa n'uko ikinyazina cyakoreshejwe muri iyo ngenga.

**Urugero**: **Wowe** nange turitonda,

Ge na**we** turitonda.

## III. Imbonerahamwe y'ikinyazina ngenga

| Ngenga/ Inteko | Ikinyazina ngenga | Na cyangwa nka +ikinyazina ngenga | | Ikinyazina ngenga + umusuma | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | na | nka | -we,-bwe | -nyine | -mbi | -se |
| Ng. 1bu | Nge | Nange | Nkange | Ngewe | ngenyine | - | - |
| Ng.1bw | twe | natwe | nkatwe | twebwe | twenyine | twembi | twese |
| Ng.2bu | we | nawe | nkawe | wowe | wenyine | - | - |
| Ng.2bw | mwe | namwe | nkamwe | mwebwe | mwenyine | mwembi | mwese |
| nt.1 | we | na we | nka we | - | wenyine | - | wese |
| nt.2 | bo | na bo | nka bo | - | bonyine | bombi | bose |
| nt.3 | wo | na wo | nka wo | - | wonyine | - | wose |
| nt.4 | yo | na yo | nka yo | - | yonyine | yombi | yose |
| nt.5 | ryo | na ryo | nka ryo | - | ryonyine | - | ryose |
| nt.6 | yo | na yo | nka yo | - | yonyine | yombi | yose |
| nt.7 | cyo | na cyo | nka cyo | - | cyonyine | - | cyose |
| nt.8 | byo | na byo | nka byo | - | byonyine | byombi | byose |
| nt.9 | yo | na yo | nka yo | - | yonyine | - | yose |
| nt.10 | zo | na zo | nka zo | - | zonyine | zombi | zose |
| nt.11 | rwo | na rwo | nka rwo | - | rwonyine | - | rwose |
| nt.12 | ko | na ko | nka ko | - | konyine | - | kose |
| nt.13 | two | na two | nka two | - | twonyine | twombi | twose |
| nt.14 | bwo | na bwo | nka bwo | - | bwonyine | bwombi | bwose |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| nt.15 | ko | na ko | nka ko | - | konyine | - | kose |
| nt.16 | ho | na ho | nka ho | - | honyine | hombi | hose |
| nt.17 | ko | na ko | nka ko | - | - | - | - |
| nt.18 | mo | na mo | nka mo | - | - | - | - |
| nt.19 | yo | na yo | nka yo | - | - | - | - |

### 3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha. Umwarimu akosora buri munyeshuri hanyuma bagakosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo byayo**

Tahura ibinyazina ngenga n'ibinyazina ngenera biri muri izi nteruro zikurikira, ugaragaze intego yabyo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe.

a) Iriya nzu iri hariya ndashaka kumenya nyirayo ngo musabe gutega amazi yo ku mireko atazateza isuri.

b) Ngewe na wa mukobwa twari kumwe ni twe tuzavuga ku nsanganyamatsiko y'ibidukikije.

c) Twese dufate neza amashyamba yacu kuko afata amazi aturuka ku misozi.

d) Ibyo bitabo byanditswe n'abanditsi b'inzobere.

e) Kiriya kiyaga ni cyo ubwato bwe bunyuramo.

f) Gatesi ntiyaretse Bugingo akomeza kumusobanurira wenyine na we avuga ko amashyamba atuma duhumeka umwuka mwiza.

| Ibinyazina | Uturemajambo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| yo | a-o<br>i-o | a→y/-J<br>i→y/-J |
| ngewe | ngi-e-we | i→y/-J |
| twe | tu-e | u→w/-J |
| ya | i-a | i→y/-J |
| twese | tu-e-se | u→w/-J |
| cyo | ki-o | i→y/-J<br>ky→cy mu myandikire |
| wenyine | u-e-nyine | u→w/-J |
| ba | ba-a | a→ Φ/-J |
| we | u-e | u→w/-J |

## Isomo rya cumi na rimwe: Ikinyazina ngenera ngenga

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>- Gutahura inshoza n'uturango by'ikinyazina ngenera ngenga.<br>- Gusesengura ikinyazina ngenera ngenga agaragaza intego yacyo n'amategeko y'igenamajwi.<br>- Gukoresha neza ikinyazina ngenera ngenga mu mvugo no mu nyandiko. |
| **Imfashanyigisho** : igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo kirimo ibinyazina. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu yandika interuro zikurikira ku kibaho agasaba abanyeshuri kuzisoma no kwitegereza amagambo aciyeho akarongo akayababazaho ibibazo.

**Urugero rw'interuro:**

- Mu mudugudu **wacu** twakoze umuganda wo gutera ibiti ku misozi ihanamye.
- **Uwange** ntajugunya imyanda aho abonye ariko **uwe** ayitagaguza hose.
- Ishyamba **ryabo** rireze rishobora gusarurwa.
- **Iryacu** ntibaratwemerera kurisarura.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

a) **Amagambo aciyeho akarongo ateye ate ?**

Agizwe n'ibinyazina bibiri

b) Ni ibihe binyazina biyagize ?

Agizwe n'ikinyazina ngenga kiyunze n'ikinyazina ngenera.

Umwarimu ahera ku bisubizo abanyeshuri batanze maze akababwira ko bagiye kwiga ikinyazina ngenera ngenga.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora

igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikowa**

*Itegereze interuro zikurikira, usobanure imiterere y'amagambo y'umukara tsiri. Uhereye ku miterere y'ayo magambo, tanga inshoza n'uturango by'ikinyazina ngenera ngenga kandi ugaragaze intego yacyo.*

- Kanyandekwe akeneye ibiti byo kubaka ikibuti k'inkwavu **ze**.
- Yaba amashyamba ya Leta, yaba ay'abaturage ku giti **cyabo** nta muntu ugomba kuyasarura uko yiboneye.
- Kanyandekwe yarambitse umuhoro **we** hasi.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe**

**a) Inshoza n'uturango tw'ikinyazina ngenera ngenga**

Ikinyazina ngenera ngenga ni ikinyazina ngenera kiyunze n'ikinyazina ngenga. Kerekana nyiri ikintu n'icyo atunze. Iki kinyazina gikurikira izina ariko gishobora no kurisimbura.

Ibinyazina ngenera ngenga ni byinshi cyane kubera ko buri ngenga iba ishobora kwiyunga n'izindi zose kandi mu nteko zose.

**Ingero:**

- Inka **yabo** yarabyaye.
- **Iyabo** yarabyaye.
- Inka **zabo** zirarisha→**Izabo** zirarisha.

**b) Intego y'ikinyazina ngenera ngenga**

Intego y'ikinyazina ngenera ngenga ni indangakinyazina+igicumbi+indangakinyazina +igicumbi (Rkzn-C-Rkzn-C) cyangwa indomo + indangakinyazina + igicumbi + indangakinyazina + igicumbi (D-Rkzn-C-Rkzn-C) iyo cyasimbuye izina.

**Ingero:**

| **Interuro zirimo ibinyazina** | **Intego** | **Amategeko y'igenamajwi** |
|---|---|---|
| Amakosa **yabo**. | **a-a-ba-o** | a→ y/-J, a→ Φ/-J |
| Inyana **yayo**. | **i-a-i-o** | i→ y/-J |
| Utwatsi **twazo**. | **tu-a-zi-o** | u→ w/-J, i→ Φ/-J |

| | | |
|---|---|---|
| **Uwawe yaje**. | **u-u-a-u-e** | u→ w/-J |
| **Urwawe** rurubatswe. | **u-ru-a-u-e** | u→ w/-J |
| **Iyayo** ironka. | **i-i-a-i-o** | i→ y/-J |

**Ikitonderwa :**

- Indangakinyazina **tu**- na **mu**- z'ikinyazina ngenera ngenga cyo muri ngenga ya mbere n'iya kabiri mu bwinshi zihinduka cu- na nyu-kandi n'igicumbi cya ngenga kikaburizwamo.

**Ingero :**

Umurima **wacu** : **u-a/-cu- Φ** u→ w/-J

Igiti **cyanyu**: **ki-a-nyu/- Φ** i→ y/-J

- Iyo ikinyazina ngenera ngenga kigizwe n'ikinyazina ngenera kiyunze n'ikinyazina ngenga cyo muri ngenga ya gatatu mu nteko ya mbere, igicumbi cya ngenera n'indangakinyazina ya ngenga biburizwamo.

**Ingero:**

Umwana **we**: **u- Φ- Φ /-e** u→ w/-J

Abana **be**: **ba- Φ- Φ /-e** a→ Φ/-J

**Abe** ndabazi: **a-ba- Φ- Φ /-e** a→ Φ/-J

**c) Imbonerahamwe y'ibinyazina ngenera ngenga (Ibinyazina by'inyunge)**

| Inteko | Ng.1(bu) | Ng.1(bw) | Ng.2(bu) | Ng.2(bw) | Ng.3(bu) | Ng.3(bw) |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Nt. 1 | Wange (uwange) | wacu (uwacu) | wawe (uwawe) | wanyu (uwanyu) | we (uwe) | Wabo (uwabo) |
| Nt. 2 | bange | bacu | bawe | banyu | be | babo |
| Nt. 3 | wange | wawe | wawe | wanyu | we | wabo |
| Nt. 4 | yange | yacu | yawe | yanyu | ye | yabo |
| Nt. 5 | ryange | ryacu | ryawe | ryanyu | rye | ryabo |
| Nt. 6 | yange | yacu | yawe | yanyu | ye | yabo |
| Nt. 7 | cyange | cyacu | cyawe | cyanyu | ke | cyabo |
| Nt. 8 | byange | byacu | byawe | byanyu | bye | byabo |
| Nt. 9 | yange | yacu | yawe | yanyu | ye | yabo |
| Nt. 10 | zange | zacu | zawe | zanyu | ze | zabo |
| Nt. 11 | rwange | rwacu | rwawe | rwanyu | rwe | rwabo |
| Nt. 12 | kange | kacu | kawe | kanyu | ke | kabo |
| Nt. 13 | twange | twacu | twawe | twanyu | twe | twabo |
| Nt. 14 | bwange | bwacu | bwawe | bwanyu | bwe | bwabo |
| Nt. 15 | kwange | kwacu | kwawe | kwanyu | kwe | kwabo |
| Nt. 16 | hange | hacu | hawe | hanyu | he | habo |

3. **Imyitozo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri begeranye akabasaba gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha by'umwihariko. Umwarimu akosora buri tsinda hanyuma bagakosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo byayo**

Tahura ibinyazina ngenga, ibinyazina ngenera n'ibinyazina ngenera ngenga biri muri izi nteruro zikurikira, ugaragaze intego yabyo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe.

a) Uyu mugore akunda abana **be**.

b) **Uwawe** ni ukumenya mu makuba.

c) Ibyo nagutije wabigize **ibyawe**?

d) Agakwavu **ke** kari kumwe n'utwana **twako**.

e) Ahantu **hacu** ni ho hadahinzwe gusa.

| Ibinyazina | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Be | ba- Φ - Φ -e | a→ Φ/-J |
| Uwawe | u-u-a-u-e | u→ w/-J |
| Ibyawe | i-bi/-a-u-e | i→ y/-J u→ w/-J |
| Ke | ka- Φ - Φ –e | a→ Φ/-J |
| Twako | tu-a-ka-o | u→ w/-J a→ Φ/-J |
| Hacu | ha-a-cu- Φ | a→ Φ/-J |

## Isomo rya cumi na kabiri: Ikinyazina nyereka

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>- Gutahura inshoza n'uturango by'ikinyazina nyereka.<br>- Gusesengura ikinyazina nyereka agaragaza intego yacyo n'amategeko y'igenamajwi.<br>- Gukoresha neza ikinyazina nyereka mu mvugo no mu nyandiko. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo kirimo ibinyazina. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu yandika interuro zikurikira ku kibaho, agasaba abanyeshuri kuzisoma no kwitegereza amagambo aciyehoakarongo akayababazaho ibibazo.

**Urugero rw'interuro:**

- **Uriya** mugabo ni intangarugero mu kubungabunga ibidukikije.
- **Iyi** nzu irashaje ikwiriye gusanwa.
- **Bino** bigega nabiguriye gufata amazi yo ku nzu zange.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

a) **Amagambo aciyeho akarongo afite iy'ihe nyito?**

Afite inyito yo kwerekana

b) **Ayo magambo ni ubuhe bwoko?**

Ni ibinyazina nyereka.

Umwarimu ahera ku bisubizo abanyeshuri batanze maze akababwira ko bagiye kwiga ikinyazina nyereka.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikowa**

*Itegereze interuro zikurikira, usobanure imiterere y'amagambo y'umukara tsiri. Uhereye ku miterere y'ayo magambo, tanga inshoza n'uturango by'ikinyazina nyereka kandi ugaragaze intego yacyo.*

- Bugingo na Gatesi bahise bamwegera bamusaba kureka gutema **ibyo** biti.
- Gatesi ati: "Dore **uriya** muntu utema ibiti biteze! Uziko ari **wa** musaza Kanyandekwe!
- Ririya shyamba ritahamo inyamaswa z'inkazi.

**Ibisubizo byanogejwe**

a) **Inshoza n'uturango by'ikinyazina nyereka**

Ikinyazina nyereka ni ijambo ryerekana irindi jambo rigaragiye.

Ikinyazina nyereka kibanziriza buri gihe ijambo kigaragiye cyangwa kikarisimbura.

Ikinyazina nyereka kerekana cyangwa kibutsa ijambo giherekeje kikaba gishobora kujya imbere cyangwa inyuma yaryo.

Iyo kigiye imbere y'izina, iryo zina ritakaza indomo, naho inyuma y'izina kerekana icyo uvuga yerekana.

**b) Intego y'ikinyazina nyereka**

- Intego y'ikinyazina nyereka muri rusange ni Rkzn-C.
- Tugendeye ku ngingo yo kwereka kibumbatiye, ikinyazina nyereka kigabanyijemo amatsinda atandatu atandukaniye ku bicumbi.
- Itsinda rimwe ry'ikinyazina nyereka rigira igicumbi kitagaragara gihagararirwa n'imbumbabusa **(Φ**) mu gihe gisesengurwamo uturemajambo.
- Ibicumbi by'ikinyazina nyereka ni: **-Φ, -o, -no, -riya , -rya ,** -a .

**Ingero**

Uyu mwana arakubagana **u-yu-Φ**

Ino karamu yandika nabi **i-no**

**c) Imbonerahamwe y'ikinyazina nyereka**

| Inte-ko | Igicumbi<br>-Φ | Igicumbi<br>- o | Igicumbi<br>-no | Igicumbi<br>-riya | Igicumbi<br>Rya | Igicumbi<br>-a |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Uyu: u-yu-Φ | uwo: u-u-o | uno: u-no | uriya: u-riya | urya: u-rya | wa: u-a |
| 2 | aba: a-ba-Φ | abo: a-ba-o | bano:ba-no | bariya:ba-riya | barya: ba-rya | ba: ba-a |
| 3 | uyu: u-yu-Φ | uwo: u-u-o | uno: u-no | uriya: u-riya | urya: u- rya | wa: u-a |
| 4 | iyi: i-yi-Φ | iyo: i-i-o | ino: i- no | iriya: i-riya | irya: i- rya | ya: i-a |
| 5 | iri: i-ri-Φ | iryo: i-ri-o | rino: ri-no | ririya: ri-riya | rirya: ri- rya | rya: ri-a |
| 6 | aya: a-ya-Φ | ayo: a-a-o | ano: a-no | ariya: a-riya | arya: a- rya | ya: a-a |
| 7 | iki: i-ki-Φ | icyo: i-ki-o | kino:ki-no | kiriya: ki-riya | kirya: ki- rya | cya: ki-a |
| 8 | ibi: i-bi-Φ | ibyo: i-bi-o | bino: bi-no | biriya: bi-riya | birya: bi- rya | bya:bi-a |
| 9 | iyi: i-yi-Φ | iyo: i-i-o | ino: i-no | iriya: i-riya | irya: i- rya | ya: i-a |
| 10 | izi: i-zi-Φ | izo: i-zi-o | zino: zi-no | ziriya: zi-riya | zirya: zi- rya | za: zi-a |
| 11 | uru: u-ru-Φ | urwo: u-ru-o | runo: ru-no | ruriya: ru-riya | rurya: ru- rya | rwa: ru-a |
| 12 | aka: a-ka-Φ | ako: a-ka-o | kano: ka-no | kariya: ka-riya | karya: ka- rya | ka: ka-a |
| 13 | utu: u-tu-Φ | utwo: u-tu-o | tuno: tu-no | turiya: tu-riya | turya: tu- rya | twa: tu-a |
| 14 | ubu: u-bu-Φ | ubwo: u-bu-o | buno: bu-no | buriya: bu-riya | burya: bu- rya | bwa: bu-a |
| 15 | uku: u-ku-Φ | uko: u-ku-o | kuno: ka-no | kuriya: ku-riya | kurya: ku- rya | kwa: ku-a |
| 16 | aha: a-ha-Φ | aho: a-ha-o | hano: ha-no | hariya: ha-riya | harya: ha- rya | ha: ha-a |

**Ikitoderwa**

Ikinyazina nyereka gishobora kubanzirizwa n'akajambo «ng-» imbere yacyo mu gihe gitangiwe n'inyajwi cyangwa se «nga-» mu gihe gitangiwe n'ingombajwi kakacyongerera inyito yo gutsindagira. Icyo kinyazina kitwa «ikinyazina nyereka mpamya» kubera ko umuntu aba afashe ikintu akerekana cyangwa agatunga urutoki ahamya (yemeza) ko aricyo.

**Ingero :**

Nguriya : **nga**-u-riya a→ ø /-J

Ngiyo : **nga**-i-i-o a→ ø /-J i→ y /-J

Ngakariya : **nga**-ka-riya

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha. Umwarimu akosora buri munyeshuri hanyuma bagakosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo byayo**

a) **Tahura ibinyazina biri mu nteruro zikurikira n'ubwoko bwabyo hanyuma ubishakire uturemajambo, amategeko y'igenamajwi, unerekane inteko birimo.**

- **Icyo** gihugu kirakize pe!
- **Ngurwo** muri make urugendo rwacu.
- Muteme **biriya** biti byeze amashami yabyo muyubakishe **ruriya** rugo.
- **Wa** mwana wa Kanakuze yarangije amashuri yisumbuye none yagiye kwiga iby'ikoranabuhanga muri Kaminuza y'u Rwanda.

| Ibinyazina | Intego | Amategeko y'igenamajwi | Inteko |
|---|---|---|---|
| icyo | i-ki/-o | i→ y/-J | nt.7 |
| ngurwo | ng-u-ru/-o | u→ w/-J | nt.11 |
| biriya | bi-riya | - | nt.8 |
| wa | u-a | u→ w/-J | nt.1 |

b) **Kora interuro ebyiri zigaragaramo ibinyazina nyereka**

**ubiceho akarongo.**

- **<u>Hariya</u>** hantu nihadacukurwa imirwanyasuri, isuri izatwara **<u>iriya</u>** myaka.
- **<u>Cya</u>** gishanga cyatunganyijwe neza nka **kino**.

### IV.5.7. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa kane, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

**Urugero rw'umwitozo:**

**Himba umwandiko ntekerezo ku nsanganyamatsiko wihitiyemo ivuga ku kubungabunga ibidukikije ugende ugerageza gushyiramo ibinyazina ngenera, ibinyazina ngenga, ibinyazina ngenera ngenga n'ibinyazina nyereka. Ca akarongo kuri ibyo binyazina hanyuma ubishakire uturemajambo ugaragaze n'amategeko y'igenamajwi.**

**Uko umwitozo ukosorwa**

Umwarimu agenzura ko buri munyeshuri yakoze umukoro, agakosora imyandiko bakoze areba ko ibinyazina baciyeho akarongo ari ibinyazina ngenera, ibinyazina ngenga, ibinyazina ngenera ngenga n'ibinyazina nyereka koko. Nyuma asaba umwe mu banyeshuri akaza imbere y'abandi akabasomera umwandiko ntekerezo yanditse anagaragaza ibinyazina ngenera, ibinyazina ngenga, ibinyazina ngenera ngenga n'ibinyazina nyereka yashyizemo.

## IV.6. Inshamake y'umutwe wa kane

umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa kane bityo bikababafasha gukora inshamake.

**Urugero rw'inshamake bakora:**

| |
|---|
| Muri uyu mutwe twasesenguye kandi twiga guhina imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko y'ibidukikije. Twize kandi amoko y'imyandiko n'uburyo bwo kuyihanga. Twize guhanga imyandiko y'ubwoko butandukaye (umwandiko ntekerezo, mbarankuru, mvugamiterere, mvugamateka na nsesengurabumenyi.)<br><br>Twize kandi ibinyazina ngenera, ibinyazina ngenga, ibinyazina ngenera ngenga n'ibinyazina nyereka. Twizemo kubitandukanya mu nteruro no kubisesengura hagaragazwa uturemajambo twabyo kandi n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe. |

## IV. 7. Isuzuma risoza umutwe wa kane

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 175)

| **Ibigenderwaho mu isuzuma ry'umutwe wa kane** |
|---|
| Ubushobozi bwo :<br>- Gusesengura umwandiko.<br>- Guhina umwandiko.<br>- Guhanga imyandiko y'ubwoko bunyuranye.<br>- Gusesengura ibinyazina ngenera, ngenga, ngenera ngenga na nyereka no kugaragaza amategeko y'igenamajwi. |

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.**

**Soma numwandiko, usubize ibibazo bikurikira.**

1. **Ni iki cyateraga abantu gupfira mu butayu?**

Icyateraga abantu gupfira mu butayu ni uko babaga bagize umwuma.

2. **Ni akahe kamaro k'amashyamba kavuzwe mu mwandiko?**

Amashyamba akurura imvura, atuma duhumeka umwuka mwiza

3. **Utekereza ko ari iki cyateye Kagoyire kwiga ibyerekeye kubungabunga ibidukikije?**

Yari yarababajwe n'uko ababyeyi be bazize kuba ibidukikije bitarabungabunzwe nuko yiga ibyerekeye kubibungabunga kugira ngo arusheho gusobanukirwa n'ibijyanye na byo bityo azagire umusanzu

atanga.

4. **Vuga nibura inyamaswa eshatu zitaha mu inshyamba?**

Intare, imbogo, inzovu

5. **Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?**

Isomo nkuyemo ni uko ngomba kugira uruhare mu kubungabunga ibidukikije kuko bifitiye akamaro buri kinyabuzima kiri ku isi.

**II. Ibibazo by'inyunguramagambo**

1. Soma interuro zikurikira hanyuma usimbuza amagambo ari mu ibara ry' umukara tsiri ari mu mwandiko bivuga kimwe.

a) **Izuba ryinshi kandi rikabije ryaravuye**, abantu bava mu byabo, barasuhuka.

**Amapfa yarateye** abantu bava mu byabo, barasuhuka

b) Mu butayu abantu **bagira icyaka** gikabije bigatuma **batakaza ubuzima.**

Mu butayu abantu bagira **umwuma** bigatuma **bapfa**.

c) Mu bihugu bimwe na bimwe, umutekano muke utuma abaturage benshi **bata ibyabo**.

Mu bihugu bimwe na bimwe, umutekano muke utuma abaturage benshi **basuhuka**.

2. Uzurisha interuro zikurikira amagambo yakoreshejwe mu mwandiko.

a) Amashyamba n'ibinyabuzima biyabamo ni **ibidukikije**, twirinde ku byangiza.

b) Umurwayi wange **namuramije** umutobe w'imbuto arahembuka.

c) Dufatanyirize hamwe kwamagana abantu **batwika** cyangwa **batema** amashyamba.

d) **Umwuka mwiza** uturuka mu mashyamba ufitiye akamaro kanini abatuye isi bose.

**III. Ibibazo ku binyazina**

Himba interuro enye zawe bwite, buri nteruro irimo ikinyazina kimwe cyangwa bibiri mu byo twize hanyuma wuzuze imbonerahamwe ikurikira ukurikije urugero wahawe

| Urugero rw'interuro | Ibinyazina birimo n'ubwoko bwabyo | Intego | Itegeko ry'igenamajwi |
|---|---|---|---|
| 1. Umwana wange akunda umupira w'amaguru | **Wange**: Ikinyazina ngenera ngenga<br>**Wa**: Ikinyazina ngenera | **Wange**: u-a-(n) gi/-e<br>**Wa**: u/-a | u→w/- J, i→/-J<br>u→w/-J |

**IV. Ihangamwandiko**

1. Hanga umwandiko mbarankuru kuri imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira :

a) Amazi ni isoko y'ubuzima.

b) Nutema kimwe uge utera bibiri.

Umwarimu agenzura niba umnyeshuri yahimbye umwandiko wubahirije ibisabwa.

2. Ongera usome umwandiko "**Ngutembereze u Rwanda**» hanyuma uwuhine mu mirongo itarenze icumi.

Umwarimu agenzura niba umunyeshuri yahinnye umwandiko yubahiriza ibisabwa mu ihinamwandiko.

## IV. 8. Ibikorwa by'inyongera

### IV. 8.1. Imyitozo nzamurabushobozi

**IV. 8. IBIKORWA BY'INYONGERA**

1. Ni ibiki byibandwaho mu guhina umwandiko?

- Kumva neza insanganyamatsiko iri mu mwandiko.
- Kuvuga ku bitekerezo biri mu mwandiko nta cyo yongeyemo.
- Kumvikanisha igetekerezo muri make.
- Kutandukura ibiri mu mwandiko uko byakabaye.
- Gukoresha imvugo yabugenewe yirinda imvugo nyandagazi.

2. Imbata y'umwandiko igizwe n'ibice bingahe by'ingenzi. Bivuge.

Imbata y'umwandiko igizwe n'ibice bine: Umutwe, intangiriro,

igihimba n'umusozo.

3. Twize amoko angahe y'ibinyazina. Yavuge.

   Twize amoko ane: ikinyazina ngenera, ikinyazina ngenga, ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina nyereka.

4. Soma igika gikurikira, ugaragaze ibinyazina birimo, uvuge n'ubwoko bwabyo.

   Mu kiruhuko gishize ngewe na murumuna wange twabwiye ababyeyi bacu duti: «Uriya murima uri hariya, turashaka kuwucamo imirwanyasuri kuko turabona isuri izatwara imyaka muzawuteramo.» Baratwemereye, baduha amasuka yabo bahingisha turagenda. Twaracukuye, tugejeje hagati baratubwira bati: «Iriya mirwanyasuri ntimwayicukura ngo muyirangize mwenyine, reka na twe tuze tubafashe.» Igikorwa cyo kuyicukura tukirangije, data yazanye ibyatsi byo kuyiteraho, twese dufatanya kubitera. Ubu turishimye kuko twashyize mu bikorwa ibyo twize ku ishuri mu isomo ryo kubungabunga ibidukikije.

- ngewe: ikinyazina ngenga
- bacu: ikinyazina ngenera ngena
- uriya: ikinyazina nyereka
- hariya: ikinyazina nyereka
- yabo: ikinyazina ngenera ngenga
- iriya: ikinyazina nyereka
- mwenyine: ikinyazina ngenga
- cyo: ikinyazina ngenera
- byo: ikinyazina ngenera
- twese: ikinyazina ngenga
- ryo: ikinyazina ngenera

5. Soma interuro zikurikira hanyuma ushake intego z'ibinyazina byanditse mu ibara ry'umukara tsiri.

   **Bariya** twariganye, ni inshuti **zange. Bariya: ba-riya zange zi a n-gi-e**

   **Ngewe** nazindutse. **Ngewe n-gi-e-we**

**IV. 8.2. Imyitozo nyagurabushobozi**

Hitamo insanganyamatsiko ivuga ku bidukikije, uhimbe umwandiko

ntekerezo ugizwe n'ibika bine, utarengeje amagambo magana atanu, ushyiremo amoko yose y'ibinyazina twize kandi ugaragaze n'intego zabyo.

*Umwarimu areba niba umwandiko abanyeshuri bahimbye yujuje uturango tw'umwandiko ntekerezo kandi ko ibinyazina byakoreshejwemo uko bikwiye kandi ko byasesenguwe neza.*

**IV.8.3. Imyitozo y'inyongera**

1. **Shaka mu kinyatuzo gikurikira ibinyazina icumi birimo, uvuge ubwoko bwabyo kandi ugaragaze intego yabyo n'amategeko y'igenamajwi.**

| | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| C | Y | A | C | U | R | W | O | G | W | T | U |
| Y | A | K | V | W | U | O | Q | D | S | W | W |
| A | B | N | Q | O | R | D | W | Z | A | E | E |
| | O | O | M | R | I | E | A | M | | N | U |
| A | Z | Q | D | B | Y | E | M | W | T | Y | Z |
| B | P | L | Y | H | A | R | Y | A | W | I | T |
| A | L | U | I | E | P | Z | A | B | O | N | U |
| N | K | E | T | G | K | I | N | O | M | E | R |
| G | E | W | E | M | W | V | N | N | B | | I |
| E | R | T | W | H | A | S | R | C | I | N | Y |
| O | W | D | G | I | N | K | A | S | F | M | A |
| P | E | A | R | N | G | E | W | E | O | Q | P |
| P | S | Q | Z | C | E | S | Z | B | A | B | O |

**Igisubizo:**

babo: ikinyazina ngenera ngenga ba-a-ba-o a→ ø /-J

zabo: ikinyazina ngenera ngenga zi-a-ba-o i→y/-J a→ ø /-J

yacu: ikinyazina ngenera ngenga i-a-cu-ø i→y/-J

ngewe: ikinyazina ngenga n-gi-e-we i→y/-J

gewe: ikinyazina ngenga gi-e-we i→y/-J

abange: ikinyazina ngenera ngenga a-ba-n-gi-e i→y/-J

harya: ikinyazina nyereka ha-rya

urwe: ikinyazina ngenera ngenga u-ru-e u→w/-J

twe: ikinyazina ngenga tu-e u→w/-J

2. **Ubaka interuro eshatu kuri buri bwoko bw'ikinyazina wize.**

   Umwarimu areba niba interuro abanyeshuri bakoze zigaragaramo ibinyazina byizwe.

## IV.9. Amakuru y'inyongera

### a) Umwandiko mbarankuru.

Umwandiko mbarankuru urangwa n'**imvugo y'ibiganiro**.

Imvugo y'ibiganiro igaragarira aha hakurikira :

- **Mu byegeranyo ntekerezo** : aho umuntu aba agambiriye gutanga igitekerezo ke cyangwa isesengura yakoze ku bintu ibi n'ibi agamije kwerekana aho ukuri guherereye.

**Ingero** : nge ndabibona gutya, ndemeza ko….

- **Mu masengesho no mu mitoma** : aho nyakuvuga asaba nyakubwirwa ibintu ibi n'ibi, akamuhimbaza, amutaka, amuryarya ; ndetse akiha inshingano n'amasezerano y'ibyo azamukorera.

**Ingero** : nzagukunda, nzagutonesha nguteteshe…

- **Mu ikinamico** : Aho abantu bagirana ibiganiro bavugana imbonankubone.
- **Mu masesengura y'ibinyamakuru, mu bisigo biririmbwa, mu ndangamatwara y'imitwe ya poritiki** (aho umuntu agaragaza ibyo yemera n'ibyo atemera, ibyo azakora naramuka atowe…), mu bisingizo, …. - Mu mabaruwa : aho umuntu asaba cyangwa akagira icyo ageza kuri mugenzi we.
- **Mu nkuru** : Ni uburyo bwo kugeza ku bandi ibyabaye cyangwa ibyo utekereza utabigaragayemo. Ni ukuvuga ko umwanditsi atigaragaza mu byo avuga ahubwo ibyabaye biba bisa n'aho byivuga byo ubwabyo. Buri nkuru iba yubakiye ku bintu bibiri by'ingenzi : ubara inkuru n'umwanya afite mu nkuru

### b) Umwandiko ntekerezo

**Uturango tw'umwandiko ntekerezo**

- Umwandiko ntekerezo uhindura isi kuko akenshi uvuga igitekerezo rusange, gishobora kuba kemewe na benshi kandi kimaze igihe, nyamara wenda atari ukuri, cyangwa kikaba kitakijyanye n'ibihe.

Bityo, iyo ibivugwa bigaragagaye ko ari ko kuri, bihindura byinshi ku bantu no mu mibereho yabo.

- Umwandiko ntekerezo uba ugambiriye kwemeza abandi igitekerezo cyawe, no gutuma bahindura icyo bo bari bafite. Kugira rero ngo ubigereho witwerereza ubumenyi bwose. Bityo rero muri wo dushobora gusangamo agace kavuga amateka  cyangwa akabara inkuru.

# UMUTWE WA 5
# KUBUNGABUNGA UBUZIMA

## V.1.Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusoma no gusesengura umwandiko uvuga ku kubungabunga ubuzima agaragaza ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.
- Gusesengura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibinyazina mbanziriza, ndafutura, kibaza, nyamubaro, mboneranteko n'ibinyazina mpamagazi.

## V.2.Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

- Akamaro ko kubungabunga ubuzima.
- Amwe mu moko y'amagambo mu Kinyarwanda.
- Gusoma no gusesengura amazina rusange y'Ikinyarwanda.

## V.3 Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragara mu muri uyu mutwe |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | - Mu bikorwa byose umwarimu yita ku banyeshuri b'ibitsina byombi.<br>- Mu mwandiko "Kwirinda biruta kwivuza" abaje mu muganda ni abagore n' abagabo bigaragaza ubwuzuzanye. |
| Uburezi budaheza | Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bibazo byo gusesengura umwandiko "Kwirinda biruta kwivuza" |
| Ubuzima bw'imyororokere | Mu bikorwa byose umwarimu yita ku banyeshuri bose (harimo n'abafite ibyo bagenerwa byihariye). |

| | |
|---|---|
| Umuco w'ubuziranenge | - Mu mwandiko "Kwirinda biruta kwivuza" aho bavuga ko ibiribwa n'ibikoresho bidafite ubuziranenge bishobora gutera uburwayi.<br>- Mu mwandiko "Kwirinda biruta kwivuza" aho bavuga ko tugomba kurya ibiribwa bifite ubuziranenge ndetse tukanywa amazi afite ubuziranenge. |

## V.4.Igikorwa cy'umwinjizo

umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

**Urugero rw'igikorwa n'urugero rw'ibisubizo:**

***Murondore indwara zose muzi ziterwa n'isuku nke kandi muvuge igitera buri ndwara n'icyakorwa kugira ngo yirindwe.***

- Hari indwara ziterwa n'isuku nke y'ibiribwa cyangwa y'ibinyobwa nk'impiswi, macinya, inzoka zo mu nda zinyuranye n'izindi. Twazirwanya tugirira isuku ibiribwa turya n'amazi tunywa kandi tugakaraba intoki mbere yo kurya cyangwa tuvuye mu bwiherero.
- Hari indwara ziterwa no kutagirira isuku umubiri wacu cyangwa imyambaro nk'ubuheri, inda, imvunja n'izindi. Kuzirwanya ni ukugirira isuku aho tuba no kugirira isuku umubiri wacu.

## V.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatanu n'igihe yagenewe

| **Umutwe wa gatanu: Kubungabunga ubuzima** | | **Umubare w'amasomo: 15** |
|---|---|---|
| **Umwandiko: Kwirinda biruta kwivuza** | | |
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |
| **Isomo rya mbere**: Gusoma no gusobanura umwandiko. | Gusoma no gusobanura amagambo adasobanukiwe no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. | **Isomo 1** |

| | | |
|---|---|---|
| **Isomo rya kabiri**: Gusoma no kumva umwandiko. | Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya gatatu**: Gusoma no gusesengura umwandiko | Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe. | **Isomo 1** |
| **Ibinyazina** | | |
| **Isomo rya kane**: Ikinyazina mbanziriza. | Gusesengura no gukoresha neza mu mvugo no munyandiko ikinyazina mbanziriza. | **Isomo 2** |
| **Isomo rya gatanu**: Ikinyazina ndafutura. | Gusesengura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ikinyazina ndafutura. | **Isomo 2** |
| **Isomo rya gatandatu** Ikinyazina kibaza. | Gusesengura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ikinyazina kibaza. | **Isomo 2** |
| **Isomo rya karindwi**: Ikinyazina nyamubaro. | Gusesengura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ikinyazina nyamubaro. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya munani**: Ikinyazina mboneranteko. | Gusesengura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ikinyazina mboneranteko. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya kenda**: Ikinyazina mpamagazi. | Gusesengura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ikinyazina mpamagazi. | **Isomo 1** |
| **Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri** | | **Isomo 1** |
| **Isuzuma risoza umutwe** | | **Amasomo 2** |

## V.5.1. Umwandiko: Kwirinda biruta kwivuza

### Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ……..)

| **Intego zihariye** |
|---|

| |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br>- Gusoma no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "Kwirinda biruta kwivuza",igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Kwirinda biruta kwivuza" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo :**

**a) Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**

Abantu bafite ibikoresho binyuranye bigaragara ko bavuye mu muganda.

**b) Umuyobozi wabo ari gukora iki?**

Ari gutanga ikiganiro ku buzima.

**c) Ni iki kigaragaza ko ari gutanga icyo kiganiro?**

Abaturage bose bamuteze amatwi, ikindi kandi hari icyapa cyanditseho ngo:

Dusobanukirwe zimwe mu ndwara ziterwa n'umwanda dufatanye kuzirwanya.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice mu ntangiriro rusange kuri 2.6.

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Kwirinda biruta kwivuza", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya.*

**Urugero rw'igikorwa cyo gusoma no gusobanura umwandiko:**

Soma umwandiko "Kwirinda biruta kwivuza", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo

cyangwa inyito afite mu mwandiko.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinonosora bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'amagambo umuyeshuri ashobora kudasobanukirwa n'ibisobanuro byayo:**

a) **Intore**: abantu bafite umuco mbese buje indangagaciro na kirazira.

b**)** **Insanganyamatsiko**: ingingo nyamukuru iba igiye kuvugwaho.

c) **Gukumira**: guhagarika ikintu ukakibuza gukwirakwira cyangwa guheza kure yawe ikintu udashaka ntikigere aho uri.

d) **Imvo n'imvano**: intandaro, inkomoko.

e) **Ise**: indwara ifata uruhu rukagenda rusa n'urweruruka.

f) **Ubuziranenge**: ubudakemwa bw'ikintu.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Umwarimu agenzura ko abanyeshuri bari gukora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha.

1. **Mu ruhushya A harimo amagambo/urwunge rw'amagambo, mu ruhushya B harimo ibisobanuro. ushingiye ku mwandiko "Kwirinda biruta kwivuza" hitamo igisobanuro kiri cyo.**

| A | B |
|---|---|
| Kwiharira ijambo | a) Kureka abo muri kumwe bakisanzura bavuga ibitekerezo byabo.<br><br>**b) Kurondogora, abandi ntibabone umwanya wo kuvuga.**<br><br>c) Guha abandi uruhare bagatanga ibitekerezo byabo. |

| | |
|---|---|
| Gusenyera umugozi umwe | a) Kudahuza mu gikorwa runaka.<br>**b) Kumva ibintu kimwe hagamijwe kugera ku ntego runaka.**<br>c)Gufatanyiriza hamwe gutashya inkwi mukazihambira ku mugozi umwe. |
| Ubuzima buzira umuze | a) Ubuzima buhora burwaye.<br>b) Ubuzima budafite ikerekezo.<br>**c) Ubuzima bwiza butarangwamo uburwayi.** |
| Amagara arasesekara ntayorwa. | **a) Umuntu agomba kubungabunga ubuzima bwe bitari ibyo yabubura.**<br>b) Amagara arameneka ntibabashe kuyayora.<br>c) Amaraso arameneka ntibayayore. |
| Ubuziranenge | **a) Ubudakemwa bw'ikintu runaka.**<br>b) Ubudahangarwa bw'ikintu runaka.<br>c) Ubukomere bw'ikintu runaka. |

**2. Tanga impuzanyito z'amagambo akurikira yakuwe mu mwandiko:**

a) Ukwezi kwa Nyakanga: ukwezi kwa karindwi

b) Imyambaro: imyenda

c) Bihumanye: byanduye

d) Imvo n'imvano: inkomoko

## Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ……)

| **Intego yihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?**

Umwandiko duheruka kwiga ni "Kwirinda biruta kwivuza ".

**b) Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?**

Uwo mwandiko wavugaga ku ndwara ziterwa n'umwanda n'uburyo bwo kuzirinda.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice mu ntangiriro rusange kuri 2.6.

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Kwirinda biruta kwivuza" usubize ibibazo byawubajijweho.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinononsora nyuma bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko**

1. **Ikiganiro abaturage bo mu Mudugudu wa Munanira bagejejweho n'umukozi ushinzwe imibereho myiza cyari gifite iyihe nsanganyamatsiko?**

   Dusobanukirwe zimwe mu ndwara ziterwa n'umwanda ufatanye kuzirwanya.

2. **Ni izihe ndwara ziterwa n'umwanda zavuzwe mu mwandiko?**

   - Hari iziterwa n'isuku nke y'ibiribwa n'ibinyobwa nk'impiswi, macinya, inzoka n'izindi.
   - Hari n'iziterwa n'isuku nke yo ku mubiri no ku myambaro nk'ubuheri, ise, amavunja, indwara zinyuranye z'amenyo n'izindi.

3. **Ni iki cyakorwa ngo hakumirwe indwara ziterwa n'umwanda?**

   Kwitabira kugira isuku igihe cyose, ahantu hose no ku gikorwa cyose gisaba kugira isuku.

4. **Ni iyihe migani migufi igaragara mu mwandiko? Iyo migani iganisha ku yihe nsanganyamatsiko?**

Kwirinda biruta kwivuza, amagara arasesekara ntayorwa yombi iravuga ku kugungabunga ubuzima bwacu.

**5. Twandura dute indwara ziterwa n'umwanda?**

Tuzandura kubera kutagirira isuku ibiribwa n'ibinyobwa no kutagirira isuku umubiri wacu.

**6. Ushingiye ku bivugwa mu mwandiko ni gute twakwirinda indwara ziterwa n'umwanda?**

Ni ukugira isuku muri byose.

## Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ……)

| **Intego zihariye** |
| --- |
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.<br>- Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe.<br>- Kugaragaza izindi ndwara ziterwa n'umwanda zitavuzwe mu mwandiko no kugaragaza uruhare rwe mu gukumira indwara ziterwa n'umwanda. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri n'indi myandiko ivuga ku gukunda igihugu. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byatangwa:**

**a) Umuyobozi ushinzwe imibereho myiza mu Mudugudu wa Munanira yaganirije abaturage be ryari?**

Yabaganirije nyuma y'igikorwa cy'umuganda.

**b) Yabaganirije ku yihe nsanganyamatsiko?**

Yabaganirije ku ndwara z'iterwa n'umwanda n'uburyo bwo kuzirinda.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice mu ntangiriro rusange kuri 2.6.

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Kwirinda biruta kwivuza" usubize ibibazo bikurikira*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byatangwa**

a) **Garagaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko?**

- Ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko ni:
- Indwara ziterwa n'umwanda.
- Uburyo bwo kwirinda indwara ziterwa n'umwanda.
- Kumenya no gukumira ingaruka ziterwa n'umwanda.

b) **Huza ibivugwa mu mwandiko n' ubuzima busanzwe?**

Umwarimu arareba uko abanyeshuri bahuje ibivungwa mu mwandiko n' ubuzima bwa buri munsi

c) **Ni izihe indwara ziterwa n'umwanda zitavuzwe mu mwandiko? Ni gute twazirinda?**

- Indwara zo mu matwi: kuzirwanya ni ukugirira amatwi isuku ukoresha udupampa twabugenewe, wirinda gushyira mu matwi ibibonetse byose.
- Indwara ya Ebora: Kuyirwanya ni ukugira isuku igihe cyose ukirinda gukora ku muntu wagaragaweho n'ubwandu bwa Ebora cyangwa gukora ku matembabuzi yose amuvuyeho. Kwihutira kujya kwa muganga mu gihe yagaragaweho n'ubwandu.

d) **Kora ubushakashatsi utahure ingaruka ziterwa n'indwara zituruka ku mwanda zifata imyanya ndangagitsina.**

Zimwe mu ngaruka ziterwa n'indwara zituruka ku mwanda zifata imyanya ndangagitsina ni ubugumba, kubyara umwana ufite ubwo burwayi...

3. **Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo wo guhina umwandiko buri wese ku giti ke. Umwarimu arabaha uyu mwitozo nk'umukoro bawutahane bazawukosore ku isomo rikurikira.

**Umukoro**

Mu magambo yawe bwite hina umwandika "Kwirinda biruta kwivuza" wubahiriza imyandikire yemewe y'ikinyarwanda.

### V.5.2. Ibinyazina

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ……..)

## Isomo rya kane: Ikinyazina mbanziriza

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gutahura inshoza n'uturango by'ikinyazina mbanziriza.<br>- Gusesengura ikinyazina mbanziriza agaragaza intego yacyo n'amategeko y'igenamajwi.<br>- Gukoresha neza ikinyazina mbanziriza mu mvugo no mu nyandiko. |
| **Imfashanyigisho**:Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo kirimo ibinyazina. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu arabanza gukosora umukoro yatanze wo guhina umwandiko "Kwirinda biruta kwivuza"areba ko abanyeshuri bubahirije amabwiriza y'ihinamwandiko.

Iyo umwarimu arangije gukosora umukoro, yandika interuro ikurikira ku kibaho agasaba abanyeshuri kuyisoma, kwitegereza amagambo aciyeho akarongo akababazaho ibibazo.

**Urugero rw'interuro:**

**<u>Abô</u>** mubona bagaragaweho n'indwara ziterwa n'umwanda n'**<u>abô</u>** babana bose mubagire inama ko **<u>uwô</u>** zafashe akwiye kwihutira kujya kwa muganga.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni ayahe magambo aciyeho akarongo?**

Amagambo aciyeho akarongo ni: **Abô, abô na uwô**.

**b) Ayo magambo ateye ate?**

Ayo magambo afite isaku nyejuru

**c) Ayo magambo akurikiwe n'ubuhe bwoko bw'amagambo?**

Yose akurikiwe n'inshinga.

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abanyeshuri maze akababwira ko bagiye kwiga ikinyazina mbanziriza.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa**

*Soma interuro zikurikira, witegereze amagambo y'umukara tsiri hanyuma usobanure imiterere yayo. Uhereye ku miterere y'ayo magambo, tanga inshoza n'uturango by'ikinyazina mbanziriza kandi ugaragaze intego yacyo.*

- **Abo** umuyobozi w'Umudugudu wa Munanira yakoresheje inama bari abaturanyi be.
- **Aho** tuba n'**aho** turara tutahagiriye isuku bishobora gutera inda ku mubiri cyangwa bigakurura imbaragasa zitera imvunja.

Iyo igihe cyagenewe igikorwa kirangiye, umwarimu asaba itsinda rimwe rikageza ku bandi ibyo ryakoze, umwarimu agafatanya n'abandi matsinda kubinoza. Ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Inshoza y'ikinyazina mbanziriza**

Ikinyazina mbanziriza ni ikinyazina gisimbura ijambo ribanjirijwe n'inshinga itondaguye mu buryo bw'insano, ari na yo mpamvu kitwa mbanziriza.

**b) Uturango tw'ikinyazina mbanziriza**

- Ikinyazina mbanziriza kigira buri gihe isaku nyejuru.
- Kibanziriza buri gihe inshinga iri mu buryo bw'insano.
- Gisimbura ijambo ribereye inshinga icyuzuzo.
- Gisimbura izina bityo kikagira indomo.

**Ingero:**

- **Uwô** nkunda ararwaye.
- Mwibuke ko **ibyô** twavugiye mu nama bikwiye kubahirizwa.
- **Abô** mwatahiye ubukwe barakeye.
- **Ahô** twakoze umuganda hatunganye.

**c) Intego y'ikinyazina mbanziriza**

Intego y'ikinyazina mbanziriza igizwe n'uturemajambo dutatu ari two indomo (**D**), Indangakinyazina (***Rkzn***) n'igicumbi (**C**),(**D+Rkzn+C**).

**d) Imbonerahamwe y'ikinyazina mbanziriza, intego n'amategeko y'igenamajwi.**

| Inteko | Indanga-kinyazina | Ibinyazina | Uturemajambo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|---|
| 1 | u | uwô | u-u-ô | u→w/-j |
| 2 | ba | abô | a-ba-ô | a→ ø /-j |
| 3 | u | uwô | u-u-ô | u→w/-j |
| 4 | i | iyô | i- i-ô | i→y/-j |
| 5 | ri | iryô | i-ri-ô | i→y/-j |
| 6 | a | ayô | a-a-ô | a→y/-j |
| 7 | ki | icyô | i-ki-ô | i→y/-j ky → cy mu myandikire |
| 8 | bi | ibyô | i-bi-ô | i→y/-j |
| 9 | i | iyô | i-i-ô | i→y/-j |
| 10 | zi | izô | i-zi-ô | i→ ø /-j |
| 11 | ru | urwô | u-ru-ô | u→w/-j |
| 12 | ka | akô | a-ka-ô | a→ ø /-j |
| 13 | tu | utwô | u-tu-ô | u→w/-j |
| 14 | bu | ubwô | u-bu-ô | u→w/-j |
| 15 | ku | ukô | u-ku-ô | u→ ø /-j |
| 16 | ha | ahô | a-ha-ô | a→ ø /-j |

**Ikitonderwa**

- Ikinyazina mbanziriza mu nyandiko isanzwe gisa n'ikinyazina nyereka gifite igicumbi /-o. Aho bitandukaniye ni uko mu mvugo no mu nyandiko yubahirije ubutinde n'amasaku, ikinyazina nyereka kigira isaku nyesi naho ikinyazina mbanziriza kigahorana isaku nyejuru.

**Ingero:**

**Iyo** ndwara iterwa n'umwanda nabaganirijeho ni impiswi. "**Iyo**" ni ikinyazina **nyereka**

**Iyô** nabaganirijeho iterwa n'umwanda ni impiswi. "**Iyô**" ni ikinyazina **mbanziriza**

Irindi tandukaniro ni uko ikinyazina nyereka kigaragira izina cyangwa kikarisimbura naho ikinyazina mbanziriza kikabanziriza inshinga iri mu buryo bw'insano kandi kigasimbura izina ryabera iyo nshinga icyuzuzo.

- Iyo ikinyazina mbanziriza kibanjirijwe n'impakanyi «nta» gitakaza indomo n'isaku nyejuru. Icyo gihe kandi gishobora kugira impindurantêgo ya/-e mu nteko ya mbere.

**Ingero:**

Nta **cyo** bitwaye irabanza, icyo nakoze igaheruka.

Umwana wanyu nta **we** mbona.

- Iyo ikinyazina mbanziriza gikurikiwe n'inyajwi ibanziriza ijambo rifite igicumbi cy'umugemo umwe kandi kikaba gifite isaku nyejuru, iyo nyajwi igira ubutinde.

**Ingero:**

**Abô** uuzi bazahagera ejo.

**Ibyô** aata ni byo byinshi kubera uburangare bwe.

3. **Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Umwarimu agenzura abanyeshuri uko bakoze imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha.

1. **Garagaza ibinyazina mbanziriza biri mu nteruro zikurikira unabishakire intego n'amategeko y'igenamajwi.**

**a) Iyo baraye yari inkera y'imihigo.**

Iyo : i-i-ô i→y/-J

**b) Abashumba bazijyana uko babitegetswe.**

Uko: u-ku- ô u→ ø /-J

**c) Urwo yapfuye ruragibwaho impaka.**

Urwo: u-ru- ô u→ w /-J

**d) Abo yahuguye ntibakirwara indwara ziterwa n'umwanda.**

Abo: a-ba- ô a→ ø /-J

**2. Kora interuro enye wihimbiye zirimo ikinyazina mbanziriza hanyuma ugiceho akarongo.**

<u>**Iyo**</u> naguze yarororotse iduha amata turwanya imirire mibi.

<u>**Abo**</u> twahuraga narabasuhuzaga bose.

<u>**Iryo**</u> nigagamo barisize irangi ubu ntiwarimenya.

<u>**Ayo**</u> inyoni zirya aba yeze, ukwiye kuyasarura.

## Isomo rya gatanu: Ikinyazina ndafutura (ndasigura)

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y' iri somo,umunyeshuri arashobora:<br>- Gutahura inshoza n'uturango by'ikinyazina ndafutura.<br>- Gusesengura ikinyazina ndafutura agaragaza intego yacyo n'amategeko y'igenamajwi.<br>- Gukoresha neza ikinyazina ndafutura mu mvugo no mu nyandiko. |
| **Imfashanyigisho**: igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo kirimo ibinyazina. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu yandika interuro ku kibaho agasaba abanyeshuri kuyisoma, kwitegereza amagambo aciyeho akarongo akababazaho ibibazo.

**Urugero rw'interuro:**

- Mu ndwara ziterwa n'umwanda harimo macinya, impiswi n'izindi batarondoye.

- Abandi baturage bavuga ko ari indwara ziterwa n'isuku nke.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Amagambo aciyeho akarongo abumbatiye iyihe nyito?**

Abumbatiye inyito yo kudasobanura neza ikivugwa.

**b) Ayo magambo twayita ngo iki?**

Twayita ibinyazina ndafutura cyangwa ndasigura.

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abayeshuri maze akababwira ko bagiye kwiga ikinyazina ndafutura.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa**

*Soma igika gikurikira, usobanure imiterere y'amagambo y'umukara tsiri. Uhereye ku miterere y'ayo magambo, tanga inshoza n'uturango by'ikinyazina ndafutura kandi ugaragaze intego yacyo.*

Nyuma yo kuvuga insanganyamatsiko y'ikiganiro yateganyije n'uburyo kiribukorwemo, yakomeje abaza abaturage umwe ku **wundi** icyo indwara ziterwa n'umwanda ari cyo. Abaturage bamwe bavuze ko ari indwara ziterwa no kurya ibiribwa bihumanye, **abandi** bavuga ko ari indwara ziterwa n'isuku nke. Yabashimiye ibitekerezo byiza batanze ababwira ko **ikindi** yongeraho ari uko indwara ziterwa n'umwanda zituruka ku kurya ibiribwa cyangwa kunywa ibiyobya n'ibinyobwa bidafite isuku. Zishobora kandi guterwa no kutagira isuku y'umubiri, iy'aho dutekera, ay'aho turara, iy'imyambaro n'**ibindi**.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Inshoza y'ikinyazina ndafutura/ndasigura**

Ikinyazina ndafutura ni ijambo rijyana n'izina ntirisobanure ku buryo bwumvikana neza uvugwa, abavugwa, ikivugwa cyangwa ibivugwa ari na ho cyavanye izina ryacyo ryo kwitwa ndafutura cyangwa ndasigura.

**b) Uturango tw'ikinyazina ndafutura/ndasigura**

- Ikinyazina ndafutura kirimo ikigufi n'ikirekire.
- Ikinyazina kigufi nta ndomo ariko ikinyazina ndafutura kirekire kirayigira.
- Ikinyazina ndafutura cyaba ikigufi cyangwa ikirekire kigira igicumbi -ndi
- Ikinyazina ndafutura kigufi cyangwa kirekire gishobora kwisubiramo

**c) Intego y'ikinyazina ndafutura/ndasigura**

Intego rusange y'ikinyazina ndafutura kigufi ni indangakinyazina n'igicumbi. (Rkzn+C). Naho ikinyazina ndafutura kirekire intego yacyo ni indomo, indangakinyazina n'igicumbi (D+Rkzn+C)

- **Ikinyazina ndafutura (ndasigura) kigufi**

**Ingero:**

**Undi** muntu: u/- ndi

**Indi** misozi: i/- ndi

**Andi** mata: a/- ndi

- **Ikinyazina ndafutura (ndasigura) kirekire**

**Ingero:**

Uwundi mugabo: u-wu/-ndi

Abandi bana: a-ba/-ndi

Iyindi mirima: i-yi/-ndi

Uwundi muti: u-wu/-ndi

Iyindi nzu: i-yi/-ndi

Ayandi mazi: a-ya/-ndi

**d) Imbonerahamwe y'ikinyazina ndafutura**

| **Inteko** | **Ikinyazina ndafutura.** | | **Ikinyazina ndafutura gifite igicumbi kisubiyemo.** | |
|---|---|---|---|---|
| | ikigufi | ikirekire | ikigufi | ikirekire |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 1 | undi | uwundi | undiwundi | uwundiwundi |
| 2 | - | abandi | - | abandibandi |
| 3 | undi | uwundi | undiwundi | uwundiwundi |
| 4 | indi | iyindi | indiyindi | iyindiyindi |
| 5 | - | irindi | - | irindirindi |
| 6 | andi | ayandi | andiyandi | ayandiyandi |
| 7 | - | ikindi | - | ikindikindi |
| 8 | - | ibindi | - | ibindibindi |
| 9 | - | iyindi | - | iyindiyindi |
| 10 | - | izindi | - | izindizindi |
| 11 | - | urundi | - | urundirundi |
| 12 | - | akandi | - | akandikandi |
| 13 | - | utundi | - | utunditundi |
| 14 | - | ubundi | - | ubundibundi |
| 15 | - | ukundi | - | ukundikundi |
| 16 | - | ahandi | - | ahandihandi |

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Umwarimu agenzura ko abanyeshuri bari gukora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha.

**Urugero rw'umwitozo yabaha n'ibisubizo byabyo:**

Tahura ibinyazina ndafutura/ndasigura biri mu nteruro zikurikira, ugaragaze intego yabyo n'amategeko y'igenamajwi.

**a) Ikindi kigega nta masaka nasanzemo.**

Ikindi: i-ki-ndi  nta tegeko

**b) Karangwa yigize uwundiwundi asigaye agendana na ba bandi twasanze ha handi.**

Uwundiwundi: u-wu-ndi-Φ-wu-ndi nta tegeko

Bandi: ø-ba-ndi nta tegeko

Handi :ø-ha-ndi nta tegeko

c) **Inka zindi zaguzwe na nde?**

Zindi: ø-zi-ndi nta tegeko

d) **Nakutse irindi ryinyo mu cyumweru gishize.**

Irindi: i-ri-ndi nta tegeko

e) **Ni iki kindi ushaka hano?**

Kindi ø-ki-ndi nta tegeko

f) **Urebe ukundikundi wabigenza umfashe gukemura ikibazo cya ba bandi.**

ukundikundi u-ku-ndi-Φ-ku-ndi nta tegeko

bandi ø-ba-ndi nta tegeko

## Isomo rya gatandatu: Ikinyazina kibaza

| **Intego zihariye** |
|---|
| Ahereye ku nteruro yasomye umunyeshuri ashobora:<br>- Gutahura inshoza n'uturango by'ikinyazina kibaza.<br>- Gusesengura ikinyazina kibaza agaragaza intego yacyo n'amategeko y'igenamajwi.<br>- Gukoresha neza ikinyazina kibaza mu mvugo no mu nyandiko. |
| **Imfashanyigisho**:igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo kirimo ibinyazina. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu yandika interuro ku kibaho agasaba abanyeshuri kuyisoma, kwitegereza amagambo aciyeho akarongo akababazaho ibibazo.

**Urugero rw'interuro:**

- Ni **he** tugomba kugirira isuku kugira ngo twirinda indwara ziterwa n'umwanda?
- Mu rugo ni abantu **bangahe** bagomba kugira isuku?
- Ni **abahe** bitabiriye inama nyuma y'Umuganda.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Amagambo aciyeho akarongo abumbatiye iyihe nyito?**

Abumbatiye inyito yo kubaza.

**b) Ayo magambo twayita ngo iki?**

Twayita ibinyazina bibaza.

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abayeshuri maze akababwira ko bagiye kwiga ikinyazina kibaza.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa**

*Soma interuro zikurikira, usobanure imiterere y'amagambo y'umukara tsiri. Uhereye ku miterere y'ayo magambo, tanga inshoza n'uturango by'ikinyazina mbaza kandi ugaragaze intego yacyo.*

- Ni **izihe** ngamba twafata kugira ngo turwanye indwara ziterwa n'umwanda?"
- Ni **uruhe** ruhare rwacu mu gukumira indwara ziterwa n'umwanda?
- Ni **ubuhe** buryo twakoresha ngo tuzikumire?

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Inshoza y'ikinyazina kibaza**

Ikinyazina kibaza ni ijambo rigaragira izina, ririherekeza, riribanziriza cyangwa rikarisimbura; kikaba kibumbatiye ingingo yo gushaka kumenya ibisobanuro, inkomoko, ingano, akarere izina ririmo.

**Ingero :**

- Ni abantu **bangahe** barwaye?

- Ese yagiye **he**?
- Ni **uwuhe** mwana utagira isuku?

**b) Uturango tw'ikinyazina kibaza**

- - Ikinyazina kibaza gishobora kugira indomo cyangwa ntikiyigire.
- - Ikinyazina kibaza kigira ibicumbi bitatu: **-he?; -ngahe?** na **-e?**

**Ikinyazina kibaza gifite igicumbi –he?**

Kijyana n'izina kikarikurikira cyangwa kikaribanziriza cyangwa kikarisimbura kandi kikaribazaho ikibazo. Ikinyazina kibaza **–he** gishobora kuba kigufi cyangwa kikaba kirekire. Kiba kirekire iyo gikoranye n'indomo.

**Ingero:**

Ni umwana **wuhe** mwahuye?

Ni **abahe** bantu bitabiriye inama?

Ni **abahe** bitabiriye inama?

**Ikinyazina kibaza gifite igicumbi –ngahe?**

Kibaza ibisobanuro bijyanye n'ingano y'umubare w'abantu cyangwa ibintu.

Gikorana n'inteko z'ubwinshi gusa.

**Ingero:**

Mwahuye n'abantu **bangahe**?

Ese baguze imyenda **ingahe**?

**Ikibanyazina kibaza gifite igicumbi –e?**

Gikorana n'inteko ya 16 no mu nteko z'indangahantu.

**Ingero:**

Wa mwana yagiye **he**? Agiye mu nzu.

Iyo mbeba yinjiye **he**? Yinjiye mu mwobo.

Ni i Kigali hagana **he**? Hagana Kacyiru.

c) **Intego y'ikinyazina kibaza**

Intego y'ikinyazina kibaza ni indangakinyazina n'igicumbi (Rkzn+C).

Ikinyazina kibaza he? kirekire kigira intego y'indomo, indangakinyazina n'igicumbi (**D+Rkzn+C**). Ikigufi kikagira indangakinyazina n'igicumbi (**Rkzn+C**).

**Ingero**

| Ikinyazina kibaza | Intego | Itegeko |
|---|---|---|
| uwuhe? | u-wu-he? | nta tegeko. |
| hehe? | ha-e-ha/-e? | a→ø/-J |
| iyihe? | i-yi-he? | nta tegeko. |
| he? | ha-e? | a→ø/-J |
| angahe? | a-ngahe? | nta tegeko. |

**Ikitonderwa:**

Mu Kinyarwanda, hari andi magambo yitwara nk'ikinyazina kibaza kuko yifitemo inyito yo kubaza. Ayo ni nka: iki?, ki?, nde?, ese?, ryari?, mbese? Ayo magambo si ibinyazina mbaza ahubwo yitwa amagambo abaza kuko atisanisha n'amazina bijyanye.

**Ingero:**

Uyu ni muntu **ki**?

Intambara ya Kabiri y'Isi Yose yatangiye **ryari**?

**Ese** (**mbese**) urahari?

d) **Imbonerahamwe y'ikinyazina kibaza**

| Inteko | Igicumbi /- he? | | Igicumbi /-e? | Igicumbi /- ngahe? |
|---|---|---|---|---|
| | Ikigufi | Ikirekire | | |
| Nt. 1 | wuhe? | uwuhe? | - | |
| Nt. 2 | bahe? | abahe? | - | bangahe? |
| Nt. 3 | wuhe? | uwuhe? | - | |
| Nt.4 | yihe? | iyihe? | - | ingahe? |
| Nt.5 | rihe? | irihe? | - | |
| Nt.6 | yahe? | ayahe? | - | angahe? |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| Nt.7 | kihe? | ikihe? | - | |
| Nt.8 | bihe? | ibihe? | - | bingahe? |
| Nt.9 | yihe? | iyihe? | - | |
| Nt.10 | zihe? | izihe? | - | zingahe? |
| Nt.11 | ruhe? | uruhe? | - | |
| Nt.12 | kahe? | akahe? | - | kangahe? |
| Nt.13 | tuhe? | utuhe? | - | tungahe? |
| Nt.14 | buhe? | ubuhe? | - | bungahe? |
| Nt.15 | kuhe? | ukuhe? | - | |
| Nt.16 | hahe? | ahahe? | he? | hangahe? |

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Umwarimu agenzura ko abanyeshuri bari gukora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha.

**Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:**

Tahura ibinyazina bibaza biri mu nteruro zikurikira hanyuma ugaragaze intego yabyo n'amategeko y'igenamajwi aho biri ngombwa.

**a) Ni akahe kamaro ko kurya ibiribwa bifite isuku?**

Akahe: a-ka-he  nta tegeko

**b) Ni izihe ngamba muzafata kugira ngo murwanye indwara zikomoka ku mwanda?**

izihe :i-zi-he nta tegeko

**c)Iyi myambaro myiza gutya wayiguriye hehe?**

Hehe: ha-e-ha-e    a→ø/-J

## Isomo rya karindwi: Ikinyazina nyamubaro

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri ashobora:<br>- Gutahura inshoza   n'uturango by'ikinyazina nyamubaro.<br>- Gusesengura ikinyazina nyamubaro agaragaza intego yacyo n'amategeko y'igenamajwi.<br>- Gukoresha neza ikinyazina nyamubaro mu mvugo no mu nyandiko. |

**Imfashanyigisho**:igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo kirimo ibinyazina.

1. **Intangiriro**

Umwarimu yandika interuro ku kibaho agasaba abanyeshuri kuzisoma, kwitegereza amagambo aciyeho akarongo akababazaho ibibazo.

**Urugero rw'interuro:**

- Mu kurwanya umwanda dukoresha amazi menshi: tuvoma ijerekani **ebyiri** nini, indobo imwe n' utujerekani duto dutatu.
- Ibyo bivomesho byose hamwe ni **bitandatu**.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Amagambo aciyeho akarongo afite iyihe nyito?**

Afite inyito yo kubara.

**b) Ubwo ayo magambo ni ubuhe bwoko?**

Ni imibare

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abayeshuri maze akababwira ko bagiye kwiga ikinyazina nyamubaro.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa**

*Soma interuro zikurikira, usobanure imiterere y'amagambo y'umukara tsiri. Uhereye ku miterere y'ayo magambo, tanga inshoza n'uturango by'ikinyazina nyamubaro kandi ugaragaze intego yacyo.*

- Maze kubasura inshuro **eshatu** cyangwa **enye** muri iki gikorwa cy'umuganda.
- Ku wa **Gatandatu** wa nyuma wa buri kwezi aba ari umunsi w'umuganda mu Gihugu hose.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Inshoza y'ikinyazina nyamubaro**

Ikinyazina nyamubaro ni ijambo riherekeza izina cyangwa rikarisimbura kandi kikaba kibumbatiye ingingo y'umubare. Kigabanyijemo amatsinda arindwi; kuva ku mubare rimwe kugeza kuri karindwi. Imibare y'inyuma ya karindwi ni amazina si ibinyazina nyamubaro.

Bayita amazina nyamubaro kuko aba afite uturango tumwe n'utw'izina ari two indomo, indanganteko n'igicumbi.

**Ingero:**

Abantu **babiri** bavuye mu nama.

Abana **batandatu** bagiye kuvoma.

Inka **eshatu** zahutse.

**b) Intego y'ikinyazina nyamubaro**

- Ikinyazina nyamubaro kigira uturemajambo tubiri gusa: indangakinyazina n'igicumbi (Rknz+C)

**Urugero:**

Abantu **babiri** bagiye.

Babiri: ba-biri

- Indangakinyazina y'ikinyazina nyamubaro ni nk'iz'ibindi binyazina usibye mu nteko ya cumi aho "**zi**-" ihinduka "**e**-".
- Ibicumbi by'ikinyazina nyamubaro ni birindwi: - **mwe, - biri, - tatu, - ne, - tanu, - tandatu, - rindwi.**
- Mu nteko ya cumi ibicumbi biba :**- byiri, - shatu, - nye, - shanu, - sheshatu,** na **- rindwi.**

**Ingero:**

| | | | |
|---|---|---|---|
| Inka **ebyiri** | ebyiri | → | e -byiri. |
| Inka **eshatu** | eshatu | → | e - shatu. |
| Inka **enye** | enye | → | e - nye. |
| Inka **eshanu** | eshanu | → | e - shanu. |

Inka **esheshatu** esheshatu → e -sheshatu.

**Ikitonderwa**

- Imibare y'inyuma ya karindwi ni amazina si ibinyazina nyamubaro. Bayita amazina nyamubaro kuko aba afite uturango tumwe n'utw'izina ari two indomo, indanganteko n'igicumbi. Ikinyazina nyamubaro gikurikiye izina ribara kuva ku icumi, gisanishwa n'ijambo rivuga ibibarwa ari na ryo rifatwa nk'ikinyazina nyamubaro.

**Ingero :**

Abana cumi na batatu (**batatu** ni ikinyazina nyamubaro).

Ibiti ijana na birindwi (**birindwi** ni ikinyazina nyamubaro).

- Ikinyazina nyamubaro gishobora kandi kwisubiramo. Icyo gihe n'uturemajambo twacyo twisubiramo.

**Ingero:**

Hinjire umwumwe: u - mwe – u - mwe e→ø/-J

Muzane eshateshatu: e - shatu – e - shatu u→ø /-J

- Igicumbi /- **rindwi** kiremwaho ijambo **ndwi** ridahinduka kandi ribara.

**Urugero:** Inka **ndwi.**

- Ikinyazina nyamubaro gishobora gusimbura izina kigafata indomo bityo kigakora nk'izina.

**Ingero:**

**Utubiri** twotsa amatama.

Utubiri: u-tu-biri

**Ababiri** bashyize hamwe baruta umunani urasana.

Ababiri: a-ba-biri

- Mu Kinyarawanda iyo bavuga urwego ikintu kirimo mu rutonde rw'ibindi bikurikirana, aho gukoresha ibinyazina nyamubaro, bakoresha urwunge rw'ikinyazina ngenera n'izina ry'umubarwa. Ntibavuga umuntu wa «**rimwe**» ahubwo bavuga umuntu wa «**mbere**».

Ingero:

- Umuntu wa **mbere** (si umubarwa).
- Umuntu wa **kabiri** (umubarwa 2)
- Umuntu wa **gatatu** (umubarwa 3)
- Umuntu wa **kane** (umubarwa 4)
- Umuntu wa **gatanu** (umubarwa 5)
- Umuntu wa**gatandatu** (umubarwa 6)
- Umuntu wa **karidwi** (umubarwa 7).

**d) Imbonerahamwe y'ibinyazina nyamubaro.**

| **Inteko** | **Ibicumbi** | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | +mwe | +biri | +tatu | +ne | +tanu | +tandatu | +rindwi |
| 1 | umwe | - | - | - | - | - | - |
| 2 | - | babiri | batatu | bane | batanu | batandatu | barindwi |
| 3 | umwe | - | - | - | - | - | - |
| 4 | - | ibiri | itatu | ine | itanu | itandatu | irindwi |
| 5 | rimwe | - | - | - | - | - | - |
| 6 | - | abiri | atatu | ane | atanu | atandatu | arindwi |
| 7 | kimwe | - | - | - | - | - | - |
| 8 | - | bibiri | bitatu | bine | bitanu | bitandatu | birindwi |
| 9 | imwe | - | - | - | - | - | - |
| 10 | - | ebyiri | eshatu | enye | eshanu | esheshatu | zirindwi /ndwi |
| 11 | rumwe | | | - | - | - | |
| 12 | kamwe | - | | - | - | - | - |
| 13 | | tubiri | dutatu | tune | dutanu | dutandatu | turindwi |
| 14 | bumwe | bubiri | butatu | bune | butane | butandatu | burindwi |
| 15 | kumwe | - | - | - | - | - | - |
| 16 | hamwe | habiri | hatatu | - hane | hatanu | hatandatu | harindwi |

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Umwarimu agenzura ko abanyeshuri bari gukora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha.

**Urugero rw'imyitozo**

1. **Shaka uturemajambo tw'ibinyazina nyamubaro bikurikira ugaragaze amategeko y'igenamajwi aho biri ngombwa.**

a) gatanu: ka- tanu k→g /-GR

b) esheshatu: e-sheshatu nta tegeko

c) bine: bi- ne nta tegeko

d) batandatu: ba- tandatu nta tegeko

2. **Kosora interuro zikurikira aho biri ngombwa.**

- **Ziriya nka zine zariye ibitoki itandatu**

Ziriya nka enye zariye ibitoki bitandatu

- **Ihene itatu ziziritse ku biziriko itatu.**

Ihene eshatu ziziritse ku biziriko bitatu.

- **Nkeneye amakaye ine nzandikamo amasomo y'imitwe eshanu dusigaje kwiga.**

Nkeneye amakaye ane nzandikamo amasomo y'imitwe itanu dusigaje kwiga.

- **Umuyaga wahushye ari mwinshi inyoni irindwi igurukira rimwe.**

Umuyaga wahushye ari mwinshi inyoni zirindwi zigurukira rimwe.

## Isomo rya munani: Ikinyazina mboneranteko (ndanganteko)

| Intego zihariye |
|---|

| |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri ashobora:<br>- Gutahura inshoza n'uturango by'ikinyazina mboneranteko.<br>- Gusesengura ikinyazina mboneranteko agaragaza intego yacyo n'amategeko y'igenamajwi.<br>- Gukoresha neza ikinyazina mboneranteko mu mvugo no mu nyandiko. |
| **Imfashanyigisho**:igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo kirimo ibinyazina. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu yandika igika ku kibaho agasaba abanyeshuri kugisoma, kwitegereza amagambo aciyeho akarongo akababazaho ibibazo.

**Urugero rw'igika:**

Mu karima k'igikoni ko mu rugo kwa Gakire bahinzemo imboga z'amoko menshi: amashu, karoti **za** dodo n'izindi. Ikibabaje **cya** Muhire na **bya** Gasore ntibazigirira isuku.Ubu bakazengurukije uruzitiro rukomeye kugira ngo badakomeza gutamo imyanda.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

a) **Amagambo aciyeho akarongo abanjirije ubuhe bwoko bw'amagambo?**

Abanjirije izina rusange "dodo" n'amazina bwite "Muhire na Gasore"

b) **Nk'uko bikunze kugenda ku bundi bwoko bw'amagambo yisanishije n'amazina bijyanye?**

Oya iyo witegereje usanga bitisanisha na gato.

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abayeshuri maze akababwira ko bagiye kwiga ikinyazina mboneranteko.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa**.

*Soma interuro zikurikira, usobanure imiterere y'amagambo y'umukara tsiri. Uhereye ku miterere y'ayo magambo, tanga inshoza n'uturango by'ikinyazina mboneranteko kandi ugaragaze intego yacyo.*

- Nta bantu bakwiriye kwigira **ba** ntibindeba mu kurwanya indwara

ziterwa n'umwanda.

- **Ba** Rukundo baragukumbuye cyane.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Inshoza y'ikinyazina mboneranteko**

Ikinyazina mboneranteko ni ijambo rigaragaza kandi rigaha inteko amagambo/amazina bijyanye adahinduka, ryerekana ubwinshi bwayo, gitubura/gikuza, gitubya, amagambo kigaragiye.

**b) Uturango tw'ikinyazina mboneranteko**

- Ikinyazina mboneranteko kiza buri gihe mbere y'izina giherekeje.
- Iki kinyazina kiboneka mu nteko zimwe na zimwe ari zo nt. 2; 7; 8; 10; 11; 12; 13 na 14 ku bayikoresha batubya.
- Iki kinyazina gikora imbere y'amazina bwite n'imbere amazina rusange adafite indomo n'indanganteko.

**c) Intego y'ikinyazina mboneranteko**

Ikinyazina mboneranteko kigira uturemajambo tubiri ari two: indangakinyazina n'igicumbi (Rkzn+C). Buri gihe igicumbi k'ikinyazina mboneranteko ni /-**a.**

**Ingero:**

| Ikinyazina mboneranteko | Intego | Itegeko ry'igenamajwi |
|---|---|---|
| ba (data): | ba-a | a→ø/-J |
| za (mayibobo): | zi-a | i→ø/-J |
| twa muhoza tuzaza kudusura ryari? | tu-a | u→w/-J |

| | | |
|---|---|---|
| Za Bihogo ziracyuwe | zi-a | i→ø/ -J |

**d) Imbonerahamwe y'ikinyazina**

| Inteko | Ubwinshi | Inyito | | |
|---|---|---|---|---|
| | | Gupfobya/ gutubya | Gutubura/ gukuza | Kugaya |
| 2 | Ba Humura | - | - | - |
| 7 | - | Cya Rugero | Cya Juru | - |
| 8 | | Bya Gato | B y a Mahane | - |
| 10 | Za dodo, | - | - | Za masore |
| 11 | - | Rwa Nzovu | Rwa Karisa | - |
| 12 | - | Ka Rukundo | - | - |
| 13 | Twa Buregeya. | Twa Buregeya | - | - |
| 14 | Bwa Manzi | Bwa Manzi | - | - |

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo iri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Umwarimu agenzura ko abanyeshuri bari gukora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha.

Himba interuro eshanu zirimo ibinyazina mboneranteko unagaragaze intego n'amategeko y'igenamajwi yabyo.

a) Ba Karinda bazaze bafate bya bindi bikoresho by'isuku.

Ba : ba-a a→Φ/ -J

b) Imboga zo kwa cya Gakwerere harimo za dodo zishishe.

Cya : ki-a i→Φ/ -J ky→cy mu myandikire

Za : zi-a i→Φ/ -J

c) Ka Ruberanziza kagiye mu istinda rishinzwe isuku mu Mudugudu.

Ka : ka-a a→Φ/ -J

d) Ziriya ndobo zangijwe na bwa Mupenzi kandi zakusanyirizwaga-mo imyanda itanduza.

Bwa : bu-a u→Φ/ -J

## Isomo rya kenda: Ikinyazina mpamagazi

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri ashobora:<br>- Gutahura inshoza n'uturango by'ikinyazina mpamagazi.<br>- Gusesengura ikinyazina mpamagazi agaragaza intego yacyo n'amategeko y'igenamajwi.<br>- Gukoresha neza ikinyazina mpamagazi mu mvugo no mu nyandiko. |
| Imfashanyigisho:Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo kirimo ibinyazina. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu yandika interuro ku kibaho agasaba abanyeshuri kuzisoma, kwitegereza amagambo aciyeho akarongo akababazaho ibibazo.

**Urugero rw'interuro:**

- Mu nama umuyobozi w'Umudugudu wa Munanira ati: "**Mwa** baturage **mwe**, mworore inka za kijyambere, muhinge imboga n' imbuto kugira ngo turwanye indwara ziterwa n'imirire mibi.
- **Mwa** nka **mwe mukwiye** gutanga umukamo uhagije n'ifumbire kugira ngo imboga n'umbuto zere bishimishije.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Amagambo yaciyeho akarongo mu nteruro ateye ate?**

Abirabiri arajyanye rimwe ribanjirije izina irindi rikarikurikira"

**b) Aya magambo abumbatuye iyihe ngingo?**

Abumbatuye ingingo yo guhamagara.

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abayeshuri maze akababwira ko bagiye kwiga ikinyazina mpamagazi.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa**.

*Soma interuro zikurikira, usobanure imiterere y'amagambo y'umukara tsiri. Uhereye ku miterere y'ayo magambo, tanga inshoza n'uturango*

*by'ikinyazina mpamagazi kandi ugaragaze intego yacyo.*

- **Mwa** baturage mwe muge musukura aho mutuye bizabarinda indwara ziterwa n'umwanda.
- **Wa** mwana we, ugomba kujya uza ku ishuri wakarabye umubiri wose.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Inshoza n'uturango by'ikinyazina mpamagazi**

Ikinyazina mpamagazi gituma igihamagarwa cyangwa uhamagarwa yumva ko bashaka ko aza cyangwa ko bashaka ko atega amatwi ngo bamubwire. Ikinyazina mpamagazi kibanziriza izina ry'igihamagawe ndetse kikanaritesha indomo iyo riyifite. Iryo zina kandi rikurikirwa buri gihe n'ikinyazina ngenga bityo kikagira inyito itsindagiriza. Ikinyazina mpamagazi kiba muri ngenga ya kabiri gusa. Gifata ubumwe cyangwa ubwinshi bitewe n'ijambo gisobanura.

**Ingero:**

**Wa** mugabo we, watashye ko bwije!

**Mwa** bana mwe, ntimugasibe ishuri.

**b) Intego y'ikinyazina mpamagazi**

Ikinyazina mpamagazi kigira indangakinyazina n'igicumbi(**Rkzn+C**)

**Ingero:**

- Ngenga ya kabiri y'ubumwe ( ng. 2 bu ) : wa : u-a        u → w/ - J
- Ngenga ya kabiri y'ubwinshi ( ng. bw )  : mwa : mu-a        u → w/ - J

**Ikitonderwa:**

Igihe cyose ikinyazina mpamagazi gikurikirwa n'izina kigaragiye hagakurikiraho ikinyazina ngenga gifite igicumbi -**e** ifite isaku nyesi. Akenshi na kenshi kibanzirizwa n'akajambo "**yewe**" gahamagara.

**Ingero:**

- **Yewe** wa mwana we, urajya he?
- **Wa** mwana we, watashye ko bwije!
- **Mwa** banyeshuri mwe, ntimugasibe ishuri.

**3.Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo iri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha by'umwihariko.

Erekana ibinyazina mpamagazi biri muri izi nteruro unagaragaze intego n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe.

a) Ese wa mubyeyi yaraye abyaye mwa bagabo mwe?

Mwa: mu-a u → w/ - J

b) Kandi wa nyoni we uzarya n'ibitaribwa!

Wa: u-a u → w/ - J

## V.5.3. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa …)

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa gatanu, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

**Urugero rw'umwitozo:**

Ugendeye ku gisobanuro cy'umugani mugufi "Amagara arasesekara ntayorwa", andika umwandiko mbarankuru utarengeje imirongo nibura mirongo ine, uvuga ku nsanganyamatsiko wihitiyemo yo kubungabunga ubuzima kandi uwugaragazemo nibura ibinyazina bitanu mu byo twize ubisesengure ugaragaza intego yabyo n' amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

**Uko umwitozo ukosorwa**

Umwarimu agenzura ko buri munyeshuri yakoze umukoro, maze agasaba abanyeshuri babiri bicaranye guhinduranya ibihangano byabo maze buri wese akajora igihangano cya mugenzi we areba ko harimo ingingo zigaragaza kubungabunga ubuzima. Umwarimu anareba

niba yagaragajemo ibinyazina yabajijwe akagaragaza intego yabyo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

## V.6. Inshamake y'umutwe wa gatanu

umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa gatanu bityo bikabafasha gukora inshamake.

**Urugero rw'inshamake bakora:**

- Muri uyu mutwe twasesenguye umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko yo kubungabunga ubuzima. Twabonye indwara ziterwa n'umwanda ,ingaruka ku muntu wazanduye , n'uburyo twafata ingamba zo gukumira umwanda n'indwara ziterwa nawo.
- Twabonye kandi ibinyazina birimo mbanziriza, ndafutura, kibaza, nyamubaro, mboneranteko na mpamagazi tureba inshoza n'intego n'amategeko y'igenemajwi.

## V. 7. Isuzuma risoza umutwe wa gatanu

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa …)

| Ibigenderwaho mu isuzuma ry'umutwe wa gatanu |
|---|
| Ubushobozi bwo:<br>- Gusesengura umwandiko.<br>- Gusesengura ikinyazina mbanziriza, ndafutura, kibaza, nyamubaro, mboneranteko, na mpamagazi kandi agaragaza amategeko y'igenamajwi. |

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma ku giti cyabo. Iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma**

**I. Kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Ni iyihe mpamvu yatumaga abantu benshi bahitanwa na malariya mu myaka yashize?**

   Ni uko abafatwaga na yo baganaga abavuzi ba Gihanga bazi ko ari ubuganga, bakabaha imiti inyuranye ariko kuyivura bikababera

imbogamizi.

2. **Ni iki twakora ngo twirinde marariya?**

   Twayirinda dusukura munsi y'ingo, twirinda kuhajugunya ibikopo n'injyo kuko birekamo amazi, imibu igateramo amagi.

3. **Umuntu wamaze gufatwa na marariya yakora iki?**

   Yakwihutira kujya kwa muganga.

4. **Uratekereza ko icyorezo cya marariya gifite izihe ngaruka ku iterambere ry'igihugu?**

   - Igihugu gitakaza abantu bakagombye gukora bagatanga imisoro yubaka igihugu.
   - Igihugu gitakaza umutungo mwinshi kigura imiti ivura marariya.

5. **Wakora iki ngo ugire uruhare mu kubungabunga ubuzima bw'abaturage batuyemu mudugudu wanyu?**

   - Kubagira inama ku buryo bwo kwirinda marariya, bagirira isuku aho batuye, batema ibihuru, bagasiba ibinogo ndetse bakibuka no kurara mu nzitiramibu ikoranye umuti.

6. **Ni izihe ndwara zindi z'ibyorezo uzi zitwara ubuzima bw'abantu? Ziterwa n'iki?**

   - Macinya iterwa n'umwanda.
   - Sida iterwa n'agakoko gatera sida (virusi ya V.I.H).
   - Ebora iterwa n'umwanda.
   - Korera iterwa n'umwanda.

**II. Ibibazo by'inyunguramagambo**

**Uzurisha interuro zikurikira amagambo ukuye mu mwandiko.**

a) **Mu muganda wo mu mpera z'ukwezi gushize twasibye ...... byari .......y'imibu.**

   Mu muganda wo mu mpera z'ukwezi gushize twasibye **ibinogo** byari **indiri** y'imibu.

b) **Nimuze duhagurukire................. marariya kuko idindiza iterambererY'Igihugu.**

   Nimuze duhagurukire **kurwanya** marariya kuko idindiza iterambere ry'Igihugu.

**c) Wa muturanyi wange yarwaye marariya y'……………… kuko yari yaratinze kwivuza.**

Wa muturanyi wange yarwaye marariya y'**igikatu** kuko yari yaratinze kwivuza.

**d) Mu gihe wumvise ufite ……………bya ………………ihutire kujya kwa muganga.**

Mu gihe wumvise ufite **ibimenyetso** bya **marariya** ihutire kujya kwa muganga.

**III. Ibibazo ku binyazina**

Tahura ibinyazina twize muri uyu mutwe biri mu nteruro zikurikira nurangiza uvuge ubwoko bwabyo unabisesengure ugaragaza intego yabyo, amategeko y'igenamajwi ndetse n'inteko birimo.

**a) Ikindi cyakorwa ni uko urwaye marariya yayivuza neza.**

Ikindi: ikinyazina ndafutura i-ki-ndi nta tegeko nt. 7

**b) Wa mwana we nutivuza hakiri kare uzashyira ubuzima mu kaga!**

Wa: ikinyazina mpamagazi u-a u→w/-J nt. 1

**c) Iyo bakingira abana, hinjiraga babiribabiri.**

Babiribabiri: ikinyazina nyamubaro ba- biri-ba-biri nta tegeko nt. 2

**d) Uretse ibihuru ibindi bikurura imibu itera marariya ni ibizenga by'amazi.**

Ibindi: ikinyazina ndafuturai-bi-ndi nta tegeko nt. 8

**e) Ni izihe mbaraga Leta yashyize mu gukumira marariya mu baturage?**

Izihe: ikinyazina kibaza i-zi-he nta tegeko nt10

**f) Nta kindi cyatuma tubungabunga ubuzima uretse kwirinda ibidutera indwara.**

Kindi:ikinyazina ndafutura ø-ki-ndi nta tegeko nt.7

**g) Bwa Petero na bwansize.**

Bwa:ikinyazina mboneranteko bu-a u→w/-J nt. 14

**h) Twa Kirezi turirata**

Twa: ikinyazina mboneranteko tu-a u→w/-J nt. 13

## V.8. Ibikorwa by'inyongera

### V.8.1.Umwitozo nzamurabushobozi

**a) Tanga ubwoko bwose bw'ibinyazina wize muri uyu mutwe utange n'urugero rw'interuro irimo ikinyazina kuri buri bwoko.**

- Ikinyazina mbaza: Ufite abana **bangahe** wushyuriye ubwishingizi bw'ubuzima?
- Ikinyazina ndafutura: **Ikindi** kibindi bagiye kukibika.
- Ikinyazina mpamagazi: **Mwa** mbwa mwe mugugune ayo magufwa.
- Ikinyazina mbanzirizaza: **Ubwô** yatojwe n'ababyeyi ni bwo yatoje abana be.
- Ikinyazina nyamubaro: Mu rugo dukaraba inshuro **ebyiri** ku munsi
- Ikinyazina mboneranteko: Za nyakatsi twaraziciye kuko zateraga umwanda.

**b) Vuga ibintu bikwirakwiza umwanda muri iki gihe n'uburyo bwo kubirwanya.**

- Hari gusangirira ku bikoresho bimwe. Twabirwanya buri wese akoresha igikoresho ke.
- Gukoresha ibikoresho bidasukuye. Twabirwanya dusukura ibikoresho neza n'amazi meza.
- Guta imyanda ahabonetse hose. Twabirwanya dukusanyiriza imyanda ahabugenewe.
- Udukoko. Twabirinda tureka kwandarika ibikoresho aho ari ho hose ahubwo bigashyirwa ahabugenewe kandi hafite isuku.

### V.8.2.Umwitozo nyagurabushobozi

**GaragazaingambazifatikaLetayafashezifashamukubungabunga ubuzima.**

**Muri izo ngamba zifatika twavuga:**

- Kubaka ibitaro, ibigo nderabuzima n'udushami twazo bihagije
- Gushishikariza abaturage kugira ubwishingizi bw'ubuvuzi.

- Gukora ubukangurambaga no gutanga ibiganiro ku baturaga bose ku isuku
- Gukora ubukangurambaga no gutanga ibiganiro ku buryo bwo gutegura indyo yuzuye.
- Kugira akarima k' igikoni kuri buri rugo n' ibindi.

### V.8.3. Imyitozo y'inyongera

**a) Usibye indwara ziterwa n'umwanda ni izihe ndwara zitwara ubuzima bw'abantu? Ziterwa n'iki?**

- Ebora iterwa no gukora ku muntu uyirwaye.
- Sida iterwa no gukora imibonano mpuzabitsina idakingiye n'umuntu ubana n'ubwandu bwa SIDA.
- Umuvuduko w'amaraso ushobora guterwa n'ibintu binyuranye nko kunanirwa k' umubiri bitewe n' imirimo, umunyu mwinshi, …
- Diyabeti iterwa n'isukari yabaye nyinshi mu mubiri maze ntushobore gufata iyo ukeneye.
- Kanseri z'uburyo bunyuranye akenshi ziterwa n'uturemangingo tuba twaje tudakenewe cyangwa tukajya mu mwanya utari uwatwo.
- Hari n'izo umuntu avukana nk'umutima n'izindi.
- Marariya iterwa n'umubu w'ingore uruma umuntu ufite marariya, waruma utayifite ukayimwanduza.

**2. Ni ibihe bikorwa ingo zisabwa kugira ngo zibungabunge ubuzima?**

- Kugira ubwiherero bwujuje ibisabwa.
- Kubahiriza amategeko n'amabwiriza bahabwa n'ubuyobozi
- Kugira akarima k'igikoni.
- Kugira kandagira ukarabe irimo amazi.
- Kugaragaza ubushake n'uruhare rwabo mu bikorwa byo kubungabunga ubuzima. (Umwarimu arareba niba umunyeshuri yanditse ingero nibura enye)

**3. Ikinyazina mbanziriza, ikinyazina mpamagazi, ikinyazina kibaza n'ikinyazina nyamubaro bibumbatiye izihe ngingo?**

a) Ikinyazina mbanziriza: buri gihe kibanziriza inshinga ari na yo mpamvu kitwa mbanziriza.

b) Ikinyazina mpamagazi: kibumbatiye ingingo yo guhamagara

kuko usanga gibutsa cyangwa gihwutura igihamagarwa (umuntu cyangwa ikintu).

c) Ikinyazina kibaza: kibumbatiye ingingo yo kubaza mu buryo butatu

- Hari ikibaza amakuru muri rusange gifite igicumbi –he?
- Hari ikibaza umubare gifite igicumbi –ngahe?
- Hari n'ikibaza ahantu gifite igicumbi –e?

d) ikinyazina nyamubaro: kibumbatiye ingingo yo kwerekana umubare cyangwa inomero y'ikintu.

## V.9. Amakuru y'inyongera

**Impamvu zirindwi zituma indwara z'ibyorezo zikomeza kwiyongera ku isi**

Inzobere mu by'ubuzima bw'abantu zigaragaza ko muri iki gihe abatuye isi bugarijwe n'ibyago bikomeye byo guhura n'indwara z'ibyorezo kuruta mu gihe cyashize. Muri izo ndwara harimo nka Zika, ibicurane by'ibiguruka, ebora, ibicurane by'ingurube n'izindi.

Ibihe byose indwara y'icyorezo iza ntawuyiteze ari nako ifata ahantu hanini bigatuma isi isigara mu bibazo bikomeye, ari yo mpamvu abahanga mu buzima basaba abantu guhora biteguye.

Umwarimu muri kaminuza yigisha iby'isuku n'ubuvuzi i Londres mu Bwongereza, yavuze ku bigendanye n'indwara z'ibyorezo agita ati: "Isi ifite umutekano ungana nk'uw'igihugu gifite intege nke, indwara z'ibyorezo ntizikangwa n'imipaka. Byinshi mu biranga imibereho igezweho tubamo bidushyira mu byago byinshi, gusa turiteguye kuruta mbere."

Uyu mugabo yashyize ahagaragara impamvu zishobora gutuma indwara z'ibyorezo zikomeza kwiyongera.

**1. Gukura kw'imigi no kwiyongera kw'abaturage**

Uwo mwarimu avuga ko uko abantu bagenda biyongera ari na ko ibyago byo kwandura indwara z'ibyorezo bizamuka bitewe n'uko abantu baba begeranye cyane cyangwa se abandi ugasanga begeranye n'imirima n'amatungo ku buryo izo ndwara zoroherwa no kubibasira harimo nk'igituntu, ibicurane by'ibiguruka n'izindi.

**2. Gutura ahantu hashya**

Abahanga mu by'ubuzima bavuga ko uko abantu bagenda biyongera, bakenera ubutaka bwo guturaho, ibi bigatuma bajya mu bice bitari bisanzwe bituwe birimo n'amashyamba ku buryo ibyorezo byoroherwa no kubafata kuko hari ibyo baba basanzeyo batamenyereye.

3. Ihindagurika ry'ibihe

Ibimenyetso bikomeza kugaragara ko ihinduka ry'ibihe ritera imyuzure n'ubushyuhe bwinshi bituma ibyorezo bishamikiye ku isuku nke nka korera byiyongera cyane.

**4.Ingendo zikorwa ku isi**

Uwo mushakashatsi wavuzwe haruguru avuga ko uko imyaka yiyongera ari na ko abantu basura ibice bitandukanye biyongera, ku buryo uko uwo mubare uzamuka ari na ko ibyago byo kwandura indwara z'ibyorezo bizamuka bitewe n'uko hari ababa bazirwaye batanabizi bakora izo ngendo bakanduza abo bahuriyeyo.

Agaragaza ko mu 2015, umubare wa ba mukerarugendo wageze kuri miriyari 1.2 wiyongereho miriyoni 50 ugereranyije n'imibare y'umuryango mpuzamahanga ushinzwe iby'ubukerarugendo yo mu 2014, ibyo yemeza ko bishobora kongera ibyago byo gukwirakwiza indwara z'ibyorezo.

**5. Amakimbirane mu baturage**

Ibihugu birimo ibibazo by'amakimbirane bikunda kwibasirwa n'indwara z'ibyorezo bitewe n'uko nta mwanya uboneka wo guhangana na byo ndetse n'ibikorwa remezo byangirizwa muri izo mvururu bituma izo ndwara zihagera ku bwinshi ndetse n'abahageze baturutse ahandi bakazandura.

**6. Abaganga badahagije mu duce twagezemo icyorezo**

Mu bihugu aho ibyorezo byageze cyane, ibikiri mu nzira y'amajyambere, usanga bibi bifite abaganga n'abaforomo bake bita ku barwayi bituma izi ndwara zikomeza gukwirakwira ndetse zikoreka imbaga. Abahanga mu by'ubuzima batanga inama z'uko hakwiye kujya hubakwa inzego zikomeye mu nzego zose ku buryo ikiza kije gisanga hari uburyo bwo kukirwanya.

**7. Ukwihuta kw'amakuru**

Abahanga mu by'ubuzima bemeza ko uko iterambere ry'ikoranabuhanga rigenda rizamuka ari na ko ihererekanywa ry'amakuru na ryo ryihuta ku buryo kuri ubu abakoresha imbuga nkoranyambaga bahindura ukuri kw'amakuru ku buryo icyorezo cyakwirakwira bitewe n'uko amakuru yatanzwe nabi.

Bifatiye kuri: https://igihe.com/ubuzima/article/impamvu-zirindwi-zituma-indwara-z-ibyorezo-bikomeza-kwiyongera-ku-isi

# UMUTWE WA 6

# ITUMANAHO N'IKORANABUHANGA MU ITERAMBERE

## VI. 1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.
- Gutahura no gukoresha neza mu nteruro amagambo adahinduka.

## VI.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi

- ibikoresho bimwe na bimwe by'ikoranabuhanga n'akamaro kabyo mu iterambere.
- Amwe mu moko y'amagambo.

## VI.3. Ingingo nsanganyamasomo

| **Ingingo nsanganyamasomo** | **Aho igaragara muri uyu mutwe** |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Iyi ngingo nsanganyamasomo iragaragarira mu bivugwa mu mwandiko, ku mashusho cyangwa igihe umwarimu yigisha yita ku bitsina byombi. |
| Uburezi budaheza | Iyi ngingo nsanganyamasomo iragaragarira mu bivugwa mu mwandiko, ku mashusho cyangwa igihe umwarimu yigisha yita kuri buri mu nyeshuri wese. |
| Umuco w'amahoro | Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko n'ingingo yo kunguranaho ibitekerezo. |
| Umuco w'ubuziranenge | igaragarira mu mwandiko ku bikoresho by'ikoranabuhanga n'ingingo yo kunguranaho ibitekerezo. |

| | |
|---|---|
| Jenoside | Mu kibazo cyo kungurana ibitekerezo aho berekana uruhare rw'itangazamakuru mu iterambere ry'Igihugu iyo ryakoreshejwe neza nyamara ryakoreshwa nabi rikangiza. |
| Ubuzima bw'imyororokere | Mu mwandiko aho bagaya abakoresha nabi ikoranabuhanga bareba za firimi z'urukozasoni kuri za mudasobwa no ku mbuga z'inyuranye zikoresha ikoranabuhanga. Ahereye kuri iyo ngingo, umwarimu azafasha abanyeshuri kunguranaho ibitekerezo barebera hamwe ingaruka bishobora gutera. |
| Umuco w'ubuziranenge | Mu kibazo cyo kungurana ibitekerezo aho banyeshuri bafatanyije n'umwarimu berekana ingaruka ziterwa n'ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga bitujuje ubuziranenge. |

## VI.4. Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

**Urugero rw'igikorwa yabaha n'urugero rw'ibisubizo:**

***Wifashishije ingingo zumvikana garagaza uko ikoranabuhanga ryihutisha iterambere mu Gihugu cyacu.***

- Ikoranabuhanga ryihutisha iterambere mu Gihugu cyacu kuko rituma abantu bashyikirana mu buryo bworoshye kandi bakabona amakuru ku buryo bwihuse.
- Rituma bantu bakora ubushakashatsi, rikaborohereza gukora ibintu bifite ubuziranenge kandi birambye bijyanye n'igihe tugezemo ndetse bikanaborohereza kwamamaza no kuranga ibyo bakora.

## VI.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatandatu n'igihe yagenewe

| **Umutwe wa gatandatu: Itumanaho n'ikoranabuhanga mu iterambere** | | **Umubare w'amasomo: 10** |
|---|---|---|
| **Umwandiko: Ikoranabuhanga ryaragikemuye** | | |
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |
| **Isomo rya mbere**: gusoma no gusobanura umwandiko. | Gusoma umwandiko gusobanura amagambo adasobanukiwe no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. | **amasomo 2** |
| **Isomo rya kabiri**: gusoma no kumva umwandiko. | Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya gatatu**: gusoma no gusesengura umwandiko. | Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya kane**: Kungurana ibitekerezo. | Gusesengura insanganyamatsiko zatanzwe no kuzunguranaho ibitekerezo. | **Isomo 1** |
| **Amagambo adahinduka** | | |
| **Isomo rya gatanu:** Amagambo adahinduka. | Kugaragaza inshoza no gutahura amagambo adahinduka no gusobanura imikoreshereze yayo. | **Amasomo 2** |
| **Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri** | | **Isomo 1** |
| **Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu** | | **Amasomo 2** |

### VI.5.1. Umwandiko: Ikoranabuhanga ryaragikemuye.

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ……..)

## Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma adategwa umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>- Gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha mu mvugo no munyandiko. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku ikoranabuhanga n'itumanaho, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Ikoranabuhanga ryaragikemuye" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo:**

a) **Murabona iki kuri iyi shusho?**

Ni abanyeshuri bari kumwe n'umwarimu bicaye mu ishuri ririmo za mudasobwa.

b) **Mushingiye ku mutwe w'umwandiko n'ibyo mubona kuri iyi shusho, muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki?**

Uravuga ku nsanganyamatsiko y'uko ikoranabuhanga ryoroheje uburyo bw'imyigire n'imyigishirize

2. **Uko Isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ribiteganya mu ntangiriro rusange 2.6

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa**.

*Soma umwandiko "Ikoranabuhanga ryaragikemuye", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije*

*inkoranyamagambo.*

Abanyeshuri bajya mu matsinda bagasoma umwandiko bagashakamo amagambo badasobanukiwe, hanyuma bakabimurika. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza maze bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'amagambo badasobanukiwe:**

a) **Kunoza**: gutunganya

b) **Kubona izuba**: kuvuka

c) **Guhamura umuti**: gushaka umuti wa kinyarwanda.

d) **Uruhando mpuzamahanga**: ihuriro ry'ibihugu byinshi

e) **Murandasi**: inzira cyangwa umuyoboro w'ikoranabuhanga amakuru anyuramo ava ku bantu bamwe ajya ku bandi

f) **Bwimbitse**: busesenguye cyangwa bucukumbuye

g) **abasheshe akanguhe**: abakuze

h) **Nta byera ngo de**: nta byabaho bidafite inenge na ntoya

i) **Bararurwa**: bahindurwa ibirara

j) **Amakenga**: ubushishozi cyangwa impungenge

**3. Umwitozo**

Umwarimu abwira abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo agafasha abafite ibibazo byihariye, hanyuma bagakosorera hamwe umwitozo, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakayandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**1. Simbuza amagambo atsindagiye impuzanyito zayo zakoreshejwe mu mwandiko kandi wubahirize isanisha rikwiye.**

a) Abazungu **bavuye ahandi bazanye** ikoranabuhanga mu Rwanda, imikorere y'Abanyarwanda irahinduka.

- Abazungu **badukanye** ikoranabuhanga mu Rwanda, imikorere y'Abanyarwanda irahinduka.

b) Ikoranabuhanga rihindura byinshi uko **iminsi ihita indi igataha**.

- Ikoranabuhanga rihindura byinshi uko **bwije n'uko bukeye**

c) **Abasaza** baba bazi ibintu byinshi.

- **Abadutanze kubona izuba** baba bazi ibintu byinshi.

d) Abantu b'**ibyiciro** binyuranye bakoresha ikoranabuhanga.

- Abantu b'**ingeri** zinyuranye bakoresha ikoranabuhanga.

**2. Shaka muri iki kinyatuzu mu merekezo yacyo yose amagambo ikenda afitanye isano n'ikoranabuhanga n'itumanaho yakoreshejwe mu mwandiko "Ikoranabuhanga ryaragikemuye" hanyuma uyandukure.**

| | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| T | E | R | E | F | O | N | E | A | I |
| A | E | C | F | I | R | I | M | I | B |
| W | I | R | A | D | I | Y | O | R | A |
| B | N | I | E | B | M | E | H | I | R |
| O | P | M | N | V | M | W | I | O | U |
| S | U | A | B | G | I | A | K | B | W |
| A | W | Z | A | K | O | Z | U | I | A |
| D | A | O | V | E | J | M | I | E | T |
| U | I | H | E | M | B | E | A | Y | N |
| M | U | R | A | N | D | A | S | I | O |

***Terefoni, mudasobwa, murandasi, iradiyo, tereviziyo, firimi, ibaruwa, ingoma, ihembe.***

## **Isomo rya kabiri:** Gusoma no kumva umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br><br>Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "Ikoranabuhanga ryaragikemuye". |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka

kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni nde wanyibutsa umwandiko duheruka kwiga?**

Umwandiko duheruka kwiga ni «Ikoranabuhanga ryaragikemuye».

**b) Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?**

Wavugaga ku mikorereshereze y' itumanaho n'ikoranabuhanga.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ribiteganya mu ntangiriro rusange 2.6

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa**.

*Ongera usome umwandiko "Ikoranabuhanga ryaragikemuye", usubize ibibazo byawubajijweho.*

Abanyeshuri bajya mu matsinda bagasoma umwandiko, bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Umwarimu atoranya itsinda rimwe, abarigize bakamurika ibyo bakoze, abandi bakurikiye kandi umwarimu abayobora mu kunoza ibyo bamurika. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyo bakoreye mu matsinda no kubinoza babyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**1. Iterambere ritaraza Abanyarwanda bakoreshaga ubuhe buryo?**

Abanyarwanda bo hambere bari bafite ubumenyi bwo kwirwanaho ngo babone ibyo bakeneye nk'umuriro, ibikoresho binyuranye, kwivura indwara n'ibindi. Bashoboraga no gutumanaho bakoresheje uburyo bunyuranye burimo gutuma intumwa, umurishyo w'ingoma cyangwa ihembe.

**2. Abarimu n'abanyeshuri bakoresha bate ikoranabuhanga?**

Ku barimu, ikoranabuhanga rituma babasha gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bijyanye n'amasomo agomba kwigishwa, rikanabafasha guhanahana amakuru hagati yabo. Abarimu kandi baryifashisha bagira ngo bamenye ibigezweho bikenerwa mu mashuri, rikanabafasha kwigisha abanyeshuri benshi mu buryo buboroheye mu gihe gito kandi

batari kumwe.

Ku banyeshuri, ikoranabuhanga ribafasha gukora ubushakashatsi bwimbitse ku nsanganyamatsiko zitandukanye bikababafasha guteza imbere imyigire yabo.

Ikorabuhanga kandi rifasha abanyeshuri gukoresha igihe cyabo neza, nko mu gihe barikoresheje bashakisha kuri murandasi ibisubizo by'imikoro bahawe, kureba amanota bagize mu bizami binyuranye n'ibindi.

3. **Ukurikije ibivugwa mu mwandiko sobanura uko ikoranabuhanga rishobora kwihutisha iterambere.**

Ikoranabuhanga rifite akamaro ko kunoza no kwihutisha serivisi mu nzego zitandukanye z'umurimo no guhanga udushya kandi byose bigakorwa mu gihe gito.

4. **Garagaza igihombo igihugu kigira iyo kidafite ikoranabuhanga.**

Igihugu kidakoresha ikoranabuhanga n'itumanaho ntigishobora gutera imbere kuko abagituye batamenya ibikorerwa ahandi cyangwa ngo bashobore kumenyekanisha ibyo bakora n'ibyiza bigitatse mu ruhando mpuzamahanga.

5. **Muri rusange ni akahe kamaro k'ikoranabuhanga kavugwa mu mwandiko?**

Kunoza imirimo, gusakaza amakuru no gukora ubushakashatsi.

6. **Kubera iki tuvuga ko ikoranabuhanga ari ingenzi mu iterambere?**

Kubera ko rizamura ubukungu bw'igihugu.

## Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Kugaragaza insanganyamatsiko n'ingingo z'ingenzi zigaragara mu mwandiko.<br>- Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byatangwa:**

**a) Vuga umutwe w'umwandiko duheruka kwiga**

Umwandiko duheruka kwiga ni "Ikoranabuhanga ryaragikemuye".

**b) Ibikoresho gakondo bifashishaga mu itumanaho byavuzwe mu mwandiko ni ibihe?**

Harimo gutuma intumwa, umurishyo w'ingoma cyangwa ihembe.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice mu ntangiriro rusange.2.6

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa**.

*Ongera usome umwandiko "Ikoranabuhanga ryaragikemuye!", usubize ibibazo bikurikira.*

Abanyeshuri bajya mu matsinda bagasoma umwandiko, bagasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Umwarimo atoranya itsinda rimwe, abarigize bakamurika ibyo bakoze, abandi bakurikiye kandi umwarimu abayobora mu kunoza ibyo bamurika. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyo bakoreye mu matsinda no kubinoza babyandika mu ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

1. **Sobanura insanganyamatsiko rusange yibanzweho muri uyu mwandiko.**

   Insanganyamatsiko rusange yibanzweho muri uyu mwandiko ni iy'ikoranabuhanga.

2. **Garagaza ingingo z'ingenzi zikubiye muri uyu mwandiko.**

   Ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko:

- Ikoranabuhanga n'itumanaho mu Rwanda rwa kera.
- Akamaro k'ikoranabuhanga muri iki gihe.
- Ibibi byo gukoresha ikoranabuhanga nabi.

3. **Huza ibyo umaze gusoma n'ibyo uhura na byo mu buzima bwawe bwa buri munsi, uvuge n'isomo nyamukuru bigusigiye.**

   Ibyo maze gusoma mu mwandiko ni ibivuga ku kamaro k'ikoranabuhanga mu iterambere kandi rikaba ridufasha kubona ibyo dukeneye mu buzima bwa buri munsi. Isomo nkuyemo ni uko nkwiye gukoresha neza ikoranabuhanga nkibanda ku byangirira akamaro mu rwego rwo kwiteza imbere.

4. **Wagira iyihe nama abanyeshuri n'abantu muri rusange bakoresha**

   **imbuga nkoranyambaga n'ikoranabuhanga ryo kuri murandasi?** Inama nagira abakoresha ikoranabuhanga ni iyo gusura imbuga zifite icyo zungura mu buzima, mu bwenge, mu iterambere. Ni byiza kujya kuri murandasi ugambiriye inyungu zikubakira ubuzima, ziguteza imbere. Abanyeshuri by'umwihariko basure imbuga zo kuri murandasi bagamije gukora ubushakashatsi bwo kubateza imbere mu masomo biga no mu buzima muri rusange. Birinda kwirirwa muri za firimi z'urukozasoni.

## Isomo rya kane: Kungurana ibitekerezo

| **Intego zihariye** |
|---|
| Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusobanura ibiza by'itangazamakuru n'ingaruka ryaryo iyo rikoreshejwe nabi<br>- Kuvugira mu ruhame ashize amanga atanga ibitekerezo bye. |
| Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku ikoranabuhanga. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitozo wo kungurana ibitekerezo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko duheru ka kwiga?**

Ni itumanaho n'ikoranabuhanga mu iterambere.

b) **Ku bwawe wumva akamaro k'ikoranabuhanga ku munye shuri ari akahe?**

- Ikoranabuhanga riha umunyeshuri uburyo bwo kwiga we ubwe ari wenyine.
- Rimuha uburyo bwo gushakashaka no kwivumburira ibisubizo ku bibazo ashobora kuba yibaza.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice mu ntangiriro rusange.2.6

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa**.

*Soma igika gikurikira hanyuma wungurane ibitekerezo na bagenzi bawe.*

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akayagabanya ingingo zo kunguranaho ibitekerezo ziri mu gitabo cy'umunyeshuri. Amatsinda amwe akora ku ngingo imwe, andi agakora ku yindi ngingo.

**Ingingo zo kunguranaho ibitekerezo:**

1. *Itangazamakuru ubusanzwe rifatwa nk'inkingi ikomeye mu kwihutisha iterambere. Nyamara hari n'abavuga ko iyo rikoreshejwe nabi risenya aho kubaka. Garagaza ikoranabuhanga rikoreshwa mu itangazamakuru, uvuge akamaro rifite mu gushimangira iterambere ryihuse ry'Igihugu, unerekane ingaruka zabaho riramutse rikoreshejwe nabi.*
2. *Mwungurane ibitekerezo ku ngaruka ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga bitujuje ubuziranenge byateza ku muryango mugari n'isi muri rusange.*

Umwarimu abaha igihe cyo kuganira kuri izo ngingo nyuma buri tsinda rikamurika umwanzuro ryagezeho nyuma yo kungurana ibitekerezo. Iyo buri tsinda rimaze kumurika umwanzuro waryo, umwarimu afatanya n'abanyeshuri kuwunoza, ukandikwa ku kibaho abanyeshuri bakawandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibyava mu matsinda kuri buri ngingo:**

1. Ikoranabuhanga rikoreshwa mu itangazamakuru harimo radiyo, ubutumwa kuri terefoni, fagisi, tereviziyo, murandasi, ibinyamakuru byandikwa...

Akamaro ni ako kwihutisha amakuru, mu gihe kera kumenya amakuru byagoranaga kuko hakoreshwaga uburyo butuma atinda gukwirakwizwa ndetse no kugera ku bo agenewe.

Iyo itangazamakuru rikoreshejwe nabi rishobora kuyobya abantu bagakora ibibi cyangwa amahano nka jenoside.

2. Abanyeshuri bararondora ibibazo byose byaterwa n'ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga bitujuje ubuziranenge.

## VI.5.2. Ubwoko bw'amagambo

( Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa............)

## Isomo rya gatanu: Amagambo adahinduka

| **Intego zihariye** |
| --- |
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Kurondora amagambo adahinduka no kugaragaza uturango twayo.<br>- Gukoresha amagambo adahinduka mu mvugo no mu nyadiko. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'igitabo k'ikibonezamvugo. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza ikibazo kibutsa abanyeshuri amoko y'amagambo bize kugira ngo kibinjize mu isomo ry'amagambo adahinduka.

**Mu masomo yabanje twabonye ko ubwoko bw'amagambo buri mu byiciro bingahe? Bivuge unabisobanure.**

- Ubwoko bw'amagambo buri mu byiciro bibiri: ikiciro cy'amagambo ahinduka n'ikiciro cy'amagambo adahinduka .

Amagambo ahinduka ni amagambo ashobora kugoragozwa bityo agasesengurwamo uturemajambo dutandukanye. Amagambo adahinduka ni amagambo adashobora kugoragozwa bityo ntabashe gusesengurwamo uturemajambo.

Umwarimu arahera ku bisubizo bitanzwe n'abanyeshuri maze ababwire ko bagiye kureba ubwoko bw'amagambo adahinduka.

### 2. Uko isomo ryigishwa

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda, akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Soma umwandiko ukurikira, witegereze amagambo yanditse atsindagiye, usobanure imiterere yayo. Uhereye ku miterere y'ayo magambo, kora ubushakashatsi utahure inshoza y'amagambo adahinduka ubwoko bwayo, inshoza za buri bwoko kandi utange n'ingero kuri buri bwoko.*

***Umwandiko: Bwenge na Kanyana***

*Bwenge: Ese Kanya, ejo nibwo ya nama y'ishuri izaba cyangwa yimuriwe* ***ejobundi****?*

*Kanyana: Reka* ***da****! Inama yakozwe* ***kera****. Cyokora* ***none*** *habaye ihuriro ry'abanyeshuri bajya impaka* ***ku*** *ikoranabuhanga.* ***Kugira ngo*** *tumenye ibyavugiwemo tuzabigenze dute?*

*Bwenge:* **Yego** *se* ***ma****! Urabona* ***ubu*** *ko twe tujenjetse!* ***Asyi! Buhorobuhoro*** *tuzasobanukirwa!*

*Kanyana: Wowe uzabimenya utinze. Iyo ubonye akanya mbona witendetse kumuhanda wirebera imodoka zigenda burabyo ngo :«****Pyo****!» Waba unyotewe ukirohamo amacupango:*

*«****Guruguru****!», ngo hari n'igihe baguhata inshyi ngo: «****Pya****!» ibiceri wasaguye bikabarara kuri sima ngo: «****Parararara****!» abandi bakitoragurira! Ubwenge buri he?*

*Bwenge:* **Dore re***! Mbese burya ukurikirana ibyange?* ***Yebaba weee****! Reka nkwiyibukirize, mu kanya dufite ibazwa ku ikoranabuhanga!* ***Henga*** *twegere ishuri.*

*Kanyana: Wirondogora,* ***ngwino*** *twinjire* ***ahubwo****!*

**Urugero rw'ikibazo yababaza**

Iyo abanyeshuri bamaze gukorera mu matsinda, bamurika ibyakozwe, umwarimu akababafasha kubinoza hanyuma bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe**

**Inshoza y'amagambo adahinduka**

Amagambo adahinduka ni amagambo adashobora gushakirwa uturemajambo cyangwa ngo agoragozwe.

**Ubwoko bw'amagambo adahinduka**

Ubwoko bw'amagambo adahinduka ni bwinshi. Muri bwo twavuga: umugereka (ingera), icyungo, akamamo, inyigana, indangahantu, irangamutima, ikegeranshinga...

**a) Umugereka (Ingera)**

Umugereka ni ijambo (urujyano rw'amagambo) ubusanzwe ridasesengurwa. Risobanura izina, ntera, inshinga, ikinyanshinga cyangwa undi mugereka. Rivuga uburyo, ahantu, igihe cyangwa inshuro. Mu Kinyarwanda dusangamo amoko ane y'imigereka.

**Umugereka w'uburyo**

**Ingero**: Utunze amashyo menshi **cyane** nagutega amatwi.

Mutoni agenda **buhoro**.

Mutambuke **bucece** mudakanga abanyeshuri bari mu kizamini.

Mwige **neza**.

**Umugereka w'igihe**

**Ingero:**

Wakwize **none** ugifite umwanya uhagije!

Abaziga **ejo** bazitwaze impamba.

Muzubaka ingo zanyu **ryari**?

**Nimugoroba** nimutaha munyure kwa Kanyana.

**Umugereka w'ahantu**

**Ingero:**

Shyira **ejuru** mbone uko nikorera.

Umunyuze **epfo** atayoba.

Umugume **hambavu** atagucika.

Muge muvuga ibintu mutabica **iruhande**.

**Umugereka w'inshuro**

**Ingero:**

Musibye **gatatu** kose mutaboneka mu ishuri.

Yasuye **kenshi** Inzu Ndangamurage y'u Rwanda.

**Ikitonderwa :**

- Umugereka ushobora kugenga isanisha.

**Ingero**

Yararwaye agera **kure ku**bi.

**Kera kabaye** araza.

Mutegure **ejo ha**zaza.

**Buhorobuhoro** bugeza umuhovu ku ruzi.

- Hari abakeka ko imigereka imwe yagoragozwa igihe bitegereje impinduka igira. Ntabwo bishoboka; ahubwo iyo migereka yindi iba yakomotse ku yindi y'umwimerere.

**Ingero**

Ruguru→haruguru

Hasi→munsi

Mbere→hambere

Nyuma→hanyuma, inyuma

Epfo→hepfo

Irya→hirya, hakurya

**b) Inyigana**

Inyigana ni ijambo riremerwa ku myumvikanire y'urusaku rw'ibintu bimwe na bimwe ndetse n'urw'abantu. Rishobora kuremerwa kandi ku migaragarire y'ikintu. Akenshi inyigana iterurwa n'amagambo aremeye ku gicumbi **–ti** cyangwa igaterurwa n'icyungo **«ngo»** mu mikoreshereze yayo isanzwe.

**Inyigana zishingiye ku rusaku**

**Ingero:**

- Inka iti: «**Mbaa**!»
- Ikibwana bakubise kiti: «**Bwe**!»
- Intama iti: «**Maa**!»
- Ihene iti: «**Meee**!»
- Injangwe iti: «**Nyawuuu**!»
- Imbeba iti: «**Jwiii**!»
- Ibuye no mu mazi ngo: «**Dumburi**!»
- Amazi no mu gacuma ngo: «***Dudududu***!»
- Amashyi ngo: « **Kacikacikaci**!»
- Inkono ivuga ku mashyiga ngo: «**Togotogo**!»
- Gahire bamukubise urushyi rurivugiza ngo: «**Pya**!»

**Inyigana zishingiye ku migaragarire**

**Ingero**

- Umurabyo ngo: «**Pya**!»
- Cacana ati: «**Pya**!»
- Umujura amuca mu myanya y'intoki ngo: «**Pyo**!»

**c) Icyungo**

Icyungo ni ijambo (cyangwa urujyano rw'amagambo) ridasesengurwa . Rihuza andi magambo abiri cyangwa inyangingo ebyiri.

**Imiterere y'icyungo**

Icyungo gishobora kugira imiterere itandukanye. Icyungo gishobora kuba ari:

- **Ijambo risanzwe**: na, nka, cyangwa, erega, ngo…
- **Inyumane** : yuko, kuko,
- **Urujyano rw'amagambo**: kugira ngo, icyo bikora (cyakoze, cyokora, cyokoze, icyokoze, na icyakora), kubera ko, n'iyo…

**Ubwoko bw'ibyungo**

Ibyungo biri ukubiri, hari ibyungo ngombwa n'ibyungo ntagombwa.

- **Ibyungo ngombwa**: ni ibiva mu nteruro igahindura ingingo cyangwa ikayitakaza.

**Ingero:**

Agenda **nk**'Abagesera □ Agenda Abagesera.

Barashaka **ko** muvuga □ Barashaka muvuga.

N'ikizamini naragitsinze **nkanswe** umukoro □ N'ikizamini naragitsinze umukoro.

Urayura **boshye** ushonje □ Urayura ushonje.

- **Ibyungo ntagombwa**: ni ibyungo biva mu nteruro ntibihindure ingingo.

**Ingero:**

Ariga ariko ntatsinda. → Ariga ntatsinda.

Turahaguruka maze turiga. → Turahaguruka turiga.

Bagerayo nuko bararyama. → Bagerayo bararyama.

**d) Indangahantu**

Indangahantu ni ijambo ribanziriza irindi rivuga aho umuntu cyangwa ikintu biherereye cyangwa ahabera ikintu iki n'iki. Urwo rujyano rubera inshinga ruhamwa cyangwa icyuzuzo nziguro.

Indangahantu ziboneka mu nteko eshatu: Inteko ya 17: **ku**, inteko ya 18: **mu**, inteko ya 19: **i**. Indangahantu "**ku**" na '**mu**', iyo zikurikiwe n'izina ridafite indomo cyangwa n'ibinyazina bimwe na bimwe (ikinyazina ngenga, ikinyazina nyereka, ikinyazina nyamubaro) zigira impindurantego «muri» na «kuri».

**Ingero**

- Uzamurege **kuri** nyirasenge.
- Ya modoka igeze **kuri** Buranga.
- Impeshyi itangira **muri** Kamena.
- Ni muremure **kuri** we.
- Umwe **muri** twe arasigara.

- Ntimuzagende **muri** ya ndege.
- Uzamuhishire **kuri** wa mutobe.
- Uyu mwitozo urakorerwa **muri** abiri (amakayi).
- Bafashe umwe **muri** barindwi babategeka kwishyura ibyibwe.

**e) Ikegeranshinga**

Ikegeranshinga ni ijambo muri rusange ridahinduka. Rigira inshoza yo gutegeka. Ibyegeranshinga bikunda kugaragara ni ibi: **cyo, cyono, dore, gira, enda, have, hinga/henga, hoshi, mbiswa, mpano na ngo.**

**Ingero**

- **Dore** ibyiza by'ikoranabuhanga!
- **Ishi, ishi** hama hamwe ngukame!
- **Cyono** ngwino nkwihoreze shenge!
- **Mpano** winjyanira imari utanyishyuye!
- **Ngo** tugende twabatindije.

**f) Akamamo**

**Akamamo** ni ijambo ridasesengurwa . Rigirwa n'umugemo umwe. Rigaragira irindi rikariha inyito itangara cyangwa itsindagiriza. Rishobora no guherekeza ikegeranshinga cyangwa irangamutima.

Akamamo kagira inyito yo:

- **Gutangara:**

**Ingero**: Aragarutse **da**! Mbisa nige **ma**! Ngo azagaruka **ra**! Aravunikawe!

- **Kwakura:**

Ingero: Bigarure **ye**! Ntiwumva **ye**!

- **Gutsindagiriza :**

**Ingero**: Mukubite **se**! Bikore **ga**! Andika **ye**!

**Ikitonderwa**

- Akamamo "**da**" gakunda kubwirwa umuntu w'igitsina gabo naho akamamo "**ma**" gakunda kubwirwa umuntu w'igitsina gore.
- Akamamo kajyanye n'ikegeranshinga kagira inyito yo gutangara.

**Ingero** : Mbiswa da ! Dore re!

- Akamamo kajyanye n'irangamutima na ko kagira inyito yo gutangara.

**Ingero: Ayi we! Ayi nya!**

**g) Irangamutima**

Irangamutima ni ijambo ridasesengurwa; rigaragaza uko umuntu amerewe mu mutima; yaba yishimye cyangwa ababaye; yaba ashima cyangwa agaya. Amarangamutima agira inyito zitandukanye.

**Ingero**

| Inyito yo | Interuro |
|---|---|
| Kwemeza | **Yeee**! Mu myigire yange nzakomeza gukorana umurava. |
| Guhakana | **Oya**! Nzaba mbimenya.<br>Ese wumva uzabana n'uriya mukobwa? **Oya**! |
| Gutangara | **Ahahaa**! Yabaho yatsinze Ikinyarwanda!<br>**Yooo**! Niyigendere, agiye tukimukeneye! |
| Kubaza | Uraza cyangwa ntuza nigendere. **Ye**? |
| Kugaya | **Apu**! Ninjyayo bampane!<br>**Asyi**! Umurimo wose akoze ntunshimisha na gato! |
| Gucecekesha | **Shiii**! Dore azanye n'umuyobozi w'ishuri. |
| Kwiruhutsa | **Ahwiii**!/Ahuuu! Reka mpine akagongo.<br>**Ashyiii**! Si nge urose ngeze aha ngaha! |
| Gushima | Ahiii! Izi mpundu ni izanyu bayobozi! |
| Kubabara | **Ararara**! Anteye ibuye muri nyiramivumbi!<br>**Orororooo**! Aransyonyoye Mana yange wee! |
| Gukoomeera | **Yoboboo! (yubububuuu**!) Mbega ubuhemu ugaragaje!<br>**Ahaa**! Uzasya mvome! |
| Kwiheba | **Ayiii**! Icyampa ngo Imana inyibuke mbone icyo nsamura!<br>**Yuuu**! None se mbigenze nte? |
| Kwikanga | **Ayi we**! Intare iramuriye!<br>**Yuuu**! Yari anyibye! |

**3. Umwitozo**

Umwarimu abwira abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiribabiri, gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo agafasha abafite ibibazo byihariye, hanyuma bagakosorera hamwe umwitozo, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakayandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**1. Itegereze interuro zikurikira utahure amagambo adahinduka arimo uvuge n'ubwoko bwayo**

a) Dore da! Wibagiwe ko dukoresha mudasobwa!

- Dore: ikegeranshinga
- da!: akamamo

b) Yavuye kwa muganga buhorobuhoro agera mu rugo.

- Kwa, mu: indangahantu
- Buhorobuhoro: umugereka w'uburyo

c) Ikoranabuhanga rihambaye rikomoka i Bwotamasimbi.

- I: indangahantu

d) Yooo! Wananutse bigeze aho? Ihangane.

- **Yooo**!: irangamutima

**2. Vuga ubwoko bw'amagambo atsindagiye mu nteruro zikurikira.**

a) **Ayinya**!: Waketse **ko** ntazi gukoresha mudasobwa.

- **Ayinya**!: irangamutima
- **ko**: icyungo

b) **Ahaa**!: Umurima wo nawuhinga, ariko nshaka kuzakoresha ya mashini ihinga.

- **Ahaa**! : irangamutima

c) **Reka da**!: Sinzaboneka **ku** munsi w'umuganda.

- **Reka**: ikegeranshinga
- **da**!: akamamo
- **ku**: indangahantu

### VI.5.3. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro ........)

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa gatandatu, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

**Urugero rw'umwitozo n'uko wakosorwa:**

**Hanga umwandiko ugaragaza ibibi n'ibyiza by'ikoranabuhanga. Ukoresheje amagambo adahinduka anyuranye uyagaragaze. Umwandiko wawe nturenze amagambo ijana na mirongo itanu.**

**Uko umukoro ukosorwa**

Umwarimu agenzura ko buri munyeshuri yakoze umukoro, agakosora imyandiko bakoze areba ko bubahirije amabwiriza ajyanye n'ihangamwandiko. Areba kandi ko bubahirije amabwiriza agenga imyandikire y'Ikinyarwanda.

Umwarimu areba kandi ko amagambo abanyeshuri batahuye ari amagambo adahinduka koko, abo asanze bafite ibibazo akabafasha.

## IV.6. Inshamake y'umutwe wa gatandatu

umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa gatandatu bityo bikabafasha gukora inshamake.

**Urugero rw'inshamake yakorwa:**

- Muri uyu mutwe twasesenguye umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko y'ikoranabuhanga n'itumanaho. Twabonye akamaro k'itumanaho n'ikoranabuhanga mu gihe cya kera no kuri ubu. Dushimangira ko dukwiriye gukoresha ikoranabuhanga mu bitubyarira inyungu nko gushaka amakuru yadufasha mu masomo yacu gukoresha ikoranabuhanga twamamaza ibyo dukora tukanarikoresha mu kwihutisha serivisi. Twabonye ko dukwiye kwitwararika ku ikoranabuhanga tukazibukira ibitwangiza biturutse kuri ryo nko kureba amafirime y'urukozasoni n'ibindi byadushora mu ngeso mbi.

  Muri uyu mutwe twabonye kandi amagambo adahinduka arimo imigereka, inyigana, icyungo, indangahantu, ikegeranshinga, akamamo, irangamutima tubona inshoza zayo n'uko akoreshwa mu nteruro

## VI.7 Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa …)

| Ibigenderwaho mu isuzuma ry'umutwe wa gatandatu |
|---|
| Ubushobozi bwo:<br>- Gusoma no gusesengura umwandiko.<br>- Kugaragaza amagambo adahinduka n'imikoreshereze yayo. |

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora isuzuma buri wese ku giti ke. Iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe by'umwihariko.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma:**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Rondora abanyarubuga bagaragara mu mwandiko.**

   Uwineza, ababyeyi be n'umwarimu we.

2. **Gereranya ibivugwa muri uyu mwandiko n'umutwe wawo werekana isano bifitanye.**

   Umutwe w'umwandiko ni yarazikabije kandi koko Uwineza yari afite inzozi zo kuzatwara indege byarangiye azikabije.

3. **Wifashishije umwandiko sobanura uko Uwineza yagaragaje ubutwari.**

   Uwineza yagaragaje ubutwari ubwo yiyemezaga kwigana umuhate agatsinda amasomo ye yose kugera ku ya kaminuza kandi na nyuma yo kurangiza agakora ibikorwa by'indashyikirwa byatumye akabya inzozi ze.

4. **Erekana insanganyamatsiko ikubiye muri uyu mwandiko unayigereranye n'uko bimeze mu Gihugu cyacu muri iki gihe.**

   Muri uyu mwandiko harimo insanganyamatsiko ishingiye ku itumanaho n'ikoranabuhanga. Mu Gihugu cyacu na ho ubu dukoresha ikoranabuhanga. Ni ryo rituma tugera ku iterambere ryihuse kandi ryatumye tugera kuri byinshi.

5. **Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko.**

   Ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko:

- Uburyo Uwineza yumviye uburere n'inyigisho ahabwa n'ababyeyi n'abarezi bikamufasha neza kwiga no gutsinda mu mashuri ye yize.
- Uburyo yifuzaga gutunga indege
- Gukurikira amasomo y'ikoranabuhanga
- Uko yabonye akazi ko gukanika no gutwara indege,
- Uko yageze ku nzozi ze zo gutunga indege ze bwite.

6. **Ni iki washima uwineza?**

   Namushimira umwete we n'umurava mu byo akora.

**II. Ibibazo by'inyunguramagambo**

1. **Sobanura aya magambo ukurikije inyito afite mu mwandiko.**

a) Kuyisukira:kuyigerereza

b) Inyamibwa: ingenzi cyane

c) Arakihanangiriza : aragitsinda ku rwego rwo hejuru

d) Abiva imuzingo: abyiga byose nta cyo asize inyuma

e) Baratengamaye: bafite imibereho myiza cyane

2. **Ubaka interuro iboneye ukoresheje buri jambo muri aya akurikira:**

a) Nk'unywa amazi

b) Agahebuzo

c) Kumuhundagazaho

d) Kubicukumbura

e) Indashyikirwa

Umwarimu areba ko abanyeshuri bakoze interuro zikurikije amategeko y'ikibonezamvugo kandi zumvikana.

**III. Ibibazo by'ikibonezamvugo**

1. Vuga ubwoko bw'amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira!

a) Umva **ra**! Ikoranabuhanga **ryakemuye** ibibazo byinshi **cyane**.

b) **Yew ga**! Rya ryori ryo kwa Ndakaza ryiga ikoranabuhanga!

c) Yewe **da**! Ukunze ikoranabuhanga nta we bitashimisha.

d) Niko se **ma**! Ugira **ngo** urugo rwabo ntirwubatswe n'Imana!

**Ibisubizo:**

a) ra : akamamo    Cyane : umugereka w'uburyo

cyane: umugereka w'uburyo.

b) ga : akamamo

c) da : akamamo

d) ma : akamamo  ngo: icyungo

2. Uzurisha **cyono, buhorobuhoro, i, orororororooo!** mu nteruro zikurikira:

a) …………. ngwino dushyigikirane

**Cyono** ngwino dushyikirane.

b) Atera hejuru ataka ngo: "**…………**"

Atera hejuru ataka ngo: "Orororororooo" !

c) …………. twese tuzahuguka mu by'ikoranabuhanga.

**Buhorobuhoro** twese tuzahuguka mu by'ikoranabuhanga.

d) ……….. Burayi bateye imbere mu ikoranabuhanga.

**I** Burayi bateye imbere mu ikoranabuhanga.

## VI.8 Ibikorwa by'inyongera

### VI.8 .1 Umwitozo nzamurabushobozi

1. Uzurisha amagambo: **muri, kandi, uretse, mu, neza, kugira ngo, nyamara, ngwino, da!,** na <u>**na**</u> mu kiganiro "Mukakanani na Misago" gikurikira:

Mukakanani: Misa, ikoranabuhanga ryakuye abantu **mu** bwigunge ndabyemeye. Ejo numvise nyogokuru avugana **na** Nubahimfura wibera **muri** Amerika.

Misago: Ngaho **da**! Mbese burya nyogokuru afite terefone! **Nyamara** se ntihari abakiri bato batazi iyo iby'amaterefone byerekera.

Mukakanani: **Kugira ngo** urubyiruko rutere imbere rugomba gushishikarira gukoresha ikoranabuhanga. **Uretse** terefone, ababyiruka bose bagomba kumenya gukoresha

za mudasobwa.

Misago: Mbese ko dufite mudasobwa **kandi** tukaba tuzi kuzikoresha n'uburyo bazifata neza waje tugashinga agashyirahamwe ko kuzigisha?

Mukakanani: **Ngwino** se dutangire gutegura uwo mushinga.

### VI. 8. 2 Imyitozo nyagurabushobozi

Uhereye ku bumenyi ufite ku ikoranabuhanga sobanura impamvu rikwiye kwinjizwa mu myigire n'imyigishirize.

Ikoranabuhanga rikwiye kwinjizwa mu myigire n'imyigishirize kugira ngo abarezi n'abarerwa na bo bajyane n'igihe tugezemo.

2. **Vuga ubwoko bw'amagambo ari mu mukara utsindagiye.**

Nkuba ati: "Usanze ndi **mu** byimbo byo kuza kugutirurira imfizi yawe. **Noneho**, ubwo twibonaniye, taha nange ndasiba **none** n'**ejo, ejobundi** nkakugeraho n'inzoga y'ishimwe." Ku wa Kane, Nkuba abwira umugaragu we, ati: "Gira **bwangu**, reba urutete, ushyiremo inzoga iryoshye **rwose**, ushishire neza, ejo tuzazindukira **epfo** iriya **kwa** Gikeri."

**Ibisubizo:**

- **mu**: indangahantu
- **noneho**: icyungo
- **none, ejo, ejobundi**: imigereka y'igihe
- **bwangu**: umugereka w'uburyo
- **rwose**: umugereka wemeza
- **neza** : umugereka w'uburyo
- **epfo**: umugereka w'ahantu
- **kwa**: indangahantu

### VI.8.3 Imyitozo y'inyongera

## Tahura amoko y'amagambo adahinduka hanyuma uvuge ubwoko bwayo:

1. Ngiye kugushyira hasi nduhuke gato.

**Hasi: Umugereka w'ahantu.**

**Gato**: Umugereka w'uburyo.

2 Umukecuru ati: "Orororororoo! Aaa! Ndumva ntonekara umubiri wose! Yuuu" kandi umusonga uraza umusubizo rwose.

**Orororororoo! , Aaa!, Yuuu!**, Ni amarangamutima.

**Umusubizo**: Umugereka w'uburyo.

**Rwose**: Umugereka w'uburyo.

**Kandi**: icyungo.

3. Dore re! Barakicaye pe! Nimuze mutabare ga!".

dore: ikegeranshinga.

**Re!, pe! ga!**: ni utumamo.

4. Mubivuge mubivuye imuzingo, mwoye kubica iruhande.

**Mubivuye imuzingo**: Urwunge rw'amagambo agize umugereka

w'uburyo.

**Iruhande**: Umugereka w'ahantu.

5. Mbisa ma! Nge ndashaka kwitahira. Ngeze mu rugo nkerewe bambaza aho niriwe.

**Mbisa**: ni ikegeranshinga

**ma**! Ni akamamo

mu: indangahantu.

6. Buhorobuhoro ni rwo rugendo.

**buhorobuhoro**: Umugereka w'uburyo.

7. Aragenda uruhogozambyeyi.

**Uruhogozambyeyi**: Umugereka w'uburyo.

8. Twagiye kumva twumva ifirimbi ngo: Firirriii! Ubwo umukinyi wa mbere atera agashoti gato ngo tiku!

ngo: icyungo, ubwo: icyungo

**Firirriii**! na **tiku**!: ni inyigana.

9. Igikeri kiti: "Nyamara natwe nta kintu cyaturusha kwiruka muri iki gihugu, nubwo twiruka mu bishanga."

nyamara: icyungo

**Mu/muri** ni indangahantu

nubwo: icyungo

10. Ikoranabuhanga rero ryatuzaniye byinshi, kuko mu binyejana byahise, nta wari gutekereza ko umuntu azaguruka mu kirere, ndetse akajya no ku kwezi,

**Rero, kuko, ko, ndese, no:** ni ibyungo **mu**, **ku:** indangahantu

## IV.9 Amakuru y'inyongera

andi moko y'amagambo adahinduka:

Impakanyi

**Urugero: nta**

Zimwe mu nshinga nkene/mburabuzi.

**Urugero: ni /si**

# UMUTWE WA 7
# INGARUKA Z'IBIYOBYABWENGE

## VII.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura inkuru ishushanyije agaragaza ingingo z' ingenzi ziyikubiyemo.
- Guhanga inkuru ishushanyije ku nsanganyamatsiko zitandukanye.
- Gusesengura amazina akomoka ku yandi magambo.
- Gukoresha amagambo yabugenewe n'inshoberamahanga.

## VII.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi

- Igisubizo cy'ibiyobyabwenge.
- Ibiyobyabwenge icyo ari cyo n'ingaruka zabyo.
- Amwe mu mazina akomoka ku yandi.
- Ikeshamvugo/imvugo yabugenewe mu rurimi rw'Ikinyarwanda.
- Uburyo bunyuranye bwo gutanga ubutumwa no kugaragaza ibitekerezo bye mu mvugo no munyandiko.

## VII.3. Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragara muri uyu mutwe |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragara mu mashusho y'umwandiko "Ingaruka z'ibiyobyabwenge", igihe ababyeyi bombi bafatanya, baganiriz abana. Igaragara kandi igihe umwarimu yigisha yita ku bitsina byombi. |
| Uburezi budaheza | Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragara igihe umwarimu yigisha yita kuri buri mu nyeshuri wese. |
| Ubuzima bw'imyororokere | Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bisubizo by'ibibazo byo gusesengura umwandiko "Ingaruka z'ibiyobyabwenge" |

| | |
|---|---|
| Umuco w'ubuziranenge | Iyi ngingo iragaragarira mu bibazo byo gusesengura umwandiko " Ingaruka z'ibiyobyabwenge". |
| Umuco w'amahoro | Mu mwandiko"Ingaruka z'ibiyobyabwenge" aho ababyeyi ba Cyuzuzo bamuganiriza mu mahoro bamusaba kureka ibiyobyabwenge badakoresheje inkoni. |

## VII.4. Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

**Urugero rw'igikorwa n'urugero rw'ibisubizo :**

***Ushingiye ku bumenyi ufite garagaza ingaruka z' ibiyobyabwenge n'uburyo wazirwanya.***

Ibiyobyabwenge bigira ingaruka nyinshi:

- Umutungo w'umuntu unywa ibiyobyabwenge ushirira mu biyobyabwenge, umuryango we ugasubira inyuma, abana ntibige, bakarwara indwara ziterwa n'imirire mibi, bakagwingira.
- Umuntu unywa ibiyobyabwenge kandi acika intege ntabashe gukora bityo umuryango n'Igihugu muri rusange ntibitere imbere.
- Abanywa ibiyobyabwenge bashobora kwishora mu ngeso mbi nk'ubusambanyi rimwe na rimwe bukurikirwa n'ingaruka mbi zirimo gutwara inda zitateguwe, kuva mu ishuri, kwirukanwa mu muryango kuri bamwe, ubuzererezi, no kwandura zimwe mu ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.
- Ababaswe n' ibiyobyabwenge bateza umutekano muke mu muryango no mu gihugu.
- Abanywi b'ibiyobyabwenge barwara indwara zitandukanye nk'indwara zo mu mutwe, ibihaha, umwijima...

Uburyo bwo kurwanya izo ngaruka ni ukwirinda kubinywa, ababinywa tukabagira inama yo kubireka, ndetse tugatanga n'amakuru ku nzego zibishinzwe ku babikoresha n'ababicuruza.

## VII.5. Amasomo ari mu mutwe wa karindwi n'igihe agenewe

| **Umutwe wa karindwi: Ingaruka z'ibiyobyabwenge** | **Umubare w'amasomo: 20** | |
|---|---|---|
| **Umwandiko: Ingaruka z'ibiyobyabwenge** | | |
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |
| **Isomo rya mbere**: gusoma no gusobanura umwandiko. | Gusoma umwandiko, gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya kabiri**: gusoma no kumva umwandiko. | Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya gatatu**: gusoma no gusesengura umwandiko | Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya kane**: kungurana ibitekerezo. | Gusesengura insanganyamatsiko zatanzwe no kuzunguranaho ibitekerezo | **Isomo 1** |
| **Inkuru ishushanyije.** | | |
| **Isomo rya gatanu**: Inkuru ishushanyije. | - Gutahura inshoza n'uturango by'inkuru no guhanga inkuru ishushanyije. | **Amasomo 2** |
| Ikomora | | |

| | | |
|---|---|---|
| Isomo rya gatandatu: Ikomorazina mvazina | - Gusesengura amazina akomoka ku yandi mazina agaragaza intego yayo n'amategeko y'igenamajwi. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya karindwi**: Ikomorazina mvanshinga | - Gusesengura amazina akomoka ku nshinga no ku bundi bwoko bw'amagambo agaragaza intego yayo n'amategeko y'igenamajwi. | **Amasomo 2** |
| **Ikeshamvugo** | | |
| **Isomo rya munani**: Ikeshamvugo | Gukoresha neza imvugo iboneye mu mvugo no mu nyandiko. | **Amasomo 2** |
| **Inshoberamahanga** | | |
| **Isomo rya kenda** : Inshoberamahanga | Gusobanura no gukoresha neza inshoberamahanga mu mvugo no mu nyandiko. | **Amasomo 3** |
| **Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri** | | **Isomo 1** |
| **Isuzuma risoza umutwe** | | **Amasomo 3** |

### VII.5. 1. Umwandiko: Ingaruka z'ibiyobyabwenge

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ……..)

## Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma umwandiko yubahiriza isesekaza rikwiye<br>- Gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. |

**Imfashanyigisho**: igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo.

**1. Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri ajyanye n'umwandiko "Ingaruka z'ibiyobyabwenge" akayababazaho ibibazo bituma bavumbura inkuru bagiye gusoma.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni bande bagaruka kenshi ku mashusho y'umwandiko "Ingaruka z'ibiyobyabwenge"?**

Abagaruka kenshi ku mashusho ni urubyiruko rugizwe n'abahungu babiri n'umukobwa umwe uba uri kumwe n'abo bahungu.

**b) Murabona urwo rubyiruko ruhuriye ku ki?**

Turabona urwo rubyiruko ruhuriye ku kunywa ibiyobyabwenge.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko uvuga ku biyobyabwenge.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu ntangiriro rusange 2.6

Saba abanyeshuri gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Soma umwandiko "Ingaruka z' ibiyobyabwenge", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinonosora bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'amagambo ashobora gusobanurwa:**

a) **Ibiyobyabwenge**: ni ibintu byose ushobora kunywa, kurya, guhumeka cyangwa kwitera mu mubiri bikaba byahindura imikorere y'umubiri bikawangiza kandi bigatera indwara. Mu yandi magambo, ibiyobyabwenge, ni ibintu byose byinjizwa mu mubiri w'umuntu hakoreshejwe uburyo butandukanye, bigahindura imikorere y'ubwonko n'imyanya y'ibyiyumviro ntikore

neza, bigatuma umuntu ahindura imyifatire mu buryo budahwitse

b) Anyihunza: agenda amva iruhande, agenda yigirayo.

c) **Umuviye**: ijambo ryo mu mvugo nyandagazi rikomoka ku rurimi rw'igifaransa risobanura umuntu ukuze, umusaza.

d) **Ako ku mugongo w'ingona**: urumogi cyangwa kanabisi.

e) **Umutware**: umuyobozi cyangwa ukuriye abandi mu muryango cyangwa mu buyobozi runaka.

f) **Wana**: ijambo ryo mu mvugo nyandagazi rifite inyito ya shahu.

g) **Icyomanzi**: izina baha umuntu w'urubyiruko ugenda araraguzwa cyangwa wigize inzererezi kandi akaba afite imyitwarire ikemangwa.

h) **Bakanirwe urubakwiye**: bahabwe igihano kingana n'uburemere bw'ibibi bakoze.

i) **Uburoko**: ahantu bafungira abantu, gereza, muri kasho.

j) **Amaniga:** Ni imvugo nyandagazi isobanura bagenzi bawe, urungano.

**3. Umwitozo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri buri wese ku giti ke hanyuma bagakosorera hamwe umwitozo, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakayandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**Koresha amagambo akurikira mu nteruro wihimbiye:**

**a) Kwihunza**

Nimugoroba nahuye na Kagabo aranyihunza kuko yasanga n'uwasinze.

**b) Uburoko**

Sekidende bamufatanye ibiyobyabwenge none bamujyanye mu buroko.

**c) Gukeka**

Myasiro arimo gukeka ko indwara arwaye yayitewe no kunywa

urumogi.

**d) Icyaka**

Mu Mpeshyi abantu benshi bagira icyaka bakanywa amazi menshi.

**e) Gushoberwa**

Kizungu yashatse amafaranga ye arayabura none yashobewe.

**f) Icyomanzi**

Ntabyera yabaye icyomanzi yirirwa azerera mu nzira nta cyo akora iwabo.

## Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br><br>Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Ni nde wanyibutsa umwandiko duheruka kwiga?**

Umwandiko duheruka kwiga ni "Ingaruka z'ibiyobyabwenge"

**b) Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?**

Uwo mwandiko wavugaga ku rubyiruko rwishoye mu biyobyabwenge bikaruviramo kujyanwa muri gereza.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu ntangiriro rusange kuri 2.6

Saba abanyeshuri gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Ongera usome umwandiko "Ingaruka z' ibiyobyabwenge", usubize ibibazo*

*byawubajijweho.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinoza bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe**

**a) Ni ibihe biyobyabwenge byavuzweho cyane muri uyu mwandiko?**

Ibiyobyabwenge byavuzweho muri iyi nkuru ni: itabi, urumogi n'inzoga z'inkorano.

**b) Ni bande bishoye mu biyobyabwenge bavuzwe mu mwandiko?**

Abishoye mu biyobyabwenge ni Cyuzuzo, Gatete na Cyurinyana.

**c) Ni izihe mpamvu zitera urubyiruko kwishora mu biyobyabwenge zivugwa mu mwandiko?**

Impamvu zitera urubyiruko kwishora mu biyobyabwenge ni uko rwibeshya ko ibiyobyabwenge bigabanya umunaniro byongera ingufu, kuba ababyeyi batita ku bana babo n`ibindi.

**d) Ni izihe ngaruka zo kunywa ibiyobyabwenge zivugwa mu mwandiko?**

Ingaruka zo kunywa ibiyobyabwenge ni: kunanira ababyeyi, kugira uburara n'urugomo, gutsindwa mu ishuri cyangwa guta ishuri n'ibindi.

**e) Ni iki umuyobozi w'umudugudu asaba ababyeyi gukora kugira ngo abana babo bareke kwishora mu biyobyambwenge?**

Umuyobozi w'umudugudu asaba ababyeyi kuganiriza abana babo ku ngaruka z'ibiyobyabwenge.

Uretse kunywa ibiyobyabwenge, ni bihe bikorwa bindi bibi urubyiruko ruvugwa muri uyu mwandiko rwishoye mu bikorwa byo kwambura

abagenzi utwabo.

## Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe.<br>- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo byabazwa**

a) **Ni irihe somo duheruka kwiga?** Mu isomo duheruka kwiga twasomye umwandiko"Ingaruka z'ibiyobyabwenge **".**

b) **Ni izihe ngaruka zo kuba Cyuzuzo n'inshuti ze Gatete na Cyurinyana baranywaga ibiyobyabwenge?**

- Ingaruka ni ukwambura abagenzi utwabo.
- Guta ishuri
- Kujyanwa muri gereza

2. **Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akayagabanya ibibazo. Amatsinda amwe asubiza ibibazo bimwe ayandi ibindi maze akayagenera umwanya wo kubitegura no kuza kubimurika. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe :**

a) **Erekana ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko "Ingaruka z'ibiyobyabwenge".**

Ingingo z'ingenzi zigaragara muri uyu mwandiko ni:

- Cyuzuzo, Gatete na Cyurinyana barihereraga bakanywa ibiyobyabwenge

- Byabaviriyemo kureka ishuri
- Batangiye kwambura abaturage amafaranga , bakaniba ababyeyi babo
- Cyuzuzo ababyeyi be bamugiriye inama ntiyumva
- Baje gutabwa muri yombi bajyanwa muri gereza

**b) Usibye ibiyobyabwenge byavuzwe mu mumwandiko, vuga ibindi wumva bivugwa aho mutuye.**

Kanyanga, rwiziringa, Kokayine (Cocaine), inzoga z'inkorano (urugero: bareteta, muriture, akayuki, nyirantare, magwingi, , tunuri, karutare, … mukubitumwice, igikamba….), Mugo, Core, lisansi …

**c) Wowe umaze gusoma iyi nkuru ishushanyije, ukumva ingaruka n'akaga biterwa no kunywa ibiyobyabwenge, ufashe uwuhe mugambi?**

Umwanzuro ni uwo kutazageregeza kunywa ibiyobyabwenge ibyo ari byo byose , gukangurira abandi kubyirinda,no gutanga amakuru ku nzego z'umutekano.

**d) Sobanura uko icuruzwa n'inyobwa ry'ibiyobyabwenge bishobora kudindiza iterambere.**

Icuruzwa n'inyobwa ry'ibiyobyabwenge rishobora kudindiza iterambere kuko:

- Abacuruzi n'abanywi babyo bakurikiranywa mu butabera, bagafungwa, bityo imiryango yabo ikagira ibibazo by'ubukene.
- Ababicuruza banyereza imisoro y'Igihugu bityo ntigitere imbere.
- Ababinywa ntibakora bityo Igihugu kikaba gifite umuzigo wo kubatunga badakora, kandi imiryango yabo igahoramo amakimbirane, ibyo bigatuma idatera imbere.
- Urubyiruko rurangirika kandi ari rwo mbaraga z'Igihugu.

**e) Ibyinshi mu biyobyabwenge ni ibinyobwa biba bitujuje ubuziranenge. Hakorwa iki kugira ngo ubinywa asobanukirwe ibijyanye n'ubuziranenge?**

- Icyakorwa ni uko umwarimu n'ababyeyi bajya baganiriza kenshi abana n'abanyeshuri by'umwihariko ibijyanye n'ubuziranenge.
- Abakozi b'Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Ubuziranenge bakwiye kujya

bafata umwanya wo kuzenguruka mu mashuri babasobanurira ibijyanye n'ibinyobwa n'ibiribwa byujuje n'ibitujuje ubuziranenge.

**f) Muri iki gihe ni izihe ngamba zirambye Leta y'u Rwanda yafashe zo kurwanya ibiyobyabwenge?**

- Gukomeza ubufatanye hagati y'inzego.
- Gushyiraho gahunda yo gukangurira urubyiruko kurwanya no kwirinda ibiyobyabwenge.
- Gukumira no kurwanya ihingwa cyangwa icuruzwa ry'ibiyobyabwengenge.
- Gukomeza kurwanya uburaya, ubuzererezi n'ubwomanzi mu migi.
- Gukomeza ibihano bisanzwe biteganywa n'amategeko.

**g) Abantu bahamya ko ikoreshwa ry'ibiyobwenge rigira ingaruka ku buzima bw'imyororokere. Garagaza ibitekerezo byawe kuri iyi ngingo utanga ingero zo mu buzima busanzwe ku bashakanye no ku ngaragu.**

Ibiyobyabwenge bitera abantu kudashyira ubwenge ku murongo urubyiruko rukaba rwakwishora mu busambanyi ndetse hakanavuka inda z'indaro ku bwinshi. Abashakanye babinyoye na bo bakaba batakumvikana ku buryo bwo kuboneza urubyaro cyangwa hakavamo abafata ku ngufu abo bahuye na bo mu nzira.

## Isomo rya kane: Kungurana ibitekerezo

| **Intego zihariye** |
|---|
| Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gutanga ibitekerezo mu bwubahane ku nsanganyamatsiko yahawe no kuvugira mu ruhame ashize amanga. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitozo wo kungurana ibitekerezo

**Urugero rw'ibibazo**

**a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko duheruka kwiga?**

Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko duheruka kwiga ni ububi n'ingaruka by'ibiyobyabwenge.

**b) Vuga nibura abanyarubuga batatu bavugwagamo? Havugwagamo**

Abanyarubuga bavugwamo ni Cyuzuzo, Gatete Cyurinyana, Nyirarukundo, Mukamana, umuporisi...

**c) Iyo nkuru irangira ite? Irangira abaporisi bafunze abanywaga ibiyobyabwenge.**

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice mu ntangiriro rusange kuri .2.6

Saba abanyeshuri gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Gereranya ibikorwa by' abavugwa mu nkuru n' ibikorwa byo mu buzima busanzwe bwa buri munsi aho utuye.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyo bunguranyeho ibitekerezo mu matsinda yabo, bafatanya n'umwarimu maze bagatanga umwanzuro ku nsanganyamatsiko bunguranyeho ibitekerezo.

**Urugero rw' insanganyamatsiko n'urugero rw'umwanzuro:**

***Ibikorwa by' abavugwa mu nkuru n'ibikorwa byo mu buzima busanzwe bwa buri munsi.***

- Abavugwa mu nkuru ni urubyiruko rwishoye mu biyobyabwenge birangira rufashwe n'abaporisi rurahanwa. Mu buzima busanzwe, iyo hagaragaye umuntu uwo ari we wese unywa cyangwa akoresha ibiyobyabwenge, arafatwa agashyikirizwa ubutabera, agacirwa urubanza agahanwa.
- Mu nkuru, abakoresha ibiyobyabwenge bagaragaye ari uko umuturage ahamagaye porisi akayereka aho bari. Mu buzima busanzwe hamaganywa ibiyobyabwenge kuko iyo hagaragaye ababikoresha ubabonye atungira agatoki porisi ikabafata ikabashyikiriza ubutabera.

Ni ngombwa kwamagana no kurwanya abanywa n'abacuruza ibiyobyabwenge dutungira agatoki inzego z'umutekano aho tubabonye

hose.

**VII.5. 2. Inkuru ishushanyije**

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ……..)

## Isomo ryagatanu : Inkuru ishushanyije

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gutahura inshoza n'uturango by'inkuru ishushanyije.<br>- Guhimba inkuru ishushanyije |
| **Imfashanyigisho**: igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkuru zishushanyije zinyuranye. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko « Ingaruka z'ibiyobyabwenge » kugira ngo bibinjize mu isomo rishya

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Ni mwandiko duheruka kwiga?**

Umwandiko duheruka kwiga ni «Ingaruka z'ibiyobyabwenge».

**b) Ni iki ubona kidasanzwe mu miterere y'uwo mwandiko?**

Uwo mwandiko ugizwe n'amagambo aherekejwe n'amashusho.

**c) Inkuru iteye ityo yitwa ngo iki?**

Inkuru iteye ityo yitwa inkuru ishushanyije.

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abanyeshuri akababwira ko bagiye kwiga inkuru ishushanyije.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora igikorwa gikurikira kiri mu gitabo cy'umunyeshuri:

**Igikorwa:**

*Ongera usome umwandiko: "Ingaruka z'ibiyobyabwenge", witegereza imiterere yawo maze ukore ubushakashatsi utahura inshoza n'uturango by'inkuru ishushanyije.*

Mu gihe abanyeshuri bari mu matsinda umwarimu agenda areba abafite ibibazo akabunganira. Iyo igihe yabahaye kirangiye, asaba itsinda rimwe kumurika ibyo ryakoze andi matsinda akurikiye kandi afataya n'umwarimu kubikorera ubugororangingo maze abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibyavuye mu matsinda byanogejwe:**

**a) Inshoza y'inkuru ishushanyije**

Inkuru ishushanyije ni inkuru iteye nk'ikiganiro aho abantu babiri cyangwa benshi baganira bungurana ibitekerezo, bajya impaka. Bene izi nkuru zishushanyije zibangikanya amagambo n'amashusho y'abanyarubuga. Amagambo avugwa ashyirwa mu tuziga dufite uturizo dufite ikerekezo cy'aho umunyarubuga uyavuga aherereye.

Bigaragara neza ko inkuru ishushanyije idashyirwa mu bika ahubwo amashusho y'abakinankuru n'amagambo bavuga bishyirwa mu tudirishya tugenda dutondekwa bahereye ibumoso bajya iburyo. Inkuru ishushanyije itera amatsiko ashingiye ku ibangikana ry'amagambo n'amashusho. Umukinankuru iyo agaragaza imbamutima ze, amashusho arabigaragaza. Amagambo iteka aba afitanye isano ishodekanye neza n'ikivugwa.

**b) Uturango tw'inkuru ishushanyije**

Inkuru ishushanyije irangwa n'ibi bikurikira:

- **Umurambararo**: uruhererekane rutambitse rw'amashusho.
- **Igipande**: urupapuro rwose rugizwe n'imirambararo.
- **Urukiramende**: umwanya wanditsemo ibisobanuro bitangwa n'umubarankuru. Ibyo bisobanuro byitwa imvugo ngobe.
- **Agatoki**: ni agashushanyo gasongoye gahuza amagambo n'uyavuga.
- **Akazu**: ni umwanya w'ishusho utangiwe n'idirishya.
- **Idirishya**: imbibi z'ishusho cyangwa z'akazu.
- **Uruvugiro**: ni umwanya urimo ikiganiro cy'abanyarubuga.
- **Akarangandoto**: ni akarongo kagizwe n'utudomo kerekera ku muntu kagaragaza ibyo arota cyangwa atekereza.
- **Imvugondoto**: ni amagambo umuntu ashobora gusoma ku gipande aranga icyo umunyarubuga atekereza cyangwa se aranga umwivugisho w'umunyarubuga.

- **Agakino**: ni uruhererekane rw'amashusho ari mu muteguro umwe. Ni ukuvuga abanyarubuga bamwe hatagize usohokamo cyangwa undi winjiramo.
- **Abanyarubuga**:ni umuntu, ikintu cyangwa inyamaswa bifite icyo bikora mu nkuru.

3. **Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cyabo nk'umukoro, akabasaba kuwukorerera mu matsinda ya babiribabiri.

***Urugero rw'umwitozo:***

***Hanga inkuru ishushanyije yujuje ibisabwa byose ku nsanganyamatsiko wihitiyemo.***

Umwarimu abaha igihe cyo guhanga inkuru ishushanyije bakazagaruka mu ishuri undi munsi bayirangije. Umwarimu akazakusanya ibihangano byose akabikosora hanyuma akazabwira buri itsinda ibyo ryakoze neza n'ibyo ritakoze neza.

### VII.5. 3. Ikomora

## Isomo rya gatandatu: Ikomora (ikomorazina)

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ……..)

A. Ikomorazina mvazina

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora<br>- Gutahura inshoza y'ikomora muri rusange, iyikomorazina n'uburyo bunyuranye bw'ikomorazina.<br>- Gusobanura ikomorazina mvazina n'inzira zinyuranye rikoresha.<br>- Gusesengura amazina akomoka ku yandi agaragaza intego yayo n'amategeko y'igenamajwi. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibitabo by'ikibonezamvugo. |

1. **Intangiriro**

Mbere y'uko isomo ritangira umwarimu akusanya inkuru zishushanyije

abanyeshuri bakoze kugira ngo azazikosore.

Nyuma yo gufata ibihangano by'abanyeshuri, umwarimu yandika ku kibaho interuro, agasaba abanyeshuri kuzisoma no kwitegereza amagambo y'umukara utsindagiye maze bagasubiza ibibazo bizikurikiye.

**Urugero rw'interuro:**

- U **Rwanda** rutuwe n'**Abanyarwanda** ndetsen'abanyamahanga.
- **Gafaranga** afite **amafaranga** menshi.
- Basaruye **ibigori** hasigara **ibigorigori**.

**a) Amagambo abirabiri ari mu nteruro afitanye iy'ihe sano?**

Amagambo abirabiri ari mu nteruro rimwe rikomoka ku rindi.

**b) Ijambo ryakomotse ku rindi ni irihe muri buri nteruro?**

- Abanyarwanda ni izina rusange ryakomotse ku Rwanda.
- Gafaranga ni izina bwite ryakomotse ku izina rusange Amafaranga.
- Ibigorigori ni izina rusange rifite igicumbi kisubiramo ryakomotse ku izina rusange ibigori

**Urugero:**

Aya magambo atsindagiye ateye ate?

Ijambo **Abanyarwanda** ryakomotse ku **Rwanda**

rimwe rikomoka ku rindi akababaza imiterere yayo.

Umwarimu ahera kuu bisubizo abanyeshuri batanze akababwira ko bagiye kwiga ikomora ariko ko baribanda ku ikomorazina mvazina muri iri somo.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice mu ntangiriro rusange kuri 2.6

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda, maze akabasaba gukora igikorwa gikurikira kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Soma interuro zikurikira witegereza imiterere y'amagambo y' umukara tsiri. Uhereye ku miterere n'inkomoko y'ayo magambo, kora ubushakashatsi utahure inshoza y'ikomora, inzira zikoreshwa mu*

*ikomora n'inshoza yazo, hanyuma ugaragaze intego y'amagambo avuka bitewe n'ikomorazina mvazina.*

- **Umukozi** mwiza ashimisha **umukoresha** we.
- **Umunyarwanda** mwiza atungira **agatoki** abashinzwe **umutekano** aho abonye **ibiyobyabwenge.**
- **Amashusho** akoreshwa mu **biganiro** ku bubi bw' ibiyobyabwenge afasha ababiteze amatwi gusobanukirwa.
- **Ibigorigori** babigaburira amatungo.

Iyo igihe cyo gukora icyo gikorwa kirangiye, umwarimu asaba itsinda rimwe rikageza ku bandi ibyo ryakoze abandi bakurikiye afatanya na bo kubinoza, ibinogejwe bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**Inshoza y'ikomora**

Ikomora ni uburyo ijambo rishobora kuva ku bundi bwoko bw' ijambo hakoreshejwe inzira zinyuranye. Inshinga zishobora gukomokwaho n'inshinga hifashishijwe ingereka ari byo bita ikomoranshinga.

Zishobora no gukomokwaho n'amazina cyangwa amazina agakomokwaho n' andi mazina ari byo bita **ikomorazina**

**Ikomorazina**

Ikomorazina ni uburyo bwo gukomora amazina ku mazina cyangwa gukomora amazina ku nshinga. Ibi bituma habaho uburyo bubiri bw' ikomorazina ari bwo ikimorazina mvazina n'**ikomorazina mvanshinga.**

**a) Inshoza y'ikomorazina mvazina**

**Ikomorazina mvazina** ni uburyo (igikorwa) bwo kurema amazina mashya uhereye ku yandi mazina.

**Ingero**

| Izina | Izina rishya |
|---|---|
| Rwanda | Abanyarwanda |
| Amaguru | Abanyamaguru |
| Intobo | Umutobotobo |

| | |
|---|---|
| Umwami | Umwamikazi |
| Ishuri | Umunyeshuri |
| Itaka | Igitaka, igitakazi |
| Izuba | Ikizubazuba |
| Ipikipiki | Amapikipiki |
| Imodoka | Amamodoka |

**b) Inzira z'ikomorazina mvazina**

Habaho **inzira** zitandukanye zo **gukomora** amazina ku yandi. Iyo izina ryakomotse ku rindi bigira icyo bihindura ku nyito yaryo ugereranyije n'iy'izina ryaribyaye; cyokora izo nyito zombi zikomeza kugirana isano.

Dore zimwe mu nzira z'ikomorazina mvazina zikunze kugaragara:

- **Isubiramo ry'igicumbi k'izina**

**Ingero**

| Izina | Izina rishya |
|---|---|
| Umuhoko (-hoko) | Umuhokohoko (-hoko-hoko) |
| Intama (-tama) | Amatamatama (-tama-tama |
| Igicucu (-cucu) | Igicucucucu (-cucu-cucu) |

**c) Ihindura ry'inteko y'ijambo**

**Ingero**

| Izina | Izina rishya |
|---|---|
| Imodoka | Amamodoka/akamodoka |
| Igare | Amagare |
| Igiti | Ibiti/uduti |

- **Iyongera ry'akabimbura"nya na nyira" mu izina ryari risanzwe**

**Ingero**

| Izina | Izina rishya |
|---|---|
| Amaguru | Umunyamaguru |
| Amakuru | Umunyamakuru |
| Ishuri | Umunyeshuri |
| Imana | Nyiramana |

- **Ihindura ry'izina rusange mo izina bwite**

**Ingero**

| Izina | Izina rishya |
|---|---|
| Amahoro | Mahoro |
| Umugabo | Mugabo |
| Amafaranga | Gafaranga |
| Urumiya | Rumiya |

- **Izina ryitirira cyangwa rigaragaza isano hagati y'ibintu bibiri**

**Ingero**

| Izina | Izina rishya |
|---|---|
| Ururimi | Uburimi (Umuntu uvuga inyuguti z'ururimi nabi) |
| Inyamaswa | Ubunyamaswa |
| Umukire | Ubukire |

- **Ikoreshwa ry'umusuma ku izina risanzwe**

**Ingero**

| Izina | Izina rishya |
|---|---|
| Umwami | Umwamikazi (umusuma –kazi) |
| Ibitaka | Ibitakazi (umusuma –azi) |

**3. Intego y'amazina akomoka ku ikomorazina mvazina**

Amazina akomoka ku ikomorazina mvazina agira intego nk'iy'izina mbonera cyangwa se izina ry'urusobe bitewe n'imiremere yayo.

**Ingero**

| Izina | Intego | Itegeko ry'igenamajwi |
|---|---|---|
| Agaseke | a-ka-seke | k→g /-GR |
| Uducumucumu | u-tu-cum-u-cum-u | t→d /-GR |
| Abanyamakuru | a-ba-nya- **ø** –ma-kuru | Nta tegeko. |
| Nyiramana | nyira- **ø** - **ø**–mana | Nta tegeko. |

3. **Imyitozo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'umyitozo n'ibisubizo:**

1. **Tahura amazina ashingiye ku ikomorazina mvazina mu mwandiko ukurikira nurangiza ugaragaze intego yayo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe mu mpine.**

**Umwandiko:Nyiraneza kwa nyirakuru**

Hari mu kiruhuko k'igihembwe cya kabiri ubwo Nyiraneza yafatataga uruzinduko yerekeza kwa nyirakuru. Yasanze bari bamukumbuye sekuru na nyirakuru bamuhoberana urugwiro rwinshi ari na ko bamwitegereza cyane kubera ko amaso yabo yari atangiye kuzamo ibikezikezi. Ntibanamuherukaga; ntiyabasuraga kenshi kuko yari umunyeshuri.

Amaze kurya yegereye ikiraro cy'amatungo, nuko abona yashonje, yiyemeza gufata umufuka akajya kuyashakira utwatsi. Ageze mu gisambu cyo kwa sekuru yabonyemo ibihuru birimo ibyatsi n'ibiti binyuranye: ibishurushuru, imitobotobo, ibinetenete n'ibindi. Akomeza kwahira vuba kugira ngo age kuramira amatungo. Uko yahiraga ubwatsi yagendaga abona igicucu ke imbere ye bituma yubura amaso areba hejuru abona ikizubazuba mu kirerere, amenya ko bwakeye nuko arataha. Ageze mu rugo, asobanuza neza amazina y'ibimera atari azi. Nyiraneza yaboneyeho ababaza n'andi magambo yamuteraga amatsiko nk'amashunushunu, amatamatama n'ibindi bitandukanye.

**Ibisubizo:**

| Amazina | Intego | Amategeko |
|---|---|---|
| Nyirakuru: nyira- | nyira-ø-kuru | Nta tegeko. |
| Nyiraneza: nyira: | nyira-ø-ø-neza | Nta tegeko. |
| Imitobotobo | i-mi-tobo-tobo | Nta tegeko. |
| Ibinetenete | i-bi-nete-nete | Nta tegeko. |
| Igicucucucu | i-ki-cucu-cucu | Nta tegeko. |
| Ibishurushuru | i-bi-shuru-shuru | Nta tegeko. |
| Ikizubazuba | i-ki-zuba-zuba | Nta tegeko. |
| Amashunushunu | a-ma-shunu-shunu | Nta tegeko. |
| Amatamatama | a-ma-tama-tama | Nta tegeko. |

2. **Wifashishije inzira eshanu z'ikomorazina mvazina, tanga ingero z'interuro eshanu zirimo amazina akomoka kuri iryo komorazina.**

Umwarimu areba niba interuro zatanzwe ziboneye kandi zigaragaramo amazina yo mu ikomorazina mvazina.

## Isomo rya karindwi: Ikomorazina mvanshinga

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gutahura inshoza y'ikomorazina mvanshinga.<br>- Gusobanura inzira zinyuranye z'ikomorazina mvanshinga.<br>- Gusesengura amazina akomoka ku nshinga agaragaza intego yayo n'amategeko y'igenamajwi. |
| **Imfashanyigisho**:igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibitabobo by'ikibonezamvugo |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa ibyizwe mu isomo riheruka.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Ni irihe somo duheruka kwiga?**

Ni ikomorazina twibanda ku ikomorazina mvazina.

**b) Ikomorazina ririmo ibyiciro bingahe?**

Ibyiciro bibri ikomorazina mvazina n'ikomorazina mvanshinga.

Umwarimu abwire abanyeshuri ko bagiye gukomereza ku ikomorazina mvanshinga.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda, maze akabasaba gukora igikorwa gikurikira kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Mwitegereze amagambo y' umukara tsiri ari muri izi interuro zikurikira, mugire icyo muyavugaho muhereye ku miterere n' inkomoko yayo. Muhereye ku miterere n'inkomoko yayo, nimutahure inshoza y'ikomorazina mvanshinga, inzira zikoreshwa mu ikomorazina mvanshinga, hanyuma mugaragaze intego y'amagambo avuka bitewe n'ikomorazina mvanshinga.*

- **Umuhinzi** ukurikiza gahunda ya Leta ntarara **ihinga**
- Ku kigo cyacu hari **abakozi** benshi bashyira hamwe mu kurwanya ibiyobyabwenge.
- **Abahigi** bane bazindukiye mu **muhigo**

Iyo igihe cyo gukora icyo gikorwa kirangiye, umwarimu asaba itsinda rimwe rikageza ku bandi ibyo ryakoze abandi bakurikiye afatanya na bo kubinoza, ibinogejwe bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri na bo bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe :**

a) **Inshoza y'ikomora n'ikomorazina**

**a) Ikomora**

Ikomora ni uburyo ijambo rishobora kuva ku bundi bwoko bw' ijambo hakoreshejwe inzira zinyuranye. Inshinga zishobora gukomokwaho n' inshinga hifashishijwe imigereka aribyo bita **ikomoranshinga.** Zishobora no gukomokwaho n' amazina cyangwa amazina agakomokwaho n' andi mazina aribyo bita **ikomorazina.** Muri iki gice turibanda ku ikomorazina.

**b) Ikomorazina**

Ikomorazina ni uburyo bwo gukomora amazina ku yandi mazina, gukomora amazina ku nshinga cyangwa ku bundi bwoko bw'amagambo. Ibi bituma habaho uburyo bubiri bw' ikomorazina aribwo **ikomorazina**

**mvazina** n' **ikomorazina mvanshinga.**

**2. Ikomorazina mvazina**

**a) Inshoza y'ikomorazina mvazina**

Ikomorazina mvazinani uburyo/igikorwa bwo kurema amazina mashya uhereye ku yandi mazina.

**Ingero**

| Izina | Izina rishya |
|---|---|
| Rwanda | Abanyarwanda |
| Amaguru | Abanyamaguru |
| Intobo | Umutobotobo |
| Umwami | Umwamikazi |
| Ishuri | Umunyeshuri |
| Itaka | Igitaka, igitakazi |
| Izuba | Ikizubazuba |
| Ipikipiki | Amapikipiki |
| Imodoka | Amamodoka |

**b) Inzira z'ikomorazina mvazina**

Habaho **inzira** zitandukanye zo **gukomora** amazina ku yandi. Iyo izina ryakomotse ku rindi bigira icyo bihindura ku nyito yaryo ugereranyije n'iy'izina ryaribyaye; cyokora izo nyito zombi zikomeza kugirana isano.

Dore zimwe mu nzira z'ikomorazina mvazina zikunze kugaragara:

- **Isubiramo ry'igicumbi k'izina**

**Ingero**

| Izina | Izina rishya |
|---|---|
| Umuhoko (-hoko) | Umuhokohoko (-hoko-hoko) |
| Intama (-tama) | Amatamatama (-tama-tama |

| | |
|---|---|
| Igicucu (-cucu) | Igicucucucu (-cucu-cucu) |

c) **Ihindura ry'inteko y'ijambo**

**Ingero**

| Izina | Izina rishya |
|---|---|
| Imodoka | Amamodoka/akamodoka |
| Igare | Amagare |
| Igiti | Ibiti/uduti |

- **Iyongera ry'akabimbura"nya na nyira" mu izina ryari risanzwe**

**Ingero**

| Izina | Izina rishya |
|---|---|
| Amaguru | Umunyamaguru |
| Amakuru | Umunyamakuru |
| Ishuri | Umunyeshuri |
| Imana | Nyiramana |

- **Ihindura ry'izina rusange mo izina bwite**

**Ingero**

| Izina | Izina rishya |
|---|---|
| Amahoro | Mahoro |
| Umugabo | Mugabo |
| Amafaranga | Gafaranga |
| Urumiya | Rumiya |

- **Izina ryitirira cyangwa rigaragaza isano hagati y'ibintu bibiri**

**Ingero**

| Izina | Izina rishya |
|---|---|
| Ururimi | Uburimi (Umuntu uvuga inyuguti z'ururimi nabi) |

| | |
|---|---|
| Inyamaswa | Ubunyamaswa |
| Umukire | Ubukire |

- **Ikoreshwa ry'umusuma ku izina risanzwe**

**Ingero**

| Izina | Izina rishya |
|---|---|
| Umwami | Umwamikazi (umusuma –kazi) |
| Ibitaka | Ibitakazi (umusuma –azi) |

**3. Intego y'amazina akomoka ku ikomorazina mvazina**

Amazina akomoka ku ikomorazina mvazina agira intego nk'iy'izina mbonera cyangwa se izina ry'urusobe bitewe n'imiremere yayo.

**Ingero**

| Izina | Intego | Itegeko ry'igenamajwi |
|---|---|---|
| Agaseke | a-ka-seke | k→g /-GR |
| Uducumucumu | u-tu-cum-u-cum-u | t→d /-GR |
| Abanyamakuru | a-ba-nya- **ø** –ma-kuru | Nta tegeko. |
| Nyiramana | nyira- **ø** - **ø**–mana | Nta tegeko. |

3. **Imyitozo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri akabasaba gukora umyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri, hanyuma bagawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'umyitozo n'ibisubizo**

1. **Tahura amazina ashingiye ku ikomorazina mvanshinga mu gika cy'umwandiko "Turwanye ibiyobyabwenge"gikurikira nurangiza ugaragaze intego yayo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe mu mpine.**

**Turwanye ibiyobyabwenge**

Kunoza imikorere bitanga umusaruro ushimishije haba ku muntu ubwe, ku muryango we cyangwa igihugu avukamo iyo yirinze ibiyobyabwenge.

Imirimo inyuranye nk'ubuhinzi, ubworozi, ububaji, ububoshyi n'iyindi ni bimwe mu biteza imbere imibereho y'abantu muri rusange. Ikituraje inshinga ni ukurwanya ibiyobyabwenge bituma ubwenge butakara ntihagire umurimo n' umwe ukorwa n' uwo babonye bakawusuzugura. Turwanye ibiyobyabwenge dutangira amakuru ku gihe,tuba abajyanama beza.Ibi byose umuntu abigiriyemo amahirwe, ntahuriremo n'abahemu, bimuteza imbere akabona ibiribwa n'ibinyobwa ndetse akagira n'ubwizigame...

**Ibisubizo:**

| Izina | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Umusaruro | u-mu-sar-ur-o | Nta tegeko. |
| Ubuhinzi | u-bu-hing-yi | g+y→z |
| Ubworozi | u-bu-or-ur-yi | u→o/Zo-; r+y→z |
| Ububaji | u-bu-baz-yi | z+y→j |
| Ububoshyi | u-bu-boh-yi | h+y→shy |
| Imikino | i-mi-kin-o | Nta tegeko. |
| Imyidagaduro | i-mi-ii-dagad-ur-o | i→y/J |
| Abahigi | a-ba-hig-i | Nta tegeko. |
| Amasiganwa | a-ma-sig-an-w-a | Nta tegeko. |
| Umuhigo | u-mu-hig-o | Nta tegeko. |
| Amahirwe | a-ma-hir-w-e | Nta tegeko. |
| Abahemu | a-ba-hem-u | Nta tegeko. |
| Ibinyobwa | i-bi-nyo-bw-a | Nta tegeko. |
| Ibiribwa | i-bi-ri-bw-a | Nta tegeko. |
| Ubwizigame | u-bu-ii-zig-am-e | u→w/J |
| Imyitozo | i-mi-ii-tor-y-o | i→y/J; r+y→z |
| Imikorere | i-mi-kor-ir-e | i→e/Zo- |

2. **Wifashishije inzira eshatu z'ikomorazina mvanshinga, tanga ingero z'interuro eshatu zirimo amazina akomoka kuri iryo komorazina.**

Umwarimu areba niba interuro zatanzwe ziboneye kandi zigaragaramo amazina ku ikomorazina mvanshinga.

**VII.5. 4. Ikeshamvugo**

## Isomo rya munani: Ikeshamvugo

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gutahura inshoza y'ikeshamvugo.<br>- Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko imvugo yabugenewe. |
| **Imfashanyigisho**:Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibitabo binyuranye birimo ikeshamvugo. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibafasha kwibuka ibyo baheruka kwiga.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Ni iki duheruka kwiga mu isomo ry'ikinyarwanda?**

Ni ikomorazina mvanshinga.

**b) Akamaro k'ikomorazina ni akahe?**

Ikomorazina ridufasha kumenya inyunguramagambo no kumenya imiterere yayo n'uburyo asesengurwa.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora igikorwa gikurikira kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

***Soma umwandiko ukurikira maze usubize ikibazo cyawubajijweho.***

**Impanuro z'umubyeyi**

Umunsi umwe Kamana akitse imirimo, yari mu ruganiriro hamwe n'abana be Bukesha na Mariza aterura ikiganiro agira ati: "Ariko bana bange mureke tuganire ku busugire bw'ururimi rwacu."

**Kamana**: Harya iyo bukeye umworozi w'inka iyo agitangira kuzikama bavuga ko agira ate?

**Bukesha**: Bavuga ko atangiye kuzikurura amabere.

**Mariza**: Reka da! Ariko Bukesha nawe nta kigenda cyawe! Ntuzi ko babyita kwinikiza! Mu ishuri twarabyize.

**Bukesha**: Uzi ko ari byo koko! Ariko nawe hari ibyo utazi: umurambo w' umwami bawita ngo iki?

**Mariza**: ko numva byo tutarabyiga ra!

**Bukesha**: Bawita umugogo w'umwami.

**Kamana**: Murumva rero ko dukwiye kujya tunoza ururimi rwacu. Ndifuza ko tugirana ikiganiro gihagije tukaganira ku mateka, nkababwira amagambo yabugenewe ku nka, ku mata, ku ngoma, ku mwami, ku gisabo ku isekuru ....

**Ibibazo:**

a) Muri uyu mwandiko, umubyeyi arashishikariza abana kunoza imvugo zabo. Ubwo buryo bwo kunoza imvugo no kuyikesha bwitwa ngo iki?

b) Kora ubushakashatsi na bagenzi bawe maze mutahure inshoza y'ubwo buryo unashakishe izindi mvugo zinoze zikoreshwa ku nka, ku mata, ku isekuru, ku gisabo, ku ngoma no ku mwami.

Nyuma yo gukora ubushakashatsi abanyeshuri bamurika ibyo bakoze umwarimu akagenda abinoza nyuma yo kubinoza abanyeshuri bandukura ibyanogejwe mu makayi yabo

**Inshoza y'ikeshamvugo**

Ikeshamvugo ni ubuhanga bukoreshwa mu kuvuga no guhanga mu Kinyarwanda. Iyo akaba ari imvugo inoze, yuje ikinyabupfura, ifite inganzo kandi ivugitse ku buryo bunoze. Ikeshamvugo ahanini, ni imvugo ikoreshwa mu guha agaciro umuntu uyu n'uyu cyangwa ikintu iki n'iki bitewe n'akamaro gifite mu muco w'Abanyarwanda, bityo hakirindwa gukoreshwa izina ryacyo mu buryo bukocamye.

Mu ikeshamvugo ni ho hakoreshwa ijambo "Ntibavuga, bavuga". Umuntu akaba yabasha gutandukanya imvugo ikoreshwa ku mwami, ku ngoma, ku nka, ku mata ku gisabo ku isekuru n'ibindi.

1. **Ikeshamvugo ku nka**

| Ntibavuga | Bavuga |
|---|---|
| Kurangiza gukama. | Guhumuza |
| Kurekera aho gukamwa. | Guteka |
| Gukomereka. | Gusarika |
| Gutoroka kw'inka. | Kumena |
| Kurya kw'inka mu rwuri. | Kurisha |
| Aho inka zirisha. | Urwuri |
| Kuzigarura mu rugo. | Kuzicyura |
| Guca umurizo. | Gukemura umurizo |
| Gukurura babyaza. | Kuvutira |
| Gukamisha yombi. | Kuvuruganya |
| Gushyira inka ho iyayo. | Kwinikiza |
| Gutwita kw'inka. | Guhaka |
| Kujya ku nda kwazo. | Kwerera |
| Kuziyobora, kuzishorera. | Kuzirongora |
| Kuzijyana ku kibumbiro. | Gushora |
| Kujyana inka ahari ubwatsi. | Kuzahura |
| Ibyatsi bahanaguza inka. | Inkuyo |
| Kujyana inka ahari ubwatsi mu gihe k'izuba | Kugisha |
| Kwiruka zigusiga. | Gutana |
| Guhanagura inka. | Kuzihonora |
| Guta umuziha kwazo. | Gufuma |
| Kuzivomera. | Kuzidahirira |
| Kurwara ibisebe ku mabere. | Gusarika |
| Aho bamena amase y'inka. | Icukiro |
| Ikibumbiro /umwaro inka zinywerano | ibuga |
| Ikiraro k'inyana. | Uruhongore |
| Aho inka zibyagira. | inama |
| Utubere tudakamwa. | Indorerezi |

2. **Ikeshamvugo ku mata n'igisabo**

| Ntibavuga | Bavuga |
|---|---|
| Igicuma bacundamo amata. | Igisabo |
| Aho batereka amata. | Uruhimbi |

| | |
|---|---|
| Kuyasuka mu gisabo. | Kuyabuganiza |
| Kuyavanamo amavuta. | Gusobanura |
| Kurangiza koza igisabo | Guhumuza |
| Kurangiza gukama. | Guhumuza |
| Kumena amata ubishaka. | kuyabikira |
| Kumena amata utabishatse. | Kuyabogora |
| Kumena igisabo. | Kukibyarira |
| Uduta | Amata |
| Amata y'inka ikibyara. | Umuhondo |
| Amata y'inka yenda guteka. | Amagonera/Amanga/Amasunga |
| Amata y'inka yimye | Amasitu |
| Amata inyana yanze konka. | Amakaba |
| Amata yaraye ataravura. | Umubanji |
| Amata bavanze n'amazi. | Umwerera, umujago |
| Amata yiriwe. | Amirire |
| Amata amaze kuvura. | Ikivuguto |
| Amata y'abashumba. | Imyezo |
| Agati bavurugisha amata. | Umutozo |
| Gutunganya amata y'ikivuguto. | Kuyavuruga |
| Umuheha banywesha amata. | Umuceeri |

3. **Ikeshamvugo ku ngoma**

| **Ntibavuga** | **Bavuga** |
|---|---|
| Gutangira kuvuga | Gusuka |
| Kurangiza kuvuga | Gutunga |
| Kugurwa | Gukoshwa |
| Kumanikwa | Kujishwa |
| Gushyushywa | Koswa |
| Gufashwa hasi | Kururutswa |
| Kubazwa | Kuramvurwa |
| Gushyirwaho impu | Kuremwa |
| Kwikorerwa | Kuremererwa |

| | |
|---|---|
| Gutoboka | Kubyara |
| Gusaduka | Kuribora/kurara/guseka |

4. **Ikeshamvugo ku isekuru, icyansi, igisabo, ingobyi n'umuheto**

| Ntibavuga | Bavuga |
|---|---|
| Ntibimanikwa | Birajishwa |
| Ntibiturwa | Birururutswa |
| Ntibimeswa | Birahanagurwa |
| Ntibisaza | Birakura |
| Ntibyikorerwa | Biraremererwa |
| Ntibigurwa | Birakoshwa |
| Ntibishyushywa | Biroswa |
| Ntibimeneka | Birabyara |
| Ntibibazwa | Biraramvurwa |

5. **Ikeshamvugo rikoreshwa ku mwami**

| Ntibavuga | Bavuga |
|---|---|
| Kujya ku ngoma | Kwima |
| Kurongora k'umwami | Gutarama |
| Umugore w'umwami | Umwamikazi |
| Umwana w'umwami | Igikomangoma |
| Nyina w'umwami | Umugabekazi |
| Inzu y'umwami | Ingoro |
| Inzu nkuru umwami araramo | Kambere |
| Kuryama k'umwami | Kwibambika |
| Kubyuka k'umwami | Kwibambura |
| Kurya k'umwami | Kurora |
| Kujya mu bwiherero | Gutwikira ibirenge |
| Umwambaro wa cyami batamirizaga | Ikamba, igisingo |
| Gutembera/kugenda k'umwami | Kurambagira |
| Gupfa k'umwami | Gutanga |
| Umurambo w'umwami | Umugogo |
| Gushyingura umwami | Kumutabariza |
| Imva y'umwami | Umusezero |
| Kwicara k'umwami | Guteka |

| | |
|---|---|
| Intebe y'umwami | Inteko |
| Uburiri | Igisasiro |
| Aho aramirizwa | Ijabiro |
| Kumuha ikuzo | Kumuramya |
| Aho umwami yabonaniraga n'abaturage | Ku karubanda |
| Gutanga itegeko | Guca iteka |
| Ingobyi bahekagamo umwami | Ikitabashwa |
| Guhunga k'umwami | Kubunda |

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umyitozo mu itsinda rya babiri babiri iri mu gitabo cy'umunyeshuri, hanyuma bakayikosorera hamwe mu itsinda rigari, umwarimu afatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo :**

1. **Kosora iyi nteruro ikurikira.**

**Umwami Kigeri Rwabugiri apfa yasimbuwe n'umwana we Rutarindwa yaje gupfa na we asimburwa na Yuhi Musinga ategekana na nyina Kanjogera.**

Umwami Kigeri Rwabugiri atanga yasimbuye n'umwana we Rutarindwa yaje gutanga na we asimburwa na Yuhi Musinga ategekana na nyina Kanjogera.

2. **Himba ikiganiro kigufi ku muco nyarwanda n'ibikoresho gakondo ugaragazemo nibura amagambo atatu yabugenewe ku nka, ku mata, ku ngoma,ku mwami, ku gisabo no ku isekuru.**

Umwarimu agenzura niba umunyeshuri yashize mu gihangano ke amagambo yabugenewe yasabwe.

## VII.5. 5. Inshoberamahanga

### Isomo rya kenda : Inshoberamahanga

| **Intego zihariye** |
|---|
| |

| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gutanga inshoza y'inshoberamahanga<br>- Kugaragaza imiterere n'uturango by'inshoberamahanga<br>- Gukoresha neza inshoberamahanga mu mvugo no munyandiko |
|---|
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu inkoranyamagambo n'ibitabo binyuranye birimo inshoberamahanga. |

1. **Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibafasha kwinjira mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

a) **Ni iki duheruka kwiga mu Kinyarwanda?**

Duheruka kwiga ikeshamvugo ku nka, ku mwami, ku isekuru, ku gisabo, ku mata…

b) **Ikeshamvugo ritumariye iki?**

Ikeshamvugo ridufasha gukoresha neza ururimi mu mvugo no mu nyandiko, kumenya neza imitere y'ururimi n'umuco by'abanyarwanda.

2. **Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiri babiri akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Itegereze amagambo yanditse atsindagiye muri izi nteruro, utahure ubwoko bwayo, inshoza yayo, unakore ubusahakashatsi bwimbitse ku buryo bwo kuyasobanura.*

a) Kundwa yakererewe kubera ko **yatoye agatotsi** mu gitondo.

b) Munyana we yari arimo **gusuka amarira**.

c) Rwabigwi ni we rubanda **bacaho inshuro** y'ibihingwa ngandurarugo.

d) Berwa yasubizaga **ashize amanga**.

Iyo igihe cyo gukora icyo gikorwa kirangiye, umwarimu asaba itsinda rimwe rikageza ku bandi ibyo ryakoze abandi bakurikiye afatanya na bo kubinoza,ibinogejwe bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika

mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Inshoza y'inshoberamahanga**

Inshoberamahanga ni imvugo umuntu utarakenetse ururimi adahita yumva igisobanuro cyayo iyo bayivuze. Bavuga ko ikintu cyashobeye umuntu iyo cyamunaniye akabura uko abigenza ndetse n'uko agisobanura. Akenshi na kenshi abumva bene izo mvugo ntibazisobanukirwe ni abanyamahanga kuko baba batazi umuco cyangwa amateka y'u Rwanda kandi inshoberamahanga ari byo zishingiyeho. Aho ni na ho haturutse kwita bene izo mvugo "inshoberamahanga".

**Ingero:**

Gufatwa mpiri.

Kuvoma hafi.

Kurambika inda ku muyaga.

Guta inyuma ya Huye.

**b) Uturango tw'inshoberamahanga**

Inshoberamahanga irangwa no kuba igizwe n'inshinga n'icyuzuzo cyayo.Ikaba kandi ikoresha imvugo shusho itandukanye n'ibisobanuro by'amagambo ayigize.

**c) Gusobanura inshoberamahanga**

Dukurikije imiterere yayo, inshoberamahanga ni imvugo ifite igisobanuro kidahuye n'igisobanuro k'ijambo cyangwa amagambo ayigize. Mu kuyisobanura bisaba ko umuntu aba amenyereye umuco n'ururimi by'Ikinyarwanda.

**Ingero**

- **Kuvoma hafi**: kurakazwa n'ubusa/kurizwa n'ubusa.

Umuntu utazi neza ururimi rw'Ikinyarwanda we ahita yumva kujya kuvoma amazi ahantu hatari kure y'aho aturutse, cyangwa se gufata isekuru ukayitera mu butaka nk'utera imyaka.

- **Gutera isekuru:** kugenda ucumbagira

Umuntu utazi neza ururimi rw'Ikinyarwanda ahita yumva guteranya isekuru yasetse.

**d) Ingero zitandukanye z'inshoberamahanga**

**a) Inshoberamahanga zifatiye ku nshinga: guca**

Guca mu rihumye

Guca igihugu umugongo

Guca igikuba

Guca imihini migufi

Guca imitwe

Guca inkeramucyamo

Guca iryera

Guca ku nda

Guca mu myanya y'intoki Guca mu nkindi

Guca ruhinganyuma

Guca umugara

Guca umuti wa mperezayo

Guca ururimi ukarumira

Gucira undi inkamba

Guca hasi

Guca hejuru

Gucisha hasi

Gucisha hejuru

Gucisha mu misoto

Guca i Kibungo

Guca ibiti n'amabuye

Gucira ibintu inyeri

**b) Inshoberamahanga zifatiye ku nshinga: gufata**

Gufata ku isunzu

Gufata nk'amata y'abashyitsi

Gufata undi mu mugongo

Gufatana urunana

Gufatira undi ikitayega

Gufata iry'iburyo

Gufatirwa mu cyuho

Gufatwa mpiri

**c) Inshoberamahanga zifatiye ku nshinga: kugwa**

Kugwa gitumo

Kugwa isari

Kugwa ivutu

Kugwa ku nzoka

Kugwa miswi

Kugwa mu matsa

Kugwa mu ntege

Kugwa ruhabo

Kugwa mu kantu

Kugwa mu mazi abira

**d)Inshoberamahanga zifatiye ku nshinga: kurya**

Kurya akara

Kurya amenyo

Kurya indimi

Kurya inkuna

Kurya ureba hanze

**e) Izindi nshoberamahanga zifatiye ku nshinga zinyuranye**

Gufumbira umunaba

Guha undi intera

Guhabwa akato

Guhenera umugina

Gukama ikimasa

Gukambya agahanga

Gukanga Rutenderi

Gukanja amanwa

Gukizwa n'amaguru

Gukoma urume

Gukora hasi

Gukura ubwatsi

Gukurayo amaso

Gupfa undi agasoni

Gusesa urumeza

Guseta ibirenge

Gushya amaboko

Guta muri yombi

Gutaba mu nama

Gutega zivamo

Gutera isekuru

Gutererayo utwatsi

Guteza ubwega

Gutunga agatoki

Kugenda runono

Konsa umuhini

Kotsa igitutu

Kuba mu rinini

Kujya irudubi

Kumara amavuta

Kumena ibanga

Kumera amababa

Kumesa kamwe

Kumira bunguri

Kumira nkeri

Kuryamira amajanja

Kuvomera mu rutete

Kuziba icyuho

Kwambara ukikwiza

Kwesa umuhigo

Kwiba umugono

Kwica ijisho

Kwihungura ugutwi

Kwimyiza imoso

Kwinyara mu isunzu

Kwirya ukimara

Kwitana ba mwana

Kwivamo nk'inopfu

Kwizirika umukanda

Gucurangira abahetsi

Gucurika icumu

Kwitana ba mwana

Kuvamo umuntu

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda hanyuma bagakora

umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Iyo barangije gukora uwo mwitozo, mwarimu afatanya n'abanyeshuri kuwukosora, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri na bo bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'umwitozo n'urugero rw'ibisubizo**

**Koresha mu nteruro izi nshoberamahanga zikurikira ku buryo interuro zigaragaza neza ko wumva icyo zisobanura.**

**a) Kwizirika umukanda**

Si byiza kwizirika umukanda ukiyicisha inzara kandi ufite ibyo kurya.

**b) Kwirya ukimara**

Bahuye n'ibibazo bibasaba amafaranga menshi baririya barimara kugira ngo babikemure.

**c) Guhabwa akato**

Nta muntu ukwiye guhabwa akato kubera uburwayi afite.

**d) Gufata mu mugongo**

Iyo umuntu agize ibyago abantu bajya kumufata mu mugongo bamutabara.

**e) Guca guca mu rihumye**

Abajura bamuciye mu rihumye bamwiba amatungo ye.

**f) Guca iryera**

Kamari ejo ntiyaje hano kuko ntigeze muca iryera.

**g) Guca igikuba**

Kamana aragenda aca igikuba abeshya bagenzi be.

**h) Gucurangira abahetsi**

Aracurangira abahetsi abwira abatamwitayeho.

**i) Kugwa mu kantu**

Gasana yabwiwe inkuru atazi ahita agwa mu kantu.

## VII.5. 6. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ……..)

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa karindwi, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

**Urugero rw'umwitozo:**

**Uhereye ku biranga inkuru ishushanyije, hanga inkuru ishushanyije ku nsanganyaatsiko wihitiyemo maze ukoreshemo inshoberamahanga nibura eshanu ndetse n'amagambo yabugenewe ku bikoresho wize.**

**Uko umukoro ukosorwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri babiri bicaranye guhinduranya inkuru zishushanyije bahimbye maze buri munyeshuri akajora inkuru ya mugenzi we anareba ko yakoresheje neza inshoberamahanga. Umwarimu aha abanyeshuri bake kuvuga ibyo bajoye mu nkuru za bagenzi babo.

## VII.6. Inshamake y'umutwe wa karindwi

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa kane bityo bikababafasha gukora inshamake.

**Urugero rw'inshamake bakora:**

Muri uyu mutwe twabonye:

- Inkuru ishushanyije ku ngaruka z'biyobyabwenge, tubona uburyo dukwiye kubyirinda no kubyamagana.
- Inshoza, uturango n'imiterere by'inkuru ishushanyije.
- Ikomorazina mvazina n'ikomorazina mvanshinga n'inzira z'ikomora zitandukanye.
- Ikeshamvugo ku nka, ku mata, ku mwami,ku isekuru,n'igisabo.
- Inshoza, uturango n'imikoreshereze by 'inshoberamahanga.

## VII. 7. Isuzuma risoza umutwe wa karindwi

**Ibigenderwaho mu isuzuma ry'umutwe wa karindwi**

Ubushobozi bwo :

- Kumva no gusesengura umwandiko.
- Guhanga inkuru ishushanyije ku nsanganyamatsiko zitandukanye.
- Gusesengura amazina akomoka ku yandi magambo.
- Gukoresha amagambo yabugenewe n'inshoberamahanga.

**Urugero rw'ibibazo by'isuzuma:**

**Soma umwandiko hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Ni nde uvugwa muri uyu mwandiko? Aravugwaho iki? Iyo umurebye ubona arangwa n'iki? Kubera iki? uvugwa muri uyu mwandiko ni Muvara.**

   Arangwa no kuba ar umwana w'umuhungu uri mu kigero k'imyaka cumi n'itandatu, ufite maso atukuye, ugenda mu nzira yivugisha anahekenya amenyo kandi akaba akoresha n'imvugo nyandagazi. Abiterwa n'uko anywa ibiyobyabwenge.

2. **Vuga ububi bwo kunywa ibiyobyabwenge ushingiye kuri uyu mwandiko wizwe.**

   - Kunywa ibiyobyabwenge bituma umunyeshuri asiba ishuri kenshi, yakora ibizamini agatsindwa agahora asibira. Ubikoresha wese bimutera gutukura amaso, kudatekereza neza, kutagira ikinyabupfura, kudasinzira iyo atabikoresheje…
   - Bigira ingaruka ku iterambere ry'igihugu kuko ubikoresha adakora kubera kubura imbaraga kandi ko n'amafaranga abigura aba akwiye guteza imbere igihugu mu bundi buryo.

3. **Vuga ibyiza byo kwirinda gukoresha ibiyobyabwenge uhereye ku byo wasomye mu mwandiko.**

   Kwirinda ibiyobyabwenge bituma umuntu atagerwaho n'izi ngaruka zivuzwe hejuru.

4. **Ni izihe ngamba zivugwa mu mwandiko zo kurwanya ibiyobyabwenge mu rubyiruko no mu mashuri by'umwihariko?**

Buri mubyeyi ahuze urugwiro n'umwana, akurikirane imyigire y'abanyeshuri biga bataha iwabo, abarimu bagenzure ibyo

bashobora kuzana ku ishuri, babaze ababyeyi impamvu abana babo bataboneka buri munsi ku ishuri iyo hari abo babonaho iyo ngeso yo gusiba kenshi. Abayobozi b'ishuri bagomba gushishikariza buri munyeshuri kugaragaza bagenzi be bakoresha ibiyobyabwenge cyangwa se abakekwaho kubikoresha kugira ngo bagirwe inama. Ni ngombwa gufatanya n'ubuyobozi bwa Leta bakagenzura abacuruza ibiyobyabwenge babiha abanyeshuri bakabashyikiriza inzego zibishinzwe.

5. **Vuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko umaze gusoma.**

**Ingingo z'ingenzi :**

Ubwoko bw'ibiyobyabwenge bikoreshwa n'abanyeshuri n'igihe babifatira.

Ingaruka z'ibiyobyabwenge ku rubyiruko ruri ku ishuri.

Ingamba zo guhashya ibiyobyabwenge ku rubyiruko ruri ku ishuri.

Ingingo y'ingereka : gukora ubukangurambaga ku kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge.

6. **Ni iyihe nyigisho ukuye muri uyu mwandiko?**

   **Kwihatira kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge**

**II. Ibibazo by'inyunguramagambo**

1. Sobanura amagambo akurikira ukurikije mwandiko:

a) Impuzankano : imyenda isa yambarwa n'abantu bahuriye ku murimo umwe.

b) Kubatwa n'ibiyobyabwenge : gutwarwa n'ibiyobyabwenge

c) Imvugo nyandagazi : imvugo idahesha icyubahiro

d) Gucururuka : kururuka, gushira uburakari

e) guhuza urugwiro : kumvikana, gusabana

2. Ubaka interuro zawe bwite ukoresheje amagambo akurikira dusanga mu mwandiko.

a) Gutukura amaso

b) Imvugo nyandagazi,

c) Gucururuka

d) Guhuza urugwiro

e) Kubatwa

Umwarimu arasuzuma ko buri munyeshuri yubatse interuro zifite icyo zivuga kandi zikaba ziboneye.

**III. Ibibazo ku nkuru ishushanyije , ku ikeshamvugo no kunshoberamahanga**

1. **Akarangandoto gatandukaniye he n'agatoki?**
   Akarangandoto ni agashushanyo k'akaziga kariho akarongo kagizwe n'utudomo kerekera ku muntu kagaragaza ibyo arota cyangwa atekereza mu gihe agatoki ko ari agashushanyo k'akaziga gasongoye gahuza amagambo n'uyavuga
2. **Inkuru ishushanyije irangwa n'iki?**

Inkuru ishushanyije irangwa n'ibi bikurikira:

- **Umurambararo**: uruhererekane rutambitse rw'amashusho.
- **Igipande**: urupapuro rwose rugizwe n'imirambararo.
- **Urukiramende**: umwanya wanditsemo ibisobanuro bitangwa n'umubarankuru. Ibyo bisobanuro byitwa imvugo ngobe.
- **Agatoki**: ni agashushanyo k'akaziga gasongoye gahuza amagambo n'uyavuga.
- **Akazu**: niumwanya w'ishusho utangiwe n'idirishya.
- **Idirishya**: imbibi z'ishusho cyangwa z'akazu.
- **Uruvugiro**: niumwanya urimo ikiganiro cy'abanyarubuga.
- **Akarangandoto**: ni agashushanyo k'akaziga kariho akarongo kagizwe n'utudomo kerekera ku muntu kagaragaza ibyo arota
- cyangwa atekereza.
- **Imvugondoto**: ni amagambo umuntu ashobora gusoma ku gipande aranga icyo umunyarubuga atekereza cyangwa se aranga umwivugisho w'umunyarubuga.
- **Agakino**: ni uruhererekane rw'amashusho ari mu muteguro umwe. Ni ukuvuga abanyarubuga
- bamwe hatagize usohokamo cyangwa undi winjiramo.
- **Abanyarubuga**:ni umuntu, ikintu cyangwa inyamaswa bifite icyo bikora mu nkuru.

3. Uzuza iyi mbonerahamwe

| Ntibavuga | Bavuga |
|---|---|
| Kujya ku musarane ku mwami | **Gutwikira ibirenge** |
| Amata yiriwe ataravura | **amirire** |
| **Gukurura babyaza** | Kuvutira |
| **Gushyingurwa k'umwami** | gutabarizwa |
| Gushyira uruhu ku ngoma | **kuremerwa** |

2. Tahura mu mwandiko twize"Ingaruka z' ibiyobyabwenge mu rubyiruko" inshoberamahanga zakoreshejwemo uzisobanure unazikorashe mu nteruro zawe bwite.

Umwarimu aragenzura inshoberamahanga abanyeshuri batahuye bazikoresheje mu nteruro zumvikana kandi ziboneye.

## VII.8 Ibikorwa by'inyongera

### VII.8.1 Umwitozo nzamurabushobozi

Garagaza ubwoko bw'amagambo atsindaguye unayashakire uturemajambo n'amategeko

"**Umworozi** w'**amatungo**,akwiye kumva **impanuro** ahabwa n'umunyacyubahiro ushinzwe **ubworozi** mu Karere kabo."

| Amagambo | Inteko | Itegeko |
|---|---|---|
| a) umworozi | u-mu-or-ur-yi | u→o /co-, r+y→z |
| b) amatungo | a-ma-tung-o | - |
| c) impanuro | i-n-han-ur-o | n→m/-h/, mh→mp mumyandikire |
| d) ubworozi | u-bu-or-ur-yi | u→w/-J / u→o/co-, r+y→z |

### VII.8.2 Umwitozo nyagurabushobozi

Hanga umwandiko mugufi uri hagati y'amagambo (80-100) ukoreshemo ikeshamvugo ku nka, ku mata, ku mwami,ku ngoma ku gisabo ku isekuro n'ibindiukoreshemo nibura inshoberamahanga eshanu. Ukoreshe interuro zumvikana kandi zubahirije amategeko y' imyandikire.

### VII.8.3 Imyitozo y'inyongera

1. **Kora ubushakashatsi ku nteruro zikurikira utahuremo amazina akomoka ku ikomorazina maze ugaragaze inzira z'ikomorazina mvazina zifashishijwe kugira ngo haboneke ayo mazina.**

- Imitobotoboyo ikunda kuba ku mirombero y'inzira.
- Umuforomo n'umuforomokazi bafasha muganga mu kazi ke.
- Inkoko itera amagi bayita inkokokazi
- Nyiramana ni umunyamakuru.
- Amahenehene agira intungamubiri nyinshi.
- Umunyeshuri mwiza arangwa n'isuku n'ikinyabupfura.

2. **Soma interuro zikurikira, nurangiza uzitegereze hanyuma ugire icyo uvuga ku nkomoko y'amagambo yanditse atsindagiye unagaragaze uko bayasesengura.**

a) **Abanyarwanda** baragenda bahagurukira kurwanya ibiyobyabwenge.

b) Imvugo z'**ubuvanganzo** zigaragaramo kwita ku gihe.

c) **Abanyamaguru** bagomba kwitwararika kugira ngo badahutazwa n' abanywi b' ibiyobyabwenge .

d) **Amamodoka, amagare** n'**amapikipiki** birihuta.

e) **Ibishurushuru** ni bumwe mu bwoko by'ibimera bitagira ururabo.

f) Umukobwa wirinda ibiyobyabwenge n' ingaruka zabyo afatwa nk' **umwamikazi** mu muryango nyarwanda.

## VII.9. Amakuru y'inyongera

### 1. Abanyarubuga mu nkuru ishushanyije

Abanyarubuga babamo ibyiciro bitatu:

**Abanyarubuga bakuru**: Aba banyarubuga ni ingenzi mu migendekere itunganye y'inkuru.

**Abanyarubuga bungirije**: Aba banyarubuga bo si ngombwa ko baba mu nkuru kugira ngo inkuru yumvikane.

Ni indangagaciro z'umunyarubuga w'ibanze kuko bamuherekeza bamushyira mu mwanya ukwiye kubera imyifatire, imyitwarire cyangwa amagambo bagaragaza.

**Abanyarubuga b'indorerezi**:Ni abanyarubuga baba bari mu murongo inkuru igenderamo. Ukubaho kwabo kurema isi y'inkuru dusoma.

### 2. Zimwe mu ngero z'inkuru zishushanyije n'abanditsi

Mu Rwanda, inkuru ishushanyije yanditswe igamije gushishikariza abana gusoma. Inkuru zasohokaga mu kinyamakuru cy'abana

Kinyamateka mu 1938.

Inganzo y'inkuru ishushanyije yatangijwe na Alexis KAGAME ashingiye ku nkuru yitwa Matabaro ajya i burayi. Nyuma yaho hagiye habaho izindi nkuru zishushanyije zagiye zisohoka mu binyamakuru binyuranye nko muri Hbe no mu Imvaho.

**Ingero :**

| **Inkuru zasohotse muri Hobe** | **Inkuru zasohotse mu Imvaho** |
|---|---|
| Katikati | KORINTO Thomas yanditse: Mukamusoni, ese nzaba iki? |
| Faranswa wa Matabaro | NSENGIYUMVA yanditse: Nkwera muguhe |
| Yaramba | MBONIMANA Dorifu yanditse: ntawuhiga na yo |
| | MUHIZI Alfred: Ineza iratinda ntihera |
| | HABIYAREMYE: Bucya bwitwa ejo |

**Umuryango wa Bibiliya mu Rwanda na wo watangaje inkuru zishushanyije zikurikira:**

Kubaho bimaze iki?

Bosiko, Imena mu ntore

Ni iki tubuze mu rugo rwacu

Amahoro iwacu.

Ugushyingirwa n' umuryango.

N'ubwo inkuru ishushanyije yayavutse bavuga ko ari iy'abana yaje gukundwa cyane bigera n'aho ifata indi ntera ku buryo ubu isigaye yifashishwa mu kujijura abaturage bose n'izindi ngeri zinyuranye

**Ingero :**

| **Umuhanzi** | **Inkuru ishushanyije** |
|---|---|
| Nkurunziza na Muhindo | Nyirarunyonga |
| Segahinda | Inshuti ya manyinya |
| Nsabimana Bernardin | Urukundo ruruta imari |
| Kalisa | Gukena si ingeso |
| Kalinda | Akabaye icwende ntikoga |

# UMUTWE WA 8
# GUKUNDA IGIHUGU

## VIII.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusoma no gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.
- Kwandika amajwi y'inyabumwe mu nyandiko nyejwi na nyemvugo.

## VIII.2 Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

- Bimwe mu bikorwa bigaragaza gukunda Igihugu.
- Gukoresha mu nteruro amazina, ntera, amazina ntera n'ibisantera.
- Kwandika amagambo agaragaza ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku.

## VIII.3. Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragara mu muri uyu mutwe |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Mu bikorwa byose umwarimu yita ku banyeshuri b'ibitsina byombi. |
| Uburezi budaheza | Mu bikorwa byose umwarimu yita ku banyeshuri bose (harimo n'abfite ibyo bagenerwa byihariye). |
| Umuco w'amahoro | Mu kungurana ibitekerezo abanyeshuri bibutswa ko bikorwa mu bwubahane kandi no mu bikorwa byo gukunda Igihugu hakabamo kubahiriza umuco w'amahoro. |
| Kubungabunga ibidukikije | Ibikorwa byo gukunda Igihugu bigomba gukorwa hubahirizwa gahunda yo kurengera ibidukikije. |

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

**Urugero rw'igikorwa n'urugero rw'ibisubizo :**

***Sobanuraa ibikorwa ukora byerekana ko ukunda Igihugu cyawe, uvuge uburyo ubikora n'uburyo bigaragaza gukunda Igihugu.***

Gukora umuganda, gutanga imisoro n'amahoro, ibikorwa byo kubungabunga umuteka kubungabunga ibidukikije, kurwanya no kwirinda ibiyobyabwenge …

Umwarimu areba uko abanyeshuri batanga ibitekerezo by'uburyo ibi bikorwa bikorwa kandi bigaragaza gukunda Igihugu.

## VIII.5. Amasomo ari mu mutwe wa munani nigihe yagenewe

| **Umutwe wa munani: Gukunda Igihugu** | | **U m u b a r e w'amasomo : 15** |
|---|---|---|
| **Umwandiko: Twitabire umuganda** | | |
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **U m u b a r e w'amasomo** |
| **Isomo rya mbere**: Gusoma no gusobanuraumwandiko | Gusoma no gusobanura amagambo adasobanukiwe no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya kabiri**: Gusoma no kumva umwandiko. | Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya gatatu**: Gusoma no gusesengura umwandiko. | Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe. | **Isomo 1** |
| **Isomo rya kane**: Kungurana ibitekerezo. | Gusesengura insanganyamatsiko yatanzwe no kuyunguranaho ibitekerezo. | **Isomo 1** |
| **Iyigamajwi** | | |
| **Isomo rya gatanu**: Iyigamajwi | Kwandika mu nyandiko nyejwi amagambo arimo amajwi y'inyabumwe. | **Amasomo 5** |

| Iyigamvugo | | |
|---|---|---|
| **Isomo rya gatandatu**: Iyigamvugo | Kwandika mu nyandiko nyemvugo amagambo arimo n'amajwi shingiro y'inyabumwe. | **Amasomo 2** |
| **Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri** | | **Isomo 1** |
| **Isuzuma risoza umutwe** | | **Amasomo 3** |

**Icyitonderwa:**

Mbere yo gutangira isomo rya mbere umwarimu abanza gukoresha igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

## VIII.5.1. Umwandiko : Twitabire umuganda

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ……..)

## Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma adategwa umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>- Gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

**1.Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Twitabire umuganda" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo yabaza na bimwe mu bisubizo bishoboka:**

**a) Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**

Turabona abantu benshi bafite ibikoresho bakora imirimo.

**b) Bariya bantu mutekereza ko bari mu kihe gikorwa?**

Bari mu gikorwa cy'umuganda.

**2. Uko Isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice **mu ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Twitabire umuganda", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo cyangwa inyito afite mu mwandiko.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'amagambo n'ibisobanuro byayo:**

a) **Kunganira**: gufasha.

b) **Kukeburwa**: gucyahwa no kugirwa inama kugira ngo umuntu areke amakosa yakoraga.

c) **Bakayihanika**: bakayishyiraho igisenge.

d) **Kuganda**: kunebwa, kudeha.

e) **Ipfundo**: ishingiro.

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cyabo babiribabiri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umukoro, akagenda afasha abafite ibibazo byihariye, hanyuma bakawukosorera hamwe. Ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo:**

**1. Huza ijambo riri mu rushya A n'igisobanuro cyaryo kiri mu ruhushya B**

| Uruhushya A | Uruhushya B |
|---|---|
| 1) Gukeburwa | a)Kurandira uduti ku mishoro y'inzu mbere yo gusakara. |
| 2) Amajyambere | b) Kimwe mu biti by'inzu barandiraho mbere yo gusakara. |

| | |
|---|---|
| 3) Ipfundo ry'imena | c)Ihinduka ry'imibereho y'ibintu n'abantu mu gihugu. |
| 4) Guparata | d)Guhwiturwa cyangwa gusubizwa mu murongo w'ibitekerezo bizima |
| 5) Imishoro | e)Umusingi w'ibanze |

**Ibisubizo: 1-e, 2-c, 3-d, 4-a, 5-b**

**2. Simbuza amagambo ari mu dukubo ayo bihuje inyito ukuye mu mwandiko.**

a) Mu gikorwa cy'umuganda abaturage bose (bakorera hamwe) mu bikorwa by'amajyambere.

Mu gikorwa cy'umuganda abaturage bose **bahuriza hamwe imbaraga** mu bikorwa by'amajyambere

b) Ibikorwa by'umuganda byunganira (amafaranga Igihugu kiba cyateganyije gukoresha ku mwaka) mu buryo bugaragara.

Ibikorwa by'umuganda byunganira **ingengo y'imari** mu buryo bugaragara.

## Isomo rya kabiri : Gusoma no kumva umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br><br>Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?**

Umwandiko duheruka kwiga ni "Twitabire umuganda".

**b) Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?**

Uwo mwandiko wavugaga ku nsanganyamatsiko yo gukunda Igihugu.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice mu **ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "twitabire umuganda"usubize ibibazo byawubajijweho*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda, hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza, bikandikwa ku kibaho, nyuma bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:**

- **Ni nde ugomba kwitabira umuganda?**

Umunyarwanda wese ufite ingufu ahamagarirwa kwitabira ibikorwa by'umuganda. Urubyiruko rufite imyaka cumi n'umunani y'amavuko kandi n'umuntu wese utarengeje imyaka mirongo itandatu n'itanu afite inshingano zo gukora umuganda.

- **Tanga inyito y'ijambo "umuganda" mu Rwanda rwo hambere.**

Mu Rwanda rwo hambere umuganda cyari igiti cyo gushinga abaturanyi bazaniraga umuntu urimo kubaka.

- **Nyuma y'umuganda hakorwa iki muri rusange?**

Nyuma y'umuganda hakorwa hakorwa inama abayobozi bagakemura ibibazo by'abaturage bakanigira hamwe na bo icyo undi muganda utaha uzitaho.

- **Umuganda uzwi ku rwego rw'Igihugu? Sobanura wifashishije ingero ukuye mu mwandiko.**

**Yego.**

Kuko mu Rwanda hari komite zishinzwe gutegura umuganda kuva ku rwego rw'Igihugu kugera ku rwego rw'umudugudu.

## Isomo ryagatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

| Intego yihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

**1.Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byatangwa:**

**a) Mu nzego zinyuranye umuganda utegurwa na nde?**

Utegurwa na komite zibishinzwe kuri buri rwego.

**b) Vuga ibyiciro by'abantu bavugwa mu mwandiko bagomba kwitabira umuganda.**

Abantu bose bari hagati y'imyaka 18 na 65 (yaba Abanyaranbda ndetse n'abanyamahanga batuye mu Rwanda).

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice **mu ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "twitabire umuganda"usubize ibibazo bikurikira:*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda, hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza, bikandikwa ku kibaho, nyuma bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**1. Ni iyihe nsanganyamatsiko rusange umwandiko wubakiyeho?**

Insanganyamatsiko rusange uyu mwandiko wubakiyeho ni iyo gukora umuganda.

**2. Usibye igikorwa cy'umuganda cyavuzwe ni ibihe bikorwa bindi bigaragaza gukunda Igihugu?**

Ibindi bigaragaza gukunda Igihugu: gutanga imisoro n'amahoro, kurwanira Igihugu, kwitabira ibikorwa bya Leta...

**3. Abagikerensa gahunda yo kwitabira umuganda wabagira iyihe nama?**

Umunyarwanda nyawe afatanya n'abandi mu gukora ibikorwa by'umuganda, umuganda wubaka igihugu ugakora cyane ibikorwa by'umutungo rusange. Hariho n'itegeko rihana utawukoze, kuwukora ni ukwirinda ibyobihano.

**4. Tanga ingingo zigaragaza ko gukora umuganda ari igikorwa cyo gukunda Igihugu.**

- Umuganda ni igikorwa gihuza abantu bakunga ubumwe, bagakemura n'ibibazo bituma abantu bagirana amakimbirane.
- Mu muganda abaturage bakora ibikorwa birengera ibidukikije dukomoraho ubuzima bwiza
- Mu muganda abaturage bubakira abatishoboye n'intwaza bakaba heza.
- (...)

## Isomo rya kane: Kungurana ibitekerezo

| **Intego yihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>Gutanga ibitekerezo mu bwubahane ku nsanganyamatsiko yahawe no kuvugira mu ruhame ashize amanga. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku gukunda Igihugu. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitozo wo kungurana ibitekerezo.

**Urugero rw'ibibazo n' ibisubizo byatangwa:**

**a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko duheruka kwiga?**

Gukunda Igihugu.

**b) Vuga muri make akamaro ko gukunda Igihugu.**

Gukunda Igihugu bituma abantu bakora ibikorwa rusange biteza imbere Igihugu.

**2. Uko Isomo kigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice **mu ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsikoikurikira: "Umuganda ufitiye akamaro igihugu cyacu"*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda, hanyuma bakamurika ibyavuyemo.Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyo bunguranyeho ibitekerezo mu matsinda yabo, bafatanya n'umwarimu maze bagatanga umwanzuro ku nsanganyamatsiko bunguranyeho ibitekerezo.

**Urugero rw'insanganyamatsiko n'urugero rw'umwanzuro:**

***Umuganda ufitiye akamaro Igihugu cyacu.***

Ibikorwa byo gukunda Igihugu bituma abantu bahuriza hamwe imbaraga bagakora ibikorwa biteza imbere Igihugu (byiganjemo ibikorwa remezo binyuranye), ibizamura abafite ibibazo cyangwa abahuye n'ingorane.

## VIII.5.2. Iyigamajwi

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa...)

## Isomo ryagatanu: Iyigamajwi

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusobanura inshoza y'iyigamajwi.<br>- Gusesengura amajwi y'inyabumwe akoreshwa mu nyandiko nyejwi<br>- Kwandika amagambo mu nyandiko nyejwi |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi bitabo by'ikibonezamvugo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku iyigamajwi.

**Urugero rw'ikibazo yababaza n'igisubizo:**

**a) Iyo abantu bavugana bakoresha iki?**

Bakoresha amajwi.

**b) Iyo bashatse kwandikirana ayo majwi bayerekanisha iki?**

Bayerekanisha ibimenyetso bita inyuguti.

Umwarimu abonerahoakabwira abanyeshuri ko bagiye kwiga iyigamajwi: Amajwi y'inyabumwe.

**2. Uko Isomo kigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice **mu ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa:**

*Soma inyuguti z'Ikinyarwanda zikurikira, usesengure uburyo bw'imivugirwe yazo hanyuma ukore ubushakashatsi usubize ibibazo bizikurikira.*

***A, B, C, D, E, F, G, H, I, J, K, L, M, N, O, P, R, S, T, U, V, W, Y, Z***

a) Tahura inshoza y'iyigamajwi maze usobanure icyo ijwi ari cyo n'ubwoko bw'amajwi aboneka mu Kinyarwanda.

b) Ni gute bandika amajwi y'Ikinyarwanda mu nyandiko nyejwi?

c) Tahura inshoza n'uturango by'inyandiko nyejwi.

d) Ese inyuguti zose zivugwa kimwe kandi zikavugirwa hamwe?

e) Tahura uko inyajwi zandikwa mu nyandiko nyejwi, uko zivugwa n'aho zivugirwa maze unazikorere imbonerahamwe.

f) Tahura uko ingombajwi zandikwa mu nyandiko nyejwi, uko zivugwa n'aho zivugirwa maze unazikorere imbonerahamwe.

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda atandukanye akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Umwarimu abagenera igihe cyo gukora icyo gikorwa. Iyo igihe yabahaye

kirangiye, umwarimu asaba abagize rimwe mu matsinda yakoze ikibazo kimwe bakamurika ibyo bakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo bagezeho. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi. Iki gikorwa kigenda gikomereza ku matsinda akurikiyeho kugeza igihe ibibazo byose birangirieye.

**Urugero rw'ibyo banogeje:**

**a. Inshoza y'iyigamajwi**

Iyigamajwi ni ubuhanga bwiga amajwi yose ashoboka mu rurimi runaka ariko ntiyite ku mumaro w'ayo majwi. Ayo majwi ashyirwa mu matsinda hakurikijwe umwanya n'uburyo avugirwamo. Inyandiko ikoreshwa mu iyigamajwi yitwa **inyandiko nyejwi.**

Iyigamajwi ry'ibanda ku bintu bitatu by'ingenzi:

- Amajwi yose akoreshwa mu rurimi
- imihekanire y'ayo majwi.
- ubutinde bw'inyajwi n'imiterere y'amasaku

**b. Inyandiko nyejwi**

Iyi nyandiko ni inyandiko ya gihanga, aho usanga ikoreshwa n'abize bagacengera iyigamajwi ari rwo rwego rw'iyigandimi (ubuhanga buzobera mu gusesengura indimi) rusesengura amajwi yose aboneka mu rurimi urwo ari rwo rwose.

Iyo bandika mu nyandiko nyejwi bita kuri ibi bikurikira:

- Kwandika amagambo yose afatanye kandi nta kugabanya ibimenyetso.
- Gushyira ibyandikwa byose hagati y'udusodeko [ ].
- Kwandika amajwi yose yumvikana iyo bayavuze.
- Kwandika bashyiraho amasaku y'integuza ndetse n'amasaku yose nyesi.

**c. Inshoza y'ijwi: Amajwi y'inyabumwe**

Ijwi ni urusaku ruturuka ku bintu bikomanyeho. Ariko aha amajwi twibandaho ni ashingirwaho mu mvugo z'abantu. Abahanga bagerageje uburyo bayageza ku bandi batabumva kubera ko batari kumwe cyangwa mu nyandiko. Kugira ngo babigereho, buri jwi barigeneye ikimenyetso kimwe cyangwa kirenze kimwe kirihagarariye ari cyo inyuguti. Buri

kimenyetso muri byo kitwa **inyuguti**. Amajwi ni menshi cyane ariko bene ururimi bagiye bihitiramo ayo bakeneye kugira ngo bashyikirane hagati yabo. Birumvikana ko ahangaha ari ho hantu h'ibanze indimi zitandukanira.

Mu Kinyarwanda habaho ubwoko bubiri bw'amajwi: **amajwi y'inyabumwe n'amajwi y'ibihekane**. Muri uyu mutwe turibanda ku majwi y'inyabumwe. Amajwi y'inyabumwe y'ikinyarwanda agabanyijemo ibice bitatu ari byo **inyajwi, ingombajwi n'inyerera**.

**Inyajwi**

Inyajwi ni amajwi asohoka mu myanya ntangamajwi hatagize ikiyatega mu mivugirwe yayo.

Inyajwi z'Ikinyarwanda zishyirwa mu byiciro mu buryo bune. Zishyirwamo dukurikije **aho zivugirwa, uko zivugwa, imikorere y'iminwa** yombi **n'ubutinde n'imiterere y'amasaku.**

**Aho zivugirwa**

Dukurikije aho zivugirwa, inyajwi tuzisangamo ibice bitatu:

- **Inyajwi z'imbere:** zivugwa ururimi rwihese maze isonga yarwo ikishinga imbere y'ishinya y'amenyo yo hepfo, naho umugongo warwo ukegera urusenge rw'akanwa. Izo nyajwi ni **[i]** na **[e].**
- **Inyajwi zo hagati**: zivugwa ururimi rwirambuye gato mu kanwa kandi inzasaya zirambuye neza maze igasohokera hagati mu kanwa. Mu Kinyarwanda, inyajwi yo hagati ni **[a].**
- **Inyajwi z'inyuma:** zivugwa ururimi rwiteruye rukegera inyuma y'ishinya n'amenyo yo hepfo, umugongo warwo ukiheta wegera mu nkanka. Izo nyajwi ni: **[o]** na **[u]**

**Uko zivugwa**

Dukurikije uko zivugwa, dusanga inyajwi zigabanyijemo ibice bitatu:

- **Imfunge cyangwa inyajwi zo mu rwego rwa mbere:** zivugwa akanwa kifunze buhoro.

Izo nyajwi ni **[i]** na **[u].**

- **Impinayatu cyangwa inyajwi zo mu rwego rwa kabiri:** zivugwa akanwa gafunguye buhoro. Izo nyajwi ni **[o]** na **[e]**
- **Inyatu cyangwa inyajwi yo mu rwego rwa gatatu:** ivugwa

akanwa gafunguye birambuye.

Iyo nyajwi ni **[a].**

**Imikoreshereze y'iminwa yombi**

Dukurikije imikorere y'iminwa yombi mu mivugirwe y'inyajwi, dusanga zirimo ibice bibiri:

- **Imbumbure:** zivugwa iminwa yombi yikweze ikigira inyuma kandi ntiyibumbe.

Izo nyajwi ni **[i, e, a].**

- **Imbumbe:** zivugwa iminwa yikweze ikigira imbere kandi ikirema nk'uruziga.

Izo nyajwi ni **[o]** na **[u].**

**Ubutinde bw'inyajwi**

Abasesenguye neza ururimi rw'Ikinyarwanda bemeza ko iyo hitawe ku butinde bw'inyajwi mu mivugire yayo, amajwi yandikwa usanga ateye ku buryo bukurikira:

- **Inyajwi ibanguka yandikwa inshuro imwe.**

**[i]**: [iri]

**[u]:** [uyu]

**[e]:** [emera]

**[o]:** [omora]

**[a]:** [amara]

- **Inyajwi itinda yandikwa inshuro ebyiri.**

**[ii]:** [yiiriwe]

**[uu]:** [yuurira]

**[ee]:** [yeegamiye]

**[oo]:** [yoomoye]

**[aa]:** [waawe]

**Ikitonderwa**

Iyo dukurikije ubutinde bw'inyajwi n'imiterere y'amasaku, Ikinyarwanda usanga gifite inyajwi mirongo itatu. Dukurikije imiterere y'amasaku,

inyajwi zandikwa ku buryo bukurikira:

- **Amasaku yoroheje**

Isaku nyesi: [ì],[ù],[è],[ò],[à]: [ùmùrìrò], [àmèzè]

Isaku nyejuru: [î],[û],[ê],[ô],[â]: [îsî], [ùmûvû]

- **Amasaku y'inyunge:**

Nyesi ndende: [ìì],[ùù],[èè],[òò],[àà]: [ùmùrììzò]

Nyejuru ndende: [îî],[ûû],[êê],[ôô],[ââ]: [ùmûsââvê]

Urwunge nyejuru nyesi: [îì],[ûù],[êè],[ôò],[âà]: [ìmâànà]

Urwunge nyesi nyejuru: [ìî],[ ùû],[ èê],[ òô],[àâ]: [ùmùhììrè]

**Imbonerahamwe y'imivugirwe y'inyajwi**

Iyi mbonerahamwe ikozwe hakurikijwe aho inyajwi zivugirwa, uko zivugwa n'ubutinde bwazo.

| **Aho zivugirwa** / **Uko zivugwa** | **Imbere** | | **Hagati** | | **Inyuma** | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | Ibanguka | Itinda | Ibanguka | Itinda | Ibanguka | Itinda |
| Imfunge | [i] | [ii] | | | [u] | [uu] |
| Impinayatu | [e] | [ee] | | | [o] | [oo] |
| Inyatu | | | [a] | [aa] | | |

**Ingombajwi**

Ingombajwi ni amajwi yitabaza inyajwi kugira ngo avugike neza. Bamwe mu bahanga mu by'indimi basesenguye neza ingombajwi bagiye bifashisha ingingo zikurikira: imikorere y'akanwa, imikorere y'imvumba z'amajwi, aho zivugirwa ndetse n'uko zivugwa.

**Imikorere y'akanwa**

Dukurikije imikorere y'akanwa, ingombajwi zigabanyijemo amoko abiri: inyamazuru n'inyakanwa

- **Inyamazuru**

Iyo zivugwa umwuka uva mu bihaha uca mu kanwa nomu mazuru. Izo ngombajwi ni [m], [n], [□], [ŋ].

**Impugukirwa:**

Iyi nyamazuru [ŋ] iboneka gusa mu bihekane ng: [ŋg], mw: [mŋ], nw:[ nŋw], nyw: [ŋw] cyangwa [ ŋw] no muri nk [ŋk].

- **Inyakanwa**

Iyo zivugwa umwuka uva mu bihaha uca mu kanwa gusa. Ingombajwi z'inyakanwa ni [p], [β], [t], [d],[k], [g], [f], [v], [s], [z], [ʃ<], [ʃ], [ ], [h], [r].

**Imikorere y'imvumba z'amajwi**

Dukurikije imyirangirire y'imvumba z'amajwi, ingombajwi zigabanyijemo amoko abiri: inkatuzi n'indagi.

- **Inkatuzi**

Iyo zivugwa umwuka uca mu ngoto ukanyeganyeza imvumba z'amajwi ku buryo imyirangirire yazo yumvikana. Ni yo mpamvu bamwe banazita indangira. Izo [β], [d], [g],[v], [ ], [z], [r]

- **Indagi**

Iyo zivugwa umwuka ntuhita neza mu ngoto, bityo ntunyeganyeza cyane imvumba z'amajwi ku buryo imyirangirire yazo itumvikana bihagije. Ni yo mpamvu izo ngombajwi banazita intâraangîira. Ni izi zikurikira: [p], [t], [s], [ʃ<], [ʃ], [k], [f], [h].

**Uko zivugwa**

Dukurikije uko zivugwa, hari amoko atatu y'ingombajwi: impatu, inkubyi n'inkomeza bamwe bita intakomwa.

- **Impatu / Inturike**

Iyo zivugwa babanza bafunga intangamajwi (imyanya bakoresha bavuga) maze umwuka ugasohoka ubanje kunigwa ku buryo ijwi risohoka risa n'irituritse. Ni izi zikurikira:

Inyamazuru zose: [n], [m], [ ], [ŋ].

Inyakanwa: [p], [β], [t], [d], [k], [g].

- **Inkubyi**

Iyo zivugwa begeranya intangamajwi ariko ntibayifunge, bityo umwuka ugasohoka utabanje kunigwa ariko ugasa n'uwikuba ku ntangamajwi. Ni izi: [f], [v], [s], [z], [ ].

- **Inkomeza (intakomwa)**

Iyo zivugwa umwuka usohoka mu ntangamajwi utagize ikiwukoma

munzira. Ni izi: [r], [h], [ʃ<], [ʃ].

**Aho zivugirwa**

Dukurikije aho zivugirwa, ingombajwi zigabanyijemo amoko ane: inyamunwa, inyesongashinya (inyamenyo), inyarusenge n'inyamaraka.

- **Inyamunwa**

Iyo zivugwa iminwa igira uruhare runini mu misohokere yazo. Inyamunwa zigabanyijemo amatsinda abiri:

**Inkomanyaminwa:** iyo zivugwa iminwa yombi ikomanaho. Inkomanyaminwa ni izi zikurikira: [p], [ß], [m].

**Inyamwinyo**: Iyo zivugwa umunwa wo hepfo ukoma ku menyo yo haruguru. Ni izi zikurikira: [f], [v].

- **Inyesongashinya**

Iyo zivugwa isonga y'ururimi ikora ku menyo n'ishinya byo haruguru.Ni izi: [t], [d], [n], [s], [z], [r].

- **Inyarusenge**

Iyo zivugwa zisohokera mu rusenge rw'akanwa. Inyarusenge zigabanyijemo amatsinda atatu:

**Inyarusenge z'imbere**: iyo zivugwa isonga y'ururimi ikora ku gice k'imbere cy'urusenge rw'akanwa, inyuma y'ishinya y'amenyo yo haruguru. Ni izi: [ʃ<], [□ ].

**Inyarusenge zo hagati**: iyo zivugwa ururimi ruritera rukegera igice cyo hagati cy'urusenge rw'akanwa maze ingombajwi zikaba ari ho zisohokera (hejuru y'umugongo w'ururimi). Ni izi: [ʃ], [□ ].

**Inyarusenge z'inyuma/Inyankanka:** Iyo zivugwa ururimi ruriteramaze igice cyarwo k'inyuma kigakora ku gice k'inyuma cy'urusenge rw'akanwa(inkanka). Ni izi: [k], [g].

- **Inyamaraka**

Iyo ivugwa isohokera mumaraka: ntivugirwa mu kanwa ahubwo isa n'isohokera mu mvumba z'amajwi rwagati. Inyamaraka ni imwe: [h].

**Imbonerahamwe y'imivugirwe y'ingombajwi**

| Aho zivugirwa / Uko Zivugwa | **Inyamunwa** | | **Inyesongashinya** | **Inyarusenge** | | | **Inyamaraka** |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Inkomanyaminwa | Inyamwinyo | Inyame-nyo | Imbere | Hagati | Inyuma | |
| **Inyamazuru** | [m] | | [n] | [□] | | [□] | |
| **Inyakanwa** | [p], **[β]** | | [t], [ d] | | | [ k ] , [g] | |
| Inkubyi | | [f], [v] | [s], [z] | | [□] | | |
| Inkomeza | | | [r] | [ʃ<] | [ʃ] | | [h] |

**c) Inyerera**

Inyerera ni amajwi usanga imivugirwe yayo iri hagati y'iy'inyajwi z'imfunge n'iy'inyajwi zitwa inkubyi. Inyerera ni ebyiri: [y] na [w]

**Aho zivugirwa**

Dukurikije aho zivugirwa usanga ziteye ku buryo bukurikira:

- **Tuzifashe nk'aho ari inyajwi:**
- **[y]**: ivugirwa imbere nka **[i]** bityo ikitwa inyerera y'imbere.
- **[w]:** ivugirwa inyuma nka **[u]** bityo ikitwa inyerera y'inyuma.
- **Tuzifashe nk'aho ari ingombajwi:**
- **[y]:** ivugirwa mu rusenge rw'akanwa bityo ikitwa inyerera y'inyarusenge.
- **[w]:** ivugirwa mu nkanka bityo ikitwa inyerera y'inyankanka.

**Ikitonderwa**

Aho zivugirwa honyine harahagije kugira ngo umuntu ashobore gutandukanya inyerera. Inyerera [y] ishobora kwandikwa [j] dukurikije itonde nyamajwi mpuzamahanga cyangwa ikandikishwa [y] dukurikije itonde nyamajwi nyafurika.

**Inyandiko nyejwi n'inyandiko isazwe**

**Inyandiko isanzwe**

Inyandiko isanzwe ni inyandiko umuntu ubonetse wese wigishijwe itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda n'imyandikire y'Ikinyarwanda ashobora gushyikiranamo n'undi akoresheje inyandiko, nta majwi yandi avanze uretse ayo abenerurimi bumvikanyeho.

**Inyandiko nyejwi:**

Inyandiko nyejwi ni inyandiko ni iya gihanga, aho usanga ikoreshwa n'abize bagacengera iyigamajwi ari rwo rwego rw'iyigandimi (buhanga buzobera mu gusesengura indimi) rusesengura amajwi yose aboneka mu rurimi urwo ari rwo rwose.

**Ikitonderwa**

- Inyandiko nyejwi y'ingombajwi zikurikira igomba kwitonderwa: [p], [t], [k], [g], iyo zivugwa wumva zihekanye n'ingombajwi y'inkomeza [h]. Kubera iyo mpamvu inyandiko nyejwi yazo igomba kuba iteye itya: [p$^h$], [t$^h$]. [k$^h$], [g$^h$].

**Ingero:**

itabi= [ìt$^h$àâβì], ipera= [ìp$^h$èêrà].

- [k]: iyo ikurikiwe n'inyajwi [a] wumva buri gihe ihekanye n'inkomeza [h].Kubera iyo mpamvu inyandiko nyejwi yayo igomba kuba iteye itya: [kh].

**Ingero:**

ikara= [îk$^h$ârà], ikama = [îk$^h$âmà].

- [k], [g]: iyo zikurikiwe n'inyajwi [i] na [e] wumva buri gihe zihekanye n'inyerera [y] ([j]). Inyandiko nyejwi yazo igomba kuba iteye itya: [ky], [gy].

**Ingero:**

ikigega= [ìkyìgyègà], kera= [kyèêrà].

- [k], [g]: iyo zikurikiwe n'inyajwi [u] na [o] wumva buri gihe zihekanye n'inyerera [w]. Inyandiko nyejwi yazo igomba kuba iteye itya: [kw], [gw].

**Ingero:**

kogosha =[kwôògwòʃà], kugura =[kwùgwùrà]

**Imbonerahamwe y'ingombajwi n'inyerera mu nyadiko isanzwe n'inyandiko nyejwi.**

| Inyandiko isanzwe | Inyandiko nyejwi |
|---|---|
| m, n, ny | [m], [n], [□] |
| b, d, g | [β] cyangwa [b], [d], [g] |
| p, t, k | [p], [t], [k] |
| v, z, j | [v], [z], [□] |
| f, s, sh | [f], [s], [ʃ] |
| r, shy, h | [r], [ʃ<], [h] |
| y, w | [y]/[j], [w] |

**Ikitonderwa**

- Biragaragara ko hari ijwi **c** ritagaragara muri iyi mbonerahamwe. Iri jwi rifatwa nk'ijwi ry'igihekane ryandikwa mu majwi abiri, bityo rikandikwa ritya: [tʃ].

**Ingero:** umucaca= [ùmùtʃààtʃà], umucucu= [ùmùtʃùùtʃù].

- Ijwi [b] rikoreshwa mu bihekane gusa naho ahandi hagakoreshwa [β].

**Ingero**

Ibaba: [ìβâβâ]

Imbeba: [ìmbèβà]

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora imyirozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, agafasha abafite ibibazo byihariye hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:**

**a. Inyajwi ni iki?**

Inyajwi ni amajwi asohoka mu myanya ntangamajwi hatagize ikiyatega mu mivugirwe yayo.

**b. Tandukanya inyuguti n'ijwi.**

Inyuguti ni ibimenyetso byifashishwa mu kwandika amajwi. Inyuguti zikoreshwa mu kwandika inyandiko isanzwe yisanzurwamo n'uzi kwandika wese mu gihe amajwi yo akoreshwa bandika inyandiko nyejwi ikoreshwa n'abacengeye ururimi. Inyuguti ebyiri cyangwa rirenze zishobora kwandikwa hakoresheJwe ijwi rimwe.

**Urugero:**

| Inyuguti | Ijwi |
|---|---|
| Sh | [ʃ], |
| Shy | [ʃ<] |

**c. Dukurikije umwanya zivugirwaho n'uburyo zivugwa, inyajwi zikurikira zitandukaniye he? [ì],[ù],[è],[ò],[à].**

Dukurikije aho zivugirwa, inyajwi zitandukana zitya :

- Inyajwi z'imbere: [i] na [e]
- Inyajwi zo hagati: [a].
- Inyajwi z'inyuma: [o] na [u]

Dukurikije uko zivugwa, dusanga inyajwi inyajwi zitandukana zitya :

- Imfunge : [i] na [u].
- Impinayatu : [o] na [e]
- Inyatu : [a].

**d. Dukurikije ubutinde bw'inyajwi n'imiterere y'amasaku, Ikinyarwanda usanga gifite inyajwi zingahe?**

Dukurikije ubutinde bw'inyajwi n'imiterere y'amasaku, Ikinyarwanda usanga gifite inyajwi mirongo itatu.

**e. Kora imbonerahamwe igaragaza uburyo bw'imivugirwe n'aho ingombajwi z'Ikinyarwanda zivugirwa.**

| Aho zivugirwa / Uko Zivugwa | **Inyamunwa** | | **Inyesongashinya** | **Inyarusenge** | | | **Inyamaraka** |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Inkomanyaminwa | Inyamwinyo | Inyame-nyo | Imbere | Hagati | Inyuma | |
| **Inyamazuru** | [m] | | [n] | [□] | | [□] | |
| **Inyakanwa** | [p], **[β]** | | [t], [ d] | | | [k], [g] | |
| **Inkubyi** | | [ f ] , [v] | [s], [z] | | [□] | | |
| **Inkomeza** | | | [r] | [ʃ<] | [ʃ] | | [h] |

**f. Andika aya magambo mu nyandiko nyejwi:**

- Ibidukikije [ìβîdûkyìkyì □e]
- Umushyo [ùmûʃ<ô]
- Ubudehe **[**ùβùdèhè**]**
- Inyanya [î□ââ□â]
- Ishati [ìʃààtʰì]

**g. Ingombajwi [k] na [g] zihuriye ku ki? Zitaniye ku ki?**

Zombi ni inyakanwa, z'inyarusenge z'inyuma. [k], ni indagi naho [g] ni inkatuzi/indangira.

**h. Gereranya Itonde Nyamajwi Nyafurika n'Itonde Nyamajwi Mpuzamahanga.**

- Iyo ugereranyije Itonde Nyejwi Nyafurika n'Itonde Nyejwi Mpuzamahanga usanga hari ibimenyetso bimwe na bimwe bigaragara hamwe ariko ntibigaragare ahandi.

**Dore ingero:**

| Itonde Nyejwi Mpuzamahanga | Itonde Nyejwi Nyafurika |
|---|---|
| **A, B, C, D, E, F, G, H, I, J, K, L, M, N, O, P Q,, R, S, T, U, V, W, X,Y, Z** | **A, B, C, D, E, F, G, H, I, J, K, L, M, N, O, P, R, S, T, U, V, W, Y, Z**<br><br>muri iri tonde amajwi **Q, , X** ntabonekamo. |
| [j] | [y] |
| [b] | [β] muri iri tonde, iki kimenyetso [b] kiboneka gusa mu majwi y'inyunge. |
| | [□]: iki kimenyetso kiboneka gusa mu rwunge rw'amajwi. |

### VIII.5.3. Iyigamvugo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa...)

## Isomo rya gatandatu: Iyigamvugo

| **Intego yihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br><br>- Gusobanura inshoza y'iyigamvugo<br>- Gusesengura amajwi y'inyabumwe akoreshwa mu nyandiko nyemvugo,<br>- Kwandika amagambo mu nyandiko nyemvugo. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi bitabo by'ikibonezamvugo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo by'isubiramo biganisha ku iyigamvugo.

**Urugero rw'ikibazo yababaza n'igisubizo:**

**a) Mu isomo riheruka twabonyemo iki?**

Twabonye amajwi y'inyabumwe mu iyigamajwi.

b) **Tanga urugero rw'amagambo ajya gusa agatandukanira ku nyuguti imwe.**

Umuga**y**o/umuga**n**o; guk**i**na/guk**e**na

Umwarimu aboneraho akabwira abanyeshuri ko bagiye kwiga iyigamvugo.

**2. Uko Isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice **mu ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa:**

*Soma amagambo ari mu mbonerahamwe ikurikira yanditswe mu mpushya ebyiri hanyuma witegereze amajwi yanditse mu ibara ritsindagiye ukore ubushakashatsi ku mumaro wayo maze utahure inshoza y'iyigamvugo, iy'inyandiko nyemvugo n'aho inyandiko nyemvugo itandukaniye n'inyandiko nyejwi.*

| | |
|---|---|
| Kub**i**ra | Kub**o**ra |
| Guk**a**na | Guk**i**na |
| Gu**p**ima | Gu**h**ima |
| I**v**i | I**s**i |

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Umwarimu abagenera igihe cyo gukora icyo gikorwa.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu asaba abagize itsinda rimwe cyangwa abiri, bitewe n'igihe afite, bakamurika ibyo bakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo bagezeho. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

**a. Inshozay'inyamvugo**

Iyigamvugo ni urwego rw'iyigandimi rusesengura imitandukanire y'amajwi. Iyo mitandukanire ishingiye ku bufasha bwayo bwo gutandukanya amagambo y'ururimi, ubwo bufasha ayo majwi afite butuma yitwa "amajwi shingiro". Inyandiko ikoreshwa mu iyigamvugo yitwa inyandiko nyemvugo.

**b. Inshoza y'inyandiko nyemvugo**

Inyandiko nyemvugo ni inyandiko ifata amajwi yose y'ururimi ikayagabanya igamije kugera ku majwi make afite umumaro wo gutandukanya amagambo muri urwo rurimi. Bene ayo majwi aboneka yitwa "amajwi shingiro". Iryo gabanya ry'amajwi y'ururimi bakaryita **igeruramajwi**.

Muri iryo geruramajwi, mu gushaka gutahura ko ijwi runaka rifite umumaro mu rurimi barisimbuza irindi jwi mu ijambo rimwe bagoragoza. Iyo iryo simburana ry'amajwi ribyaye ingingo nshya ayo majwi yombi ni yo yitwa **amajwi shingiro**. Ni ukuvuga ko ariya majwi atsindagiye mu magambo yagaragajwe mu mbonerahamwe iri haruguru ari amajwi shingiro mu Kinyarwanda.

Urwego rw'iyigamvugo rero rwita ku gushaka amategeko yakurikizwa mu kugabanya ibimenyetso byandika ibihekane mu rwego rw'iyigamajwi (mu nyandiko nyejwi) kandi ibimenyetso bisigaye bikaba byihagije ku buryo nta kwitiranya amagambo no kujijinganya ku gisobanuro cyayo. Ni yo mpamvu iyigamvugo ryitwa iyigamajwi nyamumaro kuko rigabanya ibimenyetso rigasigaza iby'ingenzi.

**c. Uko bandika mu nyandiko nyemvugo**

Iyo bandika mu nyandiko nyemvugo hari ibikurikizwa:

- Mu nyandiko nyemvugo bandika bagabanya ibimenyetso kandi ibyanditswe bigashyirwa hagati y'udukoni tubiri tuberamye / /.
- Mu nyandiko nyemvugo amasaku nyesi n'ay'integuza ntiyandikwa.
- Mu nyandiko nyemvugo inyerera [j] na [w] ziragerurwa kuri [k] na [g] iyo zashyizwe mu rusenge rw'imbere n'urw'inyuma. Ni ukuvuga ko iyo [k] na [g] zikurikiwe na [i] na [e] ni ho ziba zashyizwe mu rusenge rw'imbere. Naho zigashyirwa mu rusenge rw'inyuma iyo zikurikiwe na [u] na [o].

**Urugero:**

| Amagambo | Inyandiko nyejwi | Inyandiko nyemvugo |
|---|---|---|
| Igiseke | [ìgjìsèkjè] | /igiseke/, |
| Ihoho | [ìhwòôhwò] | /ihoôho/ |

d. **Gutandukanya inyandiko nyejwi n'inyandiko nyemvugo**

| Inyandiko nyejwi | Inyandiko nyemvugo |
|---|---|
| - Mu nyandiko nyejwi bandika amajwi yose yumvikana batagabanya ibimenyetso.<br>- Ibyo banditse bishyirwa hagati y'udusodeko [ ]<br>- Mu nyandiko nyejwi iyo bandika interuro bandika bafatanyije amagambo yose ayigize.<br>- Bandika bashyiraho amasaku nyesi n'amasaku y'integuza. | - - Bandika bagabanya ibimenyetso ntibandika amajwi yose yumvikana.<br>- Ibyo bandika bishyirwa hagati y'udukoni tubiri tuberamye / /.<br>- No mu nyandiko nyemvugo bandika bafatanyije interuro.<br>- Amasaku y'integuza ntiyandikwa n'amasaku nyesi ntiyandikwa. |

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiribabiri, gukora imyirozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, agafasha abafite ibibazo byihariye hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'imyitozo:**

**1. Garagaza itandukaniro riri hagati y'inyandiko nyemvugo n'inyandiko isanzwe**

| Inyandiko nyemvugo | Inyandiko isanzwe |
|---|---|
| Ibyo bandika bishyirwa hagati y'udukoni tubiri tuberamye.// | Bandika ibisanzwe batiriwe babishyira hagati y'udukoni tuberamye. |
| Mu nyandiko nyemvu bandika bafatanyije interuro | Mu nyandiko isanzwe bandika batandukanyije amagambo agize interuro |
| Ntibandika amasaku y'integuza n'amasaku nyesi, bandika isaku nyejuru aho riri gusa. | Nta saku ryaba nyejuru, nyejuru ry'integuza cyangwa ubutinde bandika. Bandika ibisanzwe gusa. |

**2. Andika amagambo akurikira mu nyandiko nyejwi no mu nyandiko nyemvugo.**

a) Umugati

b) Abana

c) Inyama

d) Ishuri

e) Ubushyuhe

| Inyandiko isanzwe | Inyandiko nyejwi | Inyandiko nyemvugo |
|---|---|---|
| umugati | [ùmùghààti] | /umugaati/ |
| abana | [âbâànà] | /abâana/ |
| inyama | [ì□àmà] | /inyama/ |
| ishuri | [ìʃùûrì] | /ishuûri/ |
| ubushyuhe | [ùbùʃ<ùûhè] | /ubushyuûhe/ |

**3. Ukoresheje ingero erekana ko /i/ na /a/, / t/ na /k/ ari amajwi shingiro.**

/kur**i**ra/ /kur**a**ra/ ;/kub**i**ra/ /kub**a**ra/ ; /kum**i**ra/ /kum**a**ra/

/ku**t**ara/ ;/gu**k**ara/;/gu**k**a**t**a/ /guka**k**a/ ;/gu**t**ûra/ /gu**k**ûra/

## VIII.5.4.Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ……..)

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa munani, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

**Urugero rw'umwitozo:**

- Hanga umwandiko usobanura mu buryo burambuye aho mugani "Wima amaraso Igihugu imbwa zikayanywera ubusa" uhuriye no gukuda Igihugu. Umwarimu areba ko buri munyeshuri yahanze umwandiko wujuje ibisabwa.
- Tahura mu mwandiko wahanze amagambo atanu afite amajwi y'inyabumwe gusa maze uyandike mu nyandiko nyejwi no mu nyandiko nyemvugo.

**Uko umwitozo ukosorwa**

Umwarimu agenzura ko buri munyeshuri yakoze umukoro, agakosora imyandiko bakoze areba ko buri munyeshuri yatahuye mu mwandiko

yahanze amagambo atanu afite amajwi y'inyabumwe akayandika mu nyandiko nyejwi no mu nyandiko nyemvugo.

## VIII.6 Inshamake y'umutwe wa munani

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa munani bityo bikabafasha gukora inshamake.

**Urugero rw'inshamake bakora**

- Muri uyu mutwe twasesenguye umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko yo **gukunda Igihugu**. Twabonye akamaro k'ibikorwa byo gukunda Igihugu.
- Twabonye kandi inshoza y'iyigamajwi, dusesengura n'amajwi y'inyabumwe n'uko bandika amagambo mu nyandiko nyejwi.
- Hanyuma tubona inshoza y'iyigamvugo, dusesengura n'amajwi y'inyabumwe, uko bandika amagambo mu nyandiko nyemvugo n'itandukaniro hagati y'inyandiko nyejwi,inyandiko nyemvugo n'inyandiko isanzwe.

## VIII. 7. Isuzuma risoza umutwe wa munani

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ……)

| Ibigenderwaho mu isuzuma ry'umutwe wa munani |
|---|
| - Gusoma atagwa no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko |
| - Gusesengura umwandiko |
| - Kugaragaza akamaro ko kwitabira gahunda za Leta |
| - Gusoma no kwandika mu nyandiko nyejwi na nyemvugo |

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma ku giti cyabo. Iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma:**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.**

**1. Tanga ingero ukuye mu mwandiko zerekana ko Abanyarwanda bakora ibikorwa bigaragaza gukunda Igihugu.**

Umunyarwanda wese ufite ingufu ahamagarirwa kwitabira ibikorwa by'umuganda. Urubyiruko rufite imyaka cumi n'umunani y'amavuko kandi n'umuntu wese utarengeje imyaka mirongo itandatu n'itanu afite inshingano zo gukora umuganda.

**2. Ni iki umuganda wamariye abaturage bo mu Kagari ka Rebero.**

Umuganda watumye :

- Bahanga imihanda abaturage bakava mu bwigunge.
- Bacukura imiyoboro inyuzwamo ibitembo bijyana amazi meza akagera ku baturage.
- Bacukura imiringoti yo kurwanya isuri.
- Batera amashyamba bakanayabungabunga.
- Bateza imbere uburezi bubaka ibyumba by'amashuri y'uburezi bw'ibanze abana bakabona aho bigira.

**3. Sobanura mu nshamake uburyo igikorwa cy'ubudehe cyakorwaga kera.**

Mu Rwanda rwo hambere ubudehe bwari bugamije kuzamura abaturage byagaragaraga ko bafite intege nke: abarwayi, inshike, abatishoboye... kugira ngo batarara ihinga bakazasabiriza abandi bejeje. Muri iki gihe, ibikorwa by'ubudehe bigenerwa abaturage batishoboye bahabwa imirimo ibafasha kwivana mu bukene bityo bakazamukira rimwe ntawusigaye inyuma.

**4. Erekana indangagaciro enye zigaragara mu mwandiko.**

Indangagaciro zigaragara mu mwandiko: gukunda umurimo, ubufatanye, ubwubahane, gukoresha neza igihe.

**5. Ni iyihe nsanganyamatsiko rusange umwandiko wubakiyeho?**

Uyu mwandiko wubakiye ku nsanganyamatsiko y'umuganda n'ubudehe. Umuganda ni igikorwa rusange kiba buri wagatandatu wa nyuma w'ukwezi, gikorwa n'abaturarwanda bose kigamije ibikorwa bifitiye akamaro Igihugu n'abagituye.

Ubudehe ni imirimo ihabwa abaturage batishoboye kugira ngo babashe kwiteza imbere

**6. Sobanura uburyo ibikorwa by'umuganda n'ubudehe bishobora kugira uruhare mu kubungabunga ibidukikije.**

Mu bikorwa by'umuganda n'ubudehe , abaturage batera amashyamba, bacukura imirwanyasuri, baharura imihanda, basibura rigori z'imihanda...

Ibyo bikorwa byose biba bigamije kubungabunga ibidukikije.

**7. Tanga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara mu mwandiko wasomye.**

| Ingingo z'ingenzi | Ingingo z'ingereka |
|---|---|
| - Ibikorwa by'abaturage mu kwiteza imbere<br>- Gusura ibikorwa by'umuganda<br>- Umuco w'ubudehe mu Rwanda rwo hambere<br>- Uruhare rw'umuturage muri gahunda y'ubudehe | - Kwishyira hamwe mu makoperative y'ubworozi bw'inka n'andi matungo<br>- Gukorera mu makoperative y'ubuhinzi bw'imboga n'imbuto<br>- Kuyobora inama<br>- Imiyoborere myiza (kwegera abaturage no kuganira na bo) |

**II. Inyunguramagambo**

**1. Huza ijambo riri mu rushya A n'igisobanuro cyaryo kiri mu ruhushya B**

| Uruhushya A | Uruhushya B |
|---|---|
| a) Gutamanzura | kwimwa umwanya wo kuvuga. |
| b) Kurogoya | gukora ikintu ujijinganya. |
| c) Kuzuyaza | kugaragaza igikorwa. |
| d) Kuniganwa ijambo | guca mu ijambo. |
| e) Kwirozonga | ururabo rw'amashaza cyangwa rw'ibishyimbo. |
| f) Kujandajanda | gukorana ubunebwe. |
| g) Uruyange | gukora ibintu utabishaka. |

**2. Simbuza amagambo y'umukara cyane ayo bihuje inyito ukuye mu mwandiko.**

a) Aho nanyuze hose nasanze ibishyimbo ari **ururabo.** Aho nanyuze

hose nasanze ibishyimbo ari **uruyange.**

b) Ingano zo muri Rebero **ziratoshye** kubera ifumbire. Ingano zo muri Rebero **zirashishe** kubera ifumbire.

c) Abayobozi bishimiye ko abaturage **bakomeje gutera imbere** mu kwihaza mu biribwa. Abayobozi bishimiye ko abaturage **bakataje** mu kwihaza mu biribwa.

d) Ibikorwa **byo gukorera hamwe** mu mudugudu wacu byaduteje imbere. Ibikorwa **by'ubufatanye** mu mudugudu wacu byaduteje imbere.

**III. Ibibazo ku nyandiko nyejwi no ku nyandiko nyemvugo**

**1. Wifashishije ingero, tandukanya inyandiko nyejwi n'inyandiko nyemvugo.**

Umwarimu arareba ko babitandukanyije neza uko twabyize.

**2. Garagarisha imbonerahamwe uko inyajwi zivugwa n'aho zivugirwa.**

Umwarimu arareba ko abanyeshuri bakoze imbonerahamwe neza uko bikwiye.

**3. Garagaza ibiranga ingombajwi zikurikira mu mivugirwe yazo: [z], [β], [f], [h], [k].**

Umwarimu areba ko abanyeshuri babikoze neza uko byizwe muri uyu mutwe.

**4. Wifashishije ingero erekana ko amajwi /e/na /o/, /s/na /r/ ari amajwi shingiro.**

Ingero : /Kurera/ /kurora/

/gusara/ /gusasa/

**5. Wifashishije ingero ebyiri erekana ukuntu ubutinde n'amasaku ari amajwi shingiro.**

/itâra/ /itara/

/kuneeka//kuneka/

/umusaambi//umusaambi/

## VIII.8. Ibikorwa by'inyongera

### VIII. 8.1 Imyitozo nzamurabushobozi

**a) Shyira mu byiciro inyajwi z'Ikinyarwanda ukurikije aho zivugirwa:**

- Inyajwi z'imbere: [i] na [e]
- Inyajwi yo hagati: [a].
- Inyajwi z'inyuma: [o] na [u]

**b) Tanga ibintu inyandiko nyejwi itandukaniyeho n'inyandiko nyemvugo**

| Inyandiko nyejwi | Inyandiko nyemvugo |
|---|---|
| - Mu nyandiko nyejwi bandika amajwi yose yumvikana batagabanya ibimenyetso.<br>- Ibyo banditse bishyirwa hagati y'udusodeko [ ]<br>- Mu nyandiko nyejwi iyo bandika interuro bandika bafatanyije amagambo yose ayigize.<br>- Bandika bashyiraho amasaku nyesi n'amasaku y'integuza. | - Bandika bagabanya ibimenyetso ntibandika amajwi yose yumvikana.<br>- Ibyo bandika bishyirwa hagati y'udukoni tubiri tuberamye / /.<br>- No mu nyandiko nyemvugo bandika bafatanyije interuro.<br>- Amasaku y'integuza ntiyandikwa n'amasaku nyesi ntiyandikwa. |

### VIII. 8.2. Umwitozo nyagurabushobozi

**Tahura muri iki gice cy'umwandiko amagambo atarimo ibihekane mu nyandiko nyejwi na nyemvugo maze uyandike muri izo nyandiko zombi.**

Mu minsi ishize, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Bwiza yasuye abaturage b'Akagari ka Rebero ngo arebe aho bageze bashyira mu bikorwa gahunda za Leta zirimo umuganda n'ubudehe. Hari mu gikorwa cy'umuganda, yifatanya na bo mu guhanga umuhanda uhuzaga imidugudu ibiri yo muri ako kagari.

Umwarimu azareba ko buri munyeshuri yakoze uyu mwitozo uko yabisabwe.

### VIII.8.3 Imyitozo y'inyongera

1. Andika mu nyandiko nyejwi: igihugu, abaturage, amaboko, umurimo.
2. Andika mu nyandiko nyemvugo: amaboko, ubutaka, kuganura, kugemura.
3. Tanga amagambo ane atandukanyijwe n'ijwi shingiro rimwe.

## VIII.9 Amakuru y'inyongera

**Amasaku mbonezanteruro**

Mu nteruro amagambo agenda ahindura imiterere y'ubutinde n'amasaku kamere bitewe n'uko yakoreshejwe. Hari amoko y'amagambo atuma habaho imihindagurikire y'amasaku. Ayo ni nk'ibyungo **na** na **nka** ndetse n'**ibinyazina ngenera** bifite igicumbi **–a.**

**Ingero z'uko amagambo agenda ahindura amasaku kamere:**

a) Iyo ibyungo "**na**" na "**nka**" n'ibinyazina ngenera bifite igicumbi -**a**, bikurikiwe n'izina ridafite indomo, ariko rifite isaku nyejuru ku mugemo wa gatatu, iryo zina rifata isaku nyejuru ku mugemo waryo wa mbere.

**ingero**

- Kiizâ na Mûganwa
- Umugî wa Kîgalî

b) Iyo ibyungo **"na**" na "**nka**" n'ibinyazina ngenera bifite igicumbi **-a** bikurikiwe n'izina ridafite indomo, ku mugemo wa kabiri rifite isaku nyesi nyejuru, iryo saku rirahaguma, umugemo wa mbere na wo ugafata isaku nyejuru.

**Urugero**

- Inzu ya Kâliîsa

c). Iyo ibyungo **"na**" na "**nka**" n'ibinyazina ngenera bikurikiwe n'izina ridafite indomo ariko rifite isaku nyejuru ku mugemo wa kabiri bituma iryo saku ryimuka rikaza ku mugemo wa mbere.

**Ingero**

- Mutôni na Gâsaro
- Inkoni ya Gâsore

d). Buri gihe iyo ibyungo "**na**" na "**nka**" n'ibinyazina ngenera bifite igicumbi - **a** bikaswe bikurikiwe n'izina ritangiwe n'indomo, iyo indomo itangira iryo zina ihita ifata isaku nyejuru.

**Ingero**

- Umugorê n'ûmugabo
- Abâana b'âbakoôbwa
- Umugabêkazi n'ûmwaâmi

e). Buri gihe iyo ibyungo "**na**" na "**nka**" n'ibinyazina ngenera bifite igicumbi **–a** bikaswe bikurikiwe n'izina rifite isaku nyejuru cyangwa nyejuru nyesi ku mugemo wa kabiri, bituma indomo y'iryo zina igira isaku nyejuru nyesi.

**Ingero**

- Afatwa nk'îintwâari.
- Miniisîtiri w'îintêbe

f). Iyo ibyungo "**na**" na "**nka**" n'ibinyazina ngenera bifite igicumbi **–a** bikaswe bikurikiwe n'ikinyazina nyereka, icyo kinyazina nyereka gifata isaku nyesi nyejuru ku nyajwi ibanza.

**Ingero**

- Abatô bageendana n'iîki gihe.
- Yiitwaara nk'aâba babyêeyi bê.

**Andi masaku mbonezanteruro adashingiye ku byungo cyangwa ku binyazina ngenera**

a) Ikinyazina mbanziriza gihorana isaku nyejuru ku gicumbi cyacyo.

**Ingero**

- Uwô mvugâ yaaje.
- Ibyô akorâ birakwîiye.

b). Indangahantu **ho, yo, mo/mwo** bifatana n'inshinga n'akajambo **ko** bifata buri gihe isaku nyejuru.

**Ingero**

- Si kô bavuzê
- Yagiiyeyô

- Namuboonyemô

c). Inshinga mburabuzi ni (si) ikoreshejwe mu nteruro buri gihe ifata isaku nyejuru. Nyamara iyo itangiye interuro iryo saku riratakara.

**Ingero**

- Amasuunzu sî amasakâ.
- Uwô nshâakâ nî uwo.
- Ni umwâana nk'âbaândi.
- Si nge ujyayô.

d) Indangahantu "**i**" na yo ishobora guhindura amasaku kamere y'amagambo.

**Ingero**

- Saavê
- Avuuka i Sâavê.

e) Iyo mu nteruro hakoreshejwe ibyungo "**no**" na "**nko**" n'ibinyazina ngenera bifite igicumbi –**o**, bifata isaku nyejuru.

**Ingero**

- Kunywâ nô kuryâ birajyaana.
- Umurimâ wô guhîinga nî uwo.
- Iyo nyâna yô gukwâ nî iyi.

# UMUTWE WA 9

# IMITURIRE

## IX.1. Ubushobozi bw'ibanze bugamijwe

- Gusesengura umwandiko ku byiza byo gutura mu midugudu no kugaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize.
- Gusesengura no kwandika ibaruwa mbonezamubano.
- Gusesengura hagaragazwa uturango tw'inkuru ngufi no kuyihanga.

## IX.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi

- Gusobanura uburyo abaturage batuye haba mu mugi cyangwa mu cyaro
- Gusobanura akamaro ko kuba abaturage batuye begeranye n'ingaruka zo gutura batatanye.

## IX.3. Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragarira muri uyu mutwe |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Igaragarira mu mashusho aho ibitsina byombi byaragaragajwe cyangwa mu bikorwa umwarimu atanga, mu bibazo abaza, mu gukora amatsinda aho yibanda ku bitsina byombi. Igaragarira kandi mu mwandiko « Duture heza » aho Mukamana agira Gatsinzi inama zo kuva mu misozi bakajya gutura mu mudugudu. |
| Umuco w'amahoro | Igaragarira mu mwandiko « Duture heza » aho Gatsinzi ashaka kubwira abo mu muryango we nabi ariko bikaza kurangira habayeho ubwumvikane |
| Ubuziranenge | Igaragarira mu mwandiko « Duture heza », gutura mu mudugudu bituma abaturage bagezwaho amazi meza, bakivuza no ku mavuriro kuko aba abegereye kandi bagatura ahantu huzuje ubuziranenge atari mu manegeka.. |

| | |
|---|---|
| Uburezi budaheza | Igaragarira mu mashusho cyangwa igihe umwarimu yigisha yita kuri buri munyeshuri, abafite ibibazo akabitaho by'umwihariko. |
| Umuco wo kuzigama | Igaragarira mu mwandiko aho gutura mu mudugudu bituma umuntu abona hafi ye ibyo yajyaga gushaka kure. Urugero nk'urugendo umuntu yakoraga ajya ku ivuriro kure, agatanga amafaranga menshi, iyo ivuriro rimwegereye biramworohera |

## IX.4. Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu abaza abanyeshuri ikibazo kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

**Urugero rw'ikibazo yababaza n'urugero rw'ibisubizo:**

***Mu Gihugu cyacu usanga abantu batuye mu buryo butandukaye. Sobanura uburyo bwose ubona abantu batuyemo maze ugire ubwo uhitamo wumva abantu bagombye guturamo, utange n'impamvu ubwo buryo ari bwo uhisemo.***

Mu Gihugu cyacu cyane cyane mu bice by'icyaro hari abaturage bagituye batatanye, hari abagiye gutura mu mudugudu, ubutaka bari basanzwe batuyeho bakabuhinga. Mu migi abaturage batuye begeranye, hari abakurikije igishushanyo mbonera batuye neza kandi mu mazu agezweho hakaba n'abandi batuye mu manegeka. Ku bwange rero numva abaturage bagombye gutura mu mudugudu kuko aribwo ibikorwa remezo bibageraho mu buryo bworoshye kandi ubutaka bwo guhinga na bwo bukiyongera.

## IX.5. Amasomo ari mu mutwe wa kenda n'igihe yagenewe

| **Umutwe wa kenda: Imiturire** | | **umubare w'amasomo: 20** |
|---|---|---|
| **Umwandiko: Duture heza** | | |
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |

| | | |
|---|---|---|
| **Isomo rya mbere:** Gusoma no gusobanura umwandiko. | Gusoma umwandiko, gusobanura amagambo adasobanukiwe no kuyakoresha mu mvugo no mu nyandiko. | **Amasomo 3** |
| **Isomo rya kabiri:** Gusoma no kumva umwandiko. | Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya gatatu:** Gusoma no gusesengura umwandiko. | Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe. | **Amasomo 2** |
| **Inkuru ngufi** | | |
| **Isomo rya kane**: Inkuru ngufi | Gutahura uturango tw' inkuru ngufi no guhanga inkuru ngufi. | **Amasomo 4** |
| **Umwandiko: Ibikorwa remezo byaratwegereye** | | |
| **Isomo rya gatanu:** Gusoma, gusobanura, kumva no gusesengura umwandiko | Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya gatandatu: Ibaruwa mbonezamubano** | Gutahura uturango tw'ibaruwa mbonezamubano no kwandika ibaruwa mbonezamubano. | **Amasomo 3** |
| **Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri** | | **Amasomo 2** |
| **Isuzuma risoza umutwe** | | **Amasomo 2** |

## IX.5.1 Umwandiko: Duture heza

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ……)

### Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo , umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa<br>- Gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Duture heza" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Murabona iki kuri iyi shusho?**

Kuri iyi shusho turahabona umusozi uriho amazu meza yubatswe mu buryo bw'umudugudu bigaragara ko hari n'ibikorwa remezo. Turahabona kandi undi musozi uriho amazu atatanye kandi aciriritse, hari umubyeyi n'umwana bazamuka umusozi bigaragara ko bavuye kuvoma kandi bananiwe.

**b) Muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga kuki?**

Uyu mwandiko uraza kuvuga ku miturire yo mu mudugudu n'imiturire yo ku misozi.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya **mu ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa:**

*Soma umwandiko «Duture heza » ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinonosora bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'amagambo umunyeshuri ashobora kuba adasobanukiwe.**

- **Umuzibirinya:** umwuzura mu maso umubuza kureba
- **Aratemba:** arashoka
- **Umuvu:** amazi ashoka ku butaka ari menshi
- **Ikinonko:** ikibumbe k'igitaka cyafatanye
- **Injyo:** ibibaru biva ku nkono cyangwa ikibindi cyamenetse.
- **Akimurabukwa:** akimubona
- **Ibikorwa remezo**: ibikorwa by'ibanze nk'amazi amashanyarazi, amavuriro, amasoko…
- **Kuvumbika:** kurundarunda umuriro cyangwa kuwushyiramo ikintu gitinda gukongoka ngo utazima.
- **Uburimiro:** Igitaka gifata ku maguru y'uwahinze cyangwa ku isuka.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha by'umwihariko. Umwarimu n'abanyeshuri bayikosorera hamwe. Ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri **bakabyandika** mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Uzurisha izi nteruro amagambo cyangwa imvugo ukuye mu mwandiko.**

- Batunguye Kamari bamusabye kwisobanura **agwa mu kantu**.
- Wa mwana yari yarigize indakoreka bamujyana mu kigo ngororamuco.
- Bagiye gushaka akazi mu mugi barakabura **bataha amara masa**.
- Zimya uwo muriro imyotsi **itatuzibiranya mu maso**.
- **Ibitekerezo byamurenze** ajya gushaka inshuti ye ayibwira

ibyamubayeho abivuye imuzi.

**b) Shaka impuzanyito z'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko**

- Akebuka : **areba**
- Umukungugu : **ivumbi**
- Akimurabukwa : **akimubona**
- Arinumira : **aricecekera**

## Isomo rya kabiri : Gusoma no kumva umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo , umunyeshuri araba ashobora :<br><br>Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

**2.1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni nde wanyibutsa umwandiko duheruka kwiga?**

Umwandiko duheruka kwiga ni "Duture heza"

**b) Muri uwo mwandiko havugwagamo iki?**

Muri uwo mwandiko haravugwamo uburyo abo mu muryango wa Kagenzi bamushishikarizaga ko bajya gutura mu mudugudu bakabona ibikorwa remezo mu buryo buboroheye.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo **mu ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Duture heza" maze usubize ibibazo byawubajijweho.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Ni ibihe byiza byo gutura mu midugudu bigaragara mu mwandiko?**

Gutura mu midugudu bituma ibikorwa remezo nk'amazi, amashanyarazi, amashuri, amavuriro, isoko n'ibindi abahatuye babibona ku buryo bworoshye.

**b) Ni gute gutura mu midugudu bishobora gutuma ubutaka bwo guhinga bwiyongera?**

Iyo abantu batuye mu midugudu ubutaka buhingwa buriyongera kuko n'aho bari batuye hasenywa ubwo butaka bukiyomeka ku bwo bari basanzwe bahinga. Ikindi ni uko mu midugudu abantu baba batuye begeranye nta butaka bupfa ubusa buhari.

**c) Sobanura uko kudatura mu midugudu bishobora kubangamira ubuzima ndetse n'uburezi bw'abana.**

Iyo abantu badatuye mu midugudu, amavuriro ari kure yabo, bishobora gutuma habaho imfu nyinshi. Ikindi kutabona amazi hafi cyangwa gukoresha amazi mabi bishobora gutera indwara ziterwa n'umwanda zinyuranye.

**d) Kagenzi yemeye inama yagiriwe n'umuhungu we ndetse n'umugore we. Tanga interuro ebyiri zibigaragaza zivuye mu mwandiko.**

- Muzangaye gutinda ariko ntimuzangaye guhera!
- Muri iki gitondo ndajya kureba umuyobozi ubishinzwe ku murenge mugezeho ikifuzo cyacu.

**e) Vuga ibindi byiza byo gutura mu midugudu bitavuzwe mu mwandiko.**

Gutura mu mudugudu bituma:

- Abantu biteza imbere
- Ibikorwa by'ubucuruzi bigenda neza
- Abantu babona akazi

## Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo , umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe.<br>- Gusesengura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Kagenzi yari yaranangiye ko atava ku gikingi cya se nyuma aza kwisubiraho. Ni iki cyabaye intandaro?**

Icyabaye intandaro ni ikiganiro umuryango wa Kagenzi wagiranye, aho Mukamana n'umuhungu we Kagabo bamwumvishaga ko ingorane bahura na zo ari uko badatuye mu mudugudu.

**b) Wumva gutura mu mudugudu bifite akahe kamaro?**

Akamaro bifite ni uko bituma ibikorwa remezo bigera ku bo bigenewe mu buryo bworoshye.

**2. Uko isomo ryigishwa.**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo **mu ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Duture heza" maze usubize ibibazo byawubajijweho.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Muri rusange ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko?**

Muri rusange insanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko ni ibyiza byo gutura mu midugudu.

**b) Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko.**

Ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko ni izi zikurikira:

- Kagabo na Mukamana bagira igitekerezo cyo kubwira Kagenzi ko bakwiye gutura mu mudugudu.
- Kagabo na Mukamana babwira Kagenzi ko bagomba kwimuka bakajya gutura mu mudugudu.
- Kagabo asobanurira Kagenzi akamaro ko gutura mu mudugudu.
- Mukamana aha Kagenzi ingero zifatika zituma bakwiye kwimuka bakajya gutura mu mudugudu.
- Kagenzi yemera inama bamugiriye yo kujya gutura mu mudugudu
- Kagenzi yubaka akanimukira mu mudugudu.

**c) Ku bwawe wumva ari ukubera iki byorohera Leta gushyira ibikorwa remezo mu mudugudu?**

Byorohera Leta gushyira ibikorwa remezo mu mudugudu kubera ko abantu baba begeranye kandi ari ku muhanda, buri mudugudu uba warateguwe ariko iyo ingo zitatanye biragorana cyane.

**d) Wakora iki ubonye umuntu ugitekereza nka Kagenzi?**

Mbonye umuntu ugitekereza nka Kagenzi, namwegera nkamubwira ibyiza byo gutura mu mudugudu byose, nkamusaba kureka iyo myumvire akajya guturana n'abandi mu mudugudu.

## IX.5.2. Inkuru ngufi

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ……..)

## Isomo rya kane: Inkuru ngufi

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>- Gusesengura inkuru ngufi atahura uturango twayo no guhanga inkuru ngufi. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga bibinjiza mu isomo rishya

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni bande bavugwa mu mwandiko "Duture heza" ?**

Abavugwa mu mwandiko duture heza ni Kagabo, nyina Mukamana na se Kagenzi

**b) Ese abavugwa mu mwandiko ni na bo babara inkuru? Sobanura.**

Abavugwa mu mwandiko si bo babara inkuru, inkuru irabarwa n'undi muntu amazina ye ntiyagaragaye mu nkuru.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba kongera gusoma umwandiko "Duture heza" hanyuma bagakora igikorwa gikurikira :

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ukurikije imiterere y'umwandiko "Duture heza" urasanga uyu mwandiko ari bwoko ki? Urangwa n'iki? Ibarankuru riteye rite? Abakinankuru ni ba nde? Kora ubushakashatsi ugaragaze icyo inkuru ari cyo, inshoza y'inkuru ngufi, uturango twayo, imyubakire yayo n'ishushanyabikorwa mu nkuru ngufi.*

Umwarimu aha  abanyeshuri igihe cyo gukora icyo gikorwa. Iyo igihe umwarimu yatanze kirangiye, asaba  abagize itsinda rimwe kumurika ibyo bakoze, abagize andi matsinda bakurikiye.  Umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo bageza ku bandi.

**Ibisubizo byanogejwe:**

**a. Inkuru ni iki?**

Inkuru ni igihangano cyanditse mu buryo bw'indondore, kigufi cyangwa kirekire, gifiteabakinankuru bashushanya cyangwa bigana abantu babaho mu buzima busanzwe kandi bakorera ibikorwa byabo ahantu runaka, bikanatugaragariza imyifarire yabo, icyo bagamije n'ingorane bahura na zo mu buzima. Ikivugwa rero akenshi mu nkuru aba atari ukuri. Inkuru ziri mu buvanganzo nyandiko. Mu Kinyarwanda rero habaho inkuru ngufi n'inkuru ndende. Aha turareba gusa inkuru ngufi.

**b. Inshoza y'inkuru ngufi**

Inkuru ngufi nk'uko iryo zina ribivuga ni inkuru iba ari ngufi, ibarwa n'umubarankuru avuga uko yagenze. Inkuru ngufi ishobora kuvuga ibyabayeho cyangwa ikaba ari inkuru  mpimbano ariko bishobora kubaho. Inkuru ngufi iba ifite inkuru ibara, uruhererekane rw'ibikorwa, ikaba yanditse mu nyandiko isanzwe; atari mu mikarago nk'ibisigo, kandi yifitemo ubwiza n'ubuhanga bw'imikoreshereze y'ururimi.

**c. Ibiranga inkuru ngufi**

Inkuru ngufi irangwa n'imiterere yayo, imyubakire yayo ndetse n'ishushanyabikorwa.

- **Imiterere y'inkuru ngufi**

Inkuru ngufi iba ifite: abakinankuru, akabuga nkuru, imvugo y'ibiganiro, uburebure runaka n'ibarankuru.

**Abakinankuru**

Inkuru ngufi irangwa no kuba ifite umukinankuru mukuru umwe, abakinankuru bungirije n'abakinankuru ntagombwa.

- **Umukinankuru mukuru** ni we uba ari ipfundo ry'inkuru.Ni we ikigamijwe cyangwa intego y'inkuru iba ishingiyeho. Uyu ni we insanganyamatsiko rusange ivugwa mu nkuru iba ishingiyeho.

- A**bakinankuru bungirije** ni bo usanga mu  nkuru bafasha umukinankuru mukuru kugera ku kigamijwe cyangwa

bakamubera imbogamizi. Aba bakinankuru kandi ni na bo usanga insanganyamatsiko nto cyangwa zungirije zishingiyeho.

- **Abakinankuru ntagombwa** baba bameze nk'indorerezi, Iyo urebye usanga kuba mu nkuru kwabo cyangwa kutagaragaramo nta cyo byahindura ku kivugwa mu nkuru. Nta nsanganyamatsiko iba ibashingiyeho.

Mu nkuru ngufi abakinankuru bashobora kuba abantucyangwa inyamaswa.

**Akabuga nkuru**

Inkuru ngufi irangwa no kuba hari ahantu ibera mu gihe runaka. Irangwa no kuba ifite aho ibarirwa; ni ukuvuga akabuga nkuru. Ahantu inkuru ibera hashobora kuba hazwi neza cyangwa se hatazwi. Ni ukuvuga ko mu nkuru ngufi umuhanzi ashobora gukoresha akabuga nkuru k'ahantu habayeho cyangwa akabuga nkuru gahimbano.

**Uburebure**

Inkuru ngufi irangwa no kuba ari ngufi. Ntishobora kurenza impapuro makumyabiri.

**Imvugo y'ibiganiro:** Inkuru ngufi ishobora nanone gukoresha imvugo y'ibiganiro.

**Ibarankuru**

Ibarankuru ni kimwe mu biranga inkuru ngufi. Ibarankuru rishobora gukorwa ku buryo bune:

- Umubarankuru ashobora kubara inkuru nawe ubwe akinamo. Ni muri urwo rwego usanga akoresha ngenga ya kabiri cyangwa iya mbere.

- Umubarankuru ashobora kubara inkuru ari hanze yayo. Aha usanga akoresha ngenga ya gatatu asa n'uvuga ibintu yareberaga iruhande mu gihe byabaga.

- Umubarankuru ashobora kubara inkuru ye ubwe. Ni muri urwo rwego usanga akoresha ngenga ya mbere kuko ibyo avuga aba abivuga kuri we.

- Ashobora kandi kubara inkuru yiha gutekerereza umukinankuru. Mu kubara inkuru kwe usanga yiha kubara ibyo umukinankuru

yatekerezaga igihe amubaraho inkuru.

Ibarankuru ry'inkuru ngufi rigenda umujyo umwe. Umuhanzi ntavangavanga ingingo, ibikorwa byose bikurikirana mu njyabihe yabyo.

**Ikitonderwa**

Umubarankuru atandukanye n'umwanditsi w'inkuru. Umwanditsi w'inkuru ni umuhanzi wanditse inkuru ibarwa mu gitabo ke. Muri uko kwandika inkuru ye agena uburyo ibarwa. Muri ubwo buryo ibarwamo haba hari umuntu ugenda uyibara, uwo akaba ari we mubarankuru. Cyakora hari igihe umwanditsi ashobora kuba ari na we mubarankuru igihe abara inkuru y'ubuzima bwe.


- **Imyubakire y'inkuru ngufi**

Inkuru ngufi irangwa no kuba hari ikivugwa, kuba ari ngufi no kuba hari uburyo ibikorwa bikurikirana kandi bigenda bitera amatsiko usoma ku buryo atarambirwa gusoma inkuru ibarwa. Nk'uko twabibonye inkuru ngufi irangwa no kugira abakinankuru. Abo bakinankuru, cyanecyane umukinankuru mukuru, ni bo ibikorwa bishingiraho mu kubaka inkuru. Umukinankuru mukuru n'abakinankuru bungirije bashinzwe kuyobora imigendekere y'ibikorwa byo mu nkuru kugeza ku mpera yayo. Inkuru iyo ari yo yose irangwa no kuba ishobora gukorerwa ishushanyabikorwa:

- **Ishushanyabikorwa mu nkuru ngufi**
  - **Nyiri ubwite:** uyu ni we mukinankuru mukuru inkuru iba ishingiyeho, ni we uba ufite intego agamije kugeraho muri iyo nkuru. Aba ashobora kuyigeraho cyangwa ntayigereho.
  - **Ikigamijwe**: Ni icyo umukinankuru mukuru aba agamije kugeraho mu nkuru. Ni intego aba yahawe n'umwanditsi w'inkuru.
  - **Ugenera:** Ni igituma umukinankuru mukuru agira intego afite muri iyo nkuru. Ashobora kuba undi mukinankuru cyangwa ikindi kintu gishobora gutuma agira intego runaka.
  - **Ugenerwa:** Mu yandi magambo ni nyiri inyungu; ni uwo ari we wese mu nkuru wagira icyo yunguka mu gihe umukinankuru mukuru ageze ku cyo yari agamije mu nkuru.
  - **Abafasha:** Ni abakinankuru cyangwa ikindi kintu gishobora, mu nkuru, gutuma umukinankuru mukuru agera ku cyo yari agamije, cyangwa ikigerageza kumushyigikira mu rugendo rwe rwose kimufasha, kabone n'iyo atakigeraho mu irangira ry'inkuru.
  - **Imbogamizi:** ni abakinankuru cyangwa ikindi kintu gishobora, mu nkuru, gutuma umukinankuru mukuru atagera ku cyo yari

agamije, cyangwa ikigerageza kumubangamira mu rugendo rwe rwose kimubuza amahirwe kabone nubwo yagera ku cyo yari agamije mu irangira ry'inkuru, ariko kikaba cyamubangamiraga.

**Dore uko ishushanya bikorwa ry'abakinankuru riteye ku gishushanyo.**




**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora umwitozo uri mu bitabo byabo. Arabaha ugihe cyo gukora uwo mwitozo nk' umukoro bakazagaruka mu ishuri ku wundi munsi barangije kuwukora. Umwarimu azashaka igihe gihagije kugira ngo buri tsinda rizabashe kumurikira abandi ibyo ryakoze.

**Urugero rw'umwitozo:**

Jya mu isomero ry'ikigo usome inkuru ngufi wihitiyemo hanyuma uyisengure ugaragaza imiterere yayo, imyubakire yayo n'ishushanyabikorwa ryayo.

## IX.5.3. Umwandiko: Ibikorwa remezo byaratwegereye

## Isomo rya gatanu : Gusoma, gusobanura, kumva no gusesengura umwandiko

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri som , umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa<br>- Gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mumwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.<br>- Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko ahuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

### 1. Intangiriro

Mbere y'uko isomo ritangira, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika umukoro. Buri tsinda riramurikira abandi inkuru ryasesenguye, abandi bakurikiye.

Iyo abanyeshuri barangije kumurika ibyo bakoze, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byatangwa:**

**a) Inkuru ngufi ni iki?**

Ni inkuru iba ari ngufi, ibarwa n'umubarankuru avuga uko yagenze. Inkuru ngufi ishobora kuvuga ibyabayeho cyangwa ikaba ari inkuru mpimbano ariko ivuga ibishobora kubaho.

**b) Ushingiye ku miterere yayo inkuru ngufi irangwa n'iki?**

Inkuru ngufi iba ifite: abakinankuru, akabuga nkuru, imvugo y'ibiganiro, uburebure runaka n'ibarankuru.

### 2. Uko isomo ryigishwa.

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya **mu ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora ibikorwa bikurikira:

**Ibikorwa:**

1. *Soma umwandiko "ibikorwa remezo byaratwegereye" ushakemo amagambo udasobanukiwe, hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya*
2. *Ongera usome umwandiko "ibikorwa remezo byaratwegereye" usubize ibibazo byawubajijweho.*
3. *Ongera usome umwandiko "ibikorwa remezo byaratwegereye" usubize ibibazo bikurikira:*

Umwarimu arakora amatsinda atandukanye y'abanyeshuri ayahe gukora ibikorwa binyuranye. Arasaba amatsinda yose gusoma umwandiko "Ibikorwa remezo byaratwegereye". Arasaba abagize amatsinda yose gushaka mu mwandiko amagambo badasobanukiwe, abagize andi matsinda abasabe gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, no gusesengura umwandiko.

Umwarimu araha abanyeshuri igihe cyo kubikora. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe muri buri kiciro rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akagenda abayobora mu kunoza ibyo bamurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**I.Urugero rw'amagambo umunyeshuri ashobora kuba adasobanukiwe:**

- **Masenge**: mushiki wa data
- **Imiharuro**: inzira ijya mu rugo.
- **Babyara**: abana ba musaza wa mama (ba marume) cyangwa ba mushiki wa data (ba masenge).
- **Amazi y'urubogobogo**: amazi meza.

**II. Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko :**

- **Ni nde wanditse ibaruwa?**

Uwanditse ibaruwa ni Muhirwa Imena Daniel.

- **Uwanditse ibaruwa atuye he?**

Uwanditse ibaruwa atuye mu Mudugudu wa Nyakiriba, Akagari ka Rusasa, Umurenge wa Nyegamo, Akarere ka Musange

- **Yayandikiye nde?**

Yayandikiye mubyara we.

- **Ni ibiki uwanditse ibaruwa yishimiye yashakaga kumenyesha uwo yandikiye?**

Ibyo yishimiye yashakaga kumenyesha uwo yandikiye ni uko basigaye batuye neza kandi heza, ibikorwa remezo byarabegereye, imihanda ni nk'imiharuro, amazi yo ni urubogobogo kandi arabegereye. Yishimiye kandi ko barumuna be biga muri m 300 uvuye aho batuye. Muri make yishimiye ko ubuzima bwroshye pe!

**III. Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura imyandiko:**

- **Hari ibyiza bivugwa mu mwandiko bigaragara aho utuye? Ni ibihe?**

Yego hari ibyiza bivugwa mu mwandiko bigaragara aho dutuye. Ni ibigo nderabuzima, amashuri, amazi n'amashanyarazi.

- **Sobanura imiturire y'aho utuye n'icyo wakora kugira ngo itere imbere.**

Kuri iki kibazo umwarimu yakira ibisubizo binyuranye by'abanyeshuri.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha. Iyo igihe yabahaye kirangiye, afatanya n'abanyeshuri gukosora imyitozo, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo byabyo**

Koresha amagambo akurikira mu nteruro zumvikanisha neza icyo asobanura:

- **Masenge**

**Masenge** atuye mu mudugudu w'ikitegererezo

- **Amazi y'urubogobogo**

Amariba tuvomaho agira amazi y'**urubogobogo.**

- **Umuharuro**

**Umuharuro** wo kwa Kamari uhorana isuku.

## Isomo rya gatandatu: Ibaruwa mbonezamubano

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa ……..)

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo , umunyeshuri araba ashobora :<br>- Gutahura inshoza n' uturango by'ibaruwa mbonezamubano.<br>- Kwandika ibaruwa mbonezamubano. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibinjiza neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'ibisubizo byatangwa:**

**a) Iyo umuntu ashaka kugeza ku wundi ubutumwa yabigenza ate?**

Yamuhamagara cyangwa akamwohererereza ubutumwa bugufi kuri terefoni, ashobora no kumwandikira ibaruwa.

**b) Vuga amoko y'amabaruwa waba uzi?**

Ibaruwa yandikiwe inshuti, ibaruwa isaba akazi, ibaruwa yandikiwe umuyobozi runaka ushaka serivisi runaka.

**2. Uko isomo ryishwa.**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya **mu ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora ibikorwa bikurikira

**Igikorwa:**

*Ongera usome umwandiko* ***"Ibikorwa remezo byaratwegereye",*** *witegereze imiterere yawo maze utahure ubwoko bwawo. Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'uturango by'ibaruwa mbonezamubano.*

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Umwarimu araha abanyeshuri igihe cyo kubikora. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu asaba itsinda rimwe kumurika ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akagenda abayobora

mu kunoza ibyo bamurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

**Ibisubizo byanogejwe:**

**a) Inshoza y'ibaruwa mbonezamubano**

Ibaruwa mbonezamubano bakunze kwita ibaruwa isanzwe cyangwa ya gicuti, ni ibaruwa umuntu yandikira umubyeyi, umuvandimwe we, inshuti … agamije kumubwira cyangwa kumubaza amakuru. Uwandika ibaruwa abwira uwo yandikira nkaho bari kumwe, ibyo yakamubwiye akabyandika ku rupapuro. Kuko urupapuro ruba ari ruto, umuntu wandika ibaruwa agomba kuvuga iby'ingenzi, nta kurondogora.

**b) Ibiranga ibaruwa mbonezamubano**

Ibaruwa mbonezamubano igomba kugaragaza ibi bikurikira: Aderesi y'uwanditse: amazina y'uwanditse n'aho abarizwa.

- **Ahantu yandikiwe n'itariki**: uwandika agaragaza aho yanditse ari n'itariki:
- **Uwandikiwe:** uwandika agaragaza isano afitanye n'uwo yandikiye. Uwandika ashobora no kongera amazina y'uwandikiwe.
- **Indamutso:** uburyo uwanditse asuhuza uwo yandikiye.
- **Ubutumwa nyirizina bw'ibaruwa:** bukubiyemo ibyo baganiraho muri rusange.
- **Umusozo:** ugaragaramo gusezera n'intashyo.
- **Izina ry'uwanditse n'umukono we:** uwanditse ibaruwa mbonezamubano asoza yandika amazina ye agashyiraho n'umukono.

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri buri wese ku giti ke gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Urugero rw'umwitozo:**

Andika ibaruwa mbonezamubano uyandikire umuntu wihitiyemo mu bavandimwe cyangwa inshuti.

Iyo igihe cyo gukora uwo mwitozo yabahe kirangiye, umwarimu akosora ibaruwa ya buri munyeshuri areba ko bakurikije ibiranga ibaruwa mbonezamubano.

Ashima abanyeshuri babikoze neza, agafasha abafite ibibazo byihariye.

### IX.5.4. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa kenda, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

**Urugero rw'umwitozo:**

Hanga inkuru ngufi ku nsanganyamatsiko wihitiyemo ifite nibura impapuro icumi kandi yubahirije ibiranga inkuru ngufi byose. Mu gihe uyirangije, yikorere ishushanyabikorwa ryayo.

**Uko umwitozo ukosorwa:**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, bakagurana inkuru bahimbye, buri wese akajora inkuru ya mugenzi we areba ko yujuje uturango tw'inkuru ngufi kandi ko n'ishushanyabikorwa ryayo ryujuje ibisabwa. Umwarimu agenzura uko buri tsinda ribikora, akagenda abunganira aho biri ngombwa.

## IV.6. Ishamake y'umutwe wa kenda

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa kenda bityo bikabafasha gukora inshamake.

**Urugero rw'inshamake bakora:**

Muri uyu mutwe twasesenguye umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko y'imiturire. Twasobanukiwe n'ibyiza byo gutura mu midugudu.

Twasesenguye kandi twiga kwandika inkuru ngufi ndetse n'ibaruwa mbonezamubano.

## IX. 7. Isuzuma risoza umutwe wa kenda

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa …)

| Ibigenderwaho mu isuzuma ry'umutwe wa kenda |
|---|
| - Gusoma no gusesengura umwandiko |
| - Kwandika ibaruwa mbonezamubano |
| - Gusesengura inkuru ngufi |
| - Guhanga inkuru ngufi |

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.**

**Soma umwandiko, usubize ibibazo bikurikira.**

- **Ni abahe banyarubuga bavugwa muri uyu mwandiko?**

Abanyarubuga bavugwa muri uyu mwandiko ni Muhire na Gahongayire.

- **Shaka mu mwandiko impamvu zishobora gutera abaturage kubaka badakurikije igishushanyo mbonera.**
    - Abantu bava mu cyaro bakaza gutura mu mugi, bahagera bakarambirwa kuba mu macumbi kuko aba akosha bagaharanira gutura mu nzu zabo aho ari ho hose no mu buryo ubwo ari bwo bwose.
    - Abandi na bo usanga bubaka mu kajagari kugira ngo nihazashyirwa ibikorwa remezo nk'umuhanda, amavuriro,... Leta izabahe ingurane.

- **Erekana ingaruka zishobora guterwa n'imiturire y'akajagari?**

Iyo abantu batuye mu kajagari bafatwa n'indwara mu buryo bworoshye kandi kwivuza ugasanga bigoye kuko amikoro aba ari make. Bashobora kandi kwibasirwa n'ibiza bya hato na hato, hatirengagijwe ko n'izo nzu zishobora gusenywa bibaye ngombwa mu gihe bigaragara ko ubuzima bw'abazirimo buri mu kaga kandi ba nyirazo ntibahabwe ingurane. Ikindi n'uko umutekano ku bantu batuye mu kajagari uba muke.

- **Wakora iki ku ruhande rwawe kugira ngo imiturire mibi icike?**

Ku ruhande rwange, hari byinshi nakora kugira ngo imiturire mibi icike. Harimo:

- Gushishikariza abantu gutura mu midugudu kugira ngo begere ibikorwa remezo.
- Kubakangurira kwirinda gutura mu manegeka kugira ngo ibiza bitabasenyera cyangwa bikabangiriza.
- Kubakangurira gukora cyane kugira ngo batere imbere babashe kubaka ahabugenewe kandi bakurikize igishushanyo mbonera.
- Kugira inama urubyiruko rudafite ubushobozi buhagije kujya kubaka iwabo mu cyaro aho gutera akajagari mu mugi…
- Gusaba Leta kugena ahantu mu migi hakubakwa amazu aciriritse acumbikwamo n'abadafite ubushobozi buhagije bwo kuba mu mazu ahenze.

- **Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko?**

Insanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko ni uruhare rw'imiturire mu mibereho y'abaturage.

- **Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko?**

Ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko ni:

  - Igisobanuro k'imiturire yo mu kajagari n'imiturire yo ku mudugudu;
  - Muhire ahura na Gahongayire impuguke mu by'imiturire;
  - Ibibi byo gutura mu kajagari: (indwara; ubukene, ubujiji...) n'ibyiza byo gutura mu mudugudu nko kubona hafi ibikorwa remezo binyuranye.
  - Ingamba zafatwa na Leta kugira ngo imiturire ibe ikwiye;
  - Inama zigirwa buri wese ku byerekeye imiturire.

**II. Ibibazo by'inyunguramagambo**

**1. Sobanura aya magambo ukurikije inyito afite mu mwandiko.**

a) **Impuguke:** inzobere mu bintu runaka.

b) **Batajya imbizi:** batumvikana

c) **Amaronko:** ibintu umuntu agira amahirwe yo kubona bikamugirira akamaro.

d) **Amaramuko:** ibintu bituma umuntu abaho (aramuka).

e) **Akosha:** agurwa cyangwa agurishwa ku giciro gihanitse

**2. Koresha mu nteruro amagambo akurikira:**

**a) Ingurane**

Kamanzi yahawe **ingurane** y'isambu ye yacishijwemo umuhanda.

**b) Akajagari**

Si byiza gutura mu kajagari kuko bigira ingaruka mu miturire y'abantu.

**c) Imyumvire**

Mugenzi ntiyakozwaga ibyo kwimuka none yahinduye imyumvire asigaye atuye mu mudugudu.

**d) Kwibasirwa**

Uturere tumwe na tumwe twibasiwe n'ikiza k'imvura idasanzwe isenya amazu menshi.

**e) Intumwa**

Kagabo ni intumwa ya rubanda


**III. Ubuvanganzo n'ubumenyi bw'ururimi**

**Erekana ibiranga inkuru ngufi n'ishushanyabikorwa mu nkuru ngufi**

Inkuru ngufi irangwa n'imiterere yayo, imyubakire yayo ndetse n'ishushanyabikorwa.

- Imiterere y'inkuru ngufi: inkuru ngufi iba ifite: abakinankuru, akabuga nkuru, imvugo y'ibiganiro, uburebure runaka n'ibarankuru.
- Imyubakire y'inkuru ngufi:Inkuru ngufi irangwa no kuba hari ikivugwa, kuba ari ngufi no kuba hari uburyo ibikorwa bikurikirana kandi bigenda bitera amatsiko usoma ku buryo atarambirwa gusoma inkuru ibarwa.
- Ishushanyabikorwa: hari ugenera, ikigamijwe, ugenerwa, abafasha, nyiri ubwite n'imbogamizi.

**Ukoreshejeuburyobw'igishushanyo, erekanaishushanyabikorwa ry'inkuru ngufi.**




2. **Andikira umuntu wo mu muryango wawe ibaruwa mbonezamubano wubahiriza uturango twayo.**

Mu gukosora iki kibazo, umwarimu azakosora ibaruwa ya buri munyeshuri agenda areba ko ikurikije uturango tw' ibaruwa mbonezamubano kandi yanditse yubahirije amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda.

## IX. 8. Ibikorwa by'inyongera

### IX. 8.1. Imyitozo nzamurabushobozi

**1.Subiza ibibazo bikurikira**

a) Inkuru ni iki ?

b) Vuga nibura bibiri mu biranga inkuru ngufi.

c) Umubarankuru atandukaniye he n'umwanditsi w'inkuru

d) Ibaruwa mbonezamubano irangwa n'ibintu bingahe ? Bivuge ?

**Ibisubizo: Umwarimu akosora akurikije ibyo bize.**

**2.Andika inkuru ngufi y'impapuro ebyiri ku nsanganyamatsiko wihitiyemo.**

### IX. 8.2. Imyitozo nyagurabushobozi

Watsinze ikizamini k'ikiciro rusange woherezwa kwiga mu ishuri nderabarezi. Andikira ababyeyi bawe ubabwira ibyagushimishije muri icyo kigo, uko amasomo mwiga ameze n'uburyo uyitwayemo.

Umwarimu akosora ahereye ku biranga ibaruwa mbonezamubano.

### IX.8.3. Imyitozo y'inyongera

Jya mu isomero ry'ikigo, uhitemo ibitabo bitatu birimo inkuru ngufi. Zisome ukore ishushanyabikorwa rya buri nkuru hanyuma uzabwire bagenzi bawe muri make ibikubiye mu nkuru wasomye.

Umwarimu akosora umukoro wa buri munyeshuri ahereye ku biranga inkuru ngufi n'ishushanyabikorwa.

## IV.9. Amakuru y'inyongera

**Ibaruwa y'ubutegetsi.**

Uretse ibaruwa mbonezamubano twabonye muri uyu mutwe, hari n'ibaruwa y'ubutegetsi. Ibaruwa y'ubutegetsi ifite imbata ikurikira :

**Imbata y'ibaruwa y'ubutegetsi**

1 Aderesi y'uwandika

2. Ahantu n'itariki

3. Urwego rw'ubuyobozi rw'uwandikiwe mu magambo arambuye. (Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Gasabo.)

4. Binyujijwe

5. Impamvu

6.Urwego rw'ubuyobozi rw'uwandikiwe mu mpine (Bwana Muyobozi,)

7. a)Intangiriro y'ibaruwa

7. b)Igihimba k'ibaruwa

7. c) Umusozo w'ibaruwa:

8. Amazina

n'umukono by'uwandika

9. Bimenyeshejwe

# IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJWE


1. IKIGÔ CY'ÛBUSHAAKASHAATSI MU BY'ÛBUHAÂNGA N'ÎIKÔRANABÛHAÂNGA (n.d), Inkoranya y'Îkinyarwaanda mu Kinyarwaanda, IRST Butare, Igitabo cya 1
2. IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO NCDC (2008). Imyandiko mfashanyigisho, Umwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye.
3. IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO NCDC (2008), Imyandiko mfashanyigisho, Umwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye.
4. INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO (2014). Amabwiriza ya Minisitiri no 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda, Kigali.
5. NSANZABERA, J.D. (2013) Ikeshamvugo mu Kinyarwanda: imvugo isukuye, ikeshamvugo ry'amagambo akwiye n'inshoberamahanga zisobanuye. Kigali
6. JACOB I. (1983). Dictionnaire Rwandais-Français en 3 volumes, Tome premier, Kigali.
7. JACOB I. (1985). Dictionnaire Rwandais-Français en 3 volumes, Tome troisième, I.N.R.S,Butare.
8. Mgr BIGIRUMWAMI, A. (1984). Imihango n'Imigenzo n'Imiziririzo mu Rwanda, Nyundo, Troisième édition.
9. MINISTRY OF EDUCTION-RWANDA EDUCATION BOARD (2019), Ikinyarwanda, Amashuri y'isumbuye, umwaka wa 4, Amashami yiga ikinyarwanda nk'isomo rusange.
10. MINISTRY OF EDUCTION-RWANDA EDUCATION BOARD (2019), Ikinyarwanda,
11. Amashuri y'isumbuye, umwaka wa 5, Amashami yiga ikinyarwanda nk'isomo rusange. RWANDA EDUCATION BOARD (2015) Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri nderabarezi (TTC) umwaka 1, amashami ya Siyansi n'Imbonezamubano n'Uburezi.
12. COUPEZ, A. 1980. Abrégé de Grammaire Rwanda, Tome 1,2. Butare : INRS.
13. BIZIMANA, S., 1998, Imiteêrere y'Îkinyarwaanda I, IRST, Butare.

14. BIZIMANA, S., 2002, Imiteêrere y'Îkinyarwaanda II, IRST, Butare.

15. MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE: Ikinyarwanda: umwaka wa munani Gashyantare 1988.